

Ikinzwanda – Amashuri abanza

Umwaka wa

6

Igitabo cy'umwarimu

Uburenganzira bw'umuhanzi

© 2019 Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB)

Iki gitabo ni umutungo w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda.

Uburenganzira bw'umuhanzi ku bikubiye muri iki gitabo bufitwe n'Ikigo Gishinzwe
Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

Ishakiro

Iriburiro	i
Intangiriro	ii
Imbonerahamwe y'ibikubiye mu mitwe igize iki gitabo.....	ix
Imbata y'isomo ntangarugero	xvii
Umutwe wa 1: Umuco nyarwanda.....	1
1.1. Umwandiko: Utaganiye na se ntamenya icyo sekuru yasize	3
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko	3
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko	5
Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko.....	6
Igice cya kane: Gutanga ibitekerezo	7
Igice cya gatanu: Ikinyazina ngenera ngenga	8
1.2. Umwandiko: Ubukwe bwa kinyarwanda.....	13
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko	13
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko	15
Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko.....	16
Igice cya kane: Gukina bigana.....	17
Igice cya gatanu: Ikinyazina mpamagazi.....	18
1.3. Umwandiko: Itorero ry'Igihugu n'amatorero ndangamuco	21
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko	21
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko	23
Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko.....	25
Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo	26
Igice cya gatanu: Ikeshamvugo ku isekuru, ku ngobyi no ku rusyo.....	27
1.4. Umwandiko: Umurage n'izungura mu Rwanda	31
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko	31
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko	34
Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko.....	35
Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo	36

1.5. Inkuru yo mu Kinyamakuru:Tutitonze umuco wacu waducika	37
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko	37
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko	39
Igice cya gatatu: Gusesengura inkuru yo mu kinyamakuru	41
Igice cya kane: Imikoreshereze y'inyuguti nkuru	43
Inshamake y'ibizwe mu mutwe wa mbere	46
Ibibazo n'ibisubizo by' isuzuma risoza umutwe wa mbere	47
Imyitozo nzamurabushobozi	50
Imyitozo nyagurabushobozi.....	51
Umutwe wa 2: Ibidukikije	52
2.1. Umwandiko: Twakoze urugendo shuri dusura imigezi,	
inzuzi n'ibiyaga by'u Rwanda	53
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko	53
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko	55
Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko.....	57
Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo.....	58
Igice cya gatanu: Ikinyazina nyamubaro	59
2.2. Umwandiko: Inyamaswa zo muri pariki	61
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko	61
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko	63
Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko.....	64
Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo.....	65
2.3. Umwandiko: Utabusya abwita ubumera	66
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko	66
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko	68
Igice cya gatatu: Inshoberamahanga.....	69
2.4. Umwandiko: Twasuye Pariki y'Akagera	71
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko	71
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko	73
Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko.....	74
Igice cya kane: Gukina bigana.....	75
Igice cya gatanu: Itondaguranshinga (Imbundo).....	76
Inshamake y'ibizwe mu mutwe wa kabiri	80
Ibibazo n'ibisubizo by' isuzuma risoza umutwe wa kabiri.....	80

Imyitozo nzamurabushobozi	83
Imyitozo nyagurabushobozi.....	84
Umutwe wa 3: Ubuzima bw'emyororokere	85
3.1 Umwandiko: Ubuhamya bw'umuntu wanduye indwara	
yandurira mu mibonano mpuzabitsina.....	86
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko	86
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko	89
Igice cya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko	90
Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo.....	91
Igice cya gatanu: Itondaguranshinga	92
3.2. Umwandiko: Twirinde indwara zandurira mu myanya	
ndangagitsina.....	97
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko	97
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko	100
Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko.....	101
Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo.....	102
Igice cya gatanu: Ikinyazina mbaza.....	103
3.3. Umwandiko: Nzirinda ikintu cyose cyanshora mu busambanyi.....	106
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko	106
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko	108
Igice cya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko	109
Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo.....	110
Igice cya gatanu: Ikinyazina mboneranteko	111
3.4. Umwandiko: Gera umuzinga ku wa Bugegera	114
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko	114
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko	116
Igice cya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko	117
Igice cya kane: Inshoza n'uturango by'insigamigani	118
Igice cya gatanu: Gutanga ibitekerezo ku byavuzwe mu mwandiko	119
3.5. Umwandiko (Indirimbo): Dore umunyana.....	120
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko	120
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura indirimbo	123
Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo no guhangga bandika	125
Inshamake y'ibyizwe muri uyu mutwe	125

Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa gatatu	126
Imyitozo nzamurabushobozi	128
Imyitozo nyagurabushobozi.....	130
Umutwe wa 4: Uburinganire n'ubwuzuzanye	131
4.1. Umwandiko: uburinganire n'ubwuzuzanye mu mirimo yo mu rugo...	132
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko	132
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko	134
Igice cya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko	135
Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo.....	136
4.2. Uburinganire n'ubwuzuzanye mu mashuri.	137
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko	137
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko	140
Igice cya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko	141
Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo.....	142
4.3. Umwandiko: Uko uburinganire n'ubwuzuzanye buteye mu ngo no mu mashuri.....	143
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko	143
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko	145
Igice cya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko	147
Umwitozo wo gusesengura umwandiko n'ibisubizo bishoboka	147
4.4. Ihangamwandiko.....	149
4.5. Umwandiko: Impaka ku buringanire n'ubwuzuzanye	153
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko	153
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko	155
Igice cya gatatu: Ikiganiro mpaka (Gukora ikiganiro mpaka)	157
4.6. Amagambo afatana n'atandukana.....	159
Inshamake y'ibyizwe muri uyu mutwe wa kane	161
Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa kane	161
Imyitozo nzamurabushobozi	164
Imyitozo nyagurabushobozi	165
Umutwe wa 5: Gukorera mu mucyo.....	166
5.1. Umwandiko: Kamuhanda na Katabirora	167
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko	167

Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko	171
Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko.....	173
Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo ku bivugwa mu mwandiko.....	174
Igice cya gatanu: Gukina bigana	176
5.2. Umwandiko: Tumenye ruswa tubone uko tuyihashya	178
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko	178
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko	181
Igice cya gatatu: Kwitoza gusoma	182
Igice cya kane: Gusoma no gusesengura umwandiko.....	183
Igice cya gatanu: Kungurana ibitekerezo ku byavuzwe mu mwandiko.	184
5.3. Umwandiko: Gukorera ku mihigo bituma wiha gahunda.....	185
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko	185
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko	188
Igice cya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko	189
Igice cya kane: Gutegura imihigo y'ishuri.....	190
5.4. Umwandiko: Dutange amakuru ku byo dukora.....	191
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko	191
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko	194
Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko.....	195
Igice cya kane: Gutegura amakuru no kuyatangaza.....	196
5.5. Umwandiko: Umwirondoro w'umuntu.....	197
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwirondoro	197
Igice cya kabiri: Umwirondoro	198
5.6. Umwandiko: Bizimana asaba akazi	202
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura ibaruwa y'ubuyobozi	202
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko (ibaruwa).....	203
Igice cya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko (Ibaruwa).....	204
Igice cya kane: Ibaruwa y'ubuyobozi	207
5.7. Umwandiko: Amatangazo	211
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura amatangazo.....	211
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva amatangazo.....	212
Igice cya gatatu: Gusoma no gusesengura amatangazo.....	214
5.8. Umwandiko (Umuvugo): Muyobozi ukeneye abandi.....	217
Igice cya mbere: Gusoma no gusesengura umwandiko (umuvugo)	217

Igice cya kabiri: Gusoma no gusobanura umuvugo	219
Igice cya gatatu: Gusesengura umuvugo.....	221
Igice cya kane: Umuvugo	221
Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa gatanu	223
Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa gatanu	223
Imyitozo nzamurabushobozi	228
Imyitozo nyagurabushobozi.....	228
Umutwe wa 6: Ubukerarugendo	229
6.1. Umwandiko: Dusure Pariki y'Ighugu ya Nyungwe	230
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko	230
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko.....	232
Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko.....	234
6.2. Ikeshamvugo	235
Igice cya mbere: Ikeshamvugo ku mwami no ku ngoma.....	235
Igice cya kabiri: Ikeshamvugo rijyanye no kuvuga.	237
Igice cya gatatu: Ikeshamvugo rijyanye n'ubwinshi bw'abantu, ibintu n'inyamaswa	238
Igice cya kane: Ikeshamvugo rijyanye n'intaho y'abantu, ibintu n'inyamaswa.....	239
6.3. Umwandiko: Twigire muri Pariki y'Ighugu y'Akagera	241
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko	241
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko.....	243
Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko.....	245
Igice cya kane: Gutanga ibitekerezo ku byavuzwe mu mwandiko.....	246
6.4. Umwandiko: Dusobanukirwe n'ingagi zo muri Pariki y'Ibirunga	247
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko	247
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko.....	251
Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko.....	252
6.5. Umwandiko: Menya ubwiza bw'u Rwanda usura ahantu nyaburanga.....	253
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko	253
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko.....	256
Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko.....	258
Igice cya kane: Gutanga ibitekerezo	259

6.6. Umwandiko: Kwita ingagi amazina bisiga akayabo k'amafaranga.....	261
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko	261
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko	262
Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko.....	264
Igice cya kane: Gutanga ibitekerezo	265
Igice cya gatanu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro.....	266
Igice cya gatandatu: Ubwoko bw'amagambo adahinduka: Icyungo	267
6.8. Umwandiko: Nagiye mu muhango wo kwita izina abana b'ingagi	270
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko	270
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko	272
Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko.....	274
Igice cya kane: Inkuru	275
Igice cya gatanu: Guhanga bandika	276
Igice cya gatandatu: Ubwoko bw'amagambo adahinduka: Imigereka.....	276
Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa gatandatu.....	278
Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu	279
Imyitozo nzamurabushobozzi	281
Imyitozo nyagurabushobozzi.....	282
Ibitabo byifashishijwe.....	284
Imbuga nkoranyambaga.....	284

Iriburiro

Iki gitabo cy'umwarimu mu mwaka wa gatandatu w'amashuri abanza ni wowe kigenewe kugira ngo kigufashe nk'imwe mu mfashanyigisho uzakenera. Cyanditswe hakurikijwe imbonezamasomo iha umunyeshuri uruhare runini mu myigire ye nk'uko bisabwa mu nteganyanyigisho nshya yateguve n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB) muri 2015. Ishyira mu bikorwa intego ndetse n'ibyifuzo by'Ighugu cyanecyane mu byerekeranye no gushimangira ubunyarwanda, hashyirwa mu bikorwa imyigire n'imyigishirize ishingiye ku bushobozi bw'umunyeshuri.

Iki gitabo kizagufasha kuyobora abanyeshuri kugira ngo bashobore gushungura ibitekerezo bumvise cyangwa basomye uko bikwiye, bagaragaza ko basobanukiwe n'ubutumwa buri mu buryo bukurikira:

- Kuvuga badategwa, batanga ibitekerezo bigaragaza uko bumva ibantu kandi batanga ingingo zishyigikira cyangwa zivuguruza ibitekerezo by'abandi ku nsanganyamatsiko zinyuranye.
- Gusoma badategwa inyandiko zinyuranye, inkuru zishingiye ku biriho cyangwa ibihimbano, no kumva insanganyamatsiko z'ingenzi, ibitekerezo, ibyabaye, abavugwa mu nkuru n'uturango tw'ururimi twakoreshejwe.
- Kwandika ibitekerezo byabo ku buryo bufututse.
- Guhangamalyo imyandiko irambuye ku nsanganyamatsiko zatoranyijwe bakurikiranya neza ibitekerezo kandi bigana ingeri zinyuranye z'ubuvanganzo.
- Gusesengura no gutandukanya imyandiko itandukanye, kumva imiterere y'ururimi no gukoresha uko bikwiye ubwoko bunyuranye bw'amagambo mu nteruro.

Iki gitabo k'Ikinyarwanda kigabanyijemo imitwe itandatu ikubiyemo insanganyamatsiko zivuga ku muco nyarwanda, ibidukikije, kwita ku buzima bw'imyororokere, uburinganire n'ubwuzuzanye, gukorera mu mucyo n'ubukerarugendo.

Iki gitabo gihera ku ngingo zishingiye kuri izo nsanganyamatsiko kikagenda kerekana intera zikurikizwa kugira ngo umwarimu ayobore abanyeshuri mu kwiga amasomo ateganywa n'integanyanyigisho. Ayo masomo yigishwa aherye ku mwandiko ugaragaramo ingingo zisabwa mu nteganyanyigisho. Izo ntera ni zo zifasha umwarimu kuyobora abanyeshuri mu kumva no gusesengura imyandiko, ndetse no kwiga ikibonezamvugo n'ubuvanganzo buteganyijwe mu nteganyanyigisho.

Nyuma ya buri kigwa na nyuma ya buri mutwe hari imyitozo n'ibisubizo byayo bigufasha gusuzuma uko intego z'isomo zagezweho n'intera abanyeshuri bagezeho.

Usibye ubushobozi rusange bugamijwe mu isomo ry'Ikinyarwanda mu mwaka wa gatandatu, iki gitabo kizagufasha kugeza ku banyeshuri ubundi bushobozi bukenewe mu buzima, nko kwikemurira ibibazo, guhangamalyo udushya, gukora ubushakashatsi,

gusabana, kugirana ubufatanye n'abandi, ndetse no kwiyigisha bo uwabo no guhora bihungura.

Ubu bushobozi bugenda bugaragazwa n'imyitozo cyangwa ibikorwa abanyeshuri bakora. Mu mbonerahamwe ngengabyigwa iki gitabo kikugaragariza ahaherereye imyitozo ubu bushobozi bugaragaramo muri buri mutwe.

Ibisobanuro by'amagambo ashobora gukomerera abanyeshuri byashyizwe mu gice cyo gusoma no gusobanura umwandiko. Hanateganyijwe kandi urutonde rw'ayo magambo ku mpera y'igitabo aho atondetse akurikije itonde ry'inyuguti z'Ikinyarwanda kugira ngo bigufashe kubona vuba ijambu wifuza.

Iki gitabo ni ingenzi cyane ku mwarimu kuko kimwereka uko yakwigisha amasomo y'Ikinyarwanda yifashishije igitabo cy'umunyeshuri. Kinerekana uko umwarimu yakwita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye nk'abafite ubumuga bwo kutumva, abafite ubumuga bwo kutabona n'abandi bafite ibindi bibazo mu myigire kugira ngo bajjane n'abandi.

Nubwo imyitozo yatanzwe mu gitabo cy'umunyeshuri igiye igira ibisubizo muri iki gitabo, ibyo bisubizo si byo kamara ahubwo ni urugero rw'ibisubizo bishoboka. Ikindi kandi, iyo myitozo nubwo twayiguteguriye dushingiye ku bikorwa umunyeshuri asabwa gukora biri mu nteganyanyigisho, umwarimu ashobora kubategurira indi ariko ijyanye n'intego z'isomo ndetse n'ibikorwa by'umunyeshuri bigaragazwa n'integanyanyigisho.

Muri make, turizera ko iki gitabo kizagufasha kwigisha neza Ikinyarwanda mu mwaka wa gatandatu no kugikundisha abanyeshuri kugira ngo barusheho kumenya ubukungu bw'umuco nyarwanda.

Intangiro

Abanyeshuri biga neza iyo bagira uruhare mu myigire yabo kandi badafata mu mutwe gusa ahubwo bagira ibikorwa bakora. Imbonezamasomo muri iki gitabo igusaba guha abanyeshuri uruhare runini mu myigire yabo. Ikuyobora mu kwigisha udafata umunyeshuri nk'aho ari icupa ririmo ubusa ugomba gutsindagiramo ubumenyi. Igusaba kandi guhera ku byo umunyeshuri azi byo mu buzima abamo, ukamufasha kuvumbura ibindi atari azi.

Nubwo gukorera mu matsinda bifite akamaro ni ngombwa no kwita kuri buri munyeshuri kugira ngo umukosore mu mivugire ye, imisomere ye ndetse n'imyandikire ye. Mu myigishirize y'Ikinyarwanda, iki gitabo kigusaba guhera ku mfashanyigisho zifatika, zifite aho zihuriye n'umuco, amateka, ibidukikije n'imibereho y'Abanyarwanda kandi zижanye n'ikigero cy'abanyeshuri. Kigenda kikwereka zimwe mu ngero z'izo mfashanyigisho zifatika. Ubu buryo bw'imyigishirize busaba umunyeshuri uruhare

runini rwo kwitoza kumva, kuvuga, gusoma, kwandika, gutekereza, gushyira mu gaciro no kwerekana imbamutima ze ashize amanga.

Iimiterere y'iki gitabo n'imikoreshereze yacyo.

Imbonerahamwe igararagaza ibikubiye muri buri mutwe n'ubushobozi bw'ingenzi buteganyijwe kugerwaho.

Iyo mbonerahamwe itanga ishusho y'igitabo n'ibigikubiyemo. Igaragaza buri mutwe n'ibiwukubiyemo, n'imyitoto igomba gukorwa kuri buri kigwa kugira ngo umunyeshuri agende yiyubakamo ubushobozi uko atera intambwe n'uko ava ku mutwe ajya ku wundi.

Iki gitabo kigabanyijemo imitwe itandatu kandi buri mutwe ufite umubare w'amasomo agomba kwigwa. Muri iki gitabo tukwureka uburyo wakwigisha ayo masomo intera ku yindi, hashingiwe ku ngingo ziteganyijwe zisabwa mu nteganyanyigisho. Izo ntera ni izi zikurikira:

1. Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

1.1. Ibikorwa by'umunyeshuri

Muri iki gice ni ho abanyeshuri basoma umwandiko, bagasobanura amagambo akomeye, bagakora umwitoto w'inyunguramagambo.

Imbonezamasomo muri iki gice cyo gusoma no gusobanura umwandiko, umwarimu ayiyobora mu byiciro bitatu: ivumburamatsiko, gusoma umwandiko bucece no gusomera mu matsinda bagerageza gushaka ibisobanuro by'amagambo akomeye.

1.2. Ivumburamatsiko

Muri iki kiciro k'ivumburamatsiko, umwarimu ahera ku mashusho ajyanye n'umwandiko agasaba abanyeshuri kuyitegereza akayababazaho ibibazo by'ivumburamatsiko byerekeza ku mwandiko bagiye gusoma. Bitewe n'uko imyandiko yose iba idafite amashusho, umwarimu ashobora no guhera ku kaganiro cyangwa ku bibazo byo mu buzima busanzwe byerekeza ku nsanganyamatsiko ikubiye muri uwo mwandiko cyangwa se akifashisha izindi mfashanyigisho zifatika bitewe n'umwandiko bagiye gusoma. Iyo birangiye aboneraho kubwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko, inkuru, indirimbo cyangwa umuvugo ujyanye n'ibibazo mvumburamatsiko.

1.3. Gusoma

Iki kiciro cyo gusoma gikorwa mu byiciro bibiri ari byo: gusoma bucece no gusosoma baranguruye.

1.3.1. Gusoma bucece

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece akagenda agenzura uko bikorwa. Abasaba no kugenda bandika amagambo batumva neza kugira ngo baze kuyasobanura nyuma. Ubu buryo bwo gusoma ni ingenzi ku munyeshuri kuko bumutegura kuza gusoma neza aranguruye adategwa. Iyo barangije gusoma bucece ababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye. Ibyo bibazo abibabaza yabanje kubasaba kubumba ibitabo byabo. Ni ibibazo byoroheje bidasaba ibitekerezo byimbitse. Gusoma bucece bikorwa buri gihe iyo abanyeshuri bagiye gusoma bwa mbere umwandiko mushya.

1.3.2. Gusoma baranguruye

Muri iki gitabo, imbonezamasomo ijyanye no gusoma baranguruye, igusaba kubwira abanyeshuri gusoma baranguruye badategwa, bagaragaza isesekaza banubahiriza utwatuzo n'iyitsa. Umunyeshuri umwe asoma igika kimwe mugenzi we akamwakira ku gika gikurikiyeho bityobityo. Umwarimu asabwa kugenda akosora abanyeshuri aho basoma nabi. Mu gihe ashakisha umunyeshuri usoma agenda anagenzura ubukesha bw'abanyeshuri mu kwitabira gusoma.

Ni ngombwa gukora ku buryo buri munyeshuri agira umwanya wo gusoma, ari abitabira gutera urutoki cyangwa abatabyitabira. Iyo umwandiko urangiye bose batabashije gusoma ubutaha abatasomye ni bo aheraho kugira ngo buri wese ashobore gusoma. Iyo umwarimu abona ko hari abanyeshuri bakijijinganya mu gusoma akora uko ashoboye kugira ngo na bo bashobore gusoma neza bumvikanisha ibitekerezo byabo batajijinganya. Agomba kandi kubibandaho kugira ngo agenzure niba bagenda batera intambwe.

1.4. Gukorera mu matsinda

Iyo gusoma baranguruye birangiye umwarimu asaba abanyeshuri gukorera mu matsinda. Amatsinda meza ni amatsinda atarengeje abanyeshuri batanu. Ayo matsinda kandi ntagomba kuba ari amwe buri gihe. Agomba kuba arimo abanyeshuri batandukanye; abahungu n'abakobwa, ab'intege nke n'abafata vuba ibyo bigishwa.

Iyo abanyeshuri bakorera mu matsinda bishakamo umuyobozi w'itsinda wandika ibyo bumvikanyeho mu matsinda akaba ari na we uza kubigaragariza abandi. Uwo kandi ntagomba guhora ari umwe umwarimu abafasha guhinduranya abayobozi b'amatsinda ku buryo buri munyeshuri bimugeraho. Iyo bari mu matsinda umwarimu agenzura imikorere yabo abakeneye ubufasha akabubaha.

1.5. Ibikorerwa mu matsinda

1.5.1. Inyunguramagambo

Mu matsinda abanyeshuri bongera gusoma umwandiko bakagerageza gushakisha ibisobanuro by'amagambo akomeye banditse. Babishakisha bahereye ku bivugwa mu mwandiko, byabananira bakifashisha inkoranyamagambo n'urutonde rw'amagambo ruri mu gitabo cy'umunyeshuri mu gice cyo kwiyungura amagambo.

Muri icyo gihe, umwarimu akomeza gukurikirana ibikorerwa mu matsinda, ndetse abanyeshuri bakaba bamubaza ibibazo ku byo batumva neza cyangwa bakamugisha inama. Icyo gikorwa gikurikirwa no guhuriza hamwe ibavuye mu matsinda ku kibaho. Bitangwa n'abanyeshuri, umwarimu akabafasha kubinonosora. Iyo hari amagambo batashoboye kubonera inyito umwarimu abatoza gukoresha inkoranyamagambo bashakisha ibyo bisobanuro byaba ngombwa akabunganira.

1.5.2 Umwitoto w'inyunguramagambo

Iyo abanyeshuri barangije kubona ibisobanuro by'amagambo akomeye, umwarimu abasaba kongera kujya mu matsinda kugira ngo bakore imyitoto y'inyunguramagambo iteganijwe mu gitabo cy'umunyeshuri. Iyo igihe cyateganijwe kigeze bongera guhuriza hamwe ibisubizo bayobowe n'umwarimu.

2. Igice cya kabiri : Gusoma no kumva umwandiko

Imbonezamasomo iri muri iki gitabo iteganya uburyo bubiri bwo gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Uburyo bwa mbere ni uko umwarimu agabanya ibibazo mu matsinda anyuranye amatsinda nk'abirirabiri akagenda akora ibibazo runaka bitewe n'umubare wabyo. Ubundi buryo ni uko buri tsinda risubiza ibibazo byose byo kumva umwandiko. Iyo igihe umwarimu yabahaye kirangiye umuyobozi w'itsinda agaragaza ibisubizo byakorewe mu itsinda rye.

Uko bamurika ibyakorewe mu matsinda

Umuyobozi w'itsinda ajya imbere akandika cyangwa akavuga ibyo bakoreye mu itsinda ryabo. Igitubizo gitanzwe n'itsinda rya mbere iyo kinonosowe cyandikwa ku kibaho. Amatsinda afite ibibazo bimwe ntabwo ari ngombwa ko yose ajya kugaragaza ibisubizo ahubwo iryabanje ni ryo rimurika noneho irindi rigafatanya n'abandi kugira ubugororangingo ritanga kuri icyo gisubizo iyo bibaye ngombwa. Nko ku nyunguramagambo, amagambo yasobanuwe n'itsinda ryabanje andi matsinda ntiyongera kuyagarukaho ahubwo asobanura amagambo atatanzwe n'itsinda ryabanje. Ni ukuvuga ko igisubizo cyatanzwe n'itsinda kigakorerwa ubugororangingo andi matsinda atagisubiraho. Ubu kandi ni na bwo buryo bukoreshwa no mu yindi myitoto yo mu zindi ntera, ikorewa mu matsinda.

3. Igice cya gatatu: Kwitoza gusoma

Kwitoza gusoma bikorwa harebwa imisomere ya buri munyeshuri ukwe. Bisaba rero ko buri munyeshuri ahabwa umwanya wo gusoma, akayoborwa kandi agakosorwa mu buryo bwo gusoma adategwa, atagemura amagambo, yubariza utwatuzo n'iyitsa, asesekaza. Uyu mwitoto ugomba kwibandwaho cyane mu gihembwe cya mbere cy'umwaka wa gatandatu, kugira ngo ubushobozi bwo gusoma bwagezweho mu myaka itatu ibanza bushimangirwe. Mu gihe bigaragaye ko abanyeshuri bose bamaze kubikeneka, uyu mwitoto wagenda uza rimwe na rimwe, kandi umwarimu akibanda cyane ku bagifite ingorane mu gusoma uko bikwiye.

4. Igice cya kane: Gusoma no gusesengura umwandiko

Gusesengura umwandiko mu mwaka wa gatandatu w'amashuri abanza, byibanda cyanecyane ku kugaragaza ingingo z'ingenzi zigize umwandiko ari na zo baheraho bakora inshamake yawo haba mu mvugo cyangwa mu nyandiko. Nyamara bagomba no kumenya imiterere ya buri mwandiko mu yo biga, bakamenya ibice by'ingenzi biwugize n'uturango twawo.

5. Igice cya gatanu: Guhangga umwandiko

Kuri buri bwoko bw'umwandiko bize, abanyeshuri bakwiye kwigishwa guhangga umwandiko umeze nka wo, kuko baba bamaze kwiga imiterere yawo mu gice cyo kuwusesengura. Igikorwa cyo guhangga akensi gitangwa nk'umukoro wo mu rugo cyangwa umara iminsi, maze buri munyeshuri akabona umwanya wo gutekereza byimbitse no gutunganya igihangano ke. Nyamara mbere y'uko umwarimu abaha uwo mukoro, agomba kubafasha kumva neza insanganyamatsiko ndetse byaba ngombwa bagakusanyiriza hamwe ingingo z'ingenzi zashyirwa mu mwandiko bagomba guhangga. Banibukiranya kandi imiterere y'umwandiko bagomba guhangga n'ibice by'ingenzi bigomba kuba biwugize.

6. Igice cya gatandatu: Ikibonezamvugo

Ikibonezamvugo giteganyijwe muri iyi nteganyanyigisho, mu rwego rwo gufasha umunyeshuri kumenya amahame agenderaho anoza imvugo n'inyandiko bye. Ariko rero bigomba kumvikana neza ko amategeko y'ikibonezamvugo atagomba gufatwa mu mutwe nk'amasengesho, ahubwo agomba gutahurwa n'abanyeshuri ubwabo bahereye ku mwandiko cyangwa interuro yakoreshejwemo.

7. Isuzuma

Amasuzuma agomba gukorwa kensi haba mu gutanga isomo, cyangwa kubaza abanyeshuri ibyo baheruka kwiga, ndetse no kubabaza icyo bungutse nyuma ya buri somo. Ku buryo bw'umwihariko, hateganyijwe isuzuma rusange risoza buri mutwe, kugira ngo umwarimu asuzume niba koko abanyeshuri bageze ku bushobozi bwa ngombwa buteganyijwe. Iyo bigaragaye ko ibyo bitagezweho, umwarimu agomba

guteganya indi myitoto nshimangirabushobozi ya ngombwa, kugira ngo adakomereza ku bindi kandi ibibibanziriza batarabikeneka.

8. Uburyo bwo kwimakaza insanganyamatsiko nsanganyamasomo

Muri iki gitabo insanganyamatsiko nsanganyamasomo ntizirengagijwe. Zibandwaho mu myitoto inyuranye yo kujya impaka no kungurana ibitekerezo cyane ko n'abateguye integanyanyigisho bari bazishingiyeho mu kugena insanganyamatsiko za buri mutwe. Mu ntangiriro ya buri mutwe hagaragazwa insanganyamatsiko nsanganyamasomo iri buze kuvugwaho n'uburyo umwarimu agomba kuyitsindagira. Umwarimu arasabwa kuzibandaho cyane mu gihe akoresha imyitoto ikubiyeemo izo nsanganyamatsiko nsanganyamasomo.

9. Uburyo bwihariye bwo kwita ku myigire y'abanyeshuri


Iki gitabo cyanditse ku buryo gifasha umwarimu gufasha umunyeshuri mu buryo bwihariye kugira ngo atere imbere mu kunguka amagambo, mu gusoma no mu kwandika. Mu rwego rwo kugira ngo yiyungure amagambo, iki gitabo kibimufashamo by'umwihariko kubera ko gikubiyemo imyitoto n'ibisubizo bituma umunyeshuri yiyungura amagambo nk'imyitoto yo kuzuza amagambo mu nteruro, guhuza amagambo n'ibisobanuro byayo akoresheje akambi, gushaka amagambo mu kinyatuzu, gukoresha amashusho agaragaza ibyo asoma, kugaragaza neza amagambo yabugenewe atsindagirwa no kwirinda gukoresha amagambo menshi atamenyerewe. Muri iki gitabo kandi harimo imyitoto ifasha umunyeshuri kumva ibyo asoma n'ibyo asabwa gukora kuko abanza guhabwa urugero rw'ibyo asabwa gusubiza, guhuza amafoto n'amagambo...

Byongeye kandi iki gitabo giteguwe ku buryo hagenda hakoreshwamo uburyo bw'imbonezamasomo bunyuranye; gukorera mu matsinda manini y'abanyeshuri nka bane, gukorera mu matsinda ya babiribabiri, gukora umuntu ku giti ke, gukora ubushakashatsi mu nzu y'isomero, gukora ubushakashatsi kuri murandas, gukorera hamwe ishuri ryose...

- **Kugereranya uburyo bw'emyigishirize bwakoreshwaga n'uburyo bushya**


Uburyo bwakoreshwaga bushingiye ku bumenyi

Mu buryo bw'emyigishirize bwari busanzwe bukoreshwa, umwarimu ni we wagiraga uruhare runini mu ishuri agasa n'aho afata umunyeshuri nk'icupa ririmo ubusa agomba kuzuzamo ubumenyi nk'uko iki gishushanyo kibitungaragariza.



Uburyo bushya bushingiye ku bushobozi

Mu buryo bushya abanyeshuri ni bo bagira uruhare runini mu myigire yabo. Umwarimu ahera ku byo basanzwe bazi akabafasha kuvumbura ibindi bungurana ibitekerezo mu matsinda yabo nk'uko bigaragazwa n'iki gishushanyo.



• Ubushobozi bugamijwe nyuma y'umwaka wa gatandatu

Umunyeshuri urangije umwaka wa gatandatu agomba kuba ashobora:

- Gusobanura ibyo yasomye, yasomewe cyangwa yabwiwe.
- Kumvikanisha mu ruhame igitekerezo ke.
- Kwisomera no gusomera abandi imyandiko iri mu Kinyarwanda.
- Kugeza ku bandi ibitekerezo bye mu nyandiko ikwiye.
- Kwisesengurira umwandiko.
- Gukora inyandiko zisanzwe zo mu buzima busanzwe.
- Kwandika no guhangha yubahiriza inyurabwenge n'imyandikire yemewe.
- Gusobanura imiterere y'ururimi.

Imbonerahamwe y'ibikubiye mu mitwe igize iki gitabo

Umutwe wa mbere, uwa kabiri n'uwa gatatu

	UMUTWE WA MBERE: Umuco nyarwanda	UMUTWE WA KABIRI: Ibidukikije	UMUTWE WA GATATU: Ubuzima bw'imyororokere
Umubare w'amasono	24	24	24
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	<ul style="list-style-type: none"> - Gusesengura imyandiko ijyanye no kubungabunga umuco nyarwanda. - Gusobanura ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina mpamagazi. - Kwandika imvugo yabugenewe ku isekuru, ku ngobi no ku rusyo, guhangya inyandiko y'ikinyamakuru no kwandika inyuguti nkuru ahabugenewe. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gusesengura imyandiko ijyanye no gufata neza ibidukikije. - Gusesengura ibiranga inshinga iri mu mbundo, ibiranga ikinyazina nyamubaro n'inshoberamahanga. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gusesengura umwandiko ku nsanganyamatsiko y'ubuzima bw'imyororokere. - Gusesengura ikinyazina mbaza, ikinyazina mboneranteko, insigamiganu n'indirimbo. - Gukoresha mu nteruro cyangwa mu mwandiko ibihe bikuru by'ishinga.
Umubare w'ibiyigwa	<p>Uyu mutwe uzigishwa mu bice 23:</p> <p>Umwandiko: Utaganiye na se ntamenya icyo sekuru yasize avuze</p> <ul style="list-style-type: none"> - Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko. - Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko. - Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko. - Igice cya kane: Kuuya impaka no kungurana ibitekereo. - Igice cya gatanu: Ikinyazina ngenera ngenga. <p>Umwandiko: Ubukwe bwa kinyarwanda</p> <ul style="list-style-type: none"> - Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko. - Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko. 	<p>Uyu mutwe uzigishwa mu bice 18 :</p> <p>Umwandiko: Twakoze urugendo shuri dusura imigezi, inzuzi n'ibiyaga by'u Rwanda</p> <ul style="list-style-type: none"> - Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko. - Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko. - Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko. - Igice cya kane: Guhangya umwandiko. - Igice cya gatanu: Ikinyazina nyamubaro. <p>Umwandiko: Inyamaswa zo muri pariki</p> <ul style="list-style-type: none"> - Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko. - Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko. 	<p>Uyu mutwe uzigishwa mu bice 22:</p> <p>Umwandiko: Ubuhamya bw'umuntu wanduye indwara yandurira mu mibonano mpuzabitsina</p> <ul style="list-style-type: none"> - Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko. - Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko. - Igice cya gatatu: Kungurana ibitekereo. - Igice cya kane: Gusoma no gusesengura umwandiko. - Igice cya gatanu: Itondaguranshinga. <p>Umwandiko: Kvirinda indwara zandurira mu myanya ndangagitsina</p> <ul style="list-style-type: none"> - Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko. - Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko.

	<ul style="list-style-type: none"> - Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko. - Igice cya kane: Gukina bigana. - Igice cya gatanu: ikinyazina mpamagazi. 	<ul style="list-style-type: none"> - Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko. - Igice cya kane: Kujya impaka no kungurana ibitekerezo. - Igice cya gatanu: Inshoberamahanga. 	<ul style="list-style-type: none"> - Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko. - Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo. - Igice cya gatanu: Ikinyazina mbaza.
	<p>Umwandiko: Itorero ry'ighugu n'amatorero ndangamuco</p> <ul style="list-style-type: none"> - Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko. - Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko. - Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko. - Igice cya kane: Kujya impaka. <p>Igice cya gatanu: Ikeshamvugo ku isekuru, ku ngobyi no ku rusyo.</p>	<p>Umwandiko :Utabusya abwita ubumera</p> <ul style="list-style-type: none"> - Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko. - Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko. - Igice cya gatatu: Inshoberamahanga. 	<p>Umwandiko: Nzirinda ikintu cyose cyanshora mu busambanyi</p> <ul style="list-style-type: none"> - Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko. - Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko. - Igice cya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko. - Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo. - Igice cya gatanu: Ikinyazina mboneranteko.
	<p>Umwandiko: Umurage n'izungura mu Rwanda</p> <ul style="list-style-type: none"> - Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko. - Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko. - Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko. - Igice cya kane: Kujya impaka no gutanga ibitekerezo. <p>Inkuru yo mu Kinyamakuru:Tutitonze umuco wacu waducika</p> <ul style="list-style-type: none"> - Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko. - Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko. - Igice cya gatatu: Gusesengura inkuru yo mu kinyamakuru. - Igice cya kane: Imikoreshereze y'injuguti nkuru. 	<p>Umwandiko: Ubukerarugendo:Twasuye Pariki y'Akagera</p> <ul style="list-style-type: none"> - Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko. - Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko. - Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko. - Igice cya kane: Gukina bigana. - Igice cya gatanu: Itondaguranshinga: Imbundo. 	<p>Umwandiko: Gera umuzinga ku wa Bugegera</p> <ul style="list-style-type: none"> - Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko. - Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko. - Igice cya gatatu: Gutanga ibitekerezo ku byavuzwe mu mwandiko. - Igice cya kane: Insigamigani. <p>Indirimbo: Dore umunyana</p> <ul style="list-style-type: none"> - Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko. - Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura indirimbo. - Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo no guhangabandika.

Imfashanyigisho zisabwa	Imyandiko ivuga ku muco n'indangagaciro nyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho zifatika, imfashanyigisho z'iyumvabona, imboneshashusho ivugayerekana ibivugwa mu nkuru, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.	Imyandiko ivuga ku muco n'indangagaciro nyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho zifatika, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibivugwa mu nkuru, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.	Imyandiko ivuga ku muco ku kuboneza ubuzima bw'imyororokere, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho, imfashanyigisho z'iyumvabona, imboneshashusho ivugayerekana ibivugwa mu nkuru, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.
Ibikorwa / Uburyo bw'imyigishirize	<p>1. Ibikorwa</p> <p>Umwarimu:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Ategura imfashanyigisho. - Atanga amabwiriza y'ibigiye gukorwa. - Afasha abanyeshuri kujya mu matsinda. - Ayobora igikorwa kandi akakigenzura. - Afasha abanyeshuri kuvumbura no gufata umwanzuro. - Umwarimu ategura imyitozo y'abafite intego nke bagenda buhoror. - Gutanga isuzumabumenyi no kurikosora. <p>Abanyeshuri:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Bajya mu matsinda. - Bungurana ibitekerezo, bakanabikusanya. - Bavumbura ibyo biga bagafata imyanzuro. - Batangaza ibyo bagezeho mu matsinda. - Bafatanya n'umwarimu gufata imyanzuro iboneye. 	<p>1. Ibikorwa</p> <p>Umwarimu:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Ategura imfashanyigisho, - Atanga amabwiriza y'ibigiye gukorwa. - Afasha abanyeshuri kujya mu matsinda. - Ayobora igikorwa kandi akakigenzura. - Afasha abanyeshuri kuvumbura no gufata umwanzuro. - Umwarimu ategura imyitozo y'abafite intego nke bagenda buhoror. - Gutanga isuzumabumenyi no kurikosora. <p>Abanyeshuri:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Bajya mu matsinda. - Bungurana ibitekerezo, bakanabikusanya. - Bavumbura ibyo biga bagafata imyanzuro. - Batangaza ibyo bagezeho mu matsinda. - Bafatanya n'umwarimu gufata imyanzuro iboneye. 	<p>1. Ibikorwa</p> <p>Umwarimu:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Ategura imfashanyigisho. - Atanga amabwiriza y'ibigiye gukorwa. - Afasha abanyeshuri kujya mu matsinda. - Ayobora igikorwa kandi akakigenzura. - Afasha abanyeshuri kuvumbura no gufata umwanzuro. - Umwarimu ategura imyitozo y'abafite intego nke bagenda buhoror. - Gutanga isuzumabumenyi no kurikosora. <p>Abanyeshuri:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Bajya mu matsinda. - Bungurana ibitekerezo, bakanabikusanya. - Bavumbura ibyo biga bagafata imyanzuro. - Batangaza ibyo bagezeho mu matsinda. - Bafatanya n'umwarimu gufata imyanzuro iboneye.

	<p>2. Uburyo bw'emyigishirize</p> <p>Imyigishirize:</p> <p>Kwiga gushingiye ku ivumbura, gukorera mu matsinda manini, babiribabiri, umuntu ku gitit ke, ishuri ryose, gukora ubushakashatsi mu isomero...</p>	<p>2. Uburyo bw'emyigishirize</p> <p>Imyigishirize:</p> <p>Kwiga gushingiye ku ivumbura, gukorera mu matsinda manini, babiribabiri, umuntu ku gitit ke, ishuri ryose, gukora ubushakashatsi mu isomero...</p>	<p>2. Uburyo bw'emyigishirize</p> <p>Imyigishirize:</p> <p>Kwiga gushingiye ku ivumbura, gukorera mu matsinda manini, babiribabiri, umuntu ku gitit ke, ishuri ryose, gukora ubushakashatsi mu isomero...</p>
Ingingo nsanganyamasomo zibanzweho	<ul style="list-style-type: none"> - Ubuzima bw'emyororokere. - Kurwanya jenoside n'ingengabitekerezo yayo. - Ubuziranenge. - Uburezi budaheza. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kubungabunga ibidukikije. - Uburinganire n'ubwuzuzanye. - Uburezi budaheza. 	<ul style="list-style-type: none"> - Ubuzima bw'emyororokere. - Uburezi budaheza. - Uburinganire n'ubwuzuzanye.
Ubushobozi nsanganyamasomo bwibanzweho	Ubushishozi no gushakira ibisubizo ibibazo ahura nabyo, gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda, ubushakashatsi, guhangga udushya, kwiga no guhora yiungura ubumenyi.	Ubushishozi no gushakira ibisubizo ibibazo ahura nabyo, gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda, ubushakashatsi, guhangga udushya, kwiga no guhora yiungura ubumenyi.	Ubushishozi no gushakira ibisubizo ibibazo ahura nabyo, gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda, ubushakashatsi, guhangga udushya, kwiga no guhora yiungura ubumenyi.
Uburyo bwakoreshejwe mu gusuzuma ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe mu mutwe.	<ul style="list-style-type: none"> - Gutanga imyitoto. - Gutanga umukoro. - Gutanga isuzuma risoza isomo. - Gutanga isuzuma risoza umutwe. - Gutanga imyitoto ihabwa abanyeshuri bagenda gahoro mu kumva ibyo bize. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutanga imyitoto. - Gutanga umukoro. - Gutanga isuzuma risoza isomo. - Gutanga isuzuma risoza umutwe. - Gutanga imyitoto nzamurabushobozi 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutanga imyitoto. - Gutanga umukoro. - Gutanga isuzuma risoza isomo. - Gutanga isuzuma risoza umutwe. - Gutanga imyitoto nzamurabushobozi

Umutwe wa kane, uwa gatanu n'uwa gatandatu.

	Umutwe wa 4: Uburinganire n'ubwuzuzanye	Umutwe wa 5: Gukorera mu mucyo	Umutwe wa 6: Ubukerarugendo
Umubare w'amasono	24	24	24
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	<ul style="list-style-type: none"> - Gusesengura umwandiko ujyanye no kwimakaza uburinganire n'ubwuzuzanye, guhangga umwandiko; gutegura ibiganiro mpaka no kubiyobora, no kwandika uko bikwiye amagambo y'lkinyarwanda. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gusesengura umwandiko ku bijyanye no gukorera mu mucyo no gusesengura umuvugo - Kwandika umwirondoro namatangazo. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gusesengura imyandiko mu bijyanye no guteza imbere ubukerarugendo. - Kubara inkuru ku byo yabonye cyangwa yumvise, gukoresha amagambo yabugenewe ku mwami no ku ngoma - Gukoresha amagambo adahinduka: Icyungo n'imigereka/ingera.
Umubare w'ibiyiga	<p>Uyu mutwe uzigishwa mu bice 14:</p> <p>Umwandiko: Uburinganire n'ubwuzuzanye mu mirimo yo mu rugo</p> <ul style="list-style-type: none"> - Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko. - Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko. - Igice cya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko. - Igice cya kane: Kungurana ibitekereo. <p>Umwandiko: Uburinganire n'ubwuzuzanye mu mashuri</p> <ul style="list-style-type: none"> - Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko. - Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko. - Igice cya gatatu: Kwitoza gusoma. - Igice cya kane: Gusoma no gusesengura umwandiko. 	<p>Uyu mutwe uzigishwa mu bice 31:</p> <p>Umwandiko: Kamuhanda na Katabirora</p> <ul style="list-style-type: none"> - Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko. - Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko. - Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko. - Igice cya kane: Gusoma no kujya impaka ku bivugwa mu mwandiko. - Igice cya gatatu: Gukina bigana. <p>Umwandiko: Tumenye ruswa tubone uko tuyihashya</p> <ul style="list-style-type: none"> - Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko. - Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko. - Igice cya gatatu : Kwitoza gusoma. - Igice cya kane: Gusoma no gusesengura umwandiko. - Igice cya gatatu: Gusoma no kungurana ibitekereo ku byavuzwe mu mwandiko. <p>Umwandiko: Gukorera ku mihigo bituma wiha gahunda</p> <ul style="list-style-type: none"> - Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko. 	<p>Uyu mutwe uzigishwa mu bice 4:</p> <p>Umwandiko: Dusure Pariki y'Ighugu ya Nyungwe</p> <ul style="list-style-type: none"> - Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko. - Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko. - Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko. - Igice cya kane:Ikeshamvugo ku mwami no ku ngoma. - Igice cya gatanu: Ikeshamvugo rijyanye no kuvuga. - Igice cya gatandatu: Ikeshamvugo rijyanye n'ubwinshi bw'abantu, inyamaswa n'ibantu. - Igice cya karindwi: Ikeshamvugo rijyanye n'intaho y'abantu, ibantu n'inyamaswa. <p>Umwandiko: Twigire muri Pariki y'Ighugu y'Akagera</p> <ul style="list-style-type: none"> - Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko. - Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko.

	<ul style="list-style-type: none"> - Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo. 	<ul style="list-style-type: none"> - Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko. - Igice cya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko. - Igice cya kane: Gutegura imihigo y'ishuri. 	<ul style="list-style-type: none"> - Igice cya gatatu: Gutanga ibitekerezo ku byavuzwe mu mwandiko. - Igice cya kane: Gusesengura umwandiko.
	<p>Umwandiko: Uko uburinganire n'ubwuzuzanye buteye mu ngo no mu mashuri</p> <ul style="list-style-type: none"> - Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko. - Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko. - Igice cya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko. - Igice cya kane: Ihimbamwandiko. - Igice cya gatanu: Gukora ikiganiro mpaka. - Igice cya gatandatu: Amagambo akatwa. 	<p>Umwandiko: Dutange amakuru ku byo dukora</p> <ul style="list-style-type: none"> - Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko. - Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko. - Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko. - Igice cya kane : Gutegura amakuru no kuyatangaza. <p>Umwandiko: Umwirondoro w'umuntu</p> <ul style="list-style-type: none"> - Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwirondoro. - Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwirondoro. - Igice cya gatatu: Gusesengura Umwirondoro. - Igice cya kane: Gukora umwirondoro. <p>Umwandiko: Bizimana asaba akazi</p> <ul style="list-style-type: none"> - Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura ibaruwa y'ubuyobozi. - Igice cya kabiri: Gusoma no kumva ibaruwa y'ubuyobozi. - Igice cya gatatu: Ibaruwa y'ubuyobozi. 	<p>Umwandiko: Dusobanukirwe n'ingagi zo muri Pariki y'Ibirunga</p> <ul style="list-style-type: none"> - Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko. - Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko. - Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko. <p>Umwandiko: Menya ubwiza bw'u Rwanda usura ahantu nyaburanga</p> <ul style="list-style-type: none"> - Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko. - Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko. - Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko. - Igice cya kane : Kujya impaka. <p>Umwandiko: Kwita ingagi amazina bisiga akayabo k'amafaranga</p> <ul style="list-style-type: none"> - Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko. - Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko. - Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko. - Igice cya kane: Kujya impaka. - Igice cya gatanu : Gushushanya ikarita y'u Rwanda no gushyiraho ahantu nyaburanga hatandukanye. <p>Igice cya gatandatu: Ubwoko bw'amagambo adahinduka: Icyungo.</p>

		<p>Umwandiko: Amatangazo</p> <ul style="list-style-type: none"> - Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura amatangazo. - Igice cya kabiri: Gusoma no kumva amatangazo. - Igice cya gatatu: Gusoma no gusesengura amatangazo. <p>Umwandiko: Muyobozi ukeneye abandi</p> <ul style="list-style-type: none"> - Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umuvugo . - Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umuvugo. - Igice cya gatatu: Inshoza y'umuvugo n'uturango twavo. 	<p>Umwandiko: Nagye mu muhangwo kwita izina ibyana by'ingagi</p> <ul style="list-style-type: none"> - Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko. - Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko. - Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko. - Igice cya kane: Inkuru. - Igice cya gatanu: guhangga bandika. - Igice cya gatandatu: Ubwoko bw'amagambo adahinduka: Imigereka/ ingera.
Imfashanyigisho zisabwa	Imyandiko ivuga ku muco n'indangagaciro nyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho zifatika, imfashanyigisho z'iyumvabona, imboneshashusho, ivugayerekana ibivugwa mu nkuru, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.	Imyandiko ivuga ku gukorera mu mucyo, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho zifatika, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.	Imyandiko ivuga ku guteza imbere ubukerarugendo, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyagisho zifatika, imfashanyigisho z'iyumvabona, imfashanyigisho zitegwa amatwi, amashusho y'ingoma, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda...
	<p>1. Ibikorwa</p> <p>Umwarimu:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Ategura imfashanyigisho, - Atanga amabwiriza y'ibigiye gukorwa. - Afasha abanyeshuri kujya mu matsinda - Ayobora igikorwa kandi akakigenzura. - Afasha abanyeshuri kuvumbura no gufata umwanzuro. - Umwarimu ategura imyitozo y'abafite intenge nke bagenda buhoroo. - Gutanga isuzuma no kurikosora. 	<p>1. Ibikorwa</p> <p>Umwarimu:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Ategura imfashanyigisho. - Atanga amabwiriza y'ibigiye gukorwa. - Afasha abanyeshuri kujya mu matsinda. - Ayobora igikorwa kandi akakigenzura. - Afasha abanyeshuri kuvumbura no gufata umwanzuro. - Umwarimu ategura imyitozo y'abafite intenge nke bagenda buhoroo. - Gutanga isuzuma no kurikosora. 	<p>1. Ibikorwa</p> <p>Umwarimu:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Ategura imfashanyigisho. - Atanga amabwiriza y'ibigiye gukorwa. - Afasha abanyeshuri kujya mu matsinda. - Ayobora igikorwa kandi akakigenzura. - Afasha abanyeshuri kuvumbura no gufata umwanzuro. - Umwarimu ategura imyitozo y'abafite intenge nke bagenda buhoroo. - Gutanga isuzuma no kurikosora.

Ibikorwa / Uburyo bw'emyigishirize	<p>Abanyeshuri:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Bajya mu matsinda. - Bungurana ibitekerezo bakanabikusanya. - Bavumbura ibyo biga bagafata imyanzuro. - Batangaza ibyo bagezeho mu matsinda. - Bafatanya n'umwarimu gufata imyanzuro iboneye. <p>2. Uburyo bw'emyigishirize:</p> <p>Kwiga gushingiye ku ivumbura, gukorera mu matsinda manini, babiribabiri, umuntu ku git ke, ishuri ryose, gukora ubushakashatsi mu isomero...</p>	<p>Abanyeshuri:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Bajya mu matsinda. - Bungurana ibitekerezo, bakanabikusanya. - Bavumbura ibyo biga bagafata imyanzuro. - Batangaza ibyo bagezeho mu matsinda. - Bafatanya n'umwarimu gufata imyanzuro iboneye. <p>2. Uburyo bw'emyigishirize:</p> <p>Kwiga gushingiye ku ivumbura, gukorera mu matsinda manini, babiribabiri, umuntu ku git ke, ishuri ryose, gukora ubushakashatsi mu isomero...</p>	<p>Abanyeshuri:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Bajya mu matsinda. - Bungurana ibitekerezo bakanabikusanya. - Bavumbura ibyo biga bagafata imyanzuro. - Batangaza ibyo bagezeho mu matsinda. - Bafatanya n'umwarimu gufata imyanzuro iboneye. <p>2. Uburyo bw'emyigishirize:</p> <p>Kwiga gushingiye ku ivumbura, gukorera mu matsinda manini, babiribabiri, umuntu ku git ke, ishuri ryose, gukora ubushakashatsi mu isomero...</p>
Iningo nsanganyamasomo zibanzweho	<ul style="list-style-type: none"> - Uburinganire n'ubwuzuzanye. - Uburezi budaheza. 	<ul style="list-style-type: none"> - Umuco wo kuzigama. - Uburezi budaheza. - Uburinganire n'ubwuzuzanye. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kubungabunga ibidukikije. - Uburezi budaheza. - Uburinganire n'ubwuzuzanye.
Ubushobozi nsanganyamasomo bwibanzweho	<p>Ubushishozi no gushakira ibisubizo ibibazo ahura nabyo, gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda, ubushakashatsi, guhangga udushya, kwiga no guhora yiyungura ubumenyi.</p>	<p>Ubushishozi no gushakira ibisubizo ibibazo ahura nabyo, gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda, ubushakashatsi, guhangga udushya, kwiga no guhora yiyungura ubumenyi.</p>	<p>Ubushishozi no gushakira ibisubizo ibibazo ahura nabyo, gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda, ubushakashatsi, guhangga udushya, kwiga no guhora yiyungura ubumenyi.</p>
Uburyo bwakoreshejwe mu gusuzuma ubushobozi nw'ingenzi bugamijwe mu mutwe.	<ul style="list-style-type: none"> - Gutanga imyitozo. - Gutanga umukoro. - Gutanga isuzuma risoza isomo. - Gutanga isuzuma risoza umutwe. - Gutanga imyitozo ihabwa abanyeshuri bagenda gahoro mu kumva ibyo bize. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutanga imyitozo . - Gutanga umukoro. - Gutanga isuzuma risoza isomo. - Gutanga isuzuma risoza umutwe. - Gutanga imyitozo nzamurabushobozi 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutanga imyitozo. - Gutanga umukoro. - Gutanga isuzuma risoza isomo. - Gutanga isuzuma risoza umutwe. - Gutanga imyitozo nzamurabushobozi

Imbata y'isomo ntangarugero

Izina ry'ishuri: G.S. KAGEYO

Amazina y'umwarimu: BIRORI Jean

Igihembe:	Itariki:	Inyigisho	Umwaka wa	Umutwe wa	Isomo rya	Igihe isomo rimara	Umubare w'abanyeshuri
Cya mbere	Ikinyarwanda	6	mbere	5 mu-ri 24	Iminota 40	38

Abafile ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo : umwe utabona neza ibiri kure.

Umutwe	Umuco nyarwanda
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	Gusesengura ikinyazina ngenera ngenga
Isomo	Ikinyazina ngenera ngenga
Imiterere y'aho isomo ribera	Isomo rizatangirwa mu ishuri.
Intego ngenamukoro	Ahereye ku nteruro yahawe, umunyeshuri arashobora: <ul style="list-style-type: none"> – Kugaragaza neza uturango tw'ikinyazina ngenera ngenga. – Gutahura ikinyazina ngenera ngenga mu yandi magambo atajijinganya.
Imfashanyigisho	Amashusho ajyanye n'abantu bafite ibantu binyuranye, interuro zikoreshejemo ikinyazina ngenera ngenga, imfashanyigisho zifatika, igitabo by'ikibonezamvugo, igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri.
Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe	Integanyanyigisho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, ibitabo binyuranye by'ikibonezamvugo, imbuga nkoranyambaga.

Igihe buri kiciro kimara	Gusobanura igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora		Ingingo nsanganyamasomo n'ubushobozi nsanganyamasomo
	Umwarimu ashyira mu matsinda abanyeshuri, agafasha abanyeshuri kwitegerezza, gusoma, gutega amatwi no kujya impaka ngo batahure ikinyazina ngenera ngenga mu nteruro zatanzwe. Abanyeshuri baragaragaza kandi uturango tw'ikinyazina ngenera ngenga.	Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri
Intangiriro: Iminota 5	Igikorwa cya mbere <ul style="list-style-type: none"> -Kubaza abanyeshuri ibibazo ahereye ku mfashanyigisho bakamuha interuro zibonekamo ikinyazina ngenera ngenga. <p>(Gushakira umwanya utabona neza ibiri ku kibaho no mu bitabo)</p>	<ul style="list-style-type: none"> – Gusubiza ibibazo by'umwarimu batanga interuro. – Kwandika interuro ku kibaho 	Ubushobozi nsanganyamasomo: <ul style="list-style-type: none"> – Ubushishozi – Gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda. – Ubushakashatsi n'ubushobozi bwo gushakira ibisubizo ibibazo ahura nabyo. – Guhangya udushya – Uburezi budaheza

	<ul style="list-style-type: none"> - Kubwira abanyeshuri kwandika interuro ku kibaho we agaca akarongo ku kinyazina ngenera ngenga cyangwa acyandikisha ibara ryihariye. 		Ingingo nsanganyamasomo: <ul style="list-style-type: none"> - Uburezi budaheza - Uburinganire n'ubwuzuzanye
2. Isomo nyir'izina: Iminota 25 Isesengura rya 1	<ul style="list-style-type: none"> - Gusomesha interuro no kubaza abanyeshuri icyo bazi ku bwoko bw'amagambo aciyeho akarongo cyangwa yandikishije ibara ryihariye. - Kwandika umutwe w'isomo ku kibaho. <p>Igikorwa cya kabiri:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kubwira abanyeshuri gukora amatsinda bakagaragaza imiterere y'ikinyazina ngenera ngenga mu yandi magambo biri kumwe. - Kwitegereza no kugenzura ibikorwa byo mu matsinda areba imbogamizi bahuye na zo abafasha kuzikemura ubwabo. - Kubwira abanyeshuri kugaragaza ibyavuye mu matsinda no kubikorera ubugororangingo 	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma interuro no kuvuga icyo bazi ku bwoko bw'amagambo aciyeho akarongo cyangwa yandikishije ibara ryihariye. Utabona neza aregera ikibaho. 	Ubushobozi nsanganyamasomo: <ul style="list-style-type: none"> - Ubushishozi - Ubushobozi bwo gushakira ibisubizo ibibazo ahura nabyo. - Gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda. Ingingo nsanganyamasomo: <ul style="list-style-type: none"> - Uburezi budaheza. - Uburinganire n'ubwuzuzanye.
Isesengura rya 2	<p>Igikorwa cya gatatu:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kubwira abanyeshuri gukora amatsinda bakagaragaza uturango tw'ikinyazina ngenera ngenga buzuza imbonerahamwe y'ikinyazina ngenera ngenga. - Kwitegereza no kugenzura ibikorwa byo mu matsinda areba imbogamizi bahuye na zo abafasha kuzikemura ubwabo. - Kubwira abanyeshuri kugaragaza ibyavuye mu matsinda no kubikorera ubugororangingo 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukora amatsinda bakagaragaza imiterere y'ikinyazina ngenera ngenga mu yandi magambo biri kumwe. - Kugaragaza imbogamizi bahuye na zo bazikemura ubwabo bagendeye ku nama z'umwarimu. - Kugaragaza ibyavuye mu matsinda no kubikorera ubugororangingo. 	Ubushobozi nsanganyamasomo: <ul style="list-style-type: none"> - Ubushobozi bwo gushakira ibisubizo ibibazo ahura nabyo. - Gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda. - Gufashanya. Ingingo nsanganyamasomo: <ul style="list-style-type: none"> - Uburezi budaheza. - Uburinganire n'ubwuzuzanye.
	<p>Igikorwa cya gatatu:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kubwira abanyeshuri gukora amatsinda bakagaragaza uturango tw'ikinyazina ngenera ngenga buzuza imbonerahamwe y'ikinyazina ngenera ngenga. - Kwitegereza no kugenzura ibikorwa byo mu matsinda areba imbogamizi bahuye na zo abafasha kuzikemura ubwabo. - Kubwira abanyeshuri kugaragaza ibyavuye mu matsinda no kubikorera ubugororangingo 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukora amatsinda bakagaragaza uturango tw'ikinyazina ngenera ngenga buzuza imbonerahamwe y'ikinyazina ngenera ngenga. - Kugaragaza imbogamizi bahuye na zo, bagakurikiza inama z'umwarimu ku buryo bazikemura. - Kugaragaza ibyavuye mu matsinda no gukurikira inyongera bahawe n'umwarimu 	Ubushobozi nsanganyamasomo: <ul style="list-style-type: none"> - Gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda. - Ubushishozi n'ubushakashatsi. - Kubonera ibibazo ibisubizo. Ingingo nsanganyamasomo: <ul style="list-style-type: none"> - Uburezi budaheza. - Uburinganire n'ubwuzuzanye.

Umusozo w'isomo: Iminota 10 Ikamatanya	Kubwira abanyeshuri gushaka interuro zikoreshejwemo ikinyazina ngenera ngenga no kugitahura mu yandi magambo agize interuro.	Gushaka interuro zikoreshejwemo ikinyazina ngenera ngenga no kugitahura mu yandi magambo agize interuro.	Ubushobozi nsanganyamasomo: <ul style="list-style-type: none"> – Gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda. – Ubushakashatsi n'ubushobozi bwo gushakira ibisubizo ibibazo ahura nabyo. Ingingo nsanganyamasomo: <ul style="list-style-type: none"> – Uburezi budaheza. – Uburinganire n'ubwuzuzanye.
Isuzuma	Kubwira abanyeshuri: <ul style="list-style-type: none"> – Gutahura ikinyazina ngenera ngenga mu nteruro. – Kugaragaza uturango tw'ikinyazina ngenera ngenga. 	<ul style="list-style-type: none"> – Gutahura ikinyazina ngenera ngenga mu nteruro. – Kwerekana uturango n'intego by'ikinyazina ngenera ngenga. 	
Umukoro	Guha abanyeshuri umwitoto wo: <ul style="list-style-type: none"> – Kongera kuzuza imbonerahamwe y'ikinyazina ngenera ngenga bari mu rugo. – Gushaka izindi ngero z'interuro zirimo ibinyazina ngenera ngenga. 	<ul style="list-style-type: none"> – Kongera kuzuza imbonerahamwe y'ikinyazina ngenera ngenga bari mu rugo. – Gushaka izindi ngero z'interuro zirimo ibinyazina ngenera ngenga. 	

Kwisuzuma (umurezi): Isomo ryumvikanye neza, abanyeshuri barikunze kuko ryabakuriyeho urujijo ku moko y'ibinyazina bajaga bashidikanyaho.

1

Umuco nyarwanda

(Umubare w'amasomo:24)

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

- Gusesengura imyandiko ijyanye no kubungabunga umuco nyarwanda.
- Gusobanura ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina mpamagazi.
- Kwandika imvugo yabugenewe ku isekuru, ku ngobyi no ku rusyo, guhangga inyandiko y'ikinyamakuru no kwandika inyuguti nkuru ahabugenewe.

Ibisabwa:Umunyeshuri aragomba kuba azi:

- Gusoma neza yubahiriza utwatuzo, iyitsa ndetse n'isesekaza.

Ingingo nsanganyamasomo ziri bwitabweho muri uyu mutwe:

- **Ubuzima bw'imyororokere:** Mu mwandiko "Ubukwe bwa kinyarwanda", umwarimu agomba gufasha abanyeshuri guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima bw'imyororokere.
- **Kurwanya jenoside n'ingengabitekerezo yayo:** Mu mwitoto ugaragara mu gitabo, mu mikoreshereze y'inyuguti nkuru, umwarimu afasha abanyeshuri gutekereza ku bukesha bukubiye muri izo nteruro.
- **Ubuziranenge:** Mu mwitoto ugaragara mu gitabo, mu mikoreshereze y'inyuguti nkuru, umwarimu afasha abanyeshuri gutekereza ku bukesha bukubiye muri izo nteruro.

Ubushobozi nsanganyamasomo:

- Ubuhangga mu kuganira no gukoresha ururimi.
- Gukorera hamwe.
- Gutekereza ugashobora kujora ibitekerezo n'ibikorwa bitandukanye ntube nemeye iryo cyangwa nyamujya iyo bijya.
- Kwiwigisha no gukomeza kwhugura nyuma yo kurangiza amashuri.
- Guhangga udushya no kunoza imikorere.
- Ubushakashatsi no gukemura ibibazo.

Amagambo /ibitekerezo by'ingenzi:**Gutarama, ubukwe bwa Kinyarwanda, gushyingira, gusaba, gukwa, gutebutsa.****Amabwiriza ajyanye n'igikorwa k'ivumbura ry'ibigiye kwigwa:**

Abanyeshuri ubwabo ni bo bagomba kwivumburira ibyo bagiye kwiga, bahereye ku mashusho, ku kaganiro cyangwa udukino twateguwe mu ivumburamatsiko. Umwarimu agenda abayobora, ababaza ibibazo, kandi akabafasha kunonosora ibisubizo batanga ku buryo bibaganisha ku cyo bagiye kwiga.

Amabwiriza ajyanye n'uko abafite ibibazo byihariye baza kwitabwaho muri uyu mutwe:

Umwarimu agomba gufasha abafite ubumuga gusobanukirwa kurushaho n'ibyo bari kwiga. Abatabona neza kimwe n'abatumva neza bagomba kwicazwa hafi kandi mu gihe bibaye ngombwa akabasobanurira akoresheje ururimi rw'amarenga. Abanyantege nke na bo bagomba gushyirwa mu matsinda y'abasobanukirwa vuba kugira ngo babazamure, kandi umwarimu akabibandaho akababaza n'ubwo baba batateye urutoki kugira ngo basubize.

Ibyigwa bigize uyu mutwe n'umubare w'amasomo

Ikigwa	Umubare w'amasomo
Umwandiko: Utaganiye na se ntamenya icyo sekuru yasize avuze	4
Ikinyazina ngenera ngenga	2
Umwandiko: Ubukwe bwa kinyarwanda	4
Ikinyazina mpamagazi	1
Umwandiko: Itorero ry'igihugu n'amatorero ndangamuco	3
Ikeshamvugo ku isekuru,ku ngobyi no ku rusyo	2
Umwandiko: Umurage n'izungura mu Rwanda	4
Inkuru yo mu Kinyamakuru:Tutitonze umuco wacu waducika	2
Imikoreshereze y'inyuguti nkuru	1
Isuzuma	1
Amasomo arambuye	

Umwandiko: Utaganiye na se ntamenya icyo sekuru yasize avuze

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 1)

Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 3)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bahawe, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusobanura amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro ziboneye.

Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga ku muco nyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegereza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri (buze kuvugaho).

Ingero z'ibibazo n'ibisubizo:

- Ni iki mubona ku mashusho?** Turi kuhabona abana n'ababyeyi babo.
- Mwitegereje neza murabona aba bantu barimo gukora iki?** Turabona barimo gusangira amafunguro banaganira.

2. Gusoma

2.1. Gusoma bucece

Mwarimu asaba abanyeshuri kurambura ibitabo byabo ahari umwandiko «Utaganiye na se ntamenya icyo sekuru yasize avuze». Mbere y'uko batangira gusoma bucece, mwarimu abasaba kudahwiwhisa kuko byatumva batumva neza ibyo basoma no kutunamiriza mu gitabo kuko byabangiza amaso bikanabagoramisha urutirigongo. Iyo ibyo birangiye ababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye koko.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

- Ni iki uyu muryango ukora buri mugoroba?**
Buri mugoroba uyu muryango uhurira ku meza bagasangira ifunguro barangiza bagatarama.
- Ni ibiki nyiri uyu muryango yatozaga abana be?**
Yabatozaga guca imigani, gusakuza, kwivuga akabaha n'ubumenyi bunyuranye ku bintu bitandukanye.

2.2. Gusoma baranguruye

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma baranguruye umwumwe, igika ku kindi. Umwarimu agenzura ko basoma neza batarya amagambo, bubahiriza utwatuzo n'iyitsa akabakosora aho bibaye ngombwa.

3. Gusobanura umwandiko

3.1. Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko

Mu matsinda, abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye. Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.

Ingero z'amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko

1. **Gufungura:** Kurya, gufata ibyo kurya(ifunguro).
2. **Gutarama:** Gusabana abantu baganira cyanecyane baririmba, babyina bifashishiye ibihangano by'ubuvanganzo. Ibi byakundaga gukorwa nimugoroba abagize umuryango bateranye, bicaye ku ziko. Muri iki gihe ibitaramo biba bigizwe n'indirimbo z'amatorero.
3. **Indangagaciro:** Imico myiza ikwiye kuranga umuntu warezwe neza nk'ubunyangamugayo, ikinyabupfura...
4. **Ubuvanganzo:** Uruhurirane rw'ibihangano nyabugeni burimo indirimbo, imigani, ibyivugo, amahamba... Ibi ibihangano bishobora kuba nyandiko cyangwa nyemvugo. Kubera ko abakurambere bacu batari bazi gusoma no kwandika, ibihangano gakondo byari nyemvugo gusa.
5. **Intyoza:** Umuntu uzi kuvuga neza, agatatura amagambo n'ingingo.
6. **Igihango:** Amasezerano akomeye wagiranye n'umuntu ku buryo kuyarengaho byakugiraho ingaruka mbi. Uwo mwagiranye igihango (mwanywanye) wirindaga kumuhemukira kugira ngo igihango kitazagukurikirana.
7. **Kirazira:** Ni ibintu bibujije mu muco.
8. **Icyuho:** Umwanya urimo ubusa akenshi ujya hagati mu kintu, kubura igihuza cyangwa icyunga ibintu, ighombo.

3.2. Umwitozo w'inyunguramagambo

Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitozo y'inyunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.

Koresha amagambo akurikira mu nteruro ebyiri zidahuje inyito:

1. Gufungura:

- Nimwegere ameza dufungure.
- Fungurira uwo muntu ugusaba arashonje.

2. Ikrere:

- Uyu mwaka twararumbije kuko ikrere kitagenze neza.
- Ikrere cy'umunsi kirijimye nk'aho imvura iri bugwe.

3. Gusakuza:

- Muri gusakuza mugatuma ntumva neza.
- Si byiza gusakuza mu ishuri.

4. Inzara:

- Izuba ryacanye ryaduteye inzara.
- Inzara ni mbi ku bana.

Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 4)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe no gusobanura bimwe mu bigize umuco nyarwanda bigaragara mu mwandiko.

Imfashanyigisho: Umwandiko uvuga ku gitaramo mu muryango, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

1. Isubiramo

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma. Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko “Utaganiye na se ntamenya icyo sekuru yasize avuze”.

2. Gusubiza ibibazo ku mwandiko

Mbere yo kujya mu matsinda, umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero cyangwa asabe umunyeshuri umwumwe gusoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo, iyitsa n'iserekaza, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kuwumva, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.

Ibibazo n'ibisubizo ku mwandiko

1. **Ni iki Kamana atoza abana be mu gitaramo ku bijyanye n'ubuvanganzo?**
Kamana atoza abana be guca imigani, gusakuza, kwivuga ndetse no kuganira batebya.
2. **Ni ibihe bindi abantu bungukira mu gitaramo ?**
Ubumenyi bunyuranye,kuganira ku mibereho yabo izaza,amasano bafitanye n'abandi,kubwirwa ubutwari bw'abakurambere,kubwirwa za kirazira n'amateka y'abakurambere.
3. **Nk'uko bivugwa mu mwandiko, abakurambere bacu barangaga igihe bate?**
Abakurambere bifashishaga izuba,ukwezi ingoma z'abami,inzara,igitero,ibihe by'imvura n'ibindi mukumenya ibihe.
4. **Ni izihe mpamvu zituma umuco wo gutarama mu Rwanda ugenda ucika?**
Usanga ahensi byarasimbuwe no kureba tereviziyo cyangwa kumva amaradiyo. Ababyeyi usanga batakigira umwanya wo gutaramana n'abana babo kubera imirimo myinshi no gushakisha amafaranga. Hari kandi abava mu kazi bakajya kwiga nimugoroba.
5. **Ni iki umwanditsi akangurira abana?**
Umwanditsi arimo gukangurira abana be kugira imico myiza, bagahorana indangagaciro n'ubuvanganzo nyarwanda akanabasaba ngo ibyo ababwira bage babyitaho.
6. **Iyo bavuze ngo: «Kwiga ni uguhozaho» wumva iki?**
Ni ukuvuga ko iteka hahora haza ubumenyi bushyashya umuntu aba agomba guhora yiga ibijyanye n'ibihe agezemo ntakuvuga ngo ngewe ibyo nize narabyize birahagije.

Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 4)

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko amaze gusoma no kumva, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gutahura ingingo z'ingenzi zigize umwandiko no gusubiza ibindi bibazo bijyanye no gusesengura umwandiko.

Imfashanyigisho: umwandiko uvuga ku gutarama mu muryango, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri.

1. Isubiramo:

*Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku isomo riheruka.
Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.*

2. Gusoma umwandiko

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda. Baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa; nibarangiza batahure ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko, basubize n'ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko hanyuma baze guhuriza ku kibaho ibyo bagezeho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.

Urugero rw'ibyava mu matsinda:

a) **Ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.**

- Buri mugoroba umuryango wa Kamana bafatira ifunguro hamwe barangiza bagatarama.
- Mu gitaramo Kamana atoza abana be guca imigani, gusakuza, kwivuga ndetse no kuganira batebya. Bungukiramo n'ubundi bumenyi bunyuranye butuma bafunguka mu mutwe.
- Muri iki gihe umuco wo gutarama ugenda ucika kubera impamvu zinyuranye. Akensi ababyeyi bava ku kazi bwije cyane bagasanga abana baryamye.
- Umuco wo gutarama wagombye guhabwa agaciro ariko bikajyana n'ibihe tugezemo.

b) **Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?**

Isomo nkuyemo ni uko ngomba gusaba ababyeyi bange tukajya dutarama tukaganira mu muryango wacu cyanecyane ku mugoroba .

c) **Tanga ingero z'indangamuco dusanga muri uyu mwandiko.**

- Haragaragaramo umuco mwiza wo gutarama, wigirwagamo byinshi: guca imigani, gusakuza, kwivuga.
- Kuranga igihe hakurikijwe ibibakikije nk'indirimbo z'inyoni, igihe isake ibikira, ibitero, ingoma, inzara, ingano y'imyaka mu murima n'ibindi.
- Amasano yo mu miryango, uburere bushingiye ku butwari bw'abakurambere, ibisekuruza, kirazira...

Igice cya kane: Gutanga ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 4)

Intego zihariye:

Ahereye ku nsangamatsiko yahawe, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gutanga ibitekerezo ku nsanganyamatsiko ijyanye n'umwandiko.

Imfashanyigisho: Umwandiko “Utaganiye na se ntamenya icyo sekuru yasize avuze”, insanganyamatsiko yunguranwaho ibitekerezo.

1. Isubiramo:

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma. Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

2. Gusoma umwandiko

Abanyeshuri baragenda basoma umwandiko umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

3. Gutanga ibitekerezo

Insanganyamatsiko:

Muhereye ku kamaro ko gutaramana n'ababyeyi, murasanga impamvu zitangwa zituma ababyeyi badataramana n'abana zumvikana?

Umwarimu asaba umunyeshuri umwe gusoma insanganyamatsiko mu ijwi riranguruye. Umwarimu arasomera abanyeshuri insanganyamatsiko abasabe kuyitekerezaho akanya.

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda kugira ngo bakusanye ibitekerezo ku mpamvu zituma ababyeyi batabona umwanya wo gutaramana n'abana babo. Hari zimwe zatanzwe mu mwandiko ariko hari n'izindi abanyeshuri bashobora gutanga.

Umwarimu aributsa abanyeshuri zimwe mu mpamvu zatanzwe mu mwandiko, abasabe gushaka n'izindi hanyuma bage impaka bareba impamvu zumvikana n'izindi zifatwa nk'urwitwazo.

Icyo umwarimu yitaho ni ukureba uburyo abanyeshuri batanga ibitekerezo bakurikije inyurabwenge kandi hatsindagirwa ko ari ngombwa ko ababyeyi ndetse n'abana bashakisha umwanya utuma bataramana iwabo mu rugo kubera akamaro bifite mu burere.

Igice cya gatanu: Ikinyazina ngenera ngenga

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 4)

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko cyangwa interuro ziganjemo ibinyazina ngenera ngenga, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gutahura ibinyazina ngenera ngenga, kubikoresha mu nteruro no kuvuga umumaro wabyo.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, ikibonezamvugo, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho.

1. Isubiramo

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma neza umwandiko "Kwita ku by'iwacu byaturinda gusesagura." Iyo barangije abasaba gusubiza ibibazo byawubajijweho.

2. Isesengura

Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo. Ababaza ibibazo bibafasha gutahura inshoza y'ikinyazina ngenera ngenga, imikoreshereze yabyo mu nteruro ndetse n'umumaro wabyo.

Abanyeshuri basubiza ibibazo biri mu gitabo cyabo bituma bashobora kwivumburira icyo ikinyazina ngenera ngenga ari cyo.

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma uyu mwandiko maze akabasaba gusubiza ibibazo bikurikiyeho:

**Nimusome uyu mwandiko maze mutahure imiterere n'umumaro
by'amagambo yanditse atsindagiye.**

Umwandiko: Kwita ku by'iwacu byaturinda gusesagura

Mbere y'umwaduko w'abazungu, Abanyarwanda bari bafite umuco **wabo** bihariye n'ibikoresho **byabo** bikoreraga. Bariraga ku mbehe zikozwe n'amaboko **yabo**, bagateka mu byungo **byabo** bibumbiye, bagahingisha amasuka **yabo** bacuriraga mu nganda **zabo** bakoresha imivuba.

Kurarikira iby'ahandi byatumye umuco **wacu** ucuyuka n'ubukorikori **bwacu** burahagarara. Mbere twari dufite amasuka **yacu**, dufite umuco **wacu**, imbyino **zacu**, n'indirimbo **zacu** none byose usanga byaraganjwe n'iby'ahandi.

Inama rero ni uko dukwiye gukoresha iby'ahandi tudashobora kwikorera iwacu. Twagendera mu modoka **zabo** kuko tudashobora kuzikora, ariko tukarira ku mbehe **zacu**, tukanywa ibinyobwa **byacu**. Gutira tugatira n'ibyo dushobora kwikorera hano iwacu ni byo bituma duhora turi inyuma **yabo**. Nta shema bitera gukoresha iby'abandi kandi ushabora kwikorera **ibyawe**.

Ibibazo byo gusubiza:

- Amagambo yanditse atsindagiye murumva asobanura iki?**
 - Avuga ibyo umuntu atunze, cyangwa ikintu n'icyo kigenerwa.
- Ni ibihe binyazina mwumva byumvikana muri ayo magambo?**
 - Humvikanamo ibinyazina bibiri: Ikinyazina ngenera + ikinyazina ngenga.

Ingero:

wabo = wa + bo

byabo = bya + bo

- Ese iyo afashe indomo “i” cyangwa n’izindi ndomo “u” na “a” mwumva akomeza kuba ibinyazina?**

- Iyo gifashe indomo gisimbura izina cyasobanuraga kigakomeza kuba ikinyazina.

3. Inshoza y'ikinyazina ngenera ngenga

Ikinyazina ngenera ngenga ni ikinyazina kerekana utunze n'icyo atunze. Kikaba ari inyunge ya ngenera na ngenga.

Dore imbonerahamwe y'ikinyanzina ngenera ngenga:

	ng1 bu	ng1 bw	ng2 bu	ng2 bw	ng3 bu	ng3 bw
Nt.1	wange	wacu	wawe	wanyu	we	wabo
Nt.2	bange	bacu	bawe	banyu	be	babo
Nt.3	wange	wacu	wawe	wanyu	we	wabo
Nt.4.	yange	yacu	yawe	yanyu	ye	yabo
Nt.5	ryange	ryacu	ryawe	ryanyu	rye	ryabo
Nt.6	yange	yacu	yawe	yanyu	ye	yabo
Nt.7	cyange	cyacu	cyawe	cyanyu	ke	cyabo
Nt.8	byange	byacu	byawe	byanyu	bye	byabo
Nt.9	yange	yacu	yawe	yanyu	ye	yabo
Nt.10	zange	zacu	zawe	zanyu	ze	zabo
Nt.11	rwange	rwacu	rwawe	rwanyu	rwe	rwabo
Nt.12	kange	kacu	kawe	kanyu	ke	kabo
Nt.13	twange	twacu	twawe	twanyu	twe	twabo
Nt.14	bwange	bwacu	bwawe	bwanyu	bwe	bwabo
Nt.15	kwange	kwacu	kwawe	kwanyu	kwe	kwabo
Nt.16	hange	hacu	hawe	hanyu	he	habo

Murabona ibinyazina biteye bite mu nteko zitandukanye?

4. Imiterere y'ikinyazina ngenera ngenga

Mu nteruro, ikinyazina ngenera ngenga gikurikira izina ariko kandi gishobora no kurisimbura. Iyo cyasimbuye izina, gifata indomo.

Urugero:

- Abana **bange** bakunda kwiga. **Abange** bakunda kwiga.
- Igihugu **cyacu** ni intangarugero mu kubahiriza uburinganire. **Icyanyu** se cyo bite?
- Umuhungu **wabo** yiga mu wa kane. **Uwabo** yiga mu wa kane.
Reba uko ibinyazina ngenera na ngenga byiyunge: bange= ba+nge
Iyo ikinyazina ngenera kiyunze na ngenga muri ngenga ya mbere n'iya kabiri mu bwinshi, indangasano (indangakinyazina) “**tu-**” na “**mu-**” zihinduka “**-cu**” na “**-nyu**” kandi n'igicumbi cya ngenga kikaburizwamo.

Urugero:

- Imbehe **zacu**
- Imbehe **zanyu**

Muri ngenga ya gatatu y'ubumwe mu nteko zose, igicumbi cya ngenera n'indangasano ya ngenga biburizwamo.

Urugero:

- Abana **be**
- Inka **ze**

Mu rwego rwo gusuzuma ko abanyeshuri basobanukiwe n'icyo ikinyazina ngenera ngenga ari cyo, umwarimu abasaba gukora imyitozo ikurikira. Iyi myitozo ikosorerwa hamwe, aho bigaragaye ko abanyeshuri bafite intege nke umwarimu akarushaho kuhatsindagira agendeye ku bushobozi bw'ingenzi bugamijwe mu gice bamaze kwiga. Dore ibibazo byabajije n'uko byasubizwa:

Imyitozo n'ibisubizo

1. **Tanga interuro enye ukoreshamo ikinyazina ngenera ngenga muri ngenga ya mbere n'iya kabiri mu bwinshi.**
 - Abana bacu bakunda kwiga.
 - Amafaranga yacu tuge tuyazigama mu mabanki.
 - Abana banyu bakunda kwiga
 - Amafaranga yanyu muge tuyazigama mu mabanki.
2. **Tahura ibinyazina ngenera ngenga biri muri iyi baruwa uvuge n'inteko birimo.**

Ku nshuti **yange** nkunda,

Nkwandikiye aka kabaruwa ngira ngo ngusuhuze, ariko nakumenyeshe ko nkizirikana ubucuti **bwange** nawe ntazigera nibagirwa.

Rwose mu nshuti **zange** wambereye inkoramutima.

Ndibuka ya nseko **yawe** izira imberekwa, ya ndoro **yawe** yampogozaga, na rya jwi **ryawe** ryunguruye ryumvikanaga mu turirimbo **twacu**.

Ndibuka ukuntu ababyeyi **bawe** banyakiranye ubwuzu umunsi nza kugusura **iwanyu** bwa mbere ndi hamwe na mukuru **wange**.

Uribuka twa dukino **twacu** tukiri abana, za nka **zacu** twabumbaga mu rwondo, na za ndabo **zacu** twateraga tukazuhira ubudatuza.

Urukumbuzi ngufitiye rumbuza gusinzira. Rwamarwa gusa n'uko natura hafi **yawe**, iruhande **rwawe**, sinongere kuba kure **yawe** ukundi.

Uwawe utazakwibagirwa,

Saba Edith.

Ibinyazina ngenera ngenga biri muri iyi baruwa n'inteko zabyo ni:

yange, inteko ya 9

bwange, inteko ya 14

zange, inteko ya 10

yawe, inteko ya 9

yawe, inteko ya 9

ryawe, inteko ya 5

twacu, inteko ya 13

bawe, inteko ya 2

wange, inteko ya 1

twacu, inteko ya 13

zacu, inteko ya 10

zacu, inteko ya 10

yawe, inteko ya 19

rwawe, inteko ya 11

yawe, inteko ya 19

uwawe, inteko ya 1

3. **Simbuza amagambo aciyeho akarongo mu nteruro zikurikira ikinyazina ngenera ngenga gikwiye:**

- a) Ubutumwa bwa Perezida wacu ni ubwo kutwifuriza umwaka mushya muhire.
 - *Ubutumwa bwe ni ubwo kutwifuriza umwaka mushya muhire.*
- b) Amasambu ya so n'aya nyokorome ahana imbibi n'isambu nsangkiye n'umuvandimwe tuvukana.
 - *Amasambu yabo ahana imbibi n'isambu yacu.*
- c) Amakuba yakubayeho n'ayabaye kuri Karori nayabwiwe n'umuvandimwe musangiye ababyeyi.
 - *Amakuba yanyu nayabwiwe n'umuvandimwe wanyu.*

Umwandiko: Ubukwe bwa kinyarwanda

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 8)

Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 10)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bahawe, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusobanura amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro ziboneye.

Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga ku bukwe bwa kinyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri.

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegerezera amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.

Ingero z'ibibazo n'ibisubizo:

- Ni iki mubona ku mashusho?** Turi kuhabona abantu benshi harimo abageni.
- Mwitegerezreje neza, murabona aba bantu barimo gukora iki?** Turabona bari mu bukwe.

2. Gusoma

2.1. Gusoma bucece

Mwarimu asaba kurambura ibitabo byabo ahari umwandiko «Ubukwe bwa Kinyarwanda». Mbere y'uko batangira gusoma bucece, umwarimu abasaba kudahwiwhisa kuko byatuma batumva neza ibyo basoma no kutunamiriza mu gitabo kuko byabangiza amaso bikanabagoramisha urutirigongo. Iyo barangije gusoma ababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye koko.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

- Ni iki uyu musore yari yarabuze ngo ashinge urugo?**
Yari yarabuze uwamurangira uwo bazarushingana.
- Umusore uvugwa muri uyu mwandiko yifuzaga kuzashaka umukobwa umeze ate?**

Yifuzaga kuzashaka umukobwa yarangiwe n'umuntu umuzi neza, bakabanza bakamenyana we akamwiga imico ye n'umukobwa akiga imico ye.

2.2. Gusoma baranguruye

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma baranguruye umwumwe, igika ku kindi. Umwarimu agenzura ko basoma neza batarya amagambo, bubahiriza utwatuzo, iyitsa n'isesekaza; akabakosora aho bibaye ngombwa.

3. Gusobanura umwandiko

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye. Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.

Ingero z'amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko:

- a) **Umuranga:** Umuntu uba uzi umugen'i maze akagira uruhare rwo kumumenyekanisha ku musore kugira ngo afate ikemezo cyo gusaba.
- b) **Kurambagiza:** Guhitamo umukobwa muzabana, muzubakana urugo.
- c) **Kuvunyisha:** Gusaba uburenganzira bwo kwinjira ahantu, kujya kubaza kwa sebukwe umunsi bazaguhekera umugen'i bakamugushyikiriza (kujya kumvikana ku munsi w'ubukwe).
- d) **Imisango:** Amagambo bavuga mu mihang'o y'ubukwe.
- e) **Inkwano:** Inka (amafaranga) batanga kwa se w'umukobwa kugira ngo bahabwe uburenganzira bwo gushyingiranwa.
- f) **Isuka rugori:** Isuka bitwaza bagiye gufata irembo iwabo w'umukobwa.
- g) **Impundu:** Zivuzwa n'abategarugori bagaragaza ibyishimo, mu gihe abagabo bo bivuga.

b) Umwitoto w'inunguramagambo

Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitoto y'inunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.

Koresha amagambo akurikira mu nteruro zawe bwite ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:

- a) **Kurambagiza:**
Umuhungu wa Kamana arakuze ageze iyihe cyo kurambagiza, agashaka uwo bazabana.
- b) **Kuvunyisha:**
Numara gufata ikemezo uzatubwire tuge kukuvunyishiriza, baduhe umunsi wo gusaba.

- c) **Imisango:**
Nkunda imisango y'ubukwe iyo abavuzi b'amagambo bahuye bose ari intyoza.
- d) **Inkwano:**
Umukobwa wa Murorunkwere bamutanzeho inkwano y'inka umunani
- e) **Ibigango:**
Kamatari ni umukinnyi w'umupira w'ibigango ukina mu ba kabiri.

Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 11)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe no gusobanura bimwe mu bigize umuco nyarwanda bigaragara mu mwandiko.

Imfashanyigisho: Umwandiko uvuga ku bukwe bwa kinyarwanda, imfashanyigisho z'iyumvabona, igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri.

1. Isubiramo

*Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko basomye.
Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.*

2. Gusubiza ibibazo ku mwandiko

Mbere yo kujya mu matsinda, umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero cyangwa asabe umunyeshuri umwumwe gusoma igika ku kindi mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kuwumva, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.

Ibibazo n'ibisubizo ku mwandiko

- a) **Umusore uvugwa muri uyu mwandiko amaze gushima umukobwa yakoze iki?**
Yatuye inzoga ababyeyi be baraganira abasaba ijambo ababwira ko hari umukobwa yashimye akaba yifuza ko bazajya kumumusabira.
- b) **Ni uwuhe munsi wamushimishije umusore uvugwa mu mwandiko? Kuki?**
Ni umunsi wo gusaba. Kuko abahagarariye imiryango baryoheje ubukwe baterana amagambo umwe akajya atega undi imitego undi na we akayitegura.

c) **Ni iki kerekana ko Sesonga ari umusore w'imico myiza?**

Ni uko yabashije kwiyubakira inzu ye agashyiramo ibikoresho. Yari afite gahunda yo gushaka umukobwa yarangiwe n'umuntu umuzi neza kandi we n'uwo mukobwa bakabanza gufata igihe gihagije cyo kumenyana mbere yo kubigeza ku babyeyi. Ikindi ni uko amaze kubona umukobwa ashimye yabimenyesheje ababyeyi akabasaba kujya kumumusabira.

d) **Ni iki kerekana uburere bwiza bwa Gasaro?**

Ni urugwiyo yakiranye umusore yamasuye ndetse akanamuherekeza. Ikindi ni uko Gasaro atahise amwemerera kubana na we ahubwo na we agafata umwanya wo kubitekerezaho.

e) **Sesonga yari ajyanwe n' iki kwa Gasaro?**

Yari ajyanwe no kumurambagiza, kureba imico ye no kumuganiriza ngo bamenyane nyuma azamubwire ikimugenzo.

f) **Ni iki kerekana ko abari mu misango bishimiye ibyakozwe?**

Bagiranye ibiganiro byiza ndetse n'abari baje mu bukwe bakajya batanga amashyi n'impundu.

g) **Imihango y'ubukwe ivugwa muri uyu mwandiko ni iyihe?**

Harimo kurambagiza, gufata irembo, gusaba, gukwa no gushyingirwa.

Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 11)

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko amaze gusoma no kumva, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gutahura ingingo z'ingenzi zigize umwandiko no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

Imfashanyigisho: Umwandiko ku bukwe bwa kinyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri.

1. Isubiramo:

*Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku isomo riheruka.
Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.*

2. Gusoma umwandiko

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda. Baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa; nibarangiza batahure ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko banasubize ibindi bibazo babajijwe hanyuma baze guhuriza ku kibaho ibyo bagezeho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.

Urugero rw'ibyava mu matsinda:

a) Ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko

- Umusore w'imico myiza yiyubakiye inzu ye, ayishyiramo ibikoresho bikenewe, ategereje umuranga ngo abashe gushaka uwo bazabana.
- Umusore arangiwe na se wabo atangira gushaka uko ahura na Gasaro ngo babashe gushimana.
- Umusore n'umukobwa bamaze gushimana, umusore abigeza ku babyeyi be kugira ngo bazage kumusabira.
- Ababyeyi batangira gahunda yo gusabira umuhungu wabo ubukwe burataha.

b) Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?

Isomo nkuyemo ni uko ngomba kurangwa n'imico myiza ndetse n'uburere bwiza, ngakora ibyo nabanje gutekerezaho kandi nagishije inama. Nkirinda guhubuka mu gufata ikemezo.

c) Ni izihe ngero z'indangamuco nyarwanda zivugwa mu mwandiko?

Imihango inyuranye ijyanye n'ubukwe bwa kinyarwanda: kurambagiza, kuranga, gusaba, gukwa, gushyingirwa n'imisango y'ubukwe...

Igice cya kane: Gukina bigana

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 11)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko baheruka kwiga, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gukina bigana imisango y'ubukwe, kandi bashyiramo isesekaza.

Imfashanyigisho: Umwandiko uvuga ku bukwe bwa kinyarwanda, imfashanyigisho z'iyumvabona, igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri, ibikoresho binyuranye bikoreshwa mu bukwe bwa kinyarwanda by'ibiganano cyangwa bya nyabyo.

1. Isubiramo:

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma.

Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka mu mwandiko baheruka gusoma.

2. Gusoma umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye: umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo, nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityobityo kugeza umwandiko wose urangiyeye.

Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, agenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.

Umwarimu ashayira abanyeshuri mu matsinda abiri anyuranye. Itsinda rimwe rikora imihango yo gukwa, irindi iyo gusaba mu gihe cyo gushyingira. Buri tsinda rigomba kwitoramo utanga amagambo, abakwe bakuru bavuga imisango, umusore n'umugeneti ndetse n'abatashye ubukwe. Umwarimu abaha umwanya uhagije wo kubitegura(nk'icyumweru) maze bakazaseruka imbere ya bagenzi babo.

Mu gukosora umwarimu yita cyane ku buryo abanyeshuri bakina bigana imisango y'ubukwe, uburyo bakurikiranya ibitekerezo bakurikije inyurabwenge mu mvugo. Amatsinda yose amaze guseruka, abanyeshuri basabwa kugira ibyo bashima bagenzi babo bakoze neza n'ibyo babona bikwiye kunozwa. Umwarimu na we aboneraho kugira icyo abivugaho kandi akabagira inama ku byo bakwiye kunonosora yibanda cyane ku kamaro k'imisango mu muco n'ubuvanganzo nyarwanda.

Igice cya gatanu: Ikinyazina mpamagazi

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 12)

Intego zihariye:

Ahereye ku nteruro ziganjemo ibinyazina mpamagazi, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gutahura ibinyazina mpamagazi, gusesengura ibinyazina mpamagazi uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi no gukoresha ibinyazina mpamagazi mu nteruro.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, ikibonezamvugo, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho.

1. Isubiramo

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umuvugo bitonze maze bakagerageza gutahura imiterere n'umumaro by'amagambo yanditse atsindagiye iyo barangije abasaba gusubiza ibibazo byayabajijweho.

Umuvugo: Umuco wacu tuwusigasire.

Wa mugabo we utuye i Rwanda

Wa mugore we mu rugori

Wa musore we uvuka i Rwanda

Wa mwari we nawe berwa

U Rwanda rwacu rurabakunda.

Mwa bana mwe nshuti zange

Mwa banyeshuri mwe mwiga

Nimuhaguruke duhagarare

Tubungabunge umuco wacu

Utaducika tukawuhomba.

Imico y'ahandi na yo igira ibyiza

Ariko n'ibibi byinshi biyibamo
Nabonye abashakanye bagatana
Mbona abakundana bagahemuka
Abari bambara ntibikwize.

Mwa bayobozi mwe mutuyobora
Mwa babyeyi mwe mwabyaye
Mwa barezi mwe muduha uburere
Mwa barerwa mwe mukibyiruka
Nimutabare mudata uwo muco.

Nimuhaguruke muhagarare
Isi iragenda iba umudugudu
Imico irinjiranamo ubutitsa
Nitutugarira turugarizwa
Umuco wacu ugende wose.

Umuco wacu tuwusigasire
Umubano wacu tuwukomereho
Twamagane ibibi biva iyo hose
Bitadutokoza tukaba umwanda
Umuco wacu uganze i Rwanda.

2. Isesengura

Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo. Ababaza ibibazo bibafasha kugaragaza uturemajambo tw'amagambo yanditse mu nyuguti z'igikara tsiriri no kugaragaza amategeko y'igenamajwi aho ari ngombwa. Umwarimu abaza kandi abanyeshuri ibibazo bibafasha gutahura inshoza y'ikinyazina mpamagazi.

Abanyeshuri basubiza ibibazo biri mu gitabo cyabo bituma bashobora kwivumburira icyo ikinyazina mpamagazi ari cyo.

Ibibazo n'ibisubizo bishoboka:

- Amagambo yanditse atsindagiye mwumva afite uwuhe mumaro muri izi nteruro?**
Ni amagambo ajya imbere y'icyo bahamagara.
- Muhereye ku miterere yayo mwayita iki?**
Ibinyazina mpamagazi.
- Yakoreshejwe muri ngenga zihe?**
Aya magambo yakoreshejwe muri ngenga ya kabiri y'ubumwe n'iy'ubwinshi.

- d) **Ushobora guhamagara ikindi kintu kitari umuntu? Icyo gihe bigenda gute?**
 Birashoboka rwose. Icyakora iyo bikozwe icyo kintu kisanisha nk'izina muri ngenga ya gatatu inteko ya mbere n'iya kabiri.

3. Inshoza y'ikinyazina mpamagazi

Ikinyazina mpamagazi ni ikinyazina gifasha mu guhamagara. Gikoreshwa muri ngenga ya kabiri y'ubumwe n'iy'ubwinshi gusa. Iyo tugikoresheje duhamagara ibindi bintu bitari abantu, ibyo bintu bifatwa nk'abantu maze isanisha ryose rigakorwa mu nteko ya mbere cyangwa iya kabiri kuko ari zo ziranga abantu.

Urugero:

Yewe **wa** nyana we, nzakorora neza, nkugaburire ubwatsi butoshye, nkuhire amazi meza, maze uzambyarire izindi nka nyinshi!

4. Imiterere y'ikinyazina mpamagazi

Ikinyazina mpamagazi gituma igihamagarwa cyumva ko bashaka ko kiza cyangwa ko gitega amatwi bakakibwira. Ikinyazina mpamagazi kibanziriza izina ry'igihamagawe kikaritesha indomo iyo riyifite. Iryo jambo iteka rikurikirwa n'ikinyazina ngenga gifite igicumbi “-e”. Ikinyazina mpamagazi kijya muri genga ya kabiri gusa: ngenga ya kabiri y'ubumwe, iyo ijambu gisobanura riri mu bumwe na ngenga ya kabiri y'ubwinshi, iyo ijambu gisobanura riri mu bwinshi. Icyo uhamagaye ugifata nk'umuntu mugije kuvugana.

Ingero:

Wa mwana we, ujye kwiga hakiri kare. **Mwa** biti mwe, nzabagurisha.

Imbonerahamwe y'ibinyazina mpamagazi

Ngenga	ikinyazina	Ingero
Ng. 2 ubumwe	wa.... we!	Wa mugabo we urashaka iki? Wa mugezi we tuza nambuke! Wa gare we ko untengushye! Wa gitabo we nzagusoma nkurangize! Wa hene we urarushya! Wa rukwavu we uzi kwiruka! Wa kana we urakubagana! Wa bwato we bagupakiye byinshi! Wa kuguru we ko udakira ngo nikinire agapira! Wa hantu we urasa nabi!
Ng. 2 ubwinshi	mwa...mwe!	Mwa bana mwe murakubagana! Mwa migozi mwe ntimumucike ntagwa! Mwa mabuye mwe ntimumpirimire! Mwa biti mwe nzabacana! Mwa modoka mwe mutuze nambuke!

		Mwa twana mwe mwabaye mute? Mwa bwoya mwe mwapfutse ku ruhe rukwavu? Mwa hantu mwe nzajya he ndeke he?
--	--	---

Umwitoto

Mu rwego rwo gusuzuma ko abanyeshuri basobanukiwe n'icyo ikinyazina mpamagazi ari cyo, umwarimu abasaba gukora umwitoto ukurikira. Uyu mwitoto ukosorerwa hamwe, aho bigaragaye ko abanyeshuri bafite intege nke umwarimu akarushaho kuhatsindagira agendeye ku bushobozi bw'ingenzi bugamijwe mu gice bamaze kwiga. Ikibazo n'igisubizo:

Mutange ingero ebyiri z'interuro enye mukoreshamo ikinyazina mpamagazi.

Ingero z'interuro:

Yewe **wa** mugabo we, hindukira tuvugane.

Niko **wa** mvura we, ko udahita urabona utankerereza?

Mwa bana mwe rero muge murangwa n'ikinyabupfura aho muri hose.

Wa suri we ndakurwanyije ndebe noneho aho uzamenera!

Umwandiko: Itorero ry'Igihugu n'amatorero ndangamuco

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 15)

Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 16)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bahawe, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusobanura amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko no kuyakoresha mu interuro ziboneye.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amashusho ajanye n'umwandiko, inkoranyamagambo.

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegerezza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezoo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.

Ingero z'ibibazo n'ibisubizo:

- a) **Ni iki mubona ku mashusho?** Turi kuhabona abantu barimo kubyina n'umuntu urimo kuvuza ingoma.
- b) **Murakeka ko umwandiko ujyanye n'aya mashusho uza kuvuga ku ki?** Uyu mwandiko uravuga ku byerekeye itorero ry'ababyinnyi.

2. **Gusoma**

2.1. **Gusoma bucece**

Mwarimu asaba abanyeshuri kurambura ibitabo byabo ahari umwandiko «Itorero ry'igihugu n'amatorero ndangamuco». Mbere y'uko batangira gusoma bucece, umwarimu abasaba kudahwihwisa kuko byatuma batumva neza ibyo basoma no kutunamiriza mu gitabo kuko byabangiza amaso bikanabagoramisha urutirigongo. Iyo barangije gusoma ababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye koko.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

- a) **Muri uyu mwandiko baravuga ku biki?**
Itorero ry'igihugu n'amatorero ndangamuco
- b) **Usibye itorero ry'igihugu ni ayahe yandi matorero avugwa mu mwandiko?**
Haravugwamo amatorero ndangamuco nk'Urukerereza, Inganzongari n'Intayoberana.

2.2. **Gusoma baranguruye**

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma baranguruye umwumwe, igika ku kindi. Umwarimu agenzura ko basoma neza batarya amagambo, bubahiriza utwatuzo, iyitsa n'isesekaza akabakosora aho bibaye ngombwa.

3. **Gusobanura umwandiko**

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe amagambo afite ibisobanuro bahawe. Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.

Ingero z'ibisobanuro by'amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko:

- a) **Intore:** Abantu batoranyijwe mu bandi ngo bigishwe imyitwarire iboneye.
- b) **Ikigwari:** Umuntu utari inyangamugayo mu byo akora, utari intwari.
- c) **Kirazira:** Ibantu bidakwiye gukorwa mu muryango.
- d) **Intwari:** Umuntu wagaragaweho ibikorwa byiza by' indashyikirwa.

- e) **Umusemburo:** Ibyo bashyira mu mutobe ugahinduka inzoga, babisyira mu mitsima ukongera ubunini, gutuma ibantu bihinduka bikaba byiza kubera wo. Umusemburo ushobora kuba amasaka akaranze baseye batanoza neza bakayashyira mu mutobe.
- f) **Itorero:** Ihuriro ry'abantu bagamije ibiganiro byubaka, hakivangamo kubyina, kuririmba no gusangira amafunguro.

Umwitotozo w'in'yunguramagambo

Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabasaba gukora imyitotozo y'in'yunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.

Koresha mu nteruro zawe bwite amagambo akurikira:

- a) **Umusemburo:**
Umusemburo ntukorera ubwinshi.
- b) **Intore:**
Umntu w'intore arangwa n'imyitwarire n'indangagaciro z'ubupfura.
- c) **Iterambere:**
Twitabire umurimo ni wo uzatugeza ku iterambere twifuza.
- d) **Indangagaciro:**
Mu ishuri dutozwa kugira indangagaciro z'umuco nyarwanda na za kirazira.
- e) **Amatorero:**
Amatorero y'abacuranzi yimakaza kandi agakungahaza umuco nyarwanda.

Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 17)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe no gusobanura bimwe mu bigize umuco nyarwanda bigaragara mu mwandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amashusho ajyanye n'umwandiko n'inkoranyamagambo.

1. Isubiramo

*Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko basomye.
Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.*

2. Gusubiza ibibazo ku mwandiko

Mbere yo kujya mu matsinda, umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero cyangwa asabe umunyeshuri umwumwe gusoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo, iyitsa n'isesekaza umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kuwumva, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosore bafatanyije n'umwarimu.

Ibibazo n'ibisubizo ku mwandiko

Nimusubize ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yanyu bwite.

a) Itorero ry'Ighugu rifite akahe kamaro?

Itorero ry'Ighugu rifite akamaro ko kwigisha Abanyarwanda uburere mboneragihugu no kwimakaza indangagaciro nyarwanda, uburenganzira bwa muntu, demokarasi, imiyoborere myiza ndetse no gukangurira Abanyarwanda umuco wo kwigira kugira ngo biteze imbere banateze Ighugu imbere.

b) Mu Itorero ry'Ighugu abantu bigiramo iki?

Mu itorero bigiramo imyitwarire iboneye ikwiye kuranga Umunyarwanda, umuco nyarwanda, indangagaciro zituma umuntu ataba ikigwari ahubwo akarangwa n'ubutvari.

c) Muri uyu mwandiko haravugwamo ko ari ngombwa kwimakaza iki?

Ni ngombwa kwimakaza kirazira zijiyanu n'indangagaciro, abiga bakamenya ko kizira: kwica, kwiba, gusebanya gutererana abari mu kaga, kugira ubusambo, kurenganya abo uyoboye n'ibindi.

d) Amatorero yandi avugwa mu mwandiko afite akahe kamaro?

Amatorero yandi avugwa mu mwandiko afasha kwimakaza umuco nyarwanda nko gutarama no guhiga, agafasha mu kumenyekanisha u Rwanda mu maserukiramuco mpuzamahanga yitabira ndetse agafasha n'abayagize kwiteza imbere.

e) Itorero ndangamuco rigaragariza he ibihangano byaryo?

Itorero ndangamuco rigaragariza ibihangano byaryo mu bitaramo, mu maserukiramuco, kuri radiyo no kuri tereviziyo.

f) Kumenya imibereho y'abakurambere byamarira iki urubyiruko?

Kumenya imibereho y'abakurambere bituma urubyiruko rutibagirwa amateka n'umuco by'ighugu maze rukagira imyitwarire n'indangagaciro zikwiye kuranga umuntu w'inyangamugayo.

g) Urabona byagenda bite Itorero ry' Ighugu ridakoze inshingano zaryo uko bikwiye?

Mu gihe Itorero ry Ighugu ryateshuka ku nshingano byatuma umuco wacu utakara ukamirwa n'uwanamahanga maze indangagaciro z'umuco wacu zikaducika tugasigara tumeze nk'abatazi iyo bava n'iyo bajya.

Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 17)

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko amaze gusoma no kuwumva, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gutahura ingingo z'ingenzi zigize umwandiko no gukora inshamake y'umwandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amashusho ajyanye n'umwandiko, inkoranyamagambo.

1. Isubiramo:

*Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka mu isomo bameruka kwiga.
Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka bize mu isomo riheruka.*

2. Gusoma umwandiko

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda. Baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyltsa; nibarangiza batahure ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko banakore inshamake yaho bakurikije amabwiriza bahawe hanyuma baze guhuriza ku kibaho ibyo bagezeho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.

Urugero rw'ibyava mu matsinda:

a) Ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko

- Icyo Itorero ry'Ighugu rigamije n'icyo abaryitabira bigiramo.
- Akamaro k'Itorero ry'Ighugu mu kwimakaza indangagaciro nyarwanda na kirazira.
- Akamaro k'amatorero ndangamuco mu kwimakaza umuco nyarwanda yunganira Itorero ry'Ighugu.

b) Urugero rw'inshamake:

Itorero ry'Ighugu ni urwego rugamije gutoza Abanyarwanda uburere mboneragihugu, abaryitabira bakigiramo imyitwarire ituma baba inyangamugayo, bakarangwa n'ubutwari n'ibikorwa by'iterambere. Itorero ry'Ighugu kandi rifasha mu kwimakaza indangagaciro na kirazira bituma Umunyarwanda yihesha agaciro. Icyakora Itorero ry'Ighugu ntirikora ryonyine mu kwimakaza umuco nyarwanda kuko hari n'andi matorero ndangamuco akoresha ibitaramo by'indirimbo n'imbyino agamije kwimakaza umuco nyarwanda, kumenyekanisha Ighugu no guteza imbere abayagize.

Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 18)

Intego zihariye:

Ahereye ku nsangamatsiko yahawe, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gutanga igitekerezo ke ashyigikira cyangwa avuguruza iby'abandi akurikije inyurabwenge kandi yubaha abandi mu gufata ijambo.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, insanganyamatsiko yatanzwe.

1. Isubiramo:

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma.

Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

2. Gusoma umwandiko

Abanyeshuri baragenda basoma umwandiko umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo, iyitsa n'iserekaza.

3. Kujya impaka no kungurana ibitekerezo

Insanganyamatsiko:

Muhereye ku bivugwa mu mwandiko mumaze gusoma, nimutange ibitekerezo byanyu mugaragaza uko byagenda Abanyarwanda baramutse batitabiriye Itorero ry'Ighugu ntihabeho n'amatorero ndangamuco. Ni izihe ngaruka byagira ku muco nyarwanda no ku Banyarwanda ubwabo?

Umwarimu asaba umunyeshuri umwe gusoma insanganyamatsiko mu ijwi riranguruye. Hanyuma umwarimu akongera kuyisomera abanyeshuri abasaba kuyitekerezaho akanya, ndetse no kubaza ibibazo bituma barushaho kuyisobanukirwa neza.

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda, kugira ngo bakusanye ibitekerezo ku ngaruka zaterwa no kutitabira Itorero ry'Ighugu, no kuba hatariho amatorero ndangamuco. Abagenera igihe gikwiye mu matsinda kugira ngo babone n'umwanya wo kungurana ibitekerezo bose bari kumwe. Bahereye ku kamaro k'aya matorero kavugwa mu mwandiko, bashobora kugaragaza ingaruka ku muco, ku bukungu bw'ighugu, ku gaciro Umunyarwanda yagira nk'umunyaghugu imbere y'abandi n'ibindi.

Icyo umwarimu yitaho ni ukureba uburyo abanyeshuri batanga ibitekerezo bakurikije inyurabwenge kandi hatsindagirwa ko ari ngombwa kwitabira Itorero ry'Ighugu n'andi matorero ndangamuco kubera akamaro kayo mu kwimakaza umuco nyarwanda, kumenyekanisha igihiyu, mu guteza imbere Abanyarwanda ndetse no mu kwiresha agaciro nk'Umunyarwanda.

Umukoro

Umwarimu ahereye ku bitekerezo abanyeshuri bunguranye n'uburyo bumvise akamaro amatorero yabagirira, arabakangurira kurema amatorero y'ababyinnyi n'indirimbo cyangwa kwitabira andi matorero asanzwe ariho.

Mu matsinda cyangwa se mwese hamwe mu ishuri nimuhange itorero ndangamuco ry'indirimbo n'imbyino, muge mwitoza mu mwanya ugenewe imikino n'imyidagaduro maze muzage museruka mu gihe k'ibirori ku ishuri ryanyu n'ahandi mwatumirwa.

Igice cya gatanu: Ikeshamvugo ku isekuru, ku ngobyi no ku rusyo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 18)

Intego zihariye:

Ahereye ku nteruro ziganjemo amagambo yabugenewe ku Isekuru, ku ngobyi no ku rusyo, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gutahura, gukoresha amagambo yabugenewe kuri ibyo bikoresho no gusobanura impamvu y'ijo mvugo yabugenewe.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, ikibonezamvugo, ibyuma bigaragaza, amashusho yerekana urusyo, isekuru n'ingobyi.

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu arereka abanyeshuri amashusho y'ibi bikoresho: urusyo, isekuru n'ingobyi maze ababaze niba bazi ibyo bikoresho n'akamaro kabyo.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

- a) **Ibi bikoresho mubona ku mashusho mwari musanzwe mubizi?**

Hari abashobora kuba batarabibona. Umwarimu asaba ababizi kubivuga no kuvuga icyo bikozemo.

- b) **Ese biracyakoreshwa muri iki gihe?**

Muri iki gihe biracyakoreshwa usibye ko hari n'ibindi bya kizungu bitabaza.

- c) **Ese bimara iki?**

Ingobyi bayihemamo umwana, urusyo rwifashishwa mu gusya ibinyampeke, isekuru yifashishwa mu gusekura ubunyobwa, imyumbati, isombe n'ibindi.

2. Isesengura

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma agace k'umwandiko kari mu gitabo cyabo maze akabasaba gusubiza ibibazo bikurikiyeho.

Nimusome aka gace k'umwandiko maze mutahure imvugo iboneye ikoreshwa ku isekuru, ingobyi n'urusyo.

Mu muco nyawanda, hari ibikoresho bubahaga cyane kubera akamaro byari bibafitiye maze babisshakira imvugo yabugenewe. Icyu mbere bubahaga ni ingobyi umubyeyi yahekagamo umwana. Ingobyi zabaga zikannye mu mpu z'intama mu gihe iz'ubu ziba zikoze mu myenda cyangwa mu budodo. Hari n'ingobyi iheka abarwayi ikozwe mu migano, igahekwa n'abantu bane. Nta washoboraga rero kuvuga ngo agiye **kugura** ingobyi. Bavugaga ko ari **ukuyikosha**. Ingombyi kandi **ntimeswa** ahubwo **irahanagurwa** kuko kumesa ingobyi ni igitutsi. Ingobyi kandi **ntibayijugunya** yashaje ahubwo **barayishyingura** yakuze.

Ibindi bikoresho bubahaga ni urusyo n'isekuru. Kubigura ni **ukubikosha**. Urusyo ntibavuga ngo **rwamenetse** babyita **gusandara**. Isekuru na yo yarubahwaga kuko ari yo yifashishwaga cyane mu gutegura ibiribwa. **Ntibazwa, iraramvurwa, ntimeneka iraribora, ntisaza irakura**. Ayo ni amwe mu magambo yabugenewe akoreshwu kuri ibyo bikoresho. Namwe mwihatire kumenya ayandi kugira ngo mutazatatira umuco wacu.

Ibibazo byo gusubiza:

- a) **Nimutahure imvugo isanzwe n'imvugo yabugenewe ikoreshwa ku ngobyi, isekuru n'urusyo maze mubyuzuze mu mbonerahamwe ikurikira:**

Imvugo isanzwe	Imvugo ikoreshwa ku ngobyi, isekuru n'urusyo
1. Kugura ingobyi	Gukosha ingobyi
2. Kumesa ingobyi	Guhanagura ingobyi
3. Kujugunya ingobyi	Gushyingura ingobyi
4. Kugura urusyo, isekuru	Gukosha isekuru, urusyo
5. Kumeneke k'urusyo	Gusandara
6. Kubaza isekuru	Kuramvura
7. Kumeneke kw'isekuru	Kuribora
8. Gusaza kw'isekuru	Gukura

- b) **Musanga ari iyihe mpamu biriya bikoresho bigenerwa imvugo yihariye?**
Ni ukubera akamaro bifite mu buzima bwa buri munsi n'agaciro babiha.

3. Inshoza y'ikeshamvugo

Ikeshamvugo ni ubuhanga bukoreshwa mu kuvuga imvugo yabugenewe mu Kinyarwanda, imvugo yuje ikinyabupfura, ifite inganzo kandi ivugitse ku buryo bunoze. Ikeshamvugo ni imvugo ikoreshwa mu guha agaciro umuntu ikintu iki n'iki bitewe n'akamaro gifite mu muco w'Abanyarwanda, bityo hakirindwa gukoreshwa izina ryacyo mu buryo bukocamye. Ikeshamvugo rigizwe ahanini

n'itakamvugo yiyongeraho injyana y'igishaka kuvugwa, rikaba rifasha umuntu kudapfa kuvuga ijambo iryo ari ryo ryose aho abonye hose. Mu ikeshamvugo ni ho habonekamo imvugo z'ubwoko butatu, ari zo: imvugo ihanitse, imvugo ikocamye n'imvugo isanzwe. Mu ikeshamvugo ni ho hakoreshwa ijambo «Ntibavuga, Bavuga».

a) Amagambo yabugenewe ku isekuru

Ntibavuga	Bavuga
Kumanikwa	Kujishwa
Guturwa	Kururutswa
Gusaza	Gukura
Kwikorerwa	Kuremererwa
Kumeneka	Kuribora
Kubazwa	Kuramvurwa
Igitu basekurisha	Umuhini

b) Amagambo yabugenewe ku ngobyi

Ntibavuga	Bavuga
Kuyigura	Kuyikosha
Kuyimesa	Kuyihanagura
Gusaza	Gukura
Kuyibika ishaje	Kuyishyingura

c) Amagambo yabugenewe ku rusyo

Ntibavuga	Bavuga
Amasaka arunze ku rusyo	Itsinda
Gutangira gusya	Kwanzika
Kurangiza gusya	Kwanzura
Ibuye baseraho	Urusyo
Ibuye bashesha	Ingasire
Kudonda urusyo	Kurukoma
Ibuye bakomesha urusyo	Intosho
Gutega urusyo ngo rudatumba	Kurushyigikira

Umushishi cyangwa agashinge bahanaguza urusyo	Umwanzuzo
Kugura urusyo	Gukosha urusyo
Kumeneka k'urusyo	Gusandara
Gusaza	Gukura
Ifu inoze cyane	Inono
Kwigizayo ifu basya	Gukoma ifu

Imyitoto

Nyuma y'isomo umwarimu aha abanyeshuri imyitoto kugira ngo asuzume ko intego z'isomo zagezweho. Abaha igihe cyo kuyikora cyarangira bagakosorera hamwe ku kibaho, ibisubizo bikandikwa mu makaye yabo y'imyitoto.

- a) **Muri aka kandiko simbuza imvugo itanoze imvugo yabugenewe ikoreshwa ku isekuru, ingobyi n'urusyo.**

Kera Abanyawanda bari bafite ibikoresho bya Kinyarwanda byabafashaga mu mibereho yabo ya buri munsi, birimo ingobyi, isekuru n'urusyo.

Duhereye ku ngobyi bahekagamo abana, yari igikoresho cyubashywe na buri wese. Nta wahekaga mu ruhu rw'ihene cyaraziraga, bahekaga mu ruhu rw'intama. Uwabaga adatunze intama, iyo yabyaraga yajyaga **kugura(gukosha)** ingobyi mu batunzi. Yabaga ikomeye ku buryo yayihekagamo abana benshi mbere yo **kuyijugunya(kuyishyingura)**. Ingobyi kandi yagirirwaga isuku, **ikameswa(igahanagurwa)**, kandi igasigwa amavuta kugira ngo yorohe. Ingobyi yahekaga abarwayi na yo yarubahwaga. Yakoreshwagaho amagambo yebugenewe nk'uko ihekewamo abana iyakoreshwaho.

Iyo umubyeyi yabaga yabyaye, abandi babyeyi bazaga kumushygikira bakamusera ifu yo gushigishamo igikoma. Ifu bayisyaga **ku ibuye rinini (ku rusyo)**, bakoresheje **amabuye mato(ingasire)**. Babanzaga **guhonda(gukoma)** urusyo, barangiza **bakarutereka ku mabuye(bakarushygikira)** hanyuma bagashyiraho **ibyo gusya(itsinda)**, bagatangira **bagasya(bakanzika)**.

Iyo babaga barangije gusya, **bakuragaho ifu(gukoma ifu)** bakoresheje **utwatsi(umwanzuzo)**.

Isekuru yo bayifashishaga mu gusekura amasaka n'uburo kugira ngo biveho umurama. Isekuru **zabazwaga(zaramvurwaga)** mu biti by'imivumu. Udashoboye **kuyibaza (kuyiramvura)yarayiguraga(yarayikoshaga)**. Mu **gusaza(gukura)** kw'isekuru yaratobokaga cyangwa **igasaduka (yarariboraga)**.

Ibi rero byari ibikoresho bya Kinyarwanda Abanyarwanda bikoreraga. Kuri ubu byasimbuwe n'ibya kizungu, ariko isekuru yo na n'ubu iracyakoreshwa.

- b) **Agakino ko kwimenyereza gukoresha imvugo iboneye: Ndavuga mu mvugo isanzwe wowe uvuge mu mvugo iboneye:**

Kugura ingobyi: Kuyikosha
Kumesa ingobyi: Kuyihanagura
Isekuru yasadutse: Yariboye
Abasyi batangiye gusya: Kwanzika
Ndi guhonda urusyo: Gukoma urusyo
Mpa ako kabuye bashesha: Ingasire
Iyi ngobyi irashaje: Irakuze
Uriya mugabo abaza amasekuru: Aramvura amasekuru
Tura iyo sekuru uyigurishe: Ururutsa iyo sekuru uyikoshe
Mpereza icyo gitu nisekurire ubunyobwa: Mpereza uwo muhini nisekurire ubunyobwa.

Umwandiko: Umurage n'izungura mu Rwanda

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 23)

Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 25)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bahawe, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusobanura amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro ziboneye.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amashusho ajyanye n'umwandiko, inkoranyamagambo.

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegerezza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.

Ingero z'ibibazo n'ibisubizo:

- Ni iki mubona ku mashusho?** Turi kuhabona abantu barimo umusaza n'abana bane.
- Murakeka ko umwandiko uza kuvuga ku ki?** Ku mubyeyi ugira abana be inama.

2. Gusoma

2.1. Gusoma bucece

Umwarimu asaba abanyeshuri kurambura ibitabo byabo ahari umwandiko «Umurage n'izungura mu Rwanda». Mbere y'uko batangira gusoma bucece,

umwarimu abasaba kudahwiwisa kuko byatuma batumva neza ibyo basoma no kutunamiriza mu gitabo kuko byabangiza amaso bikanabagoramisha urutirigongo. Iyo bamaze gusoma, ababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye koko.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

- a) **Muri uyu mwandiko haravugwamo ba nde?**
Haravugwamo umusaza n'abana be.
- b) **Muri uyu mwandiko ni yihe ngingo iri kuvugwamo?**
Haravugwamo umusaza wari urwaye agatumaho abana be ngo abahe umurage.
- c) **Umusaza uvugwa muri uyu mwandiko yakoze iki?**
Yabanje aha abana be impanuro, arangije abagabanya imitungo yari afite yose ndetse abaha n'umugisha.

2.2. Gusoma baranguruye

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma baranguruye umwumwe, igika ku kindi. Umwarimu agenzura ko basoma neza batarya amagambo, bubahiriza utwatuzo n'iyitsa akabakosora aho bibaye ngombwa.

3. Gusobanura umwandiko

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe amagambo afite ibisobanuro bahawe. Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.

Urugero rw'amagambo akomeye n'ibisobanuro bishoboka

Mukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko, nimwandukure amagambo ari mu ruhushya rw'ibumoso rw'iyi mbonerahamwe muyahuze n'ibisobanuro byayo biri mu ruhushya rw'iburyo mukoresheje akambi.

Kugera mu za bukuru	Ibantu nk'emyenda, ibyo kurya cyangwa amafaranga uwirukanwe ahabwa kugira ngo bizamufashe gusubira mu buzima kuko icyamutungaga kiba gikuweho.
Imperekeza	uwapfuye
Nyakwigendera	Gusaza.
Impanuro	Ibyo dusigirwa n'abakurambere bacu.
Umurage	Nuyitera ahantu hose izamere n'ubwo haba ari habi.
Nuyitera ku rutare izamere	Gukora ikintu kikaguhira umusaruro wifuzaga ntigihombe.
Gukora ikintu kikaguhira	Amagambo umuntu mukuru abwira umuto amugira inama ahereye ku byo yabonye mu buzima

Umwitoto w'inunguramagambo

Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitoto y'inunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.

Ibibazo n'ibisubizo by'imyitoto y'inunguramagambo:

Koresha mu nteruro yawe bwite amagambo akurikira:

- a) **Umunani:**
Kera umunani ukomeye umubyeyi yahaga umwana we wabaga ugizwe n'isambu.
- b) **Umurage:**
Umurage w'ababyeyi ni ikintu cyubahwa n'abo asize.
- c) **Impanuro:**
Urage wumva impanuro z'abakuru kuko baba barabonye byinshi.
- d) **Kugera mu za bukuru:**
Sogokuru ageze mu za bukuru, ntakibasha gutwara imodoka.

Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 26)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe no gusobanura bimwe mu bigize umuco nyarwanda bigaragara mu mwandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amashusho ajanye n'umwandiko, inkoranyamagambo.

1. Isubiramo

*Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko basomye.
Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.*

2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.
Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byawubajijweho, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.

Ibibazo ku mwandiko n'ibisubizo bishoboka

Nimusubize ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yanyu bwite:

- Kuki umurage w'imitungo, uyu musaza avuga ko nta gaciro ufite?**
Ni uko imitungo ari ubusa kuko uko iminsi igenda bizagenda bita agaciro hakagenda haza ibindi kuko iby'isi bigenda bihinduka uko bwije n'uko bukeye.
- Ni uwuhe murage ukomeye uyu musaza yasigiye abana be?**
Umurage ukomeye ni umurage w'urukundo, ubumwe, ubufatanye no gukunda umurimo.
- Ni iki kindi uyu musaza yahaye abana be kivugwa muri uyu mwandiko?**
Buri mwana uyu musaza yagiye amuha umugisha.
- Kuri wowe usanga umurage umusaza yahaye abana be ufite akahe gaciro uwugereranyije n'umutungo w'ibintu?**
Umurage umusaza yahaye abana be ufite agaciro kanini cyane kuko uruta ibantu. Ibantu ni ibishakwa, uko iterambere riza bigenda bita agaciro hakurikijwe ibigezweho, nyamara urukundo, ubumwe, gukunda umurimo byo ntibitakaza agaciro. Ahubwo bituma abantu babana neza, bagatunga bagatunganirwa.

- e) **Umwana ubara iyi nkuru avuga ko uyu murage wamumariye iki?**
Avuga ko uyu murage wamugiriye akamaro kuko icyo yakoze cyose yagikoranaga ikizere kandi kikamuhira.
- f) **Ni ayahe magambo y'umuntu w'umuuhanga urimo kuvugwa muri uyu mwandiko?**
Umuhanga uvugwa muri uyu mwandiko yavuze ko umurage uruta iyindi dushobora gusigira abana bacu n'abadukomakaho bose atari uw'amafaranga cyangwa ubundi butunzi twarundanije ahubwo ari umurage w'imico myiza n'ukwemera batwigiye.
- g) **Ni ibiki biranga umuco nyarwanda bigaragara mu mwandiko? Aha umwarimu areba niba ibyo abanyeshuri barondora aribyo koko.** Urugero: impanuro z'ababyeyi, umurage,...

Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 26)

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko amaze gusoma no kumva, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gutahura ingingo z'ingenzi zigize umwandiko no gukora inshamake yawo.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri.

1. Isubiramo:

*Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku isomo riheruka.
Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.*

2. Gusoma umwandiko

Umwarimu arasoma umwandiko cyangwa ahitemo abanyeshuri bawusome bubahiriza utwatuzo n'iyltsa, umwumwe igika ku kindi, nibarangiza abashyire mu matsinda.

Mu matsinda baratahura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko banasubize ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko hanyuma bagende bahuriza ku kibaho ibyo bagezeho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.

Urugero rw'ibyava mu matsinda:

a) Ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko

- Umusaza w'umupfakazi amaze kuremba yatumijeho abana be ngo abahe umurage.
- Umurage yahaye abana be ugizwe n'imitungo, impanuro n'umugisha.

- Ikigereranyo hagati y'umurage w'imitungo n'indangagaciro z'urukundo n'ubufatanye.
 - Umurage w'agaciro ababyeyi bakwiye gusigira abana.
- b) **Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?**
 Isomo nkuye muri uyu mwandiko ni uko ibantu ari ibishakwa bidasumbya agaciro imico myiza irangwa n'urukundo, ubufatanye no gukunda umurimo. Dukwiye kwirinda kwizirika ku bantu ahubwo tukabana neza n'abandi kuko ari byo bifite agaciro k'ibenze..
- c) **Ni izihe ngero z'umuco nyarwanda ziri kuvugwa mu mwandiko?**
 Gutanga umurage, ubufatanye, indangagaciro.

Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 26)

Intego zihariye:

Ahereye ku nsangamatsiko yahawe, nyuma y'iki gice umunyeshuri arabा ashobora gutanga ibitekerezo bye yubahiriza inyurabwenge ashyigikira cyangwa avuguruza ibitekerezo by'abandi.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, insanganyamatsiko yatanzwe.

1. Isubiramo:

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma.

Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku mwandiko mu isomo riheruka.

2. Gusoma umwandiko

Abanyeshuri baragenda basoma umwandiko umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

3. Kujya impaka no kungurana ibitekerezo

Insanganyamatsiko:

Mu muco nyarwanda abakobwa ntibahabwaga umunani nka basaza babo bava inda imwe. Hari abantu bakiyumvisha ko abakobwa badakwiye guhabwa umunani no kuzungura ababyeyi babo kimwe n'abahungu. Mwebwe mubitekerezaho iki?

Umwarimu asaba umunyeshuri umwe gusoma insanganyamatsiko mu ijwi riranguruye. Hanyuma umwarimu akongera kuyisomera abanyeshuri abasaba kuyitekerezaho akanya ndetse no kubaza ibibazo bituma barushaho kuyisobanukirwa neza.

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda kugira ngo bakusanye ibitekerezo ku mpamvu zituma hari abatariyumvisha ko abakobwa na bo bakwiye guhabwa umunani ndetse bakanazungura ababyeyi babo. Baragenda bagereranya uko kera byari bimeze n'uko bimeze ubu. Umwarimu arabagenera igihe gikwiye mu matsinda kugira ngo babone n'umwanya wo kungurana ibitekerezo bose bari kumwe. Bahereye ku mpanuro umubyeyi yatanze avuga ko ibintu bigendabihinduka ndetse bigatakaza n'agaciro, bashobora kugaragaza impamvu abana bose bangana, ko umurage utagomba gushingira ku ivangura ry'ibitsina, ko gufata abana bose kimwe bishobora kuba igisubizo ku makimbirane usanga ashingiye ku izungura n'umunani.

Icyo umwarimu yitaho ni ukureba uburyo abanyeshuri batanga ibitekerezo bakurijke inyurabwenge kandi hatsindagirwa ko ari ngombwa kuringaniza abana mu bijyanye n'izungura n'umurage.

Inkuru yo mu Kinyamakuru:Tutitonze umuco wacu waducika

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 27)

Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 29)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bahawe, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusobanura amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro ziboneye.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amashusho ajyanye n'umwandiko, inkoranyamagambo.

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegerezza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.

Ingero z'ibibazo n'ibisubizo:

- Ni iki mubona ku mashusho?** Turi kuhabona umukobwa ufite kamera, imbere ye hari abaturage.
- Murakeka ko umwandiko ukurikira uza kuvuga ku ki?** Turakeka ko umwandiko uza kuvuga ku kiganiro umunyamakuru yagiranye n'abaturage.

2. Gusoma

2.1. Gusoma bucece

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda, bakarambura ibitabo byabo ahari umwandiko «Tutitonze umuco wacu waducika». Mbere y'uko batangira gusoma bucece, umwarimu abasaba gusoma badahwihwisa kuko byatuma batumva neza ibyo basoma no kutunamiriza mu gitabo kuko byabangiza amaso bikanabagoramisha urutirigongo. Abagenera umwanya wo gusoma bucece, barangiza akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye koko.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

a) **Ni akahe kamaro k'iterambere kavugwa mu mwandiko?**

Iterambere rizana ibintu byinshi harimo ibyiza tugomba kwakira n'ibibi tugomba kwamagana.

b) **Kera umwana yarerwaga ate?**

Kera umwana yarererwaga mu muryango akagira umwanya wo kuganira n'ababyeyi, bagatarama kumugoroba.

c) **Kuri ubu bimeze bite se?**

Ubu abana basa n'aho birera ababyeyi ntibakibabonera umwanya ahubwo usanga hari ababaharira tereviziyo.

2.2. Gusoma baranguruye

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma baranguruye umwumwe, igika ku kindi. Umwarimu agenzura ko basoma neza batarya amagambo, bubahiriza utwatuzo n'iystsaka kabakosora aho bibaye ngombwa.

3. Gusobanura umwandiko

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe amagambo afite ibisobanuro bahawe. Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.

Urugero rw'amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko

Nimushake ibisobanuro by'amagambo akurikira muhereye ku buryo yakoreshejwe mu mwandiko:

1. **Uburere:** Inyigisho umwana ahabwa n'ababyeyi ndetse n'umuryango muri rusange. Uburere bwuzuzanya n'ubumenyi umwana ahabwa mu mashuri.
2. **Ubuvuke:** Uburyo umwana avukamo. *Imiterere y'aho avukira.*
3. **Idusatira:** Iza idusanga, itwegera.

Umwitoto w'innyunguramagambo

Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitoto y'innyunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.

- a) **Koresha aya magambo mu nteruro wihimbiye:**

Uburerere

Abana ba Kamana bagira ikinyabupfura, bahawe uburerere bwiza n'ababyeyi babo.

Ubuvuke

Babivuze ukuri ko uburerere buruta ubuvuke. Aho wavukira hose nta gaciro byakugirira ubuze uburerere.

- b) **Sobanura iyi migani yakoreshejwe mu mwandiko:**

Umwana apfa mu iterura: Umwana akura uko yarezwe. Iyo arezwe nabi akura nabi kandi kuko igit iigororwa kikiri igit, iyo umwana akuranye ingeso mbi, biragorana kuyimucaho. Uburerere abana batozwa bakiri bato, ingerero bahabwa bakiri bato ni byo bibagiraho ingaruka mbi cyangwa nziza mu buzima bwabo bwo mu gihe kizaza.

Uburerere buruta ubuvuke: Ntibihagije kuvukira ahantu heza ahubwo ik'ingenzi ni uburerere duhabwa. Iyo wavutse biba birangiye, uburerere ni bwo bugena icyo uzaba cyo, uwo uzaba we. Iyo uhawewe uburerere bwiza ukurana ikinyabupfura, ubutwari n'indi migenzo myiza. Naho iyo ubuze uburerere, ukurana ingeso mbi n'imyitwarire itaboneye bigatuma ugira ubuzima bubi.

Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 29)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amashusho ajyanye n'umwandiko n'inkoranyamagambo.

1. Isubiramo

*Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko basomye.
Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.*

2. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.

Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byawubajijweho, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosore bafatanyije n'umwarimu.

Ibibazo n'ibisubizo ku mwandiko

Nimusubize ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yanyu bwite.

a) **Ni iki kivugwa muri iyi nkuru?**

Haravugwamo akamaro k'uburere no gushishoza mu kwakira ibije byose biturutse mu mico y'ahandi.

b) **Umutwe w'inkuru ni uwuhe? Ubona hari aho uhuriye n'ibivugwamo? Gute?**

Umutwe w'inkuru ugira uti: «Tutitonze umuco wacu waducika». Uyu mutwe urahura neza n'ibivugwa kuko umwandiko urakangurira ababyeyi kwita ku burere bw'abana kugira ngo bashobore guhitamo ibyiza biva ahanti, bamaganira kure ibibi. Umwandiko urakangurira abana na bo kugira imyitwarire iboneye birinda kwasamira iby'ahandi no kubimira bunguri uko bije.

c) **Ni ayahe makuru ukuye muri uyu mwandiko? Wumva hari icyo akunguye?**
Iterambere rituzanira ibantu binyuranye byiza ndetse n'ibibi tugomba kwakira tugombye gushishoza tukabishungura.

d) **Hari ikinyamakuru waba warigeze gusoma? Kivuge unatubwire muri make inkuru wasomyemo.**

Hano abanyeshuri batanga ibisubizo binyuranye. Icyakora umwarimu agomba kureba ko bavuga ibinyamakuru bicuruzwa binyuze mu macapiro n'ibindi byo ku mbuga za murandasi. Aboneraho kubakangurira kwitabira umuco wo gusoma ariko no kugira ubushishozi mu byo basoma kuko ibyanditse byose ntibiba ari ihame.

e) **Ni ibihe binyamakuru bivuga ku bana cyangwa ku rubyiruko uzi?**

Hobe, Ni Nyampinga, ... (aha abanyeshuri bashobora no gutanga ingero z'ibindi binyamakuru byandikwa mu zindi ndimi).

f) **Ni ibiki wakunze mu byo umaze gusoma muri iyi nkuru?**

Ni agaciro k'uburere mu buzima bw'umuntu no gushungura ibiza byose bidusatira mbere yo kugira ibyo twimakaza.

Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 30)

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko amaze gusoma no kumva, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gutahura imiterere n'ubwoko bw'umwandiko ndetse n'itandukaniro riri hagati y'inkuru y'ikinyamakuru n'indi myandiko yize.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, ibinyamakuru binyuranye byanditse mu kinyarwanda.

1. Isubiramo:

*Umwarimu asaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka mu byo baherutse kwiga.
Abanyeshuri basubiza ibyo bize ku nkuru yo mu kinyamakuru baheruka kwiga.*

2. Isesengura

*Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma iriya nkuru yo mu kinyamakuru yitwa:
“Tutitonze umuco wacu waducika” nyuma akabasaba gusubiza ibibazo bikurikira mu matsinda:*

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Uyu mwandiko utandukaniye he n'iyindi myandiko uhereye ku buryo wanditse?

Wanditse mu mpushya zihagaze kandi ugaragaza izina ry'ikinyamakuru, inkuru yasohotsemo, itariki, ukwezi n'umwaka ndetse n'urupapuro iriho.

b) Haravugwamo iki?

Akamaro k'uburere mu kubungabunga umuco nyarwanda no mu gushishoza ibiva ahandi biza bisatira umuco wacu.

c) Ugamije iki?

Uyu mwandiko ugamije gutanga ibiterezo ku bintu biriho.

d) Muhereye ku bisubizo mumaze gutanga uyu mwandiko mwawita iki?

Ni inkuru yo mu kinyamakuru.

3. Inkuru yo mu kinyamakuru

Bamaze gusoma umwandiko wo mu kinyamakuru no kuwusesengura, umwarimu arifashisha ibinyamakuru binyuranye bicapye ndetse n'ibyo ku mbuga za murandasimu gihe bimushobokeye kugira ngo abanyeshuri bacengerwe koko n'imiterere yayo.

a) Inshoza y'inkuru yo mu kinyamakuru

Inkuru yo mu kinyamakuru ni inyandiko igamije kugeza ku bayisoma amakuru y'ibantu byabayeho cyangwa se igamije kunenga, gushima gusesengura no

kugaragariza abayisoma ikintu iki n'iki umunyamakuru aba yabonye akifuza kukigeza ku basomyi.

b) Imiterere y'inkuru yo mu kinyamakuru

- Igomba kugira umutwe utuma abantu bitabira kuyisoma.
- Igika cyayo cya mbere kivuga muri make ibigye kuvugwaho kihatira gusubiza ibibazo by'ingenzi bikurikira:
 - Ni nde uvugwa mu nkuru?
 - Ni iki cyabaye?
 - Hari ryari?
 - Hehe?
 - Byatewe n'iki?
 - Byagenze bite?
 - Bikorwa na ba nde?
 - Bari bangahe?
- Inkuru yo mu kinyamakuru iba yanditse mu mpushya zihagaze ziteganye.
- Amafoto agaragaza ibyabaye.
- Igaragaza kandi izina ry'ikinyamakuru yavuyemo, nomero y'ikinyamakuru, itariki cyasohokeyeho, urupapuro rw'ikinyamakuru, urwego inkuru irimo n'izina ry'uwanditse inkuru.

c) Ibyo uwandika inkuru yo mu kinyamakuru agomba kubahiriza

- Gukoresha ukuri no kukugenderaho.
- Kubahiriza uburenganzira bwo kumenya amakuru, guhabwa umwanya wo kwisobanura cyangwa kugira icyo bayavugaho.
- Gutangaza amakuru ufitiye gihamya yonyine.
- Kutivanga mu buzima bwite bw'umuntu.
- Kugira ibanga ry'akazi no kudatangaza uwifuje gutanga amakuru izina rye rikagirwa ibanga.
- Kudakoresha inzira zidaciye mu mucyo kugira ngo ugere cyangwa utangaze amakuru, amafoto, cyangwa inyandiko.
- Kuvuguruza inkuru yose yatangajwe nyuma bikaza kugaragara ko itari iy'ukuri.
- Kutiba iby'abandi, kubeshyera, kwandagaza, kurega umuntu, ni no kutagira igihembo cyangwa impano usaba cyangwa uhabwa ngo utangaze inkuru cyangwa uyisibe.
- Kutitiranya umurimo w'ubunyamakuru n'uwo kwamamaza.
- Kwirinda kubogama cyangwa gushyirwaho igititu icyo ari cyo cyose ukagoreka ukuri.

d) Ibyo umunyamakuru akwiye kumenya:

- Kumenya ubwoko butandukanye bw'inkuru.
- Kumenya uko abara inkuru ye.

- Kumenya gutondeka inkuru ahereye ku by'ingenzi.
- Mu makuru babanza kuvuga iby'ingenzi.

Aho inkuru y'ikinyamakuru itandukaniye n'inkuru y'ubuvanganzo ni uko inkuru yo mu kinyamakuru yo ihera ku byabaye ikabirondora nta gushyiramo amakabyankuru yakonona ukuri kw'ibivugwa.

Umwitoto:

Umwarimu aratanga umwitozo wo kwandika inkuru yo mu kinyamakuru nk'umukoro, abuhe igihe gihagije cyo kuyitegura. Arabaha uburenganzira bwo kwihitiramo inkuru bishakiye kandi ukorwe na buri wese ku giti ke.

Umwarimu yibutsa abanyeshuri imiterere y'inkuru yo mu kinyamakuru nk'uko babyize. Yabasaba kwandika ku kintu cyabayeho, bakakivuga uko bakibonye bagendeye ku bisabwa aho guhimba mu mutwe. Dore ikibazo yabaha uko cyaba giteye:

Andika inkuru yo mu kinyamakuru itarengeje impapuro ebyiri, ugendeye ku miterere yayo. Ubare inkuru y'ibantu wahagazeho wowe ubwawe cyangwa wabwiwe n'undi muntu wumva wageza ku bandi.

Umwarimu azabaha igihe gihagije, asabe abanyeshuri gukosorana maze mu matsinda bahitemo inkuru eshanu nziza gusumbya izindi zisomerwe abanyeshuri bose, bavuge icyo bazishima n'ubugororangingo zakorerwa kugira ngo zishobore kurushaho kuba nziza.

Mu guhitamo inkuru nziza hashingirwa ku kubahiriza ibisabwa, ireme ry'ibitekerezo n'injurabwenge.

Igice cya kane: Imikoreshereze y'inyuguti nkuru

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 32)

Intego zihariye:

Ahereye ku nkuru iri mu gitabo ikubiyemo imwe mu mikoreshereze y'inyuguti nkuru, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gusobanura imikoreshereze y'inyuguti nkuru.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo, inyandiko ikubiyemo amabwiriza y'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma inkuru yitwa “**Iserukiramuco Nyafurika ry'Imbyino**” iri mu gitabo cyabo.

Iserukiramuco Nyafurika ry'Imbyino, ku nshuro yaryo ya munani ryabereye mu Rwanda mu mwaka wa 2013, aho ryaranzwe n'imbyino zo mu mico

itandukanye yo mu bihugu birenga ikenda byo muri Afurika, n'u Rwanda rurimo. Iki gikorwa cyabereye i Remera. Mu mbyino zo mu mico gakondo yo hirya no hino muri Afurika, u Rwanda rwahagarariwe n'itorero Urukereze. Ababyinnyi baryo baje bitwaje uduseke, havamo inuma ziraguruka ubwo badupfunduraga. Hari kandi itorero ry'abana bakiri bato bari mu kigero k'emyaka hagati ya cumi n'ibiru na cumi n'umunani ryitwa "Imena," na bo bagaragaje ubuhanga mu mbyino zo mu muco nyarwanda.

Umurishyo w'ingoma zo mu gihugu cy'u Burundi na wo washimishiye abatari bake, kimwe n'imbyino zo mu itorero ryo mu gihugu cya Misiri aho usanga abakobwa bazunguza amayunguyungu naho abahungu bakikaraga.

Iri Serukiramuco Nyafurika ry'Imbyino ryazengurutse no mu yindi migi itandukanye yo mu Gihugu nka Karongi, Rwamagana, Huye na Musanze.

2. Isesengura

Bamaze gusoma aka gakuru, umwarimu asaba abanyeshuri gusoma izi nteruro no gusubiza ibibazo bikurikira:

Soma izi nteruro maze utahure aho inyuguti nkuru zagiye zikoreshwa:

- a) Iserukiramuco Nyafurika ry'Imbyino.
- b) U Rwanda rwahagarariwe n'itorero Urukereze.
- c) Imigi itandukanye yo mu Gihugu nka Karongi, Rwamagana, Huye na Musanze.

Igisubizo: Inyuguti nkuru zagiye zikoreshwa ku nyuguti itangira interuro, ku nyuguti itangira amazina bwite y'igihugu n'imigi (Rwanda, Karongi, Musanze, Rwamagana, Huye) ndetse no ku mazina aranga amashyirahamwe (Urukereze n'Iserukiramuco Nyafurika ry'Imbyino).

3. Imikoreshereze y'inyuguti nkuru

Inyuguti nkuru ikoreshwa aha hakurikira:

- a) **Mu ntangiriro y'interuro**

Ingero:

Umuco ni uburyo bwo gutekereza no kubaho kwa buri muntu ku giti ke n'ukwa buri mbaga y'abatuye isi. Umuco ugizwe n'ibyiza byose bituma umuntu abaho kandi akamererwa neza.

- b) **Inyuma y'akabago, akabazo n'agatangaro.**

Ingero:

Ni nde utazi ibyiza byo kubana mu mahoro? Keretse utarabona intambara. Intambara ni mbi, irasenya, ikica, igatera inzara. Nimuharanire amahoro aho muri hose.

Mbega umwana mwiza! Areba neza.

- c) **Nyuma ya “ati, atya, atyo, ngo” bikurikiwe n’utubago tubiri.**

Urugero:

Baratubwiye bati: “Mwige mushyizeho umwete mutazatsindwa.”

- d) **Ku mazina bwite aho yanditse hose.**

Ingero: Ndahayo, Murekatete, Nyabarongo, Sine, Kigali, Nyamasheke,

- e) **Ku nyuguti itangira:**

- Imibare iranga iminsi
Ku wa Mbere, ku wa Kabiri, ku Cyumweru ...
- Amazina y’amezi
Ingero: Nzeri, Ukwakira, Ugushyingo, Mutarama ...
- Ibihe by’umwaka mu Kinyarwanda
Ingero: Umuhindo, Urugaryi, Itumba, Iki.

- f) **Ku nyuguti itangira amazina y’imirimo, ay’inzego z’imirimo n’ay’amashyirahamwe.**

Ingero:

- Minisitiri, Umuhuzabikowa w’Umurenge, Umuyobozi w’Akagari.
- Ishyirahamwe Abaticumugambi, Koperative Abadacogora, Itorero Urukereza...

- g) **Ku nyuguti itangira:**

- Amazina y’impamyabushoboz:
Ingero: Dogiteri Ndindabaganizi Aloyizi avura neza.
- Amazina y’ubwenegihugu
Ingero: Abanyarwanda n’Abanyekongo barahahirana.
- Amazina y’icyubahiro:
Ingero: Nyakubahwa Minisitiri w’Uburezi.
- Amazina y’inzego z’ubutegetsi:
Ingero: Dutuye mu Ntara y’Amajyaruguru, Akarere ka Musanze, Umurenge wa Cyuve.
- Amazina y’ubwoko:
Ingero: Abega, Abashambo, Abasinga,...
- Amazina y’indimi:
Ingero: Ikinyarwandanda n’Ikigande bifite aho bihuriye?
- Amazina y’ibikorwa byamamaye mu mateka:
Urugero: Intambara ya Mbere y’Isi Yose yageze no mu Rwanda.

- h) Ku nyuguti itangira ijambo “igihugu” iyo rivuga u Rwanda:

Urugero: Ibendera ry’Igihugu.

- i) Ku nyuguti itangira izina ry’inyandiko cyangwa ry’igitabo.

Urugero: “Isiha rusahuzi”

- i) Ku nyuguti itangira izina ry’ikinyamakuru

Ingero:

Hobe ni akanyamakuru k'abana

Imvaho Nshya isomwa n'Abanyarwanda benshi.

- k) Izina bwite ritari iry'idini n'irindi rifatwa nka ryo, ryandikwa mu nyuguti nkuru ryose iyo riri ku ntangiriro no ku mpera y'inyandindiko nk'ibaruwa cyangwa amasezerano, n'iyo riri mu rutonde rw'amazina y'abandi bantu.

Urugero: NDINDABAGANIZI Aloyizi.

Nyamara ryandikwa mu nyuguti nto uretse inyuguti iritangira, iyo riri mu mwandiko rwagati.

Urugero: Umbwirire Ndindabaganizi Aloyizi ko mutashya cyane.

Umwitoto:

Nyuma y'isomo umwarimu aha abanyeshuri imyitoto kugira ngo asuzume ko intego y'isomo zagezweho. Abaha igihe cyo kuyikora cyarangira bagakosorera hamwe ku kibaho, ibisubizo bikandikwa mu makaye yabo y'imyitoto.

Kosora interuro zikurikira ukurikiza imikoreshereze y'inyuguti nkuru:

- Mukamana ni umunyamuryango wa koperative abaticumugambi.
- Mu Ruganda rw'Umuceri rwa kabuye bagira abakozi benshi.
- ngomba kwirinda Ingengabitekerezo ya Jenosite, nkunda bagenzi bange nk'uko nikunda.
- Ibinyobwa Bitujuje Ubuziranenge tugomba Kubyamagana tugashishikariza bose kubirwanya kuko bidutera indwara.

Ikosora:

- Mukamana ni umunyamuryango wa Koperative Abaticumugambi.
- Mu ruganda rw'umuceri rwa Kabuye bagira abakozi benshi.
- Ngomba kwirinda ingengabitekerezo ya jenoside, nkunda bagenzi bange nk'uko nikunda.
- Ibinyobwa bitujuje ubuziranenge tugomba kubyamagana tugashishikariza bose kubirwanya kuko bidutera indwara.

Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa mbere

Mfashe ko:

- Kuganira n'ababyeyi bituma tumenza umuco.
- Ikinyazina ngenera ngenga kerekana utunze n'icyo atunze.
Urugero: Kalisa ari mu modoka ye.
- Ubukwe bwa kinyarwanda bufite imigenzo myinshi myiza nko kwakira abashyitsi, gusaba umugen, guherekeza umugen, ubusabane...
- Ikinyazina mpamagazi gituma igihamagawe cyumva ko bashaka ko kiza cyangwa se ko gitega amatwi.

Urugero: **Wa** mwana we, kurikira.

- Itorero ry'Igihugu n'amatorero ndangamuco atuma umuco udacika.
- Hari amagambo yabugenewe ku isekuru no ku rusyo kubera ko ibi bikoresho byubashywe mu muco w'Abanyarwanda.
- Abahungu n'abakobwa bafite uburenganzira bungana mu izungura mu Rwanda.
- Inkuru yo mu kinyamakuru ifite uturango twayo ari two: izina ry'ikinyamakuru yavuyemo, nomero y'ikinyamakuru, itariki gisohockeyho, urupapuro rw'ikinyamakuru, urwego inkuru irimo n'izina ry'uwanditse inkuru no kuba yanditse mu mpushya zihagaze ziteganye.
- Hari amagambo yandikishwa inyuguti nkuru. Muri yo twavuga nk'amazina bwite, inyuguti itangira interuro...

Ibibazo n'ibisubizo by' isuzuma risoza umutwe wa mbere

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 36)

Ibigenderwaho mu isuzuma

- Ubushobozi bwo gusesengura imyandiko ijjanye no kubungabunga umuco nyarwanda.
- Ubushobozi bwo gusobanura ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina mpamagazi.
- Ubushobozi bwo gukoresha uko bikwiye amagambo yabugenewe ku isekuru, ku ngobyi no ku rusyo.
- Ubushobozi bwo guhangwa inkuru y'ikinyamakuru no gukoresha inyuguti nkuru ahabugenewe.

Umwandiko: Inkwavu mu bantu

I. Inyunguramagambo

1. **Shaka ibisobanuro by'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:**
 - a) **Gutashya:** Gushaka inkwi mu ishyamba.
 - b) **Bayikubise amaso:** Bayibonye.
 - c) **Kumwikuza:** Kumurya nyuma.
 - d) **Turarusimbutse:** Ntidupfuye.
2. **Uzurisha izi nteruro amagambo ukuye mu mwandiko:**
 - a) Abana bagiye **gutashya** mu ishyamba.
 - b) Buri munsi turya imbuto z'**amapapayi**.
 - c) Ntitugipfuye **turarusimbutse** icyago cyagiye.
3. **Koresha amagambo yabugenewe muri iyi nteruro:**
 - a) Umukobwa tuvukana yankijije impyisi yari igiye kundya.
Mushiki wange yankijije impyisi yari igiye kundya.

- b) Impyisi yari igiye kurya se wa data ararusimbuka.
Impyisi yari igiye kurya sogokuru ararusimbuka.
4. **Uzurisha mu nteruro aya magambo:** Naritaye, fata iya mbere, mwinejeje, amatsiko, murangwa.
- Banyeshuri muge **murangwa** n'isuku n'ikinyabupfura.
 - Ko mbona mwese **mwinejeje** nk'abatashye ubukwe?
 - Umuntu ugira **amatsiko** ahururira iteka ibintu byose.
 - Ngaho **fata iya mbere** abandi bagukurikire.
 - Humura **naritaye** mu gutwi.

II. Ibibazo byo kumva umwandiko n'ibisubizo bishoboka

1. Ni bande bavugwa mu mwandiko?

Mu mwandiko haravugwamo Bakame, Shema, Karabo, Warupyisi n'ababyeyi ba Shema.

2. Abana bakijijwe na nde?

Abana bakijijwe na Bakame.

3. Ni iki cyatumye Bihehe yemera gusohoka mu isenga?

Bakame yayisabye kubanza kuyifasha guca amapapayi mbere yo kurya abana.

4. Ni bande batumye inkwavu ziba mu bantu?

Ni abana. Ni Shema na Karabo

III Ibibazo ku ikeshamvugo

Kosora aho biri ngombwa ukoresha ijambo ryabugenewe:

- Mperezza iryo buye mpondeshe uru rusyo n'umushishi nduhanagure./ **Mperezza iyo ntoshonkome uru rusyo n'umwanzuro nduhanagure.**
- Yagiye kugura ibuye baseraho n'iryo basesha, kuko andi ashaje. /**Yagiye gukosha urusyo n'ingasire kuko ibindi bikuze.**
- Uwo mwana wikoreye isekuru, muyimture, murebe ko itamenetse, muyimanike ku rusika. / **Uwo mwana uremerewe isekuru muyimwururutse, murebe ko itariboye, muyijishe ku rusika.**
- Baje bikoreye isekuru ibajwe mu giti cy'umuvumu. /**Baje baremerewe isekuru yaramvuwe mu giti cy'umuvumu.**
- Isekuru imwe yari ishaje, ku buryo yamenetse batararangiza gusekura. / **Isekuru imwe yari ikuze, ku buryo yariboye batararangiza gusekura.**
- Iyi ngobyi irashaje muyijugunye mugure indi. / **Iyi ngobyi irakuze muyishyingure mukoshe indi.**

IV. Imikoreshereze y'ibinyazina

- Vuga uwoko bw'ibinyazina biciyeho akarongo.**
 - Ni iki mushaka kugura mwa bana mwe?
 - Wa nkoko we ndakugurisha.

- 3) Inka yange ikamwa litiro umunani ku munsi.
mwa na wa ni ibinyazina mpamagazi.
Yange ni ikinyazina ngenera ngenga.
- b) **Simbuza ikinyazina ngenera ngenga gikwiye amagambo aciyeho akarongo mu nteruro zikurikira:**
- 1) Nitwa Mutabaruka. Inka za Mutabaruka zororerwa mu biraro./ Inka zange zororerwa mu biraro.
 - 2) Yitwa Sezibera. Abana ba Sezibera biga mu mashuri abanza./ Abana be biga mu mashuri abanza.
 - 3) Imirima ya Rutebuka yararaye wagira ngo ntakiba mu rugo./Imirima ye yararaye wagira ngo ntakiba mu rugo.
 - 4) Inka za Karenzi na Semiharuro zisigaye ziba mu biraro./ Inka zabo zisigaye ziba mu biraro.

V. Imikoreshereze y'inyuguti nkuru

Kosora amakosa y'imyandikire ari muri aka gace k'umwandiko:

Abana be bamusabye ibikoresho by'ishuri; nuko abasubiza abuka inabi. nyina biramubabaza abwira umugabo we ati: “ubwo se ni uko wari ukwiriye gusubiza abana”? Nuko arahaguruka arikubita basigara bumiwe./ **Abana be bamusabye ibikoresho by'ishuri; nuko abasubiza abuka inabi.** Nyina biramubabaza abwira umugabo we ati: “Ubwo se ni uko wari ukwiriye gusubiza abana”? Nuko arahaguruka arikubita basigara bumiwe.

VI. Guhang'a

Andika inkuru yanyuzwa mu kinyamakuru wubahiriza imiterere y'inkuru yo mu kinyamakuru(nturenze ipaji 2).

Buri munyeshuri arategura inkuru ahereye ku nkuru yumvise cyangwa se yihagarariyeho we ubwe. Mu gukosora umwarimu arareba uko yubahirije ibisabwa ku miterere y'inkuru, uburyo akoresha inyuguti nkuru n'andi mategeko y'imyandikire n'ireme ry'ibitekerezo yatanze.

Imyitozo nzamurabushobozi

- *Umwarimu atahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri ahereye ku manota bagize mu isuzuma risoza umutwe akabashyira mu matsinda akurikije ingorane bafite.*
- *Umwarimu abaha imyitozo ikyanye n'ibyiciro byabo bakayikorera hamwe mu matsinda. Ku badafite ibibazo, umwarimu abaha imyitozo y'inyongera cyangwa akabasaba kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko nsanganyamasomo imyanzuro bafashe bakazayisangiza bagenzi babo batari kumwe. Iyi myitozo umwarimu ayitegura ashingiye ku bibazo abanyeshuri be bafite yibanda aho abanyeshuri be bagaragaje ubushobozi buke.*

Urugero rw'emyitozo n'ibisubizo:

1. **Kuki gutarama mu muryango ari byiza?** Ni byiza kuko tubitorezwamo umuco nyarwanda n'indangagaciro zaho kandi bikanagira akamaro ko kurangaza no kuruhuka.
2. **Tanga ingero eshatu z'interuro ikoresha ikinyazina ngenera ngenga.**

Urugero rw'ibisubizo bishoboka:

- Umwana **wange** afite ubuzima bwiza kuko arya ibiribwa bifite ubuziranenge.
 - Ibiti **byabo** birwanya isuri, ni ngombwa kubibungabunga.
 - Igiti **ke** kimufasha kurwanya isuri.
3. **Tanga ingero eshatu z'interuro ikoresha ikinyazina mpamagazi.**

Urugero rw'ibisubizo bishoboka:

Yewe **wa** mwana we ntugasuzugure abantu.

Mwa nkoko mwe, ko musakuza cyane?

Wa mukobwa we, ngushimiye uburyo wubaha abakuruta.

4. **Ca akarongo ku kinyazina ngenera ngenga kiri muri izi nteruro.**
 - a) Abakobwa bacu bakunda kwiga kimwe n'abahungu banyu.
 - b) Umoco w'ighugu ke utandukanye n'uwigugu cyange.

Ibisubizo: Abakobwa **bacu** bakunda kwiga kimwe n'abahungu **banyu**.

Umoco w'ighugu **ke** utandukanye n'uwigugu **cyange**.

5. **Andika ubwoko bw'ijambo riciyeho akarongo mu nteruro.**

Mwa nkoko mwe nimukomeza kwangiza ibishyimbo **bye** arabatera amabuye!

Ibisubizo: – Mwa: Ikinyazina mpamagazi.

– Bye: Ikinyazina ngenera ngenga.

6. **Vuga nibura ahantu hatatu hakoreswa inyuguti nkuru.**

Ibisubizo: Inyuguti nkuru ikoreshwa mu ntangiriro y'interuro, inyuma y'akabago, akabazo n'agatangaro, ku nyuguti itangira amazina y'amezi n'ay'iminsi...

7. Kosora izi nteruro uzandike neza.

- abanyarwanda twese dukomeye ku muco nyarwanda.
- ejo mutesi yakoresheje ubukwe; yozefu we azabukoresha mu kwezi k'ukuboza.

Ibisubizo:

- Abanyarwanda twese dukomeye ku muco nyarwanda.
- Ejo Mutesi yakoresheje ubukwe; Yozefu we azabukoresha mu kwezi k'Ukuboza.

8. Uzuza iyi mbonerahamwe

Ntibavuga	Bavuga
Kugura ingobyi	
	Guhanagura ingobyi
	Gusandaza urusyo
Kubaza isekuru	
Igit basekurisha	

Ntibavuga	Bavuga
Kugura ingobyi	Gukosha ingobyi
Kumesa ingobyi	Guhanagura ingobyi
Kumena urusyo	Gusandaza urusyo
Kubaza isekuru	Kuramvura isekuru
Igit basekurisha	Umuhini

Imyitozo nyagurabushobozi

- Vuga nibura ibibazo bitanu biranga inkuru y'ikinyamakuru. Nde? Iki? Ryari? He?, Gute?**
- Tegura inkuru washyira mu kanyamakuru k'abana ubasobanurira akamaro ko kurya no kunywa ibinyobwa byujuje ubuziranenge.**
Umwarimu areba niba inkuru abanyeshuri bahimbye zubahirije ibisabwa kandi ko basobanukiwe n'akamaro k'ubuziranenge, akabafasha kuzinonosora akanabasaba kubisobanurira bagenzi babo.

2

Ibidukikije

(Umubare w'amasomo:24)

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

- Gusesengura imyandiko ijyanye no gufata neza ibidukikije;
- Gusesengura ibiranga inshinga iri mu mbundo, ibiranga ikinyazina nyamubaro n'inshoberamahanga.

Ibisabwa: Umunyeshuri arakenera kuba azi:

- Gusoma neza yubahiriza utwatuzo n'iystsia.

Ingingo nsanganyamasomo ziri bwitabweho muri uyu mutwe:

Kubungabunga ibidukikije: Umwarimu afasha abanyeshuri gusobanukirwa n'akamaro ko kubungabunga ibidukikije kagaragara mu myandiko isesengurwa muri uyu mutwe.

Ubushobozi nsanganyamasomo:

- Ubuhangwa mu kuganira no gukoresha ururimi.
- Gukorera hamwe,
- Gutekereza ugashobora kujora ibitekerezo n'ibikorwa bitandukanye ntube nemeye iryo cyangwa nyamujya iyo bijya,
- Kwiygisha no gukomeza kwihugura nyuma yo kurangiza amashuri,
- Guhangwa udushya no kunoza imikorere,
- Ubushakashatsi no gukemura ibibazo,

Amagambo /ibitekerezo by'ingenzi:

- | | |
|---------------|--|
| • Ibidukikije | • Ibimera |
| • Inyamaswa | • Inzuzi |
| • Imigezi | • Ibiyaga |
| • Amasoko | • Amashyamba ya kimeza n'ay'amaterano. |

Amabwiriza ajyanye n'igikorwa k'ivumbura ry'ibigiye kwiga:

Abanyeshuri ubwabo ni bo bagomba kwivumburira ibyo bagiye kwiga, bahereye ku mashusho, ku kaganiro cyangwa udukino twatgeguwe mu ivumburamatsiko. Umwarimu agenda abayobora, ababaza ibibazo, kandi akabafasha kunonosora ibisubizo batanga ku buryo bibaganisha ku cyo bagiye kwiga.

Amabwiriza ajyanye n'uko abafite ibibazo byihariye baza kwitabwaho mu mutwe:

Umwarimu agomba gufasha abafite ubumuga gusobanukirwa kurushaho n'ibyo bari kwiga. Abatabona neza kimwe n'abatumva neza bagomba kwicazwa hafi kandi mu gihe bibaye ngombwa akabasobanurira akoresheje ururimi rw'amarenga. Abanyantegé nke na bo bagomba gushyirwa mu matsinda y'abasobanukirwa vuba kugira ngo babazamure, kandi umwarimu akabibandaho akababaza n'ubwo baba batateye urutoki kugira ngo basubize.

Ibyigwa bigize uyu mutwe n'umubare w'amasomo

Ikgwa	Umubare w'amasomo
Umwandiko: Twakoze urugendo shuri dusura imigezi, inzuzi n'ibiyaga by'u Rwanda	4
Ikinyazina nyamubaro	3
Umwandiko: Inyamaswa zo muri pariki	4
Inshoberamahanga	4
Umwandiko: Ubukerarungendo:Twasuye Pariki y'Akagera	4
Itondaguranshinga: Imbundo	3
Isuzuma	2
Amasomo arambuye	

Umwandiko: Twakoze urugendo shuri dusura imigezi, inzuzi n'ibiyaga by'u Rwanda

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 40)

Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 43)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bahawe, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusobanura amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro ziboneye.

Imfashanyigisho: Umwandiko ku bidukikije, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ikarita igaragaza ibiyaga, amashyamba n'inzuzi mu Rwanda, inkoranyamagambo n'ibindi bitabo byanditse mu kinyarwanda bidukikije.

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegerezwa amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezaho ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.

Ingero z'ibibazo n'ibisubizo:

- a) **Ni iki mubona ku mashusho?** Turi kuhabona imodoka, umwarimu n'abanyeshuri. Turabona kandi andi mashusho agaragaza imigezi n'ibiyaga.
- b) **Mwitegereje neza murabona aba bantu barimo gukora iki?** Turabona abanyeshuri barimo kujya mu modoka bigaragara ko bagiye mu rugendo.
- c) **Murakeka ko mu mwandiko haza kuvugwamo iki?** Turatekereza ko bagiye mu rugendo shuri gusura imigezi n'ibiyaga.

2. **Gusoma**

2.1. **Gusoma bucece**

Umwarimu asaba abanyeshuri kurambura ibitabo byabo ahari umwandiko «Twakoze urugendo shuri dusura inzuzi n'ibiyaga by'u Rwanda». Mbere y'uko batangira gusoma bucece, umwarimu abasaba kudahwihiwisa kuko byatuma batumva neza ibyo basoma no kutunamiriza mu gitabo kuko byabangiza amaso bikanabagoramisha urutirigongo. Iyo ibyo birangiye ababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye koko.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

- a) **Ni ibiki bivugwa muri uyu mwandiko?**
Haravugwamo abanyeshuri bakoze urugendo shuri bajya gusura inzuzi n'ibiyaga by'u Rwanda.
- b) **Uru rugendo aba banyeshuri kugira ngo barukore byagenze bite?**
Kugira ngo barukore byari igihembo cy'uko bitwaye neza bakajya bafatanya mu mikoro n'imirimo yo mu ishuri.
- c) **Ni uruhe ruzi runini ruvugwa muri uyu mwandiko?**
Ni uruzi rwa Nyabarongo.

2.2. **Gusoma baranguruye**

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma baranguruye umwumwe, igika ku kindi. Umwarimu agenzura ko basoma neza batarya amagambo, bubahiriza utwatuzo n'iyitsa akabakosora aho bibaye ngombwa.

3. **Gusobanura umwandiko**

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye. Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.

Urugero rw'amagambo akomeye:

Sobanura aya magambo ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:

Urugendo shuri: Urugendo(uruzinduko) abantu bakora ariko bagamije kwiga.

Guhuza umugambi: Kujya inama, gufata gahunda.

Gusakuma: Guhuza ibintu binyuranye.

Ikintu giteye amabengeza: Ikintu gisa neza.

Amazi meza y'urubogabogo: Amazi asa neza, atarimo imyanda, atagira ibara.

Inkengero: Inkuka z'umugezi cyangwa ikiyaga. Banakoresha iri jambo bashaka kuvuga ahegereye umuhanda cyangwa ikindi kintu.

Inkombe: Inkengero y'uruzi cyangwa ikiyaga.

Ibirwa: Ubutaka buri hagati mu mazi. Urugero: Ikirwa cya Nkombo cyangwa Ijwi mu kiyaga cya Kivu.

Umwitoto w'inunguramagambo

Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitoto y'inunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.

Koresha aya magambo mu nteruro yawe bwite ukurikije ibisobanuro byayo mu mwandiko:

a) **Urugendo shuri:**

Turitegura kujya mu rugendo shuri muri Pariki y'Akagera.

b) **Guhuza umugambi:**

Twafashe umugambi wo kuzajya gusura mugenzi wacu wagize ibyago mu biruhuko bitaha.

c) **Gusakuma:**

Isuri isakuma ubutaka bwiza ikaburoha mu migezi.

d) **Amazi y'urubogobogo:**

Uruzi rwa Nyabarongo ntirufite amazi y'urubogobogo kuko asa n'ay'ikinamba.

Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 44)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

Imfashanyigisho: Imfashanyigisho z'iyumvabona, ikarita igaragaza ibiyaga, amashyamba n'inzuzi by'u Rwanda, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

1. Isubiramo

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko bacheruka gusoma. Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko bacheruka kwiga.

2. Gusubiza ibibazo ku mwandiko

Mbere yo kujya mu matsinda, umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero cyangwa asabe umunyeshuri umwumwe gusoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kuwumva, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.

Ingero z'ibibazo n'ibisubizo ku mwandiko:

a) **Akamaro k'ibiyaga n'inzu ni akahe?**

Inzu ni'ibiyaga ni nk'ibigega by'amazi. Amazi yabyo afasha kuhira imyaka mu bishanga bibikijke. Bikoreswa kandi mu rwego rw'ubukerarugendo, biba birimo amafi n'ibindi.

b) **Andika nibura ahantu hane basuye.**

- Basuye uruzi rwa Nyabarongo
- Basuye ikiyaga cya Muhazi
- Basuye Pariki
- Basuye ibiyaga bya Mugesera, Cyohoha na Rweru basoreza urugendo rwabo ku Kanyaru.

c) **Urugendo shuri mwumva rumaze iki?**

Urugendo shuri rufasha mu guhuza ibyo abanyeshuri bize mu ishuri n'uko biteye nyakuri.

d) **Ni ibihe biyaga bivugwa muri uyu mwandiko? Biherereye hehe?**

Ni ikiyaga cya Muhazi. Kiri hagati y'uturere twa Gasabo, Gicumbi, Gatsibo na Rwamagana kigakomeza kikagera ku karere ka Kayonza. Basuye na Mugesera, Cyohoha na Rweru.

e) **Umwarimu yabasezeranyije iki?**

Yabasezeranyije ko ubutaha nibakomeza kwitwara neza bazasura ibiyaga n'inzuiri mu Ntara y'Amajyepfo, iy'Uburengerazuba n'Iyamajyaruguru.

f) **Mushatse gukora urugendo shuri ku ishuri ryanyu mwumva mwasura iki?**

Aha abanyeshuri batanga ibisubizo binyuranye bitewe n'ibibanezeza.

Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 44)

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko amaze gusoma no kumva, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gutahura ingingo z'ingenzi zigize umwandiko no gusubiza ibindi bibazo bijyanye no gusesengura umwandiko.

Imfashanyigisho: Umwandiko uvuga «Twakoze urugendo shuri dusura imigezi, inzuzi n'ibiyaga by'u Rwanda, imfashanyigisho z'iyumvabona, ikarita y'u Rwanda igaragaza ibidukukije, igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri.

1. Isubiramo:

*Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku isomo riheruka.
Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.*

2. Gusoma no gusesengura umwandiko

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda. Baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa; nibarangiza batahure ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko, basubize n'ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko hanyuma baze guhuriza ku kibaho ibyo bagezeho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.

Urugero rw'ibyava mu matsinda:

a) Ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko:

- Isezerano ry'umwarimu ko abanyeshuri nabitwara neza azabahemba gukora urugendo shuri.
- Uko abanyeshuri bakoranye umwete bakubahiriza ibyo basabwaga n'umwarimu.
- Urugendo shuri abanyeshuri bakoze bajya gusura ibyiza bitatse u Rwanda.
- Isezerano ry'umwarimu ko nibakomeza kwitwara neza ubutaha bazasura ibiyaga n'inzuzi biri mu Ntara y'Amajyepfo, iy'Iburengerazuba n'iy'Amajyaruguru.

b) Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?

Isomo nkuyemo ni uko igihe cyose iyo umunyeshuri yitwaye neza akubahiriza ibyo bamusabye nta kabuza atsinda amasomo ye neza kandi bishimisha abamurera na bo bakamwitura.

Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 44)

Intego zihariye:

Ahereye ku nsangamatsiko yahawe, nyuma y'iki gice umunyeshuri arab a shobora gutanga ibitekerezo bye no kujora iby'abandi ku kamaro k'imigezi, ibiyaga n'inzu. Arab a shobora kandi kuvugira mu ruhame.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri n'ibindi bitabo byanditswe mu Kinyarwanda ku kamaro k'ibidukikije.

1. Isubiramo:

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku mwandiko bameruka gusoma.

Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka mu mwandiko bameruka gusoma.

2. Kuanya impaka

Umwarimu asaba abanyeshuri kuanya mu matsinda anyuranye bagasoma ikibazo kigibwaho impaka baranguruye kugira ngo niba harimo abatabona bacyumve, aranabasaba kucyandika ku kibaho kugira ngo n'abatumva bagisome.

Ikibazo:

Ni akahe kamaro k'imigezi, ibiyaga n'inzu?

Umwarimu arasaba kukijyaho impaka bari mu matsinda abasabe kwishakamo umwe uwandika umwanzuro wa buri tsinda. Igihe yabahaye iyo kirangiye umwarimu abasaba guhuriza hamwe ibyavuye mu matsinda anyuranye akabafasha kunonosora umwanzuro ukandikwa ku kibaho.

Urugero rw'umwanzuro:

- Ibiyaga, imigezi n'inzu, ni intaho ya zimwe mu nyamaswa nk'impvubu, ingona,...
- Mu biyaga, imigezi n'inzu turobamo amafi turya.
- Ibiyaga, imigezi n'inzu bishobora gukoreshwa mu ngomero z'amashanyarazi,...

Igice cya gatanu: Ikinyazina nyamubaro

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 44)

Intego zihariye:

Ahereye ku nteruro ziganjemo ibinyazina nyamubaro, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gutahura ibinyazina nyamubaro no kubikoresha mu nteruro uko bikwiye.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, ikibonezamvugo, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho.

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma agace k'umwandiko "Uko dukwiye gukoresha igihe cyacu" akabasaba gutahura imiterere n'umumaro by'amagambo aciyeho akarongo.

Umwandiko: Uko dukwiye gukoresha igihe cyacu

Kugira ngo dutere imbere tugomba gukora kandi ibyo dukora byose tukabikora vuba. Dore dufite icyumweru k'iminsi irindwi. Jya rero ugabanya akazi kawe mu gihe maze uvuge uti: ibi nzabikora mu munsi **umwe**. Ibi nzaba nabigezeho mu minsi **ibiri**, biriya nzabirangiza mu minsi **itatu**. Dore ibyo nzakora mu minsi **ine**, naho biriya nzabikora mu minsi **itanu**, **itandatu**, cyangwa **irindwi**. Hari n'ibyo ushobora gukora mu minsi irenze iy'icyumweru nk'ibyo wakora mu minsi **umunani**, **ikenda**, **cumi n'ibiri**...

2. Isesengura

Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo. Ababaza ibibazo bibafasha kugaragaza imiterere y'amagambo aciyeho akarongo. Umwarimu abaza kandi abanyeshuri ibibazo bibafasha gutahura inshoza y'ikinyazina nyamubaro n'imikoreshereze yacyo.

Abanyeshuri basubiza ibibazo biri mu gitabo cyabo bituma bashobora kwivumburira icyo ikinyazina nyamubaro ari cyo.

Ibibazo n'ibisubizo byabyo:

- Amagambo aciyeho akarongo asobanura iki?** Asobanura umubare w'ibintu.
- Amagambo aciyeho akarongo afite uwuhe mumaro ku mazina aherekereje?** Agaragaza umubare.
- Muhereye ku miterere n'umumaro w' amagambo aciyeho akarongo mwayita iki?** Ibinyazina kuko bisobanura izina kandi bikisanisha na ryo.
- Muhereye ku buryo amagambo aciyeho akarongo yisanisha n'amazina aherekereje, mubona guhera ku "umunani" gusubiza hejuru yisanisha kimwe no kuva kuri rimwe kugera kuri karindwi?** Oya ahubwo usanga adahindura intego ngo yisanishe n'amazina ari kumwe na yo.

3. Inshoza y'ikinyazina nyamubaro

Ikinyazina nyamubaro ni ikinyazina kivuga umubare w'ibantu, birangwa n'amazina biherekeje. Kigizwe n'imibare kuva kuri rimwe kugera kuri karindwi kuko ari byo byisanisha mu nteko zitandukanye. Naho guhera ku "umunani" gusubiza hejuru si ibinyazina ahubwo ni amazina kuko bitisanisha n'amazina (amazina nyamubaro) biherekeje.

Tuvuga: Abantu umunani, inka umunani, ibiti umunani, abantu ikenda, amashuri ikenda...

Imbonerahamwe y'ikinyazina nyamubaro

Inteko + izina riyirimo	Igicumbi -mwe	Igicumbi -biri	Igicumbi -tatu	Igicumbi -ne	Igicumbi -tanu	Igicumbi -tandatu	Igicumbi -rindwi
Nt.1: Umwana	umwe	-	-	-	-	-	-
Nt.2: Abana	-	babiri	batatu	bane	batanu	batandatu	barindwi
Nt.3: Umutaka	umwe	-	-	-	-	-	-
Nt.4: Imitaka	-	ibiri	itatu	ine	itanu	itandatu	irindwi
Nt.5: Ishuri	rimwe	-	-	-	-	-	-
Nt.6: Amashuri	-	abiri	atatu	ane	atanu	atandatu	arindwi
Nt.7: Ikiyaga	kimwe	-	-	-	-	-	-
Nt.8: Ibiyaga	-	bibiri	bitatu	bine	bitanu	bitandatu	birindwi
Nt.9: Intebe	imwe	-	-	-	-	-	-
Nt.10: Intebe	-	ebyiri	eshatu	enye	eshanu	esheshatu	Zirindwi
Nt.11: Urugero	rumwe	-	-	-	-	-	-
Nt.12: Agakino	kamwe	-	-	-	-	-	-
Nt.13: Udukino	-	tubiri	dutatu	tune	dutanu	dutandatu	turindwi
Nt.14: Ubwato	bumwe	-	-	-	-	-	-
Nt.15: Ukuboko	kumwe	-	-	-	-	-	-
Nt.16: Ahantu	hamwe	-	-	-	-	-	-

Imyitozo:

Nyuma y'isomo umwarimu aha abanyeshuri imyitozo kugira ngo asuzume ko intego z'isomo zagezweho. Abaha igihe cyo kuyikora cyarangira bagakosorera hamwe ku kibaho, ibisubizo bikandikwa mu makaye yabo y'imyitozo.

1. Tanga ingero z'interuro ebyiri zirimo ikinyazina nyamubaro.
 - Mukamana yabaye uwa karindwi.
 - Uwa mbere kugeza ku wa gatanu ni bo bafata ibihembo.

2. Erekana ibinyazina nyamubaro muri izi nteruro:
- Kamana yakoye umugore we inka umunani: eshatu muri zo ni inyarwanda izindi eshanu zisigaye zikaba inzungu.
Ibinyazina nyamubaro ni: **eshatu, eshanu**.
 - Umwana we wa kabiri afite imyaka irindwi.
Ikinyazina nyamubaro ni: **kabiri, irindwi**.
 - Abanyeshuri makumyabiri na bane ni bo bashoboye gutsinda, batandatu baratsinzwe.
Ibinyazina nyamubaro ni: **bane, batandatu**.

Umwandiko: Inyamaswa zo muri pariki

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 47)

Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 49)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bahawe, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusobanura amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro ziboneye.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amashusho ajanye n'umwandiko ku nyamaswa, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho anyuranye y'ibiti, inyamaswa, inyonni ndetse nimirambi n'imisozi.

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegerezza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.

Ingero z'ibibazo n'ibisubizo:

- a) **Ni iki mubona ku mashusho ari mu gitabo cyanyu?** Turi kuhabona inyamaswa zitandukanye.
- b) **Ni izihe nyamaswa se mubona?** Intare, imbogo, imparage, inzovu, inyonni....
- c) **Muratekereza ko umwandiko ukurikira uza kuvuga ku ki?** Umwandiko uraza kuvuga ku byiza bitatse u Rwanda harimo inyamaswa zo muri pariki.

2. Gusoma

2.1. Gusoma bucece

Umwarimu asaba abanyeshuri kurambura ibitabo byabo ahari umwandiko «Inyamaswa zo muri pariki». Mbere y'uko batangira gusoma bucece, mwarimu abasaba kudahwihwisa kuko byatuma batumva neza ibyo basoma no kutunamiriza mu gitabo kuko byabangiza amaso bikanabagoramisha urutirigongo. Iyo ibyo birangiye ababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye koko.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

- a) **Ni ibiki bivugwa muri uyu mwandiko?**
Haravugwamo abanyeshuri basuye Icyanya cy'Akagera.
- b) **Ni ibiki babonye mu cyanya Cy'Akagera?**
Babonye imirambi, inyamaswa zinyuranye, ibiti by'amoko anyuranye ndetse n'ibiyaga.

2.2. Gusoma baranguruye

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma baranguruye umwumwe, igika ku kindi. Umwarimu agenzura ko basoma neza batarya amagambo, bubahiriza utwatuzo n'iylitsa akabakosora aho bibaye ngombwa.

3. Gusobanura umwandiko

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye. Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.

Ingero z'amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko

Icyanya: Ahagenewe kororerwa inyamaswa z'ishyamba, pariki.

Zishagawe: Zikikijwe, zishimiwe.

Umurambi: Ahantu harehare harambitse, hatarimo imisozi.

Itaba: Ahantu hasa n'ahitse ariko na none hategamye.

b) Umwitozo w'inunguramagambo

Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitozo y'inunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.

Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo:

Koresha aya magambo mu nteruro yawe bwite ukurikije ibisobanuro byayo mu mwandiko

Kuzinduka mu nkoko:

Abahinzi bazinduka mu nkoko bajya mu mirima kugira ngo batahane umubyizi ugaragara.

Kwihera ijisho:

Nifuza nange kujya muri Pariki y'Akagera kwihera ijisho inyamaswa n'ibiyaga biyirimo.

Gufatana urunana:

Ni ngombwa gufatana urunana kugira ngo dushobore kwiteza imbere.

Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 49)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

Imfashanyigisho: Umwandiko ku nyamaswa, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri, amashusho anyuranye y'ibiti, inyamaswa, inyonu ndetse n'imirambi n'imisozi.

1. Isubiramo

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma. Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko "Inyamaswa zo muri pariki".

2. Gusubiza ibibazo ku mwandiko

Mbere yo kujya mu matsinda, umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero cyangwa asabe umunyeshuri umwumwe gusoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo, iyitsa n'isesekaza, umwarimu agende abakosora aho badasomye uko bikwiye.

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kuwumva, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.

Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:

a) Ni ba nde bavugwa muri uyu mwandiko?

Ni abanyeshuri biga mu mwaka wa gatandatu, umwarimu wabo ndetse n'abashinzwe kuyobora abakerarugendo babakiriye.

b) Ni hehe basuye? Babonyeyo iki?

Ni Pariki y'Akagera. Mu Kagera babonye ibantu binyuranye birimo imisozi n'ibibaya inyamaswa zinyuranye ziba ku butaka, inyonu ndetse n'iziba mu mazi. Babonyeyo kandi ibimera bitandukanye harimo amoko anyuranye y'ibiti.

c) Ni izihe nyamaswa babonye ukurikije aho ziba?

Babonye inyamaswa ziba ku butaka ahantu hashyuha mu mirambi y'Umutara, iziba mu mazi ndetse n'inyoni zo mu kirere.

d) Usibye inyamaswa ni ibihe bindi bidukikije babonye?

Ibindi bidukikije babonye ni imirambi n'amataba byo muri Pariki y'Akagera.

Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 49)

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko amaze gusoma no kumva, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gutahura ingingo z'ingenzi zigize umwandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu , igitabo cy'umunyeshuri, imfashanyigisho z'iymvabona.

1. Isubiramo:

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku isomo riheruka.

Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

2. Gusoma umwandiko

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda. Baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa; nibarangiza batahure ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko, mbere yo guhuriza ku kibaho ibyo bagezeho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.

a) Urugero rw'ingingo z'ingenzi zigize umwandiko:

- Urugendo shuri abanyeshuri bo mu mwaka wa gatandatu bakoreye muri Pariki y'Akagera bayobowe n'umwarimu wabo.
- Bimwe mu byiza bitatse u Rwanda dusanga muri Pariki y'Akagera.
- Ibyishimo batewe n'ibyo babonye muri pariki.

b) Icyo twakungukira kuri uyu mwandiko

- Inyamaswa zidufitiye akamaro kuko ziri mu byiza bitatse isi yacu kandi

zikaba na zo zifite uruhare mu gutuma ubuzima bwacu buba bwiza hano ku isi.

- Tugomba kubungabunga inyamaswa, tukazirinda kimwe n'ibindi binyabuzima byose.

Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 49)

Intego zihariye:

Ahereye ku nsangamatsiko yahawe, nyuma y'iki gice umunyeshuri arabu ashobora gutanga ibitekerezo ku nsanganyamatsiko ijyanye n'umwandiko ashyigikira cyangwa avuguruza ibitekerezo byatanzwe n'abandi yubahiriza inyurabwenge.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imfashanyigisho z'iyumvabona, insanganyamatsiko yunguranwaho ibitekerezo.

1. Isubiramo:

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma. Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

2. Gusoma umwandiko

Abanyeshuri baragenda basoma umwandiko umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo, iyitsa n'iserekaza.

3. Kungurana ibitekerezo

Insanganyamatsiko:

Muhereye ku bivugwa muri uyu mwandiko, nimwungurane ibitekerezo mugaragaza akamaro ka za pariki. Ese musanga igihe ubutaka bwo guhinga n'ubwo guturaho ari buto, ari ngombwa ko hagumaho ibanya bigenewe inyamaswa ndetse n'amashyamba? Kubera iki?

Umwarimu asaba umunyeshuri umwe gusoma insanganyamatsiko mu ijwi riranguruye. Umwarimu arasomera abanyeshuri insanganyamatsiko abasabe kuyitekerezaho akanya.

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda kugira ngo bakusanye ibitekerezo ku mpamvu ari ngombwa kubungabunga ibyanya by'inyamaswa ndetse n'ibigenewe amashyamba. Hari zimwe zatanzwe mu mwandiko ariko hari n'izindi abanyeshuri bashobora gutanga.

Umwarimu aributsa abanyeshuri zimwe mu mpamvu zatanzwe mu mwandiko, abasabe gushaka n'izindi hanyuma bage impaka bareba impamvu zumvikana zishingiye ku bintu bigaragara.

Icyo umwarimu yitaho ni ukureba uburyo abanyeshuri batanga ibitekerezo bakurikije inyurabwenge kandi hatsindagirwa ko ari ngombwa kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima kubera akamaro biftiye abantu. Urugero rw'impamvu:

- Ba mukerarugendo baza gusuza inyamaswa basiga amadevize igihugu gikenera.
- Urusobe rw'ibinyabuzima rutuma hirindwa ingaruka zaterwa n'imihindukire y'ibihe.
- Amashyamba ayungurura umwuka duhumeka, agatuma imvura igwa.
- Ubwoko bunyuranye bw'ibiti na bwo bufasha mu gutuma inyamaswa cyangwa utundi dukoko nk'inzuki bibona ikibitunga kandi bigatanga imbaho ndetse n'inkwi zo guvana...

Umwandiko: Utabusya abwita ubumera

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 50)

Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 52)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bahawe, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gushakira ibisobanuro amagambo akomeye yakoreshejwemo.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amashusho ajyanye n'umwandiko, inkoranyamagambo.

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu ahereye ku mutwe w'umwandiko "Utabusya abwita ubumera" arabaza abanyeshuri kuvuga icyo kera baseshaga ndetse n'ibyo basyaga.

Ingero z'ibibazo n'ibisubizo:

- a) **Ni nde wambwira icyo kera baseshaga?** Urusyo n'ingasire.
- b) **Ni iki bakundaga gusya?** Amameru, uburo, ingano, amasaka...
- c) **Murakeka ko ubumera bashaka kuvuga ari ki?** Ni uburo.

2. Gusoma

2.1. Gusoma bucece

Mwarimu asaba abanyeshuri kurambura ibitabo byabo ahari umwandiko «Utabusya abwita ubumera». Mbere y'uko batangira gusoma bucece, Umwarimu abasaba kudahwiwisa kuko byatuma batumva neza ibyo basoma no kutunamiriza mu gitabo kuko byabangiza amaso bikanabagoramisha urutirigongo. Iyo barangije gusoma ababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye koko.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

- a) **Muri uyu mwandiko baravuga ku biki?**
Aho imvugo "Utabusya abwita ubumera" yaturutse.
- b) **Ni abakobwa bo mu zihe ngabo bari bashinzwe gusya ifu y'umutsima w'umuganura?** Abambogo b'umuganura.

2.2. Gusoma baranguruye

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma baranguruye umwumwe, igika ku kindi. Umwarimu agenzura ko basoma neza batarya amagambo, bubahiriza utwatuzo n'iyitsa akabakosora aho bibaye ngombwa.

3. Gusobanura umwandiko

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo bahawe. Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.

Ingero z'ibisobanuro by'amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko:

Azahutse mu magorwa: Avuye mu ngorane.

Inteko: Aho abatware bicaye. Biva ku nshinga guteka bivuga kwicara ku mwami (aho umwami atetse ijabiro).

Barizenutsa: Barakorana ubunebwe, nta mwete bashyizemo.

Si ugusinda arasayisha: Arakabya mu gusinda. Gusaya ni ukugwa ahantu hari ubutaka bujandamye ugateberamo, bikaba ngombwa ko bagusayura.

Aramusenda: Aramwirukana, amwohereza iwabo, aramwanga, baratandukana.

Ipfunwe: Ikimwaro.

Impingane: Ibintu bigoye gukora.

Bamuhinyura: Bamusekera.

Izenezene: Ubwirasi, agasuzuguro.

Urutoto: Amagambo menshi ahatira umuntu gukora ikintu runaka.

Umwitozo w'inyunguramagambo

Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitozo y'inyunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.

Urugero rw'umwitozo n'igisubizo:

Koresha amagambo akurikira mu nteruro:

1. **Ipfunwe:** Iyo umuntu yakoshereje undi ntamusabe imbabazi, iyo bahuye agira ipfunwe.
2. **Aramusenda:** Umugore yananiranywe n'umugabo we maze umugabo aramusenda ariko abavandimwe barabacyaha bongera kubana.

Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 52)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imfashanyigisho z'iyumvabona n'inkoranyamagambo.

1. Isubiramo

*Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko basomye.
Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.*

2. Gusubiza ibibazo ku mwandiko

Mbere yo kujya mu matsinda, umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero cyangwa asabe umunyeshuri umwumwe gusoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kuwumva, hanyuma bahrize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.

Ibibazo byo kumva umwandiko n'ibisubizo bishoboka

- a) **Mu mwandiko bavuga ko umuganura bawiteguraga bate?** Bawiteguraga basya ifu y'umutsima w'umuganura.
- b) **Iyi mvugo "Utabusya abwita ubumera" yakomotse kuri nde?** Kuri Karake ka Rugara w'i Bumbogo.
- c) **Ni ukubera iki abakobwa babyrukanye babwiraga Karake bati: "Ntuzi se ko uburo bukomera"?** Nuko hashize igihe uwo murimo wo gusya bawukorana.
- d) **Ese iyi myitwarire ya Karake urayishima? Sobanura.** Oya. Ndayigaya kuko yasuzuguraga abakobwa basyaga kandi akaba n'umusinzi.

- e) **Ni iyihe nama wagira abantu bitwara nka Karake, bagasuzugura abandi kubera ko babasumbya ubushoboz?** Inama nabagira ni iyo gucisha make kuko bavuga ngo ubamba isi ntakurura. Ibiba ku bandi bishoboka na bo kubabaho kuko baba batabayihamagariye. Iby'isi ni gatebe gatoki.
- f) **Ni ayahe masomo y'ingenzi twakura muri iyi nsigamigani?**
Amasomo y'ingenzi twakwigira kuri iyi nsigamigani:
- Kwirinda umurengwe kuko ushobora kudukururira imyitwarire mibi.
 - Kwirinda kwirengagiza abo mwabanye kubera ko wazamatse mu ntera.
 - Kwirinda kwicisha agahato abo ukoresha ngo ugaye n'ibyo bakoze.

Igice cya gatatu: Inshoberamahanga

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 53)

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko wiganjemo inshoberamahanga, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gutahura inshoberamahanga zose zigaragara muri uwo mwandiko, kuzisobanura no gutahura uturango tw'inshoberamahanga.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, ikibonezamvugo, imfashanyigisho z'iyumvabona.

1. Isubiramo

Umwarimu ashobora gusomera abanyeshuri by'intangarugero insigamigani «Utabusya abwita ubumera» cyangwa akabasaba gusoma umwumwe igika ku kindi badategwa kandi bumvikanisha neza ibyo basoma. Iyo barangije abasomera interuro zakuwe mu mwandiko akabasaba gusubiza ibibazo byazibajijweho.

2. Isesengura

Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo maze akabaha ibibazo bibafasha gutahura uturango tw'inshoberamahanga.

Abanyeshuri basubiza ibibazo biri mu gitabo cyabo bituma bashobora kwivumburira icyo inshoberamahanga ari cyo.

Dore urugero rw'interuro zakuwe mu mwandiko bamaze gusoma n'ibibazo byazibajijweho bigomba gushakirwa ibisubizo :

Sobanura izi mvugo zikurikira:

- a) **Ntacire abo bari bayasangije akari urutega:**

Gucira umuntu akari urutega: Ni ukumugirira impuhwe ukamwumva mu gihe agutakambiye. Ubusanzwe ubutega ni imitako yabaga iboshye mu byatsi

Abanyarwanda ba kera bambaraga. Nta gaciro gakomeye yari ifite kimwe n'iyari ikozwe mu byuma nk'umuringa. Bityo guha umuntu urutega byabaga ari ukumuha ikintu cy'agaciro gato.

b) **Agenda aseta inzira ibirenge:**

Guseta ni ugu kandagira ugahamya ugasa n'utsindagira icyo ukandagiye ukagihonyoza ikirenge. Bisaba rero ko icyo ukandagiye ukimazaho ikirenge umwanya ugihonyora. Ugenda aseta inzira ibirenge ni ugenda atambuka buhoro buhoro ku buryo ikirenge gitinda ku butaka mbere yo kugiterura ngo atere indi ntambwe. **Kugenda useta inzira ibirenge** rero ni ukugenda buhoro, ni ukugenda biguru ntege, ugenda wangira, kugenda utabishaka.

c) **Bagasekera mu bipfunsi:**

Gusekera mu bipfunsi: Ni uguseka ariko utifuza ko inseko yawe yumvikana kubera ko hari icyo utinya. Ni uguseka ariko usa n'uwihisha kuko hari uwo ubona byagwa nabi.

d) **Izi mvugo twazita ngo iki?**

Ni inshoberamahanga.

3. Inshoza n'uturango by'inshoberamahanga

Ni imvugo y'ubuhanga, ifite igisobanuro akensi gishingiye ku muco, cyangwa ku igereranya, bityo ntiumvikane neza ku batari abenerurimi.

Akensi iba igizwe n'amagambo abiri cyangwa atatu. Si interuro yuzuye kimwe n'imigani y'imigenurano

Ingero:

- **Guca ku nda:** Kunywana
- **Guca ruhinganyuma:** Kwihihsa umuntu ukajya gukora ikintu kimubangamiye.
- **Guca ikibungo:** Kuzigura, kubanza guca hirya no hino mbere yo kurasa ku ngingo.
- **Guca ibiti n'amabuye:** Kuzana inkubiri uhitana ibyo uhuye na byo mu nzira.
- **Guca amano:** Gusitara
- **Gutera isekuru:** Gucumbagira
- **Gutera inogo:** Gutamira byinshi mu gihe cyo kurya wungikanya.
- **Gutera ububyara:** Gukinisha umuntu mu magambo.

Inshoberamahanga igira umumaro wo gukarishya imvugo no kugaragaza ubuhanga mu rurimi. Nta nyigisho iba ibumbatiye nk'umugani mugufi.

Umwitoto:

1. **Babiribabiri mushake nibura inshoberamahanga 10 kandi mutange n'ibisobanuro byazo:**

Mu kureba ibyavuye mu matsinda, abanyeshuri batanga inshoberamahanga

nyinshi bazi. Umwarimu areba niba izo batanze ari zo cyangwa niba zижана n'ibisobanuro bazihaye. Nyuma yo kubafasha gukosora izitari zo, ababwira kwandika mu makayi iziri zo. Dore zimwe mu ngero z'inshoberamahanga bashobora gutanga:

- **Kugira umutwe munini:** Kutumva.
 - **Akaboko karekare:** Akaboko gakorakora, akaboko kiba.
 - **Amaguru maremare:** Amaguru adahama hamwe.
 - **Amaso maremare:** Amaso arebuzwa, areba ibyo atatumwe.
 - **Umunwa muremure:** Umunwa uvugaguzwa ibyo wumvise byose.
 - **Amatwi maremare:** Amatwi yumva vuba.
 - **Gukama ayo mu ihembe:** Kuzana ibitaza, bisa gahoro, bivuye kure.
 - **Kugera ku mankumbukumbo:** Kugera ahantu habi hakugusha mu bibazo utakwikuramo.
 - **Kugera aharindimuka:** Kugera kure kubi.
 - **Iminsi y'Amanyunyamfizi:** Iminsi y'ibibazo bidafite igisubizo, iminsi yiteze impinduka mbi
2. **Uzurisha inshoberamahanga ubona zikwiriye**
- Dore Kamana aratera isekuru ku bera ko yavunitse.
 - Kuki ushaka **guca ikibungo**, mbwira udatinze.
 - **Yamuteye imboni** amuvumbura mu bandi.

2.4. Umwandiko: Twasuye Pariki y'Akagera

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 54)

Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 56)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bahawe, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusobanura amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro ziboneye.

Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga ku muco nyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, ikarita igaragaza ibyiza bitatse u Rwanda, amafoto y'inyamaswa zinyuranye, inkoranyamagambo.

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu arabwira abanyeshuri kurambura urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegereza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.

Ingero z'ibibazo n'ibisubizo:

- a) **Ni iki mubona ku mashusho?**
 - *Turi kuhabona inyamaswa zitandukanye ziba mu ishyamba.*
- b) **Murumva aya mashusho aganisha ku ki?**
 - *Ni amashusho atwereka ibyiza dusanga muri pariki zacu.*

2. Gusoma

2.1. Gusoma bucece

Umwarimu asaba abanyeshuri kurambura ibitabo byabo ahari umwandiko. Mbere y'uko batangira gusoma bucece, umwarimu abasaba kudahwihwisa kuko byatumva batumva neza ibyo basoma no kutunamiriza mu gitabo kuko byabangiza amaso bikanabagoramisha urutirigongo. Iyo ibyo birangiye ababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye koko.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

- a) **Ni ibiki bivugwa muri uyu mwandiko?**
 - Haravugwamo abanyeshuri basuye Pariki y'Akagera.
- b) **Ni izihe nyamaswa babanje kubona?**
 - Babanje kubona impara n'imparage.

2.2. Gusoma baranguruye

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma baranguruye umwumwe, igika ku kindi. Umwarimu agenzura ko basoma neza batarya amagambo, bubahiriza utwatuzo n'iyitsa akabakosora aho bibaye ngombwa.

3. Gusobanura umwandiko

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye. Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.

Ingero z'amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko:

Amagorofa: amazu agerekeranye bita imiturirwa.

Mu museke: mu museso wa kare, hatangiye gucyu ariko izuba ritrarara.

Ishyo: itsinda ry'inka cyangwa imbogo nyinshi.

Uruvunganzoka: ibantu byinshi cyane.

Umukerarugendo: umuntu wiyemeje gukora urugendo agiye gusura ibyiza bitatse aho agiye.

Ingara z'iminyinya: ni amashami y'iminyinya yakuze cyane agatwikira ahantu hanini. Ubusanzwe urugara ni umwanya urenga ku munwa w'ikintu nk'ingofero y'urugara, isafuriya y'urugara, urugara rw'inkono...

Umwitoto w'inunguramagambo

Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitotozo y'inunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.

Koresha aya magambo mu nteruro yawe bwite ukurikije ibisobanuro byayo mu mwandiko:

Uruvunganzoka:

- *Ubukwe bwe bwatashywe n'uruvunganzoka rw'abantu ku buryo abana bamwe baburanye n'ababyeyi babo.*

Ishyo:

- *Uwagiraga ubutwari ku rugamba, umwami yamugororeraga ishyo ry'inka.*

Umuseke:

- *Yabyutse mu museke ajya ku isoko.*

Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 57)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

Imfashanyigisho: Imfashanyigisho z'iymvabona, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri, ikarita igaragaza ibyiza bitatse u Rwanda, amashusho y'nyamaswa zo mu ishyamba.

1. Isubiramo

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma. Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko baheruka kwiga.

2. Gusubiza ibibazo ku mwandiko

Mbere yo kujya mu matsinda, umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero cyangwa asabe umunyeshuri umwumwe gusoma igika ku kindi mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kuwumva,

hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.

Ibibazo n'ibisubizo ku mwandiko:

- a) **Abanyeshuri bateguye urugendo rwabo bate?** Baruteguye buhorobuhoro bagenda bakusanya amafaranga bazakoresha muri urwo rugendo kugeza agwiriyе.
- b) **Ni ibiki babonye mu Mujiyi wa Kigali?** Babonye inzu ndende z'amagorofa, imihanda inyura hejuru y'iyindi n'imodoka zitonze umurongo.
- c) **Mu gusura Pariki y'Akagera bari bagamije iki?** Bari bagamije gusa gutembera kugira ngo bihere ijisho ibyiza bitatse u Rwanda.
- d) **Ni izihe nyamaswa babonye muri Pariki y'Akagera?** Babonye impara n'imparage, imbogo, inzovu, imvubu na twiga.
- e) **Kuki uwari ushinzwe kubayobora yababujije kuva mu modoka?** Nuko muri pariki habamo inyamaswa z'inkazi zashoboraga kubagirira nabi.
- f) **Ni ibiki bindi babonye bitari inyamaswa?** Babonye inzu ndende, z'amagorofa, babonye imihanda igerekeranye, babonye imodoka nyinshi, babonye udusozi twiza, basuye ibiyaga bitandukanye.
- g) **Mwumva urugendo nk'uru rwo gusura ibyiza bitatse u Rwanda rumariye iki abanyeshuri?** Rutuma abanyeshuri bibonera n'amaso yabo ibyo bajyaga biga mu ishuri, rubafungura umutwe, bakarushaho gukura bakunda Ighugu cyabo kandi bakaruhuka.

Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 57)

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko amaze gusoma no kumva, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gutahura ingingo z'ingenzi zigize umwandiko no gusubiza ibindi bibazo bijyanye no gusesengura umwandiko.

Imfashanyigisho: Imfashanyigisho z'iyumvabona, igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri.

1. Isubiramo:

*Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku isomo riheruka.
Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.*

2. Gusoma umwandiko

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda. Baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iysts; nibbarangiza

batahure ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko, basubize n'ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko hanyuma baze guhuriza ku kibaho ibyo bagezeho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.

Urugero rw'ibyava mu matsinda:

a) ***Ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko:***

- Uko abanyeshuri bateguye urugendo rwabo bakusanya amafaranga ngo bazajye gutembera.
- Urugendo rw'abanyeshuri umunsi wo gusura Pariki y'Akagera n'ibyo babonye mu nzira bagenda.
- Ibyo babonye bageze muri muri Pariki y'Akagera.

b) ***Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?***

Gushaka ni ugushobora. Abishyize hamwe ntakibananira. Aba banyeshuri kugira ngo bashobore gutegura urugendo rwabo bagombye gushyira hamwe ubushobozibwabo buhorobuhoro kuko bari bafite umugambi umwe.

c) ***Umaze gusoma uyu mwandiko ni izihe ngamba wafata kugira ngo nawe uzabashe kwirebera ibyiza bitatse u Rwanda aho kubiharirwa?***

Ni ukwihyira hamwe na bagenzi bange tugakora gahunda y'uko nibura twajya tugira aho dusura rimwe mu mwaka kugira ngo dushobore kumenya ibyiza bitatse u Rwanda aho kubiharira abanyamahanga.

Igice cya kane: Gukina bigana

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 57)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko baheruka kwiga, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gukina bigana abakinankuru kandi bashyiramo isesekaza.

Imfashanyigisho: Umwandiko uvuga uko basuye Pariki y'Akagera, imfashanyigisho z'iyumvabona, igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri, ikarita y'ibyiza bitatse u Rwanda, amashusho anyuranye y'inyamaswa zo mu gasozi.

1. Isubiramo:

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma.

Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka mu mwandiko baheruka gusoma.

2. Gusoma umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye: umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo,

nyuma yo kurangiza igika umwarimu agasaba undi munyeshuri kumusimbura bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye.

Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, agenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda abiri cyangwa atatu anyuranye. Buri tsinda rigomba kwitoramo abakinankuru bakurikira: abanyeshuri muri rusange, umwarimu wabo, umuyobozi ushinzwe ubukerarugendo, abantu babiri abashinzwe kuyobora ba mukerarugendo muri pariki. Umwarimu abaha umwanya uhagije wo kubitegura(nk'icyumweru) maze bakazaseruka imbere ya bagenzi babo, bagakina ibyo bafashe batabisoma.

Dore ibyo bagomba guheraho:

Mu matsinda muhimbe agokino kagaragaza uko gahunda y'abanyeshuri yo gusura ibyiza bitatse u Rwanda muri Pariki y'Akagera cyangwa iy'Ibirunga yagenze kuva bategura urugendo kugera rurangiye. Mu bakinankuru harimo abanyeshuri bari gutegura gahunda y'uko bazakora urugendo, bafashe ikemezo cyo kuyigeza ku mwarimu. Umwarimu arabashyigikira na we abafashe kurutegura ndetse no kuvugana n'ubuyobozi bwa pariki. Hari kandi ushinzwe kuyobora ba mukerarugendo ugenda abasobanurira ibyo babona ku munsi w'urugendo.

Mu gukosora umwarimu yita cyane ku buryo abanyeshuri bakina bigana ibyo buri wese mu bakinankuru akora, uburyo bakurikiranya ibitekerezo bakurikije inyurabwenge mu mvugo. Amatsinda yose amaze guseruka, abanyeshuri basabwa kugira ibyo bashima bagenzi babo bakoze neza n'ibyo babona bikwiye kunozwa. Umwarimu na we aboneraho kugira icyo abivugaho kandi akabagira inama ku byo bakwiye kunonosora yibanda cyane ku kamaro k'ubukerarugendo no gufata neza ibyiza bitatse u Rwanda.

Igice cya gatanu: Itondaguransinga (Imbundo)

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 58)

Intego zihariye:

Ahereye ku nteruro yahawe, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gutahuraibiranga inshinga iri mu mbundo, kuyisesengura no kuyikoresha neza mu nteruro zitandukanye.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, ikibonezamvugo, imfashanyigisho z'iymvabona.

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma agace k'umwandiko gakurikira maze

akabasaba gutahura imiterere n'umumaro by'amagambo yanditse atsindagiye barangiza akabasaba gusubiza ibibazo byayabajijweho.

Gutahura imbundo: Umwandiko “Kwiga ni ukwigana”.

Mu buzima dukenera **kwiga** no **kumenya** byinshi kugira ngo dukore ibidufitiye akamaro kandi tubeho neza. **Kwiga** rero si ukujya mu ishuri imbere y'umwarimu gusa. Mu ishuri tuhakura ubushobozzi bwo **gushobora gusoma** no **kwandika** ndetse no **gusesengura** ibyo abanyabwenge banditse mu bitabo. Nyamara hari ibintu byinshi dushobora **kwigishwa** n'ababyeyi bacu n'abandi bantu duhura na bo.

Gutembera rero bituma duhura n'abantu benshi ndetse tukabona ibintu bitandukanye kandi ibyo duhura na byo byose biratwigisha. Ibyo duhuye na byo byose, byaba ibibi cyangwa ibyiza biratwigisha. Ni yo mpamvu bavuga ngo “**kugenda cyane** bitera **kubona**.”

Banyeshuri rero muge mwumva ko uko mukoze urugendo shuri, uko mutembereye, hari icyo mugomba **kuhigira**. Umuntu wese muhuye na we muge mumwigiraho, ikibi mumubonaho mwe mukirinde, ikiza mumubonaho mukigane. **Kwiga** ni ukwigana.

2. Isesengura

Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo. Ababaza ibibazo bibafasha kugaragaza imiterere n'imimaro by'amagambo yanditse mu nyuguti z'igikara tsiri. Nyuma abasaba gutahura uwoko bwayo.

Ibibazo n'ibisubizo byabyo

- a) **Amagambo yanditse atsindagiye mubona avuga iki?**
Aravuga igikorwa n'imiterere.
- b) **Atangirwa n'izihe ngombajwi?**
Ni “k-” na “g-”
- c) **Ubona afite iyihe mimaro mu nteruro arimo?**
Hari aho usanga ari ruhamwa cyangwa ari icyuzuzo.
- d) **Ukurikije icyo ariya magambo avuga n'imimaro yayo mu nteruro, wayita iki?**
Nayita inshinga.

3. Inshoza n'uturango by'inshinga iri mu mbundo

Imbundo ni inshinga idatondaguye. Imbundo ivuga igikorwa, imimerere cyangwa imico bidafite uwo byerekejeho/bivugaho. Ni uburyo bw'inshinga butagira umwihariko ku byerekeye imyifatire y'uvuga ku cyo ashaka kumenyesha uwirwa. Ukora igikorwa ntaba agaragara. Imbundo ni inshinga idatondaguye. Itangirwa buri gihe n'ingombajwi «k» ikurikiwe n'inyajwi «u». Iyo ngombajwi «k» ishobora guhinduka «g» mu nshinga zimwe na zimwe.

Ingero:

Kuvuga, guteka, kubabara ...

a) Imbundo ishobora kwitwara nk'izina:

Iyo yitwaye nk'izina ifata indomo maze ikagira umumaro nk'uwigiza. Iryo zina ribarirwa mu nteko ya 15 yamasano kimwe nandi mazina nka: ukuboko, ukwezi, ukuguru...

Urugero:

- **Ukugenda** kwe kwaratubabaje kuko yadusize twenyine.
- **Ugusaba** imbabazi kwe kwakiriwe neza maze habaho kwiyunga.

b) Imbundo kandi yitwara nk'inshinga itondaguye:

Iyo yitwaye nk'inshinga itondaguye, ntigira indomo. Ishobora kugira ibyuzuzo biyitaruye cyangwa biyihagitsemo ndetse ikaba yagira indango yemeza cyangwa ihakana. Ishobora nanone kuvugirwamo ibizaba cyangwa ibitazaba no kongerwaho ingereka zinyuranye.

- Inshinga iri mu mbundo ni inshinga idatondaguye iba iri mu nteko ya 15.

Urugero: Kugenda (nt 15)

- Inshinga iri mu mbundo ishobora kugira icyuzuzo kiyitaruye cyangwa kiyihagitsemo

Urugero: Guhinga umurima: Kuwuwinga.

- Inshinga iri mu mbundo ishobora gukoreshwamo impakanyi "ta"

Ingero:

Guteka → kudateka

Kwiga → kutiga

Inshinga iri mu mbundo igira indagihe n'inzagihe.

Ingero:

Imbundo	Indagihe	Inzagihe
Kuvuga	Kuvuga	Kuzavuga
Kutavuga	Kutavuga	Kutazavuga

- Imbundo ishobora kugira ingereka.

Urugero:

Imbundo nta ngereka	Imbundo ifite ingereka
Guhinga	Guhingira urutoki. Guhingana n'abandi Guhingisha isuka

Imyitozo:

Nyuma y'isomo umwarimu aha abanyeshuri imyitozo kugira ngo asuzume ko intego z'isomo zagezweho. Abaha igihe cyo kuyikora cyarangira bagakosorera hamwe ku kibaho, ibisubizo bikandikwa mu makaye yabo y'imyitozo.

1. Tahura imbundo ziri muri uyu mwandiko.

Kubaka si ugusensa ni ukugereka ibuye ku rindi.

Kubaka ni ukuzamura inkuta z'inzu ukayisakara, ukayitunganya kugira ngo ishobore guturwamo.

Icyo gikorwa ntikiba cyoroshye na gato kuko kigomba gusiza ikibanza, kuzamura inkuta, gushyiraho amakumbo, no gusakara. Kubikora bisaba ingufu n'ubwenge, ndetse n'igihe kuko ntibishobora gukorwa mu munsi umwe.

Gusensa byo ni uguhirika ibyubatswe. Ntibisaba ubuhanga ubwo ari bwo bwose.

Kubikora biroroshye ariko ni bibi, kuko gusensa ni ukwangiza. Iyo usenye ikintu icyo ari cyo cyose kongera kucyubaka birakuvuna.

Iyi mvugo rero ishaka kuvuga ko kubaka bivuna nyamara gusensa bikoroha. Nyamara kubaka ni byo byiza gusensa bikaba bibi. Ni imvugo rero idukangurira guharanira kubaka aho gusensa.

Nimuharanire kubaka aho gusensa, muharanire gusigasira ibyubatswe aho kubisenya icyo gihe gutera imbere bizaborohera.

Igisubizo: Kubaka, ugusensa, ukugereka, ukuzamura, guturwamo, gusiza, kuzamura, gushyiraho, gusakara, kubikora, gukorwa, gusensa, uguhirika, ukwangiza, kucyubaka, kuvuga, guharanira gusigasira, kubisenya, gutera.

2. Tanga imbundo y'inshinga zikurikira :

- Ariga → kwiga
- Aratashye → gutaha
- Ntahinga → kudahinga

3. Shyira mu nzagihе izi mbundo:

- Kwiga → kuziga
- Kudataha → kutazataha
- Kunguka → kuzunguka

4. Ubaka interuro ebyiri ukoresheje inshinga ziri mu mbundo.

Igisubizo: Nkunda **gusoma** ibitabo.

Abantu bakizwa n'**ukwemera** kwabo.

Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa kabiri

Mfashe ko:

- Mu bidukikije mu Rwanda harimo imigezi, ibiyaga, inyamaswa, imisozi, amashyamba...
- Ikinyazina nyamubaro kivuga umubare w'ibintu kuva kuri rimwe kugeza kuri karindwi.
Urugero: Mfite ibiti **bitanu**.
- Inshoberamahanga ni imvugo ikomeye umuntu utari umwenerurimi adapfa kumva.
Urugero: Uriya mugabo aragenda **atera isekuru** bivuga ko agenda **acumbagira**.
- Mu itondaguranshinga harimo imbundo.
Urugero: Ashaka gukora none ndetse no kuzakora.

Ibibazo n'ibisubizo by' isuzuma risoza umutwe wa kabiri

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 61)

Ibigenderwaho mu isuzuma

- Ubushobozi bwo gusesengura imyandiko ijyanye no gufata neza ibidukikije
- Ubushobozi bwo gusesengura ikinyazina nyamubaro
- Ubushobozi bwo gusesengura imbundo no kuyikoresha mu nteruro agaragaza inshinga ziri mu mbundo.
- Ubushobozi bwo gukoresha inshoberamahanga mu mvugo no munyandiko.

Umwandiko: Kurwanya isuri

I. Inyunguramagambo

Tanga ibisobanuro by'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko unakoreshe buri jambo mu nteruro imwe yumvikanisha neza igisobanuro cyayo.

1. **Kugunduka:** Gutakaza ubushobozi bwo kwera ku butaka kubera isuri cyangwa guhingwa inshuro nyinshi hadakoreshwa ifumbire.
 - Isambu yange imaze kugunduka ngomba kuyiraza nkazongera kuyihinga imaze kwisubiza.
2. **Ingamba:** Ibyemezo, gahunda bihaye.
 - Nge ubu nafashe ingamba zo gutera ibyatsi birwanya isuri ku mirima yange yose.
3. **Ubutayu:** Ahantu hatari ibimera kubera ko imvura itahagwa cyangwa hagwa imvura nke.
 - Ubutayu bwa Sahara buherereye mu majyaruguru y'Afurika.
4. **Inshingano:** Ibyo umuntu asabwa gukora.

- Ababyeyi bafite inshingano zo kurera abana babo, abana na bo bakagira inshingano zo kububaha.
5. **Inzobere:** Umuntu uhugukiwe ibintu runaka, ubizi kurusha abandi.
 - Nimuze twige dushyizeho umwete, tuzabe inzobere zizajya zigira abandi inama.
 6. **Iheruheru:** Mu kangaratete, mu bibazo bikomeye.
 - Imvura iherutse kugwa yadusize iheruheru kuko yadusenyeye inzu.

II. Ibibazo byo kumva umwandiko:

1. Mu mwandiko barasobanura ko igunduka ry'ubutaka riterwa n'iki?

Barasobanura ko riterwa n'amazi y'imvura agenda atwara ubutaka bwiza bworoshye kandi ari bwo bwera bigatuma imyaka ihinzwe ku bwasigaye itera.

2. Ni izihe ngamba zitangwa mu mwandiko zafasha mu kurwanya isuri?

Ni uguca imiringoti ahantu hahanamye, ahadahanamye cyane hagacibwa amaterasi y'indinganire. Ni ugutera ibyatsi bifata ubutaka ndetse n'ibiti bituma butagunduka ndetse no gufata amazi y'imvura ava ku nzu agashyirwa mu byobo byabugenewe.

3. Ni izihe ngaruka zituruka ku kutita ku bikorwa byo kurwanya isuri?

Ni ukugunduka k'ubutaka umusaruro ukagabanuka bigatera inzara n'ubukene ndetse n'ibindi bibazo binyuranye bishingiye ku bukene.

4. Ni ibihe bikorwa bivugwa mu mwandiko umuntu ku giti ke yakwikorera mu kurwanya isuri?

Ni ugucukura imiringoti no gutera ibyatsi birwanya isuri ku mirwanyasuri ndetse no gutera ibiti ahahanamye.

5. Impuguke se zo zafasha zite mu rwego rwo kurwanya isuri yangiza ibidukikije?

Impuguke zafasha mu bijyanye no guca indinganire kuko byo bisaba ubumenyi bwihariye.

6. Ni ibihe bidukikije isuri ikunda kwangiza?

Isuri ikunda kwangiza ubutaka, inzu ndetse n'ubuzima bw'abantu.

Muri byo harimo ibikorwa remezo binyuranye nk'imihanda, insinga z'amashanyarazi, imyaka n'ibindi.

7. Ibindi byangizwa n'isuri ni ibihingwa, ibyatsi, ibiti, inyamaswa...

III. Ikibonezamvugo

Erekana ikinyazina nyamubaro muri izi nteruro:

- Twahuye turi abantu umunani. Abagabo batatu n'abagore batanu.

Ibinyazina nyamubaro: batatu, batanu

- Umwana wabaye uwa kabiri wiga mu mwaka wa gatatu, afite imyaka irindwi.
Ibinyazina nyamubaro: kabiri, gatatu, irindwi.
- Abanyeshuri makumyabiri na bane ni bo bashoboye gutsinda, batandatu baratsinzwe.
Ibinyazina nyamubaro: bane, batandatu.

IV. Inshoberamahanga:

- 1. Tanga inshoza y'inshoberamahanga.**
 - Inshoberamahanga ni imwe mu mvugo ikoreshwa mu ikeshamvugo ry'Ikinyarwanda, akensi inshoberamahanga zikunze gukoreshwa ku bantu baziranye. Kamere yayo ijya kumera nk'iy'imvugo zizimiza.
- 2. Koresha izi nshoberamahanga mu nteruro ziboneye.**
 - **Gukura ubwatsi**
Yamukuriye ubwatsi kubera ko yamuhaye inka.
 - **Gutera utwatsi**
Yamusabye ko bajyana gutembera amutera utwatsi.
- 3. Tanga ibisobanuro by'inshoberamahanga zikurikira :**
 - Kurambika inda ku muyaga:** Kwiruka cyane, utareba inyuma.
 - Gutwita ibiyaga:** Kwiwuta ufite ikikwirukansa.
 - Gusera mu birere :** Kugenda wihuta kubera ahantu ugiye ha kure.
 - Kugira umutwe munini:** Kutumva.
 - Akaboko karekare:** Akaboko gakorakora, akaboko kiba.
- 4. Huza inshoberamahanga n'ibisobanuro byazo.**
 - **Kwica isari:** Kurya ibiryo
 - **Guta inyuma ya Huye:** Kubwira utakumva
 - **Gushira isoni:** Kutagira icyo wubaha
 - **Kurara ubusa:** Kurara utariye
 - **Gutera isekuru:** Gucumbagira
- 5. Tanga ingero ebyiri z'interuro aho inshinga yakoreshejwemo nk'izina.**

Ingero z'ibisubizo:

Ugukina kwe kwatumye agira ubuzima bwiza.

Ugupfa kwe kwababaje abantu benshi.

- 6. Tanga ingero ebyiri mu nteruro aho imbundo yitwaye nk'inshinga.**

Ingero z'ibisubizo:

Ukuza kwawe **kwaradushimishije**.

Ukwihangana kwe ni ko **kuzamukiza**.

V. Ihangamwandiko

Hanga umwandiko ku kubungabunga ibidukikije ugaragaza akamaro kabyo n'ingaruka mbi zo kutabyitaho(nturenze ipaji 2).

Buri munyeshuri arahanga umwandiko yubahiriza ibice bigize umwandiko aribyo intagiriro, igihimba n'umusozo. Mu gukosora umwarimu arareba uko yubahirije ibisabwa ku miterere y'umwandiko, uburyo akoresha yubahiriza amategeko y'imyandikire n'ireme ry'ibitekerezo yatanze.

Imyitozo nzamurabushobozi.

Umwarimu atahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri aherye ku manota bagize mu isuzuma risoza umutwe akabashyira mu matsinda akurikije ubushobozi bafite mu masomo.

Umwarimu abaha imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo bakayikorera hamwe mu matsinda. Ku badafite ibibazo, umwarimu abaha imyitozo y'inyongera cyangwa akabasaba kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko nsanganyamasomo imyanzuro bafashe bakazayisangiza bagenzi babo batari kumwe. Iyi myitozo umwarimu ayitegura ashingiye ku bibazo abanyeshuri be bafite yibanda aho abanyeshuri be bagaragaje ubushobozi buke.

Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo:

- Ibidukikije bitumariye iki?** Ibidukikije biyungurura umwuka duhumeka, bimwe na bimwe bituma tubaho kuko tubikuramo ibiribwa, ibidukikije biturwanyiriza isuri, bituma imvura igwa...

- Andika uwoko bw'amagambo aciyeho akarongo.**

Kamana aragiye ihene ebyiri.

Imfura yange ifite imyaka itatu.

Naguze ihene umunani.

Ibisubizo: – Ebyiri: Ikinyazina nyamubaro.

– Itatu: Ikinyazina nyamubaro.

– Umunani: Izina nyamubaro.

- Kuki umunani atari ikinyazina nyamubaro?** Umunani si ikinyazina nyamubaro kuko gisa n'izina. Bityo rero ni izina rivuga umubare (izina nyamubaro).

- Tanga ingero ebyiri z'inshoberamahanga, maze unazikoreshe mu nteruro wihibiye.**

Aha umwarimu areba niba ingero zatanzwe ari inshoberamahanga akanareba uko umunyeshuri yazikoresheje mu nteruro.

Ingero:

- **Gutera isekuru:** Iyo umuntu yavunitse agenda atera isekuru.
 - **Guca amano:** Si byiza kugenda urangaye kuko ushobora guca amano.
5. **Tanga imbundo z'inshinga ziciyeho akarongo:**
Twagiye muri Pariki y'Akagera tuhabona inyamaswa zuza. (kugenda, kubona, kuza)

Imyitozo nyagurabushobozi

Hanga umwandiko uvuga ibyiza dukesha ibidukikije, ukoreshemo inshoberamahanga nibura enye. Umwandiko uhanze uze kuwusobanurira bagenzi bawe mu ishuri.

Aha umwarimu agenzura niba abanyeshuri basobanukiwe n'akamaro k'ibidukikije akanareba niba inshoberamahanga bakoreshejemo bazi neza kuzikoresha uko bikwiye.

3

Ubuzima bw'imonyorokere

(Umubare w'amasomo:24)

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

- Gusesengura umwandiko ku nsanganyamatsiko y'ubuzima bw'imonyorokere.
- Gusesengura ikinyazina mbaza, ikinyazina mboneranteko, insigamigani n'indirimbo.
- Gukoresha mu nteruro cyangwa mu mwandiko ibihe bikuru by'ishinga.

Ibisabwa: Umunyeshuri arakenera kuba azi:

- Gusoma neza yubahiriza utwatuzo n'iyyitsa.

Ingingo nsanganyamasomo ziri bwitabweho muri uyu mutwe:

Ubuzima bw'imonyorokere: Umwarimu afasha abanyeshuri gusobanukirwa n'ubuzima bw'imonyorokere bugaragara mu myandiko inyuranye y'uyu mutwe.

Ubushobozi nsanganyamasomo:

- Ubuhangwa mu kuganira no gukoresha ururimi.
- Gukorera hamwe,
- Gutekereza ugashobora kujora ibitekerezo n'ibikorwa bitandukanye ntube nemeye iryo cyangwa nyamujya iyo bijya,
- Kwiwigisha no gukomeza kwihugura nyuma yo kurangiza amashuri,
- Guhangwa udushya no kunoza imikorere,
- Ubushakashatsi no gukemura ibibazo.

Amagambo/ibitekerezo by'ingenzi:

Ubwantu, akato, ingimbi, abangavu, ibiyumvo, ubuzima bw'imonyorokere.

Amabwiriza ajyanye n'igikorwa k'ivumbura ry'ibigiye kwigwa:

Abanyeshuri ubwabo ni bo bagomba kwivumburira ibyo bagiye kwiga, bahereye ku mashusho, ku kaganiro cyangwa udukino twateguwe mu ivumburamatsiko. Umwarimu agenda abayobora, ababaza ibibazo, kandi akabafasha kunonosora ibisubizo batanga ku buryo bibaganisha ku cyo bagiye kwiga.

Amabwiriza ajyanye n'uko abafite ibibazo byihariye baza kwitabwaho mu mutwe:

Umwarimu agomba gufasha abafite ubumuga gusobanukirwa kurushaho n'ibyo bari kwiga. Abatabona neza kimwe n'abatumva neza bagomba kwicazwa hafi kandi mu gihe bibaye ngombwa akabasobanurira acoresheje ururimi rw'amarenga. Abanyantege nke na bo bagomba gushyirwa mu matsinda y'abasobanukirwa vuba kugira ngo babazamure, kandi umwarimu akabibandaho akababaza n'ubwo baba batateye urutoki kugira ngo basubize.

Ibyigwa bigize uyu mutwe n'umubare w'amasomo

Ikigwa	Umubare w'amasomo
Umwandiko: Ubuhamya bw'umuntu wanduye indwara yandurira mu mibonano mpuzabitsina.	4
Itondaguranshinga	2
Umwandiko wa kabiri: Kvirinda indwara zandurira mu myanya ndangagitsina	4
Ikinyazina mbaza	1
Umwandiko: Nzirinda ikintu cyose cyanshora mu busambanyi.	4
Ikinyazina mboneranteko	1
Insigamigani: Gera umuzinga ku wa Bugegera	4
Indirimbo: Dore umunyana	3
Isuzuma	1

Umwandiko: Ubuhamya bw'umuntu wanduye indwara yandurira mu mibonano mpuzabitsina.

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 65)

Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 68)

Intego zihariye:

Nyuma y'iki gice, umunyeshuri azaba ashobora gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa; gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko "Ubuhamya bw'umuntu wanduye indwara yandurira mu mibonano mpuzabitsina", igitabo cy'umwarimu, amashusho yerekana ibivugwa mu nkuru, igitabo k'ikibonezamvugo.

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu aganirira abanyeshuri akaganiro ko mu buzima busanzwe kaganisha ku mwandiko bagiye kwiga, akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura ibyerekanye n'umwandiko bagiye gusoma.

Urugero rw'ibibazo yababaza aramutse akoresheje amashusho:

Ni iki mubona kuri aya mashusho?

Turahabona umukobwa ufite indangururamajwi arimo kubwira ikoraniro ry'abahungu n'abakobwa b'urubyiruko rwicaye rumuteze amatwi.

2. Gusoma

2.1. Gusoma bucece

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari umwandiko "Ubuhamya bw'umuntu wanduye indwara yandurira mu mibonano mpuzabitsina." Akabasaba kuwusoma bucece nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo bishoboka

- Ni ba nde bavugwa mu mwandiko?** Mu mwandiko haravugwamo Byusa, umuganga n'umukobwa utanga ubuhamya.
- Umukobwa utanga ubuhamya yarwaye yihe ndwara?** Yarwaye mburugu.

2.2. Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye: umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo, nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye.

Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, agenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.

2.3. Gusomera umwandiko mu matsinda

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo mashya

kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko; we akagenzura uko abanyeshuri barimo gukorera hamwe mu matsinda anyuranye.

Nyuma y'iki gikorwa umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyawuye muri buri tsinda.

Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye bakabyandika ku kibaho.

Urugero rw'ibisubizo byava mu matsinda

Imibonano mpuzabitsina: Ni uguhuza ibitsina hagati y'umukobwa n'umuhungu cyangwa hagati y'umugabo n'umugore.

- Abakora imibonano mpuzabitsina idakingiye bashobora kurwara indwara ziyanduriramo.

Gusama inda: Gutwara inda.

- Abagore badashaka gusama, banya imiti bahawe n'umuganga.

Uburyaryate: Ububabare butuma umuntu ashaka kwishimagura.

- Indwara ya mburugu itera uburyaryate ku gitsina

Ubugumba: Kutabyara bitewe n'uburwayi bwamunze imyanya myibarukiro

- Indwara zamuteye ubugumba kandi yarashakaga kubyara undi mwana.

Gukuramo inda: Kubyara umwana igihe kitaragera kandi agapfa.

- Dore uratwite wikora imirimo ivunanye udakuramo inda.

Umwitozo w'inyunguramagambo

Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitozo y'inyunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.

Urugero rw'umwitozo n'igisubizo:

1. Gutanga impuzanyito z'amagambo aciye ho akarongo.

- a) Maze kumva/nyuma y'ibyo, nafashe ingamba yo/ ikemezo cyo kujya kwipimisha/kwisuzumisha.
- b) Mburugu ishobora gutera ubugumba/ ukutabyara, indwara zo mu mutwe, ndetse no gukuramo/kuvanamo inda ku bagore cyangwa bakabyara/bakibaruka abana bafite ubumuga.
- c) Byusa yagiye kubibwira umukobwa/umwari bari barakoranye imibonano mpuzabitsina/barasambanye, bararyamanye na we ajya kwipimisha arivuza.

2. Kuzurisha impuzanyito z'amagambo ari mu dukubo.

- a) Reka ngukureho ako.....**gakoko**..... kakuriho. (gasimba)
- b) Yakomeretse ku**mutwe**..... w' urutoki. (isonga)
- c) Bagenzi bange mwirinde**ibishuko**..... by'abashaka kubashora mu busambanyi. (ibigeragezo)

Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 68)

Intego zihariye:

Nyuma y'iki gice, umunyeshuri azaba ashobora gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iylitsa no gusubiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo ye bwite.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko “**Ubuhamya bw'umuntu wanduye indwara yandurira mu mibonano mpuzabitsina**”, igitabo cy'umwarimu, amashusho yerekana ibivugwa mu nkuru, igitabo k'ikibonezamvugo.

1. Isubiramo:

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko bacheruka gusoma.

Abanyeshuri baravuga muri make ibikubiye mu mwandiko bacheruka gusoma.

Umwarimu arasaba abanyeshuri kujya mu matsinda, bagasoma umwandiko basubiza ibibazo byawubajijweho.

2. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

Usibye ibibazo byatanzwe mu gitabo cy'umunyeshuri umwarimu ashobora no kubaza abanyeshuri ibindi bibazo bitari mu gitabo cy'umunyeshuri ariko bijyanye n'umwandiko wizwe.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo bishoboka byo kumva umwandiko

- Kuki uyu mukobwa watanze ubuhamya yumvaga ko abamwumva bamwita indangare?**
Mu muco nyarwanda ubusambanyi ntibwemewe.
- Uyu mukobwa, ni ubuhe butwari wamushimira?**
Uyu mukobwa yemeye kwipimisha kwa muganga kandi aburira n'inshuti ye na yo irivuza.
- Kuki nta muntu ugomba kwizera ko atarwaye umurebesheje ijisho gusa?**
Ibimenyetso by'uko umuntu arwaye ntibipimishwa ijisho byose; bisaba ko bakoresha mikorosikopi (microscopie).
- Ni irihe somo rikomeye wakuye mu buhamya bw'uyu mukobwa?**
Kutishora mu mibonano mpuzabitsina idakingiye; kutizera umuntu ngo ntarwaye urebesheje ijisho; kwirinda kwanduza abandi nkana.
- Ese wowe uramutse ugize ibyago ukandura imwe mu ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina, watinyuka kubibwira ababyeyi bawe ndetse ukajya**

no kwivuza kwa muganga?

Yego. Kwivuza bituma ukira indwara bikakurinda ubugumba n'urupfu.

Igice cya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 69)

Intego zihariye:

Nyuma y'iki gice, umunyeshuri azaba ashobora kuvuga insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko, kugaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko no gusobanura ibijyanye n'indwara zandurira mu myanya ndangagitsina.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

1. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

a) Ni uwuhe mwandiko duheruka gusoma?

- *Ni umwandiko uvuga ku ndwara zandurira mu myanya ndangagitsina; ubuhamya bw'umuntu wanduye indwara yandurira mu mibonano mpuzabitsina.*

b) Ni iyihe ndwara utanga ubuhamya yanduye?

- *Utanga ubuhamya yanduye mburugu.*

2. Gukorera mu matsinda

Umwarimu arabwira abanyeshuri gusoma umwandiko bari mu matsinda no kugerageza kuwusesengura basobanura insangayamatsiko ivugwamo banagaragaza ingingo z'ingenzi zivugwamo.

Umwarimu aha abanyeshuri ibibazo bibafasha kuvumbura insanganyamatsiko n'ibibazo bituma bagaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.

Umwarimu abivuga mu ijwi riranguruye akanabyandika ku kibaho kugira ngo afashe abatumva n'abatabona niba bahari.

Urugero rw'ibibazo yabaha:

Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa muri rusange muri uyu mwandiko?

Erekana ingingo z'ingenzi zigize uyu mwandiko

Ni ayahe masomo y'ingenzi twakura muri uyu mwandiko?

Umwarimu agenzura imikoranire y'abanyeshuri mu matsinda, barangiza akabasaba kumurika ibyavuye mu matsinda.

Amatsinda yose amaze kumurika ibisubizo byayo, umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora igisubizo gikwiye.

Urugero rw'ibyava mu matsinda.

a) **Insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko**

Muri uyu mwandiko baratubwira insanganyamatsiko y'indwara zandurira mu myanya ndangagitsina.

b) **Ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko**

- Umukobwa wanduye mburugu atanga ubuhamya kugira ngo hatazagira undi wayandura nka we.
- Yahohotewe n'inshuti ye.
- Nyuma y'iminsi akoze imibonano mpuzabitsina yatangiye kumva uburyaryate.
- Yabibwiye inshuti ye bajya kwa muganga.
- Batewe inshinge barakira.
- Yatashye azi n'ingaruka zo kurwara mburugu.
- Yafashe ikemezo cyo kwirinda akarinda na bagenzi be.

c) **Amasomo y'ingenzi twakura muri uyu mwandiko?**

- Kutishora mu mibonano no kugira amakenga muri byose.
- Kutizera umuntu uwo ari we wese.
- Gutinyuka kubaza abantu bakuru mu gihe wumva hari ikintu kidasan Zwe mu mubiri wawe.
- Kwivuza mu gihe cyose wumva hari ibimenyetso by'uburwayi wumva mu mubiri wawe cyanecyane iyo wakoze imibonano mpuzabitsina.

Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 69)

Intego zihariye:

Nyuma y'iki gice, umunyeshuri azaba ashobora kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko ijyanye n'ubuzima bw'imyororokere; akagira icyo avuga ku bitekerezo bya bagenzi be adategwa.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu.

1. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo baheruka kwiga. Abanyeshuri bavuga muri make ibyo bibuka mu isomo baherutse kwiga.

Urugero rw'ikibazo yabaza:

- a) **Ni irihe somo duheruka kwiga?**
 - Duheruka gusesengura umwandiko “**Ubuhamya bw’umuntu wanduye indwara yandurira mu mibonano mpuzabitsina.**”
- b) **Ni iki kivugwa mu mwandiko?**
 - Havugwa umukobwa wandujwe mburugu n’inshuti ye n’uko bivuje.

2. Kungurana ibitekerezo

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kungurana ibitekerezo ku bijyanye no gukora imibonano mpuzabitsina ku bangavu n’urubyiruko; akabasaba kurambura ibitabo byabo ahari ikibazo cyo kungurana ibitekerezo bakagisoma mu ijwi riranguruye ndetse akabasaba no kucyandika ku kibaho.

Insanganyamatsiko:

Wowe uramutse ugize ibyago byo kwandura indwara yandurira mu mibonano mpuzabitsina wabigenza ute?

Abanyeshuri batandukanye baravuga uko babigenza, hanyuma umwarimu abafashe kugera ku mwanzuro uboneye.

Umwanzuro

Nyuma yo kungurana ibitekerezo umwarimu afasha abanyeshuri gufata umwanzuro ko uwanduriye indwara mu mibonano mpuzabitsina atagomba kwiheba. Agomba kugisha inama kandi akivuza kwa muganga ubishoboye. Agomba kandi kwirinda gukwirakwiza iyo ndwara akanashishikariza uwo bakoranye imibonano mpuzabitsina na we akivuza.

Umukoro

Urugero rw'ikibazo n’igisubizo ku mukoro

Ganiriza abo mubana mu rugo ku cyo umukobwa yakora aramutse afashwe ku ngufu agakoreshwa imibonano mpuzabitsina.

Yabibwira ababyeyi be bakamujyana kwa muganga kwipimisha kugira ngo avurwe hakiri kare mu gihe basanze yaranduye.

Igice cya gatanu: Itondaguransinga: Ibihe bikuru by’inshinga

(Igitabo cy’umunyeshuri urupapuro rwa 69)

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko cyangwa interuro ziganjemo inshinga zitondaguwe mu bihe bitandukanye, nyuma y’iki gice umunyeshuri arabu ashobora gutanga inshoza y’ itondaguransinga, kugaragaza uturango tw’ibihe bikuru; gutahura ibihe bikuru mu nteruro no kubikoresha neza mu nteruro.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'igitabo k'ikibonezamvugo.

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda ya babiribabiri, akabasaba kugaragaza imiterere y'amagambo aciyeho akarongo mu gakuru katanzwe.

Abaha igihe cyo kubikora cyagera bakagaragaza ibyavuye mu matsinda agenda abafasha kubinonosora.

Soma agakuru gakurikira maze ugaragaze igihe ibikorwa bigaragazwa n'ayo magambo aciyeho akarongo byabereye

Umwandiko: Dukwiye guhora dusoma.

Mwana wange ubwo ubona njijutse nta kindi mbikesha ni ugusoma ibitabo bitandukanye.

Kera nkiri muto **narasomye** biratinda. **Nasomye** ibitabo byinshi bitandukanye: iby'ubuvanganzo, iby'ikibonezamvugo, n'iby'inkuru zitarika. **Narasomaga** sinibuke no kurya iyo nabaga naguye ku gitabo kiryoshye.

Kandi na n'ubu **ndacyasoma**, ejo **narasomye** ndetse no mu kanya **nasomye** kandi n'ubu urabona ko ndi gusoma. Hari umunsi ngira akazi kenshi ku manywa, bwajya kwira umuriro ukabura, nkatangira kwibaza nti: "Ubu koko **ndacyasomye**?" Iyo byanze ncana agatadowa nkasoma nibura amakuru y'ibyabay uwo munsi. Buri munsi rero **ndasoma** nkamenya amakuru kandi nkagira icyo nunguka. **Nsoma** ibitabo, ngasoma ibinyamakuru, ngasoma n'ibyo ku mbuga nkoranyambaga. Ubu na nimugoroba **ndasoma** ibinyamakuru byasohotse uyu munsi. Ejo na bwo **nzasoma** iby'ejo. Ejobundi na bwo **nzasoma** iby'aho n'umwaka utaha **nzasoma** ibizaba bigezweho.

Nzakomeza nsome kugira ngo nkomeze kujyana n'igihe, kuko ibyo ku isi bigenda bilihinduka. Ubwenge **buzakomeza** kwiyongera, udasomye watakara.

Ingero z'ibyava mu matsinda

Inshinga zivuga igikorwa cyahise.	Inshinga zivuga igikorwa kiriho gikorwa none.	Inshinga zivuga igikorwa kizaza.
<u>Narasomye</u>	<u>Ndacyasoma</u>	<u>Nzasoma</u>
<u>Nasomye</u>	<u>Ndacyasomye ra!</u>	<u>Nzasoma</u>
<u>Narasomaga</u>	<u>Ndasoma</u>	<u>Buzakomeza</u>
<u>Narasomye</u>	<u>Nsoma</u>	
<u>Nasomye</u>	<u>Ndasoma</u>	
	<u>Nsoma</u>	

2. Isesengura

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo nyuma bagafatira hamwe umwanzuro

Urugero rw'ibibazo yababaza

- a) Ibihe bivugwamo ibikorwa biri muri iyi mbonerahamwe ni bingahe?

Haravugwamo ibihe bitatu.

- b) Muhereye ku bihe ibikorwa bivugwa mu nshinga mwashyize muri iyi mbonerahamwe, mwavuga ko ibihe bikuru by'inshinga ari ibihe?

Impitagihe, indagihe n'inzagihe.

Umwarimu afasha abanyeshuri gutahura ko ayo magambo aciyeho akarongo ari inshinga zitondaguye mu bihe bitandukanye bikuru ari byo: impitagihe, indagihe n'inzagihe.


- c) Duciye umurongo tukawita igihe, mwawugabanyamo kangahe mukurikije ibihe izi nshinga mwabonye zitondaguwemo?

Duciye uyu murongo tukawita igihe, twawugabanyamo: igihe cyashize, igihe turimo none n'igihe kizaza.

Umwanzuro:

Igihe kigabanyijemo ibice bitatu ari byo: igihe cyahise, igihe cy'ubu n'igihe kizaza.

Ku murongo w'igihe bigaragara bitya:



- Igihe cyahise, kivuga ibyabaye, kikitwa **impitagihe**.
- Ikivuga ibiriho, iby'ubu, n'ibyo dukora nk'akamenyero kitwa **indagihe**.
- Ikivuga ibiri bube mu kanya, ibizaba ejo, n'ibizaba mu gihe kiri imbere cyose ni **inzagihe**.

3. Ibihe bikuru by'inshinga

a) Impitagihe

Impitagihe ivuga ibyahise kare cyangwa kera ikigabanyamo impitakare n'impitakera.

- Impitakare

Impitakare yumvisha igikorwa cyarangiye mu gihe cyashize, ariko kitarengeje uyu munsi, mu kanya kashize.

Ingero:

Nasomaga igitabo.

Nasomye igitabo.

Nsomye igitabo.

Ndagisomye.

Icyo gitabo **nagisomye**.

Izi nshinga zumvisha igikorwa kimaze gukorwa, ariko cyarangiye bitarenze uyu munsi cyangwa mu kanya kashize.

- **Impitakera**

Impitakera yumvisha igikorwa cyarangiye mu gihe cyashize, uhereye ejo hashize ugana hirya yaho.

Ingero:

Nkiri muto **nasomaga** ibitabo byinshi mu cyumweru.

Mu mwaka ushize **nasomye** ibitabo bine.

Kera **narasomye** cyane.

Ejo **nasomye** umunsi wose.

Izi nshinga zumvisha igikorwa cyamaze igihe gikorwa ariko cyarangiye ejo hashize cyangwa hirya yaho.

b) Indagihe

Indagihe ivuga ibiba muri aka kanya, ibiba ubusanzwe, n'ibikorwa bigikomeza n'ibyabaye kera bivugwa mu nkuru, bityo ikigabanyamo indagihe y'aka kanya, indagihe y'ubusanzwe, n'iy'imbarakuru, n'indangagihe y'igikomezo.

- **Indagihe y'ubu: ubungubu, mu kanya kaza, mu kanya gashize**

Indagihe y'ubu yumvikanisha ikirimo gukorwa ubu, aho uvugiyi.

Urugero:

Ndasoma igitabo.

- **Indagihe y'ubusanzwe**

Indagihe y'ubusanzwe yumvikanisha igikorwa gisanzwe gikorwa. Nta wamenya intangiriro n'iherezo ryacyo.

Ingero:

Nsoma igitabo.

Iyo mbonye akanya **ndasoma**.

Ndasoma buri munsi.

Nsoma igitabo kimwe mu minsi ine.

- **Indagihe y'imbarankuru**

Indagihe y'imbarakuru umuntu ayikoresha avuga ibyabaye kera nk'aho ari iby'ubu. isa nk'indagihe y'ubusanzwe, bigatandukanira ku nshoza.

Ingero:

Yagiye mu nzu nuko **arambura** igitabo **arasoma**.
Nuko icyo gihe **turasoma** abantu **baratangara**.

Indagihe y'igikomezo

Indagihe y'igikomezo yumvisha igikorwa kikrimo gukorwa ubungubu: nta wamenya igihe cyatangiriye, nta n'uwanenya igihe kiri burangirire.

Ingero:

Ndacyasoma igitabo.

b) **Turacyategura** ibikorwa tuzakora mu muganda.

Hari n'indagihe y'igikomezo ikoreshwa kenshi mu nteruro zisa n'izibaza, ariko zinatangara. Ingero: a) Ubu se **ndacyasomye** cya gitabo ko ndeba bwije? b) Aho **aracyakoze** wa murimo?

Zumvikanamo igikorwa kifujwe gukorwa mu kanya uvugiyemo cyangwa kari buze, cyangwa mu gihe kizaza, ariko aho uvugiyemeku ukaba utagifite ikizere gihamye ko kiri bukorwe.

c. **Inzagihé**

Inzagihé ivuga ibiza kuba cyangwa ibizaba nyuma y'igihe cyo kuvuga. Yigabanyamo inzahato n'inzakera.

- **Inzahato**

Inzahato ivuga ibiri bube nyuma yo kuvuga, ariko ntibifatire undi munsi.

Ingero: Ku gicamunsi **uratera** umupira.

Ibiri bube uyu munsi mu kanya kaza bishobora kandi kuvugwa mu ndagihe iyo twongeyeho akajambo karanga igihe.

Ingero:

Ndaza mu kanya.

Ndaje ube untegereeje.

- **Inzakera**

Inzakera ivuga ibizaba ejo hazaza cyangwa mu bihe bizakurikiraho. Irangwa na "za-"

Ingero:

Nzasoma igitabo.

Imyitozo

Nyuma y'isomo umwarimu aha abanyeshuri imyitozo kugira ngo asuzume ko intego z'isomo zagezweho. Abaha igihe cyo kuyikora cyarangira bagakosorera hamwe ku kibaho, ibisubizo bikandikwa mu makayi yabo y'imyitozo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo bishoboka:

Soma interuro ikurikira, uyishyire mu nzagihe.

Umuganga na we yatwakiriye neza, twembi nge na Byusa kandi asanga dufite ubwandu bwa mburugu.

- *Umuganga na we azatwakira neza twembi nge na Byusa, kandi azasanga dufite ubwandu bwa mburugu.*

Mukurikize ruhamwa yatanzwe mutondagure inshinga mu gihe cyatanzwe mu dukubo

1. Mutoni (gusobanurira: inzagihe) bagenzi be.
 - *Mutoni azasobanurira bagenzi be.*
2. Uburagaza (kwica : impitagihe) abantu benshi mu myaka ya kera.
 - *Uburagaza bwishe abantu benshi mu myaka ya kera.*
3. Mu Mpeshyi nta mvura (kugwa: indagihe).
 - *Mu Mpeshyi nta mvura igwa.*
4. Mburugu ni imwe mu ndwara (kwandurira: indagihe) mu mibonano mpuzabitsina.
 - *Mburugu ni imwe mu ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.*
5. Iyi nka (kuza: inzagihe) ibyatsi yarishije.
 - *Iyi nka izuza ibyatsi yarishije.*

Umwandiko: Twirinde indwara zandurira mu myanya ndangagitsina

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 74)

Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 76)

Intego yihariye:

Nyuma y'iki gice, umunyeshuri azaba ashobora gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro ziboneye.

Imfashanyigisho: *Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko uvuga ku ndwara zandurira mu myanya ndangagitsina, igitabo cy'umwarimu, amashusho yerekana ibivugwa mu mwandiko.*

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko yo mu mwandiko bagiye gusoma.

Ingero z'ibibazo yababaza aramutse akoresheje ibibazo byo mu buzima busanzwe, n'amashusho:

- a) **Ni iki mubona ku ishusho iri ku mutwe w'umwandiko?**
 - *Ndabona umuganga uri imbere y'umugore n'umugabo.*
- b) **Ubusanzwe umuganga yaganiriza iki abamugannye ari umugabo n'umugore we?**
 - *Ubusanzwe umuganga ashobora kubagira inama ku bijyanye n'imyororokere; kwirinda ndwara n'ibindi.*
Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda ya batandatubatandatu, hanyuma bagasoma ikiganiro barangiza bakungurana ibitekerezo basubiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko

2. Gusoma

2.1. Gusoma bucece

Abanyeshuri barasoma bucece hanyuma basubize ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko basomye.

Ingero z'ibibazo byo gusuzuma ko basomye bucece n'ibisubizo:

- a) **Iyi nkuru iravuga ku ki?**
Iyi nkuru iravuga ku kwirinda indwara zandurira mu myanya ndangagitsina.
- b) **Ni iki gikwirakwiza indwara zandurira mu myanya ndangagitsina?**
Indwara zandurira mu myanya ndangabitsina zikwirakwizwa n'ko abananiwe kwifata bakora imibonano mpuzabitsina batikingiye/nta gakingirizo.
- c) **Ni izihe ngaruka zo gutwara inda ukiri muto?**
Abensi bahagarika amashuri, bakajya kurera abana babyaye. Ubuzima bwabo rero buba bubaye bubi.

2.2. Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye.

Umunyeshuri umwe arajya asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo, nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityo bityo kugeza umwandiko wose urangiye.

Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, anagenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.

Guha icyuho: Umwanya urimo ubusa akenshi ujya hagati mu kintu, kubura igihuza cyangwa icyunga ibantu, igihombo.

Inda zitateguwe: Gutwara inda utarabiteganyije, utiteguye kwakira umwana uzavuka.

Kujarajara: Kutaguma hamwe ukagenda mu nzira nyinshi; aha ni ugukorana imibonano mpuzabitsina n'abantu benshi.

Imburagihe: Igihe kitaragera.

Mu gusobanura inyunguramagambo umwarimu abanza gutanga igisobanuro ijambo rifite mu mwandiko ariko iyo rifite n'ibindi bisobanuro bitari mu mwandiko na byo arabitanga.

Umwarimu aha abanyeshuri umwitoto wo gukoresha amagambo bungutse mu nteruro akanagaragaza uko ukorwa n'uko ukosorwa.

Umwitoto w'inyunguramagambo n'ibisubizo bishoboka

Mushake interuro zikoreshejwemo aya magambo zumvikanisha ko mwumva icyo asobanura.

1. **Guha icyuho:** Kwishora mu mibonano mpuzabitsina nta gakingirizo ni uguha icyuho indwara.
2. **Inda zitateguwe:** Guhohoterwa kw'abakobwa bafatwa ku ngufu bituma batwara inda zitateguwe.
3. **Kujarajara:** Kujarajara muri banki nyinshi ahemuka byatumye zose zimukuraho ikizere.
4. **Imburagihe:** Kwishora mu biyobyabwenge bituma umuntu apfa imburagihe.

2.3. Gusoma no gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye.

Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.

Umwarimu agenzura uko abanyeshuri barimo gukorera hamwe mu matsinda atandukanye.

Nyuma y'iki gikorwa umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.

Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye babyandika ku kibaho.

Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 76)

Intego zihariye:

Nyuma y'iki gice, umunyeshuri azaba ashobora gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iylitsa no gusubiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo ye bwite.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko “**Twirinde indwara zandurira mu myanya ndangagitsina**”, igitabo cy'umwarimu, amashusho yerekana ibivugwa mu nkuru, igitabo k'ikibonezamvugo.

1. Isubiramo:

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko bacheruka gusoma. Abanyeshuri baravuga muri make ibikubiye mu mwandiko bacheruka gusoma. Umwarimu arasaba abanyeshuri kujya mu matsinda, bagasoma umwandiko basubiza ibibazo byawubajijweho.

2. Ibibazo ku mwandiko n'ibisubizo bishoboka

Musubize ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yanyu bwite

- Wumva kumenya ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere byagufasha iki?**
Bizatuma nirinda indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina, nirinde gutwara inda itateganyijwe; ngire ubuzima bwiza.
- Ubuzima bw'imyororokere bugira uruhare rukomeye mu mibereho yacu bite?**
Kubyara ukiri muto ni ibyago bikomeye kuko bigutesha intego zose wari ufite mu buzima; indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina na zo zangiza imibiri zigatera urupfu iyo zitavuwe.
- Kuki abantu bagomba kumva neza bakiri bato ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere?**
Kugira ngo amenye uko yitwara mu busore cyangwa mu bukumi bwe, kugeza mu gihe abaye mukuru agashaka cyangwa agahitamo kudashaka.
- Indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina zikwirakwira zite mu bantu?**
Izo ndwara ziva ku muntu wanduye zijya ku wundi, uko abantu bakorana imibonano mpuzabitsina n'abantu batandukanye akaba ari ko zigenda zikwirakwira.
- Andika ingaruka zo kwandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.**
Akensi abazanduye bakiri bato batinya kuzivuza, maze zikamunga imibiri yabo. Zirabangiza ugasanga nta ntege bafite, ndetse abensi bikabaviramo gupfa imburagihe.

- f) **Ni gute ubuzima bwiza bw'imonyorokere bwagira uruhare mu iterambere ry'igihugu?**

Iyo abantu ari bazima bakora imirimo ibateza imbere , abana ntibahagarike amashuri yabo bityo bakazateza igihugu imbere bagikorera.

Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 77)

Intego zihariye:

Nyuma y'iki gice, umunyeshuri azaba ashobora gusoma umwandiko no kugaragaza ingingo z'ingenzi ziwigize no kuvuga isomo ry'ingenzi bakuye mu mwandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko “**Twirinde indwara zandurira mu myanya ndangabitsina**”, igitabo cy'umwarimu, amashusho yerekana ibivugwa mu nkuru, igitabo k'ikibonezamvugo.

1. Isubiramo:

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko bameruka gusoma.

Abanyeshuri baravuga muri make ibikubiye mu mwandiko bameruka gusoma.

Umwarimu arasaba abanyeshuri kujya mu matsinda, bagasoma umwandiko basubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

2. Gusesengura umwandiko

Mu matsinda abanyeshuri barasubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo bishoboka byo gusesengura umwandiko

Dore ingero z'igisubizo bashobora kubona

1. Ingingo z'ingenzi zigize umwandiko

- Urubyiruko rugomba kumenya ibijyanye n'ubuzima bw'imonyorokere.
- Indwara zandurira mu myanya ndangagitsina zikwirakwizwa no gukora imibonano mpuzabitsina abantu batikingiye.
- Ubuzima bw'imonyorokere rero bugira uruhare mu buryo tubaho.
- Kutamenya ibijyaye n'ubuzima bw'imonyorokere bigira uruhare rukomeye ku mibereho y'umuntu no mu iterambere rye.
- Kwifata ku bakiri bato bakirinda imibonano mpuzabitsina ni byo byabarinda indwara no gutwara inda zidateganyije.

2. Isomo twakura muri uyu mwandiko

- Tugomba kwita ku buzima bwacu bw'imonyorokere kuko ari bwo soko y'ubuzima bwiza kuri twe no ku bana tuzabyara kandi ubuzima bwiza akaba ari bwo soko y'iterambere.

Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 77)

Intego zihariye:

Ahereye ku nsangamatsiko yahawe, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gutanga ibitekerezo ku nsanganyamatsiko ijyanye n'umwandiko.

Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga ku buzima bw'imyororokere, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. Isubiramo:

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku mwandiko bameruka gusoma.

Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

2. Gusoma umwandiko

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.

Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

3. Kungurana ibitekerezo

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kungurana ibitekerezo ku cyakorwa kugira ngo indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina zicike mu bantu; akabasaba kurambura ibitabo byabo ahari ikibazo cyo kungurana ibitekerezo bakagisoma mu ijwi riranguruye ndetse akabasaba no kucyandika ku kibaho. Umwarimu asaba abanyeshuri kujya batera urutoki bagatanga ibitekerezo ku kibazo banditse ku kibaho no kugira icyo bavuga ku bitekerezo bitangwa na bagenzi babo.

Insanganyamatsiko:

Mubona hakorwa iki kugira ngo indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina zicike mu bantu?

Ingero z'ibitekerezo byava mu matsinda:

- Abazifite bose bakwiye kwivuza kandi bakirinda kuzikwirakwiza.
- Hakwiye kujyaho ibihano bikomeye ku bantu bakwirakwiza izo ndwara babizi.
- Abashakanye bakwiye kwirinda guvana inyuma.
- Urubyiruko rukwiriye kwirinda imibonano mpuzabitsina urunaniwe kwifata rukitabaza udukingirizo kuko dufasha kwirinda indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.

- Hakenewe ubukangurambaga bukomeye ku rubyiruko...

Igice cya gatanu: Ikinyazina mbaza

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 77)

Intego zihariye:

Ahereye ku kiganiro cyangwa interuro ziganjemo ikinyazina mbaza, nyuma y'iki gice, umunyeshuri araba ashobora gutahura ibinyazina mbaza, gutanga inshoza yacyo no kugikoresha neza mu nteruro.

Imfashanyigisho: Ikiganiro kiganjemo ibinyazina mbaza.

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma ikiganiro kiri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 77 akayababazaho ibibazo bituma bavumbura ikinyazina mbaza.

Ingero z'ibibazo yababaza:

- Ni ikihe kibazo Muhire yabajije Mahoro ashaka kumenya ibyo yambaye?**
 - *Muhire yabajije Mahoro << Noneho se ibyo wambaye ni ibiki?*
- Mahoro yasubije iki Muhire?**
 - *Ibihe se udasnzwe ubona.*

2. Isesengura:

Ibibazo n'ibisubizo:

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda ya babiribabiri, hanyuma bakongera bagasoma ikiganiro barangiza bakungurana ibitekerezo basubiza ibibazo byabajijwe biri mu bitabo byabo. Nyuma yo gusubiza ibyo bibazo umwarimu abafasha gufata umwanzuro.

- Amagambo: Ibiki, ibihe, angahe, afite uwuhe mumaro mu nteruro?**
Ni amagambo abaza.
- Mubona ashobora kwisanisha mu nteko zitandukanye?**
Yego.
- Muhereye ku miterere n'umumaro wayo mwayita iki?**
 - *Ibihe, angahe? Ni amagambo ashobora kwisanisha mu nteko zinyuranye.*

Ingero: Nt10: Izihe, zingahe?

Nt 11: Uruhe...

Akoreshwa mu kubaza ushaka gusobanukirwa neza uko ikintu kimeze. Ni ibinyazina mbaza.

Ni ibinyazina mbaza.

- d) **Amagambo abaza nka: Nde? ryari? ki? Na yo yashyirwa muri ubu bwoko bw'amagambo?**

Oya.: Amagambo: Nde?, ryari?, ki?, Arabaza, ariko si ibinyazina mbaza, kuko yo ntiyisanisha n'amazina aherekeje.

Ingero: Ni nde? Inka ki? Uzaza ryari?

Umwanzuro:

Ibinyazina mbaza ni amagambo aherekeza amazina cyangwa akayasimbura, afasha mu kubaza usobanuza cyangwa wifuza kumenya umubare w'ibantu. Habaho andi magambo abaza nka: nde? ryari? ki? Ariko atari ibinyazina mbaza.

Ingero: Ni nde? Inka ki? Uzaza ryari?

Imbonerahamwe y'ikinyazina mbaza

Inteko + izina riyirimo	Igicumbi -ngahe?	Igicumbi -he?		Igicumbi - e?
		kigufi	kirekire	
Nt 1: Umukinnyi	-	wuhe?	uwuhe?	
Nt 2: Abakinnyi	bangahe?	bahe?	abahe?	
Nt 3: Umukino	-	wuhe?	uwuhe?	
Nt 4: Imikino	ingahe	yihe	iyihe	
Nt 5: Ishuri	-	rihe?	irihe?	
Nt 6: Amashuri	angahe?	yahe?	ayahe?	
Nt 7: Ikibuga	-	kihe?	ikihe?	
Nt 8: Ibibuga	bingahe	bihe	ibihe	
Nt 9: Ingofero	-	yihe?	iyihe?	
Nt 10: Ingofero	zingahe?	zihe?	izihe?	
Nt 11: Urwego	-	ruhe?	uruhe?	
Nt 12: Akabati	-	kahe	akahe?	
Nt 13: Uturabo	tungahe?	tuhe?	utuhe?	
Nt 14: Uburiri	bungahe?	buhe?	ubuhe?	
Nt 15: Ukwezi	-	kuhe?	ukuhe?	
Nt 16: Ahantu	hangache?	hahe?	ahahe?	he?

Imyitozo:

Nyuma y'isomo umwarimu aha abanyeshuri imyitozo kugira ngo asuzume ko intego z'isomo zagezweho. Abaha igihe cyo kuyikora cyarangira bagakosorera hamwe ku kibaho, ibisubizo bikandikwa mu makaye yabo y'imyitozo.

Ibisubizo bishoboka ku myitozo yatanzwe

1. Tahura ibinyazina mbaza muri aka gace k'umwandiko

Gutegura gahunda y'ighembwe.

Mu ntangiriro ya buri mwaka buri munyeshuri aba akwiye kwibaza ibibazo bikurikira:

Muri uyu mwaka tuziga amasomo **angahe**? Amasomo mbona akomeye ni **ayahe**? Nkeneye amakaye **angahe**? Isomo iri n'iri rigaruka inshuro **zingahe** mu cyumweru? Ibantu bikunze kungora ni ibiki? Ni **he** nakwigira hamfasha kwiga mu mutuzo? Ni **abahe** bantu bamfasha mu myigire yange? Ibantu bishobora kundangaza bigatuma ntiga neza ni ibiki?

Iyo umaze kubona ibisubizo by'ibyo bibazo uba warangije gutsinda.

2. Mutahure muri iki kinyatuzu gikurikira ibinyazina nibura bitatu.

B	I	N	G	A	H	E
A	K	A	H	E	H	E
N	I	G	I	K	I	I
G	I	N	N	Y	O	O
A	B	A	K	I	N	O
H	I	G	I	K	I	A
E	K	I	H	E	N	U
B	I	H	E	H	E	O

Intambike harimo: bingahe, akahe, bihe?

Impagarike harimo: bangache, kihe?

Umwandiko: Nzirinda ikintu cyose cyanshora mu busambanyi.

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 81)

Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 82)

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko uvuga ku kwirinda ingeso zituma bishora mu busambanyi, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iysita; gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.

Imfashanyigisho: *Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko “Nzirinda ikintu cyose cyanshora mu busambanyi,” igitabo cy'umwarimu, amashusho yerekana abavugwa mu nkuru.*

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegerezza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.

Ingero z'ibibazo yababaza aramutse acoresheje amashusho:

Mwitegerezza igishushanyo kiri mu gitabo ku ipaji yamusubize ibi bibazo:

a) **Ni iki mubona umugabo aherezza umukobwa?**

Aramuherezza amafaranga.

b) **Mubona umukobwa yayakiriye?**

Oya, yayanze.

c) **Ese wifashishije ibishushanyo biri ku ipaji ya..... urakeka ko umwandiko uvuga ku ki?**

Uravuga ku bantu bashobora gushukashuka urubyiruko cyanecyane abana b'abakobwa.

2. Gusoma

2.1. Gusoma bucece

Abanyeshuri barasoma bucece hanyuma basubize ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko basomye.

Ingero z'ibibazo byo gusuzuma ko basomye bucece n'ibisubizo:

a) **Ni ba nde bavugwa mu mwandiko?** Mu mwandiko haravugwamo ingimbi, abangavu n'ababashora mu mibonano mpuzabitsina.

2.2. Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye: umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo, nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye.

Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, agenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.

- b) **Ni izihe ngaruka zivugwa zo gukora imibonano mpuzabitsina ukiri muto zivugwa mu mwandiko?**

Kwangirika ku mubiri, no kwangirika mu bwonko.

2.3. Gusoma no gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye.

Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.

Urugero rw'ibisubizo byava mu matsinda

Irari: Ukwifusa ibintu bishimisha umubiri.

Umushizi w'isoni: Umuntu uvuga amagambo y'imvugo nyandagazi nko gutukana.

Ubwonko: Igice cy'umubiri kidufasha gutekereza.

Ibyiyumvo: Ugushimishwa n'ibyo ubona, ibigukozezo, ibyo utamiye; ibiguhumuriye cyangwa se ibigukozezo.

Mu gusobanura inyunguramagambo umwarimu abanza gutanga igisobanuro ijambu rifite mu mwandiko ariko iyo rifite n'ibindi bisobanuro bitari mu mwandiko na byo arabitanga.

Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitozo y'inyunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

- a) **Mu matsinda nimushake interuro zikoreshejwemo amagambo zumvikanisha ko mwumva icyo asobanura.**

Irari:

Irari ryo kwambara imyenda ihenze ryatumye atwara inda atateguye.

umushizi w'isoni:

Ubwo utinyutse kwimyoza umwarimu agutumye uri umushizi w'isoni.

Ubwonko:

Ubwonko ni bwo bugenga umubiri wose w'umuntu.

Ibyiyumvo:

Bamubwiye ko yatsinze ikizamini cy'akazi maze atugaragariza ibyumvo bye, ananirwa kwiyumanganya.

b) Fora ndi nde?

Ni nge shingiro ryo gutekereza kandi ibyumviro byose ndabitegeka Ndi ubwonko.

Ifashishe aka gokino ka “fora ndi nde?” Ubaze ikibazo cyo gufindura amagambo akurikira: Umutima, ingimbi, umwangavu.

1. *Mba mu gituza kandi nohereza amaraso mu mubiri wose: Ndi umutima.*
2. *Mfite imyaka cumi n'ine kandi ijwi ryange ritangiye kuniga: Ndi ingimbi.*
3. *Ndi umukobwa utangiye gupfundura amabere: Ndi umwangavu.*

Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 83)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga ku **kwirinda ingeso zatuma bishora mu busambanyi**, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. Isubiramo

Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.

2. Gusoma baranguruye.

Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye. Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.

Umwarimu agenzura uko abanyeshuri barimo gukorera hamwe mu matsinda atandukanye.

Nyuma y'iki gikorwa umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.

Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye babyandika ku kibaho.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

a) Ni ibikiabantu bakunze gushukisha ingimbi n'abangavu bagamije kubashora mu mibonano mpuzabitsina?

- *Akensi bashukishwa utuntu duto nk'amafaranga, imyenda, utuntu turyoshye two kurya cyangwa kunywa batarashobora kwigurira n'ibindi.*

b) Hari igishuko wowe wari wahura na cyo muri ubwo buryo? Wakinwayemo ute?

- *Abanyeshuri baratanga ubuhamya bunyuranye.*

c) Rondora ingaruka ku bantu bishora mu mibonano mpuzabitsina bakiri bato.

- *Ubwonko burangirika intego umuntu yari afite mu buzima zose zikazima, umubiri ukangirika ibikorwa bigahagarara.*

d) Kwangirika mu bwonko bizana izihe ngaruka ku wishoye mu mibonano mpuzabitsina akiri muto?

- *Usanga umuntu atagishobora kwifata, imibonano mpuzabitsina ikaba ari yo imugenga. Ikindi, intego yari afite mu buzima zose zirazima, agatangira gutsindwa mu ishuri byarimba akarivamo.*

e) Kvirinda imibonano mpuzabitsina ukiri muto ni ukurinda ibintu bitatu.

Ni ibihe? Kubera iki? Wabirinda ute?

- *Ibyo bintu bitatu ni byo: Umubiri, umutima n'ubwonko.*

Umubiri ugomba kurindwa kuko ushabora kwangirika urwara indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina. Umutima ni wo uvamo ibiyumvo naho ubwonko bukaba ari bwo buvamo ibitekerezo.

Wabyirinda wifata ukirinda gukora imibonano mpuzabitsina kugeza ubwo uzabana n'uwo muzashyingiranwa.

Igice cya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 83)

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko amaze gusoma no kuwumva, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gutahura ingingo z'ingenzi zigize umwandiko no gutahura isomo rikubiye mu mwandiko.

Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga ku kwirinda ingeso zituma bishora mu **busambanyi** amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. **Isubiramo:**

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga muri make ibyo bibuka mu isomo riheruka.

Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

2. **Gusoma no gusesengura umwandiko**

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.

Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

Mu matsinda baratahura ingingo ku kwirinda ingeso zituma bishora mu busambanyi bavuge n'isomo bakuyemo hanyuma bagende bahuriza ku kibaho ibyo bagezeho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.

Ingero z'ibyava mu matsinda:

a) **Ingingo z'ingenzi zigize uyu mwandiko munawukorere inshamake.**

- *Ingimbi n'abangavu bakunze gushukwa n'abantu bakuze, bakabashora mu mibonano mpuzabitsina yangiza ubuzima, igatuma abo bangavu n'ingimbi bahagarika amashuri yabo.*
- *Kwirinda gushorwa mu mibonano mpuzabitsina rero ni ukwirinda kugira irari ry'ibyo utarashobora kwiha, ukirinda abagushuka.*
- *Ingaruka ni nyinshi ku bantu bishora mu mibonano mpuzabitsina bakiri bato: kwisuzugura, kutigirira ikizere, no kuraruka no kwiyanga*
- *Kugira ngo utegure ubuzima bwawe neza ni ukumenya guhuza ibintu bitatu ari byo: umubiri, umutima n'ubwonko; ugakora ibintu muri gahunda.*

b) **Isomo nkuye muri uyu mwandiko.**

- *Imibonano mpuzabistina ntiyangiza umubiri gusa, yangiza cyane imitekerereze n'imyitwarire y'uyikoze akiri muto.*
- *Ni ngomwa kwirinda abadushuka kugira ngo bitatwangiriza umubiri, umutima n'ibiyiyumvo.*

Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 83)

Intego zihariye:

Ahereye ku nsanganyamatsiko ijjyanye no **kwirinda ingeso zituma bishora mu busambanyi**, nyuma y'iki gice umunyeshuri arabu ashobora gutanga ibitekerezo bifite ireme anenga cyangwa ashima mu bwubahane.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu.

1. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo bameruka kwiga.

Urugero rw'ibibazo yabaza:

Ni irihe somo duheruka kwiga?

Duheruka gusesengura umwandiko “**Nzirinda ikintu cyose cyanshora mu busambanyi**”

Umwarimu yandika ku kibaho insanganyamatsiko yo kunguranaho ibitekerezo agasaba umunyeshuri umwe kuyisoma mu ijwi riranguruye.

2. Insanganyamatsiko yo kunguranaho ibitekerezo:

Ese ni ngombwa kwishora mu mibonano mpuzabitsina kubera ko nkunda umukobwa cyangwa umuhungu?

Ibisubizo bishoboka:

Urukundo ntirugaragarira mu gukorana imibonano mpuzabitsina; ku batarashakana ubushuti bushobora gushimangirwa n'impano nziza, kwandikirana, kwifurizanya ibyiza no gufashanya.

Umukoro

Nyuma yo kungurana ibitekerezo umwarimu aha abanyeshuri umukoro wo gukora inshamake y'ibyo bunguranyeho ibitekerezo.

Umukoro ukosorerwa hamwe ku kibaho bagakora inshamake iboneye.

Igice cya gatanu: Ikinyazina mboneranteko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 84)

Intego zihariye:

Ahereye ku nteruro cyangwa umwandiko byaganjemo ibinyazina mboneranteko, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gutanga inshoza y' ikinyazina mboneranteko, kugaragaza uturango twacyo; kugitahura mu nteruro no kugikoresha neza mu nteruro ziboneye.

Imfashanyigisho: Interuro ziganjemo ikinyazina mboneranteko.

1. Isubiramo:

Umwarimu arabaza abanyeshuri kuvuga muri make ibyo bibuka ku isomo bameruka kwiga.

Abanyeshuri baravuga muri make ibikubiye mu isomo bameruka kwiga.

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda bagasoma interuro zikurikira.:

- a) Za dodo ziraryoha.
- b) Ba marume bamfashije kwiga.
- c) Ka Mukamana kagira urugwiro.
- d) Mfite ba masenge babiri kandi bombi bize iby'ubwubatsi.

2. Isesengura:

Umwarimu asaba abanyeshuri gutekereza ku miterere n'umumaro by'amagambo aciyeho akarongo mu nteruro zatanzwe no kuyashyira mu nteko zinyuranye.

Ibisubizo bishobora kuba:

- a) **Aya magambo aciyeho akarongo murabona aherekeza amazina ateye ate?**
Aherekeza amazina bwite n'amazina rusange adafite indomo.
- b) **Ubona afite uwuhe mumaro?**
Yerekana inteko izina rrimo
- c) **Uhereye ku miterere n'umumaro byayo wayita iki? Hari irindi zina ryabyo muzi?**
Ni ibinyazina mboneranteko. Bayita kandi ibinyazina ndanganteko.
- d) **Mumaze kubona uko biteye n'uko bikoreshwa mwavuga ko ibinyazina mboneranteko ari iki?**
Ni ibinyazina biherekeza amazina bwite n'amazina rusange adafite indomo, bikagaragaza inteko arimo.

Umwanzuro:

Ikinyazina mboneranteko ni ijambo rikoreshwa imbere y'amazina bwite n'amazina rusange adafite indomo akerekana inteko izina rrimo. Bakita ikinyazina mboneranteko cyangwa ikinyazina ndanganteko.

*Iyo abanyeshuri barangije kugaragaza ibyakorewe mu matsinda, umwarimu abaha imyitozo yo gusuzuma ubumenyi ngiro bwo gukoresha **ikinyazina mboneranteko/ndanganteko** mu nteruro.*

Imbonerahamwe y'ikinyazina mboneranteko (ndanganteko)

Inteko	Ingero
Nt 1	-
Nt 2	ba Karisa, ba data
Nt 3	-
Nt 4	-
Nt5	-
Nt6	-

Nt7	cya Karisa
Nt8	bya Karisa
Nt9	-
Nt10	za Karuvati
Nt11	rwa Karisa
Nt12	ka Karisa
Nt13	twa Karisa
Nt14	bwa Karisa
Nt15	-
Nt16	-

Imyitozo

Nyuma y'isomo umwarimu aha abanyeshuri imyitozo kugira ngo asuzume ko intego z'isomo zagezweho. Abaha igihe cyo kuyikora cyarangira bagakosorera hamwe ku kibaho, ibisubizo bikandikwa mu makaye yabo y'imyitozo.

1. **Shyira izina Murorunkwere mu nt12 ubishyire mu nteruro iboneye.**
Murorunkwere agira umutima mwiza: **Ka Murorunkwere kagira umutima mwiza.**
2. **Koresha ijambo marume mu nteko ya 11 usanishe n'andi magambo mu nteruro ikurikira.**
Marume yanyambuye isambu yange: **Rwa marume rwanyambuye isambu yange.**
3. **Andika bwoko bw'ijambo riciyeho akarongo.**
 - a) **Ni utuhe dutebo ka Mbonigaba kaboshye?**
Utuhe: Ikinyazina mbaza
Ka: Ikinyazina mboneranteko.
 - b) **Ka kana ka Matayo kagize amanota angahe?**
Ka: Ikinyazina nyereka
Ka: Ikinyazina ngenera
Angahe: Ikinyazina mbaza.
 - c) **Za nka zawe ni zo zituma wigira za magabo?**
Za: Ikinyazina nyereka
Zawe: Ikinyazina ngenera ngenga
Zo: Ikinyazina ngenga
Za: Ikinyazina mboneranteko.

Umwandiko: (Insigamigani) Gera umuzinga ku wa Bugegera

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 86)

Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 88)

Intego zihariye:

Ahereye ku nsigamigani yasomye, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gusobanura amagambo akomeye ari mu nsigamigani no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.

Imfashanyigisho: Insigamigani “**Gera umuzinga ku wa Bugegera**”, igitabo cy'umwarimu, amashusho yerekana abavuga mu nsigamigani.

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga ; akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko yo mu mwandiko bagiye gusoma.

Ingero z'ibibazo yababaza aramutse akoresheje amashusho:

- a) **Ni iki mubona kuri iki gishushanyo?**
Umugabo wambaye uruhu ku gice cyo hasi, ahandi yambaye ubusa, arimo guhakura mu muzinga wagitse mu giti gifite amashami abiri. Inzuki ziri kuguruka iruhande rwe ari nyinshi.
- b) **Ubusanzwe inzuki ziba he?**
Ubusanzwe inzuki ziba mu muzinga.
- c) **Witegereje iki gishushanyo utekereza ko umwandiko uvuga ku ki?**
Umwandiko uravuga ku bworozzi bw'inzuki.

2. Gusoma

2.1. Gusoma bucece

*Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari insigamugani “**Gera umuzinga ku wa Bugegera**” akabasaba kuwusoma bucece nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.*

Ingero z'ibibazo yababaza n'ibisubizo bishoboka

- a) **Ni ba nde bavugwa mu mwandiko?**
Mu mwandiko haravugwamo: Bugegera, Nyirampumbya, Mirenge, umuboshyi w'imizinga.
- b) **Ari Mirenge ari na Bugegera ni nde wari ufite ubuki bwiza?**
Bugegera yari afite ubuki bwiza.

2.2. Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye.

Umunyeshuri umwe arajya asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo, nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityo bityo kugeza umwandiko wose urangiye.

Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, anagenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.

2.3. Gusoma no gusesengura amagambo akomeye

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo mashya kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko.

Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bari gukorera hamwe mu matsinda atandukanye.

Nyuma y'iki gikorwa umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.

Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye babyandika ku kibaho.

Urugero rw'ibyava mu matsinda:

Ikirangirire: Umuntu uzwi cyane.

Baramushikiraga: Bazaga kumureba bafite amatsiko.

Kumucaho inshuro: Kumukorera akabahemba ibyo bajya guteka.

Imizinga: Imitiba irimo inzuki.

Ingumba: Inka itakibyara kandi itaraba ibuguma.

Kwagika: Gushyira imizinga mu giti cyangwa ahanti hantu utegereje ko yinjiramo inzuki.

Amarwa: Ikigage gisembuye.

Umusemburo: Imvange y'ifu y'amamera n' inzoga y'ibitoki bakoresha mu gusembura ikigage.

Ushamaje: Ushimishije abawurora.

Wiraburirwaga: Bawukoreraga imigenzo yo kwirabura bakagira ibyo bigomwa bakundaga.

Araterura: Atangira kuvuga.

Umwitozo w'inunguramagambo

Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitozo

y'inyunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. **Uzurisha amagambo akurikira mu nteruro zatanzwe:** umusemburo, ubuki, yarateruye, umuvumvu, inzuki.
 - a) Mugabo yarateruye aravuga ati: "Sinshobora kurara ntariye inyama."
 - b) Mu ifarini bashyiramo umusemburo kugira ngo umugati ubyimbe.
 - c) Ikigage bashyizemo ubuki kitwa amarwa.
 - d) Nagitse umuzinga uhita winjirwamo n' inzuki ubu ndi umuvumvu utegereje guhakura nkabona ubuki
2. **Uzuza iyi migani ukoresheje amagambo ukuye mu mwandiko.**
 - a) Uwavuga ay'inzuki ubuki ntibwaribwa.
 - b) Igitu kimwe si **ishyamba**.
 - c) Ntawujya mu **ishyamba** ngo abure inkoni aca.
 - d) Ukurusha **umugore** aba akurusha urugo.
 - e) Ubuze ay'iburyo akama ay'**ibomoso**.
 - f) Ubwenge bw'**umwe** burayobera.

Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 88)

Intego zihariye:

Bahereye ku nsigamigani bamaze gusoma, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva insigamigani mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

Imfashanyigisho: Insigamigani "**Gera umuzinga ku wa Bugegera**", amashusho ajanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. Isubiramo

Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko

2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.

Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.

Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda,

babinonosora bafatanyije n'umwarimu.

Umwarimu agenzura uko abanyeshuri barimo gukorera hamwe mu matsinda atandukanye.

Nyuma y'iki gikorwa umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.

Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye babyandika ku kibaho.

3. Ibibazo n'ibisubizo ku mwandiko

Iyi mvugo “Gera umuzinga ku wa Bugegera” yaturutse he?

Iyi mvugo yaturutse ku mugabo Bugegera wagitse akazinga ke kamwe yigana Mirenge kakarusha iyo kwa Mirenge kwera.

Ubukungu bwa Mirenge yabuvanye he?

Ubwo bukungu bwe bwakomokaga ku mizinga y'inzuki yagikaga, bituma agira ubuki bwinshi, abafite amasaka, ingumba n' imfizi bakabimuzanira bagatetura (kugurana ubuki).

Kugira ngo Bugegera ashobore kwibeshaho yagize ikihe gitekerezo?

Yigiriye inama yo kuboha imizinga akayagika.

Kugira ngo Bugegera abone umubohera umuzinga yasabye iki umugore we?

Yamusabye kumushakira amarwa.

Kugera umuzinga ku wa Bugegera bisobanura iki?

Ni ukwigana urugero rwiza ubonana abandi.

Umuntu ukora umwuga wo korora inzuki bamwita ngo iki?

Bamwita umuvumvu cyangwa umuvumbu.

Hitamo igisubizo cy' ukuri. Uyu mwandiko ni:

- a) Inkuru
- b) Igitekerezo
- c) Insigamigani
- d) Umugani muremure.

Igice cya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 89)

Intego zihariye:

Nyuma y'iki gice, umunyeshuri azaba ashobora kuvuga insanganyamatsiko ivugwa mu nsigamigani, kugaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu nsigamigani.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

1. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

Ni uwuhe mwandiko duheruka gusoma?

- *Duheruka gusoma insigamigani* “Gera umuzinga ku wa Bugegera”

2. Gusesengura umwandiko.

Mu matsinda abanyeshuri barasubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

a) Vuga ingingo z'ingenzi zigize uyu mwandiko.

- Uyu mugani “Gera umuzinga ku wa Bugegera!” Wakomotse ku mugabo wo ku Ntenyo mu Nduga y'epfo witwa Bugegera.
- Bugegera, umugaragu wa Mirenge wari umukene cyane ageretseho no kuba yaracitse intoki z'ikiganza k'iburyo yitegereje imizinga ya Mirenge bahakura ubutitsa; azirikana n'ibintu bazanira Mirenge bagurana.
- Ni ko kwigira inama yo kuboha imizinga akayagika.
- Bugegera amaze kugwiza uduti twe, abwira umugore we Nyirampumbya kumushakira amarwa meza kugira ngo aziyingingire umuntu wo kwa Mirenge azamubohera umuzinga.
- Nyirampumbya yenga amarwa barayahururira barizihirwa. Bugegera asabye uwamubohera umuzinga haboneka uwufite.
- Bukeye ajya kuwuzana arawagika agira amahirwe winjira vuba.
- Ugiye kwera urasizora; yenze ubuki buratangaza buruta ubwo kwa Mirenge kure.
- Nuko kuva ubwo Bugegera arakira aranezerwa akijijwe n'umuhate wo kwigana gukora.
- “Kugera umuzinga ku wa Bugegera” ni ukwigana urugero rwiza ubonana abandi.

b) Ni izihe nyigisho z'ingenzi twakwigira kuri iyi nsigamigani?

Dukwiye kwigana ibifite akamaro tubonana abandi.

Umuntu ufite ubumuga na we ashobora guhitamo umwuga umubereye, agakora akiteza imbere aho kwirirwa asabiriza.

3.8. Igice cya kane: Inshoza n'uturango by'insigamigani

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 90)

Intego zihariye:

Ahereye ku miterere y'umwandiko “Gera umuzinga ku wa Bugegera” n'ibivugwamo umunyeshuri arabu ashobora gutanga inshoza n'uturango by'insigamigani no gutanga izindi nsigamigani ndetse no kuzisobanura.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

- Isubiramo: Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko “Gera umuzingo ku wa Bugegera”.**
- Inshoza n’uturango tw’insigamugani.**
Umwarimu abaza abanyeshuri ikibazo gikurikira “Ukurikije imiterere y’umwandiko n’ibivugwamo, wavuga ko insigamigani ari iki? Irangwa n’iki?
- Ukurikije imiterere y’uyu mwandiko n’ibivugwamo, wavuga ko insigamigani ari iki, irangwa n’iki?**

Insigamigani ni zimwe mu ngeri z’ubuvanganzo nyarwanda, zikaba zaragaragariraga cyane, mu mivugire, mu migendere, mu myumvire, mu mikorere no mu mibereho y’ubuzima bwabo bwa buri munsi. Ijambo insigamigani ryagendeye ku magambo abiri y’Ikinyarwnda ari yo **gusiga n’umugani**. Nk’uko amateka y’ubuvanganzo nyarwanda abigaragaza, umugani ni ipfundu ry’amagambo atondetse neza, akubiyemo ihame ridutoza gukora iki cyangwa se kudakora kiriya. Ijambo gusiga, ni ijambo risanzwe rikoreshw mu Kinyarwanda, aha rikaba rishaka kuvuga kugira ikintu runaka usigira umuryango mugari uzajya ukwibukiraho, kikaba umurage wabo w’ibihe birebire. Insigamigani yo ni ahantu cyangwa se abantu babaye abagenuzi b’imigani ubwabo cyangwa se inkomoko yayo, kimwe n’ibindi rubanda bagenuriyeho, bakabigira iciro ry’imigani, nk’inyamaswa, inyon, n’ibindi. Aha ni ho hava izina **“ibirari by’insigamigani”**. Bikaba bishaka kuvuga, inkora y’aho ikintu cyanyuze kigana aha n’aha. Insigamigani rero ni amayira, amateka, amagambo, n’uburyo imvugo yabaye umugani yadutsemo igihe iki n’iki, ahantu aha n’aha.

Imirangururire y’insigamigani

Barangurura ibirari by’insigamigani, bagaragaza inkora naka yanyuze ubwe, cyangwa iyo Gacamigani we yahimbiye kunyuzamo ikindi yitiriye amageza yavuyemo umugani bat: «Umugani uyu n’uyu wakomotse kuri naka na kanaka cyangwa se na nyiranaka», bakigisha cyangwa se bakibutsa imimerere yo guhimba kwe, ishobora kumera nk’iya wa wundi wa mbere bakurijeho.

Dore mbese nk’umugani baca bagira ngo “Arimo gishegesha ntavura” bavuga ko wakomotse kuri Gishegesha cya Bungura wo mu Bibungo bya Mukingo mu Nduga, na Bugabo wo mu Bugesera, ahasaga mu wa 1600, ku ngoma ya Mibambwe Gisanura. Wamamaye kuko Gishegesha yayoboye Abanyarwanda bagatera u Bugesera, agakuza Bugabo amata mu kanwa ari bwo akigabana. Yamubereye kirogoya kuko yamunyagishije inka atarazimarana kabiri. Iyo rero amaronko ajemo kirogoya ikayavutsa nyirayo ni bwo bagira bat: “Arimo gishegesha ntavura”. Ubwo baba bigana Bugabo wamaze kunyagishwa na Gishegesha akavuga atyo, ati: “Arimo Gishegesha ntavura”.

Igice cya gatanu: Kungurana ibitekerezo ku byavuzwe mu mwandiko

(Igitabo cy’umunyeshuri, urupapuro rwa 89)

Intego zihariye:

Ahereye ku nsanganyamatsiko yahawe, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora kubaza ibibazo no gutanga ibitekerezo bifite ireme kuri iyo nsanganyamatsiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

1. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo baheruka kwiga. Abanyeshuri bari mu matsinda basubiza icyo kibazo nyuma bagafatanya n'umwarimu kunonosora ibyo bagezeho. Urugero rw'ibyava mu matsinda:

Ingero z'ibibazo yabaza:

- Ni irihe somo duheruka kwiga?** Duheruka gusesengura insigamugani “Gera umuzinga ku wa Bugegera.”
- Muri uwo mwandiko twakuyemo irihe somo?** Dukwiye kwigana ibifite akamaro tubonana abandi.

Insanganyamatsiko zo kunguranaho ibitekerezo:

1. Ese gucika intoki z'ikiganza bikwiye gutuma umuntu asabiriza?

Oya. Duhereye ku rugero rwa Bugegera, turabona ko hari imirimo umuntu ufite ubumuga ashobora gukora ikamutunga atagombye gusabiriza. Hari abashobora kudoda inkweto, korora inzuki, ndeste no guceruza. Mbese buri wese ashobora guhitamo umwuga umubereye ashoboye ukamutunga.

2. Uhoreye ko Bugegera yiganye Mirenge yarangiza agakora nk'ibye ndetse akanamurusha, bigatuma abantu bamwegukira bakava kuri Mirenge, wavuga ko Bugegera ari umunyeshyari mubi cyangwa wamwita umuntu uharanira kunguka ubwenge agamije kwibeshaho.

Bugegera sinamwita umunyeshyari mubi kuko ugira ishyari ribi ni ubona ibyiza abandi bakora agaharanira kubisenya. Naho uwigana ibyiza abonanye abandi ndetse agaharanira kubikora neza, aba afite ishyari ryiza, rimwe ridasenya ahubwo riharanira iterambere.

3. Umukoro: Mushake izindi ngero nibura eshatu z'insigamigani mwaba muzi, muvuge n'icyo zisobanura: mushobora kwifashisha isomero cyangwa mukabaza abantu bakuru.

Ibintu byageze iwa ndabaga: ibintu byakomeye kurusha uko twabikekaga.

Ibintu ni magirirane: abantu bagomba gufatanya; ikintu kimwe kigira akamaro iyo cyunganiwe n'ikindi.

Kurya karungu: kurakara cyane.

Umwandiko (Indirimbo): Dore umunyana
(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 91)

Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 92)

Intego zihariye:

Nyuma y'iki gice, umunyeshuri azaba ashobora gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iylitsa; gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko; kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse; gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko atajijinganya.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko uvuga ku **ndirimbo: Itahe ni ubusa**, igitabo cy'umwarimu, amashusho yerekana ibivugwa mu ndirimbo.

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu aganirira abanyeshuri akaganiro ko mu buzima busanzwe kaganisha ku mwandiko bagiye kwiga, akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura ibyerekerye n'umwandiko bagiye gusoma.

Ingero z'ibibazo yababaza aramutse akoresheje amashusho:

Mwitegereje igishushanyo kiri mu gitabo ku ipaji ya 91 musubize ibi bibazo:

- a) **Umuntu ugaragara ku gishushanyo arakora iki?**
Umugabo ugaragara ku gishushanyo aracuranga inanga.
- b) **Ukurikije igishushanyo, urakeka ko umwandiko ari iki?**

Umwandiko ni indirimbo.

2. Gusoma

2.1. Gusoma bucece

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari indirimbo: “Dore umunyana”, akabasaba kuwusoma bucece nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo bishoboka:

- a) **Umuririmbyi arahumuriza abantu avuga ngo iki?**
Aravuga ngo: “Dore umunyana, ntukababare”.
- b) **Ni iki umuririmbyi yita inganji iganje?**
Ni u Rwanda rwacu, abana bacu, ubumwe bwacu nk’Abanyarwanda.

2.2. Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye.

Umunyeshuri umwe arajya asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo, nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityo bityo kugeza umwandiko wose urangiyeye.

Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, anagenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.

2.3. Gusoma no gusobanura amagambo akomeye

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo mashya kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko.

Umwarimu agenzura uko abanyeshuri barimo gukorera hamwe mu matsinda atandukanye.

Nyuma y'iki gikorwa, umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.

Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye babyandika ku kibaho.

Ingero z'ibisubizo bishoboka

Umunyana: Igisimba kimeze nk'inyana bivugwa ko cyazaga nijoro, wakibona kirakinagira ukazabaho igihe kirekire, ukarama.

Ntakatubemo: Age kure yacu.

Inganji: Imiyoborere idatsindwa.

Kuganza: Kurusha abandi cyane.

Imyitozo y'inyunguramagambo

Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitozo y'inyunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

Mu matsinda mushake interuro zikoreshejwemo amagambo zumvikanisha ko mwumva icyo asobanura.

1. **Umunyana:** Iyo umuntu yabonaga umunyana ntiyapfaga vuba.
2. **Ntakatubemo:** Umuntu w'umwicanyi ntakatubemo.

3. **Inganji:** Abanyarwanda bafite inganji mu bindi bihugu.
4. **Kuganza:** Nidukina ndakuganza ngutsinde.

Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 93)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

Imfashanyigisho: Imyandiko igaragaza indirimbo “**Dore umunyana**”, amashusho ajanye n’umwandiko, imfashanyigisho z’iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. Isubiramo

Umwaramu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku nkuru ishushanyije baheruka gusoma.

Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko

2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.

Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n’iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.

Umwaramu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n’umwarimu.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko n’ibisubizo

Usibye ibibazo byatanzwe mu gitabo cy'umunyeshuri umwarimu ashobora no kubaza abanyeshuri ibindi bibazo bitari mu gitabo cy'umunyeshuri ariko bijyanye n’umwandiko wizwe.

Ibibazo ku ndirimbo n’ibisubizo

I. Hitamo igisubizo nyacyo

1. Mu gitero cya mbere umuririmbyi avuga ko ari nde udakwiye kutubamo?
 - a) Umunyana
 - b) U Rwanda rwacu
 - c) Uwanga u Rwanda rwacu **Uwanga u Rwanda rwacu**
2. Ni iki gikwiye gutuma tutababara kivugwa mu mwandiko?

- a) Kubona umunyana
- b) Indirimbo
- c) Umubabaro

Kubona umunyana

II. Subirisha yego cyangwa oya

1. Ukarikije umwandiko umunyana ni ikintu kiza **Yego**
2. Mu gitero cya nyuma uwanga Abanyarwanda akwiye gukomeza
Oya.

III. Subiza ibi bibazo:

1. **Iyi ndirimbo ifite ibitero bingahe?**
Iyi ndirimbo ifite ibitero bine.
2. **Ni iki umwanditsi yifuza ku muntu wanga abana?**
Yifuza ko atatubamo.
3. **Andika inyikirizo y'iyi ndirimbo.**
Dore umunyana weee!
Dore umunyana weee! Ntukababare
Dore umunyana weee!

Urugero rw'ibisubizo:

Indirimbo irangwa n'injyana iryoheye amatwi n'amagambo ateye ubwuzu ku buryo uyumva yumva yishimye.

Irangwa kandi n'ibitero bikubiyemo ibitekerezo bitandukanye twagereranya n'ibika byo mu mwandiko usanzwe, n'inyikirizo igenda igaruka.

Indirimbo irangwa n'amajwi akunze guherekezwa n'ibicurangisho bitandukanye bituma amajwi yayo arushaho kuryohera amatwi.

Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 93)

Intego zihariye:

Nyuma y'iki gice, umunyeshuri azaba ashobora kungurana ibitekerezo ku ndirimbo “Dore umunyana”; akagira icyo avuga ku bitekerezo bya bagenzi be adategwa.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu.

1. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo bacheruka kwiga.

Urugero rw'ikibazo yabaza:

Ni irihe somo duheruka kwiga?

Duheruka gusesengura indirimbo “Dore umunyana”

2. Kungurana ibitekerezo

Insanganyamatsiko:

Ni ryari umuntu ashobora kuririmba?

Umwarimu asaba abanyeshuri gutanga ibitekerezo ku ri iyi nsanganyamatsiko ikurikira nyuma akabafasha gutanga umwanzuro no kuwunonosora.

Urugero rw'ibisubizo:

Umuntu ashobora kuririmbiira umukunzi we kugira ngo amwereke ko amwitayeho, ko amukunda. Ashobora no kuririmba mu giye ababaye afite agahinda akaririmba indirimbo y'amaganya.

Igice cya kane: Uturango tw'indirimbo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 94)

Intego zihariye:

Nyuma y'ki gice, umunyeshur azaba ashobora kugaragazaturango tw'indirimbo no guhangwa indirimbo akurikije uturango twayo

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu.

1. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kubibutsa isomo bize ubushize

2. Uturango tw'indirimbo

Mu matsinda umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma indirimbo “Dore Umunyana” maze bagatahura muri iyo ndirimbo uturango twa yo. Umwarimu afasha abanyeshuri kunoza ibisubizo byabo.

3. Ihangamwandiko.

Nimutegure indirimbo muzajya muririmba mu birori cyangwa mu masaha agenewe imyidagaduro.

Umwarimu asaba abanyeshuri guhimba indirimbo bari mu matsinda bakayiririmbiira abandi.

Inshamake y'ibizwe muri uyu mutwe

Mfashe ko:

- Indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina zishobora kwirindwa abantu bifata, hakoreshwa agakingirizo ku bananiwe kwifata, abashakanye bakirinda gucana inyuma.
- Ibihe bikuru by'inshinga birimo impitagihe, indagihe n'inzagihe.
Urugero: – Abana **bakina** buri munsi.
 - Ejo hashize abana **barakinnye**.
 - Ku wa Gatatu utaha abana **bazakina**.
- Ikinyazina mbaza gifasha mu kubaza usobanuza cyangwa ushaka kumenya umubare w'ibantu.
Urugero: Ufite imyaka **ingahe?** Utuye **hehe?** Wiga ku **kihe** kigo?
- Ikinyazina mboneranteko kerekana inteko izina ryashyizwemo.
Urugero: Dore **ka** Muhoza karaje! Muhoza yashyizwe mu mu nteko ya 12.
- Insigamigani ni imvugo yaturutse ku bikorwa by'umuntu wasize umugani.
Urugero: Bateye Rwaserera. Bivuga gusahinda bateza imvururu.
- Indirimbo igira uturango twayo. Twavuga nk'ibitero n'inyikirizo igenda igaruka ndetse n'injyana ipimye.

Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa gatatu

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 95)

Ibigenderwaho mu isuzuma:

- Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko ku buzima bw'imyororokere.
- Ubushobozi bwo gusesengura indirimbo no guhangga uturirimbo two ku rwego rwe.
- Ubushobozi bwo kubaka neza interuro atondagura inshinga mu bihe bikuru byazo.
- Ubushobozi bwo gusesengura insigamigani no gukoresha imigani izikomokaho mu mvugo no mu nyandiko.
- Ubushobozi bwo gusesengura ibinyazina mbaza na mboneranteko no kubikoresha mu nteruro.

Umwandiko: Ntugahe umwana ngo uranguze.

I. Inyunguramagambo

1. **Kora interuro wifashishije aya magambo ukoresheje inyito afite mu mwandiko**
 - a) **Iteka:** Umwami yaciye iteka rirenganura ababyeyi.
 - b) **Bene ako kageni:** Mbese warangiritse bene ako kageni?
2. **Andika impuzanyito z'amagambo akurikira**

Ikibondo = umwana

Bamurangarana = bamwirengagiza

3. **Uzurisha izi nteruro amagambo ari mu mwandiko**
 - a) Abatajya **ibwami**.. babeshywa byinshi.
 - b) Sebutuku yatanze byose ntiyisigira **inyarurembo** .
 - c) Iyo utunze **inka** nyinshi ni zo zigukamirwa.
4. **Sobanura aya magambo**
 - a) Kwicinya icyara = **kwishima cyane**.
 - b) Amaguru ayabangira ingata = **ariruka cyane**.
5. **Tondeka aya matsinda y'amagambo maze areme interuro ziboneye, kandi uzandike witondeye utwatuzo**
Badutoje kutandavura/kuko ntakiza badukinze/kurangwa n'ubutwari n'ubwitonzi/nshime abatubyaye/ngo dukenkemure igihugu cyacu/mumpe urubuga.

Igisubizo:

Mumpe urubuga nshime abatubyaye kuko nta kiza badukinze ngo dukenkemure Igihugu cyacu. Badutoje kutandavura, kurangwa n'ubutwari n'ubwitonzi.

II. Kumva umwandiko

1. **Muri uyu mwandiko haravugwamo ba nde?**
Mu mwandiko haravugwamo umwami Cyilima Rujugira, Sebutuku, abahungu ba Sebutuku, inshuti n'abavandimwe ba Sebutuku.
2. **Uyu mugabo Sebutuku aragawa iki?**
Yatanze ibintu bye byose ntiyisigira na kamwe.
3. **Ni iyihe mpamvu yatumye Sebutuku ajya kuregera umwami abahungu be?**
Bamwicishije inzara kandi yarabareze ari batandatu.
4. **Ni irihe teka umwami Cyilima Rujugira yaciye kubera Sebutuku?**
Ntihazagire ukora ibyo Sebutuku yakoze, ngo najya guha abana aranguze.
5. **Umwami Cyilima Rujugira yaciye ate urubanza rwa Sebutuku?**
Cyilima yatumije abana ba Sebutuku n'abagaragu n'inka z'imianani yabo, umwana wese bamuha inka umunani n'abagaragu umunani, ibisagutse byose Sebutuku abyegukanaho ingarigari.

III. Ikibonezamvugo

1. **Amagambo aciyeho akarongo ni bwoko ki?**
 - a) Uriya mwana **we** arakora iki hariya? (Ikinyazina ngenera ngenga)
 - b) Urabikura **hehe?** Aho mbikura ni nge uhazi. (Ikinyazina mbaza)
 - c) Mbega ngo **rwa** Semuhanuka ruritwara nabi! (Ikinyazina mboneranteko)
2. **Tanga urugero rw'interuro ebyiri zirimo ibinyazina mbaza na mboneranteko.**

Ingero:

Ba Kagabo barakora **ibihe** bintu hanze abandi bari kwiga?
Ni **abahe** bana bigize **za** masore ngo ntibakubaha abo baruta?

3. **Shyira inshinga y'iyi nteruro mu nzagihe**

Mfite akana = Nzagira akana.

IV. Ubuvanganzo

1. **Insigamigani ni iki?** Insigamigani ni umwandiko usobanura inkomoko y'imvugo runaka.
2. **Tanga ingero z'insigamigani ebyiri waba uzi.** Aha umwarimu areba niba ingero zatanzwe ari insigamigani koko. Urugero: Kuruha uwa Kavuna, gukora aho bwabaga, naho Miseke ndarwanya...
3. **Indirimbo irangwa n'iki?** Indirimbo irangwa akensi no kuba ifite ibitero n'inyikirizo.

Imyitozo nzamurabushobozi

- Umwarimu atahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri ahereye ku manota bagize mu isuzuma risoza umutwe akabashyira mu matsinda akurikije ingorane bafite.
- Umwarimu abaha imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo bakayikorera hamwe mu matsinda. Ku badafite ibibazo, umwarimu abaha imyitozo y'inyongera cyangwa akabasaba kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko nsanganyamasomo imyanzuro bafashe bakazayisangiza bagenzi babo batari kumwe. Iyi myitozo umwarimu ayitegura ashingiye ku bibazo abanyeshuri be bafite yibanda aho abanyeshuri be bararagaje ubushobozi buke.

Ingero z'imyitozo n'ibisubizo:

A. Subiza ibi bibazo:

1. **Indwara ya tirikomonasi yakwirindwa ite?** Buri wese yakwirinda tirikomonasi agira igikoresho ke k'isuku kandi akagisukura.
2. **Andika nibura indwara eshatu zandurira mu myanya ndangagitsina?** Imitezi, mburugu, SIDA, uburagaza...
3. **Ni akahe kamaro ko kumenya ubuzima bw'imyororokere?** Bituma umuntu amenya uburyo yakwirinda indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina, umuntu akirinda gutwara inda...
4. **Ni izihe ngaruka zo kwandura indwara zandurira mu myanya ndangabitsina?** Zimunga umubiri wabo, zibaca intege ntibashobore gukora, hari n'abazivuza nabi zikabica...

B. Ikibonezamvugo:

1. **Hindura interuro ikurikira mu bindi bihe bikuru.**

Mutoni arakina umupira.

Impitagihe:

Inzagihe:

Ibisubizo bishoboka

Impitagihe: Mutoni yakinnye umupira.

Inzagihe: Mutoni azakina umupira.

2. Tanga urugero rw'interuro iri mu ndagihe, mu nzagihe no mu mpitagihe.

Indagihe:

Impitagihe:

Inzagihe:

Ibisubizo bishoboka

Indagihe: Ubu ngubu inyoni ziraririmba.

Impitagihe: Ejo hashize inyoni zizaririmbye.

Inzagihe: Icyumweru gitaha inyoni zizaririmba.

3. Kora imbonerahamwe y'ikinyazina mbaza.

Imbonerahamwe y'ikinyazina mbaza

Inteko + izina riyirimo	Igiherwa na -ngahe?	Igiherwa na -he?		Igiherwa na – e?
		kigufi	kirekire	
Nt 1: Umukinnyi	-	wuhe?	uwuhe?	
Nt 2: Abakinnyi	bangahe?	bahe?	abahe?	
Nt 3: Umukino	-	wuhe?	uwuhe?	
Nt 4: Imikino	ingahe	yihe	iyihe	
Nt 5: Ishuri	-	rihe?	irihe?	
Nt 6: Amashuri	angahe?	yahe?	ayahe?	
Nt 7: Ikibuga	-	kihe?	ikihe?	
Nt 8: Ibibuga	bingahe	bihe	ibihe	
Nt 9: Ingofero	-	yihe?	iyihe?	
Nt 10: Ingofero	zingahe?	zihe?	izihe?	
Nt 11: Urwego	-	ruhe?	uruhe?	
Nt 12: Akabati	-	kahe	akahe?	
Nt 13: Uturabo	tungahe?	tuhe?	utuhe?	
Nt 14: Uburiri	bungahe?	buhe?	ubuhe?	
Nt 15: Ukwezi	-	kuhe?	ukuhe?	
Nt 16: Ahantu	hangache?	hahe?	ahahe?	he?

Tanga ingero z'interuro ebyiri zirimo ikinyazina mboneranteko.

- a) **Za** dodo ziraryoha.
- b) **Ba** masenge bombi bantoje kubaha no gukuna bagenzi bange.

III. Ubuvanganzo

1. **Umwandiko w'insigamigani urangwa n'iki? Tanga ingero ebyiri.** Umwandiko w'insigamigani urangwa no kuba ugaragaza inkomoko y'imvugo runaka. Ingero: Ngye mu matsa, Kuriha inka ya nyangara... Umwarimu areba niba ingero zatanzwe ari zo koko.
2. **Tandukanya igitero n'inyikirizo mu ndirimbo.** Ibitero biratandukanye kandi birenze kimwe naho inyikirizo iba ari imwe mu ndirimbo igenda igaruka nyuma ya buri gitero iyo baririmba.

Imyitozo nyagurabushobozzi

Tahura amazina ane y'indwara zandurira mu myanya ndangabitsina ugenda ugana mu merekezo yose, n'andi mazina atatu y'indwara ziterwa n'umwanda.

M	B	U	R	U	G	U	T	A	U	M
I	A	U	B	U	G	A	G	A	R	A
M	A	A	Z	A	G	A	R	U	B	U
I	I	L	S	G	I	K	A	E	A	N
T	Y	M	U	I	I	G	I	A	W	A
E	U	S	I	B	D	L	A	R	I	K
Z	D	U	G	A	R	A	O	E	O	O
I	M	A	C	I	N	Y	A	R	M	Z
W	S	H	A	R	A	N	G	O	B	N
A	G	A	S	I	G	O	M	K	R	I

- a) Izandurira mu myanya ndangabitsina:
 - 1) Mburugu
 - 2) Uburagaza
 - 3) Imitizei
 - 4) SIDA.
- b) Iziterwa n'umwanda:
 - 1) Korera
 - 2) Macinya
 - 3) Inzoka.

4

Uburinganire n'ubwuzuzanye (Umubare w'amasono:24)

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

- Gusesengura umwandiko ujyanye no kwimakaza uburinganire n'ubwuzuzanye.
- Guhangwa umwandiko; gutegura ibiganiro mpaka no kubiyobora, no kwandika uko bikwiye amagambo y'Ikinyarwanda.

Umubare w'amasono: 24

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

- Gusesengura umwandiko ku nsanganyamatsiko y'uburinganire n'ubwuzuzanye.
- Guhangwa umwandiko no gukora imbata yavo.
- Gukora ikiganiro mpaka.
- Gukoresha mu nteruro no mu nyandiko amagambo afatana n'atandukana.

Ibisabwa: Umunyeshuri agomba kuba azi:

- **Gusoma neza yubahiriza utwatuzo n'iylitsa.**

Ingingo nsanganyamasomo ziri bwitabweho muri uyu mutwe:

- **Uburinganire n'ubwuzuzanye:** Umwarimu afasha abanyeshuri gusobanukirwa uburinganire n'ubwuzuzanye icyo ari cyo mu gihe hasesengurwa imyandiko inyuranye yo muri uyu mutwe ivuga ku buringanire n'ubwuzuzanye.
- **Uburezi budaheza:** Umwarimu afasha abanyeshuri gusobanukirwa n'akamaro k'uburezi budaheza igihe hasesengurwa umwandiko wa kabiri muri uyu mutwe. Umwarimu kandi afasha abanyeshuri gukora umwanzuro ukwiye ku kibazo cyo kujya impaka ku burezi budaheza kigaragara mu myitozo y'isuzuma rusange.

Ubushobozi nsanganyamasomo:

- Ubuhangwa mu kuganira no gukoresha ururimi.
- Gukorera hamwe,
- Gutekereza ugashobora kujora ibitekerezo n'ibikorwa bitandukanye ntube nemeye iryo cyangwa nyamujya iyo bijya,
- Kwiyigisha no gukomeza kwihugura nyuma yo kurangiza amashuri,
- Guhangwa udushya no kunoza imikorere,
- Ubushakashatsi no gukemura ibibazo.

Amagambo /ibitekerezo by'ingenzi:

Amabwiriza ajyanye n'igikorwa k'ivumbura ry'ibigiye kwiga

Abanyeshuri ubwabo ni bo bagomba kwivumburira ibyo bagiye kwiga, bahereye ku mashusho, ku kaganiro cyangwa udukino twataguwe mu ivumburamatsiko. Umwarimu agenda abayobora, ababaza ibibazo, kandi akabafasha kunonosora ibisubizo batanga ku buryo bibaganisha ku cyo bagiye kwiga.

Amabwiriza ajyanye n'uko abafite ibibazo byihariye baza kwitabwaho mu mutwe:

Umwarimu agomba gufasha abafite ubumuga gusobanukirwa kurushaho n'ibyo bari kwiga. Abatabona neza kimwe n'abatumva neza bagomba kwicazwa hafi kandi mu gihe bibaye ngombwa akabasobanurira akoresheje ururimi rw'amarenga. Abanyantegé nke na bo bagomba gushyirwa mu matsinda y'abasobanukirwa vuba kugira ngo babazamure, kandi umwarimu akabibandaho akababaza n'ubwo baba batateye urutoki kugira ngo basubize.

4.1. Umwandiko: Uburinganire n'ubwuzuzanye mu mirimo yo mu rugo.

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 99)

Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 101)

Intego zihariye:

Nyuma y'iki gice, umunyeshuri azaba ashobora gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyltsa; gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko; gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse; gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko atajijinganya.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko uvuga ku **buringanire n' ubwuzuzanye mu mirimo yo mu rugo**, igitabo cy'umwarimu, amashusho yerekana abavugwa mu mwandiko.

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu aganirira abanyeshuri akaganiro ko mu buzima busanzwe kaganisha ku mwandiko bagiye kwiga ,akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura ibyerekeranye n'umwandiko bagiye gusoma.

Ingero z'ibibazo yababaza aramutse akoresheje amashusho:

a) **Ni iki mubona kuri aya mashusho?**

Ku gishushanyo hari umusore n'umukobwa baratera intabire y'ibishyimbo ku murongo. Umukobwa afite isuka ari kugenda acukura utwobo, naho umuhungu ari inyuma ye arimo kugenda ashiramo imbuto.

Ku gishushanyo cya kabiri hari umusore n'umukobwa bombi boza amasahane: bogereza mu ibase bayashyira ku gatanda k'amasadane.

b) **Ukurikije ibi bishushanyo, umwandiko uravuga kuki?**

Uravuga ku buringanire n' ubwuzuzanye mu mirimo yo mu rugo

2. Gusoma

2.1. Gusoma bucece

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari umwandiko “Uburinganire n’ ubwuzuzanye mu mirimo yo mu rugo” akabasaba kuwusoma bucece nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

Ingero z'ibibazo yababaza n’ibisubizo bishoboka.

a) **Sugira yiga ibijyanye n’iki?**

Sugira yiga ibijyanye n’ imyuga.

b) **Sugira iyo ageze mu rugo akora iki?**

Iyo ageze mu rugo afasha nyina imirimo yo mu rugo nko koza amasahani, guteka ibya nimugoroba, gukora isuku akoropa, akubura n’ ibindi.

c) **Ni nde umwanditsi avuga ko afite imyumvire mibi?**

Ni se wa Sugira.

2.2. Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye: umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo, nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityo bityo kugeza umwandiko wose urangiyie.

Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, agenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.

2.3. Gusomera umwandiko mu matsinda basobanura amagambo akomeye

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo mashya kandi basubiza n’ibibazo byo kumva umwandiko; we akagenzura uko abanyeshuri barimo gukorera hamwe mu matsinda anyuranye.

Nyuma y'iki gikorwa umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.

Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye bakabyandika ku kibaho.

Urugero rw'ibisobanuro:

1. **Intabire:** Ahantu hahinze neza ariko batarateramo imyaka.
2. **Kugandisha:** Guca intenge umukozi ntarangize neza umurimo.
3. **Amahoteri:** Amazu yo mu rwego rwo hejuru acumbikira abashyitsi.
4. **Kungurana ibitekerezo:** Kwemeranya ku kintu kizakorwa.

Umwitoto w'innyunguramagambo

Nyuma yo gusobanura amagambo mashya, umwarimu aha abanyeshuri umwitoto w'innyunguramagambo w'ubumenyi bwo gukoresha mu nteruro amagambo bungutse akajya abafasha kunonosora ibisubizo byabo.

Urugero rw'interuro:

1. **Intabire:** Iyi ntabire nzateramo ibishyimbo bizera mu Rugaryi.
2. **Kugandisha:** Igirayo wingandishiriza abakozi.
3. **Amahoteri:** Buri hoteri yose iba igomba kurangwa n'isuku.
4. **Kungurana ibitekerezo:** Twunguranye ibitekerezo ku buryo bwiza twakoresha twigira mu matsinda.

Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 102)

Intego zihariye:

Nyuma y'iki gice, umunyeshuri azaba ashobora kuvuga insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko, kugaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko no gusobanura ibijyanye n'uburinganire n' ubwuzuzanye mu mirimo yo mu rugo.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko “**Uburinganire n'ubwuzuzanye mu mirimo yo mu rugo**”, igitabo cy'umwarimu, amashusho yerekana ibivugwa mu mwandiko.

1. Isubiramo:

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko bacheruka gusoma.

Abanyeshuri baravuga muri make ibikubiye mu mwandiko bacheruka gusoma.

Umwarimu arasaba abanyeshuri kujya mu matsinda, bagasoma umwandiko basubiza ibibazo byawubajijweho.

Usibye ibibazo byatanzwe mu gitabo cy'umunyeshuri umwarimu ashobora no kubaza abanyeshuri ibindi bibazo bitari mu gitabo cy'umunyeshuri ariko bijyanye n'umwandiko wizwe.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

1. Ni ba nde bavugwa mu mwandiko?

Sugira, ababyeyi be: se na nyina na Mahoro mushiki we

2. Ni iyihe mirimo yo mu rugo ivugwa mu mwandiko?

Mu mirimo yo mu rugo ivugwa mu mwandiko harimo: koza amasahani, guteka ibya nimugoroba, gukora isuku akoropa inzu, akubura n'ibindi.

3. Mahoro yiga iki?

Mahoro yiga ubuvuzi bw'amitungo.

4. Sugira arashima iki umwuga wo gukora ibijyanye n'amahoteri?

Karegeya yize guteka ni ko kazi akora muri hoteri, biramutunze kandi abayeho neza kurusha abantu benshi.

5. Ni iyihe myitwarire ya Sugira wamushimira?

Sugira yashimirwa ko akora imirimo yose adasiganye na mushiki we.

6. Ni iyihe myitwarire igayitse y'umugabo ivugwa mu mwandiko?

Umugabo yavunishaga umugore we mu mirimo yo mu rugo.

Igice cya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 102)

Intego zihariye:

Nyuma y'iki gice, umunyeshuri azaba ashobora kuvuga insanganyamatsiko ivugwa mu kiganiro, kugaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko no gusobanura ibijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye mu mirimo yo mu rugo.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

1. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

a) Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?

Uburinganire n'ubwuzuzanye mu mirimo yo mu rugo.

b) Umugabo amaze kwisubiraho yakoze iki?

Amaze kwisubiraho yarabashimye, maze na we atangira kujya afasha umugore mu mirimo itandukanye yo mu rugo.

2. Gukorera mu matsinda basesengura umwandiko

Umwarimu arabwira abanyeshuri gusoma umwandiko bari mu matsinda no kugerageza kuwusesengura basobanura insangayamatsiko ivugwamo banagaragaza ingingo z'ingenzi zivugwamo.

Umwarimu aha abanyeshuri ibibazo bibafasha kuvumbura insanganyamatsiko n'ibibazo bituma bagaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.

Umwarimu abivuga mu ijwi riranguruyeakanabyandika ku kibaho kugira ngo afashe abatumva n'abatabona niba bahari.

Umwarimu agenzura imikoranire y'abanyeshuri mu matsinda, barangiza akabasaba kumurika ibyavuye mu matsinda.

Amatsinda yose amaze kumurika ibisubizo byayo, umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora igisubizo gikwiye.

Urugero rw'ibibazo yabaha n'ibisubizo:

- Ni iki kivugwa muri rusange muri uyu mwandiko?** Ni uko ngomba gufasha abo tubana mu mirimo ihari.
- Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?** Ni uburinganire n'ubwuzuzanye mu mirimo yo mu rugo.

Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 102)

Intego zihariye:

Nyuma y'iki gice, umunyeshuri azaba ashobora kungurana ibitekerezo ku byemezo yafata kugira ngo habeho uburinganire n'ubwuzuzanye mu mirimo yo mu rugo.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu.

1. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo baheruka kwiga.

Urugero rw'ibibazo yabaza:

Ni irihe somo duheruka kwiga? Duheruka gusesengura umwandiko “Uburinganire n'ubwuzuzanye mu mirimo yo mu rugo.”

2. Ingingo yo kungurana ibitekerezo

Muhereye ku myitwarire ya se wa Sugira mubona ari izihe ngaruka byatera mu muryango?

– *Gutandukana kw'abashakanye*

- *Amakimbirane mu miryango*
- *Ubukene.*

Nyuma yo kungurana ibitekerezo, umwarimu aha abanyeshuri umwanya wo gukora inshamake y'ibyo bunguranyeho ibitekerezo.

Umukoro.

Komeza iyi nkuru werekane irindi herezo iyo uyu mugabo atisubiraho.

Iyo umugabo atisubiraho bashoboraga gutandukana; amakimbirane yari guhora mu muryango.

Abanshyeshuri baratanga uburyo bunyuranye inkuru yasozwamo. Umwarimu areba niba uko abanyeshuri bakomeje iyi nkuru bishoboka koko.

4.2. Umwandiko: Uburinganire n'ubwuzuzanye mu mashuri.

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 103)

Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 104)

Intego zihariye:

Nyuma y'iki gice, umunyeshuri azaba ashobora gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyltsa; gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko; gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse; gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko atajijinganya.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko “**Uburinganire n'ubwuzuzanye mu mashuri**,” igitabo cy'umwarimu, amashusho yerekana abavugwa mu mwandiko.

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu aganirira abanyeshuri akaganiro ko mu buzima busanzwe kaganisha ku mwandiko, akabereka amashusho akayababazaho ibibazo bituma bavumbura ibyerekeranye n'umwandiko bagiye gusoma.

Ingero z'ibibazo yababaza aramutse acoresheje amashusho:

a) Ni iki mubona kuri aya mashusho?

Ku gishushanyo hari itsinda ririmo abakobwa babiri n'abahungu babiri, ndetse rimwe riragaragaramo umwana wamugaye wegetse imbago ye ku ruhande rw'ameza bari gukoreraho.

- b) **Ese aba bana bakora iki?**
Aba bana ni abanyeshuri.
- c) **Ukurikije iki gishushanyo umwandiko uravuga kuki?**
Uravuga ku buringanire n' ubwuzuzanye mu mashuri.

2. Gusoma

2.1. Gusoma bucece

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari umwandiko “Uburinganire n’ubwuzuzanye mu mashuri” akabasaba kuwusoma bucece nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

Urugero rw’ibibazo yababaza n’ibisubizo bishoboka.

- a) **Ese ni mu Rwanda gusa uburere bw’umwana w’umukobwa bwitaweho?**
Mu Rwanda ndetse no ku isi yose, uburere bw’umwana w’umukobwa bwitaweho, kugira ngo barusheho kumuteza imbere
- b) **Ni iki cyakundaga gutera abakobwa ipfunwe mu myigire yabo?**
None se icyo kibazo cyakemuwe gite?
Mu bantu byakundaga gutera abakobwa ipfunwe bari ku ishuri ni iyo babaga bagiye mu mihangi.
Abakobwa bashyiriweho uburyo bwo kwisukurira ku ishuri mu gihe bagiye mu mihangi, bagenerwa icyumba cyabo kirimo ibikoresho bitandukanye bakenera muri icyo gihe.
- c) **Kuki abakobwa n’abahungu bagomba guhabwa amahirwe angana yo kwiga?**
Uburinganire n’ubwuzuzanye mu mashuri ni bwo shingiro ry’amajyambere nyakuri, atagira uwo aheza.

2.2. Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye: umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo, nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye.

Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, agenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.

2.3. Gusomera umwandiko mu matsinda basobanura amagambo akomeye

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo mashya kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko; we akagenzura uko abanyeshuri barimo gukorera hamwe mu matsinda anyuranye.

Nyuma y'iki gikorwa umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.

Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye bakabyandika ku kibaho.

Urugero rw'ibisubizo byava mu matsinda

Kujya mu mihang: Ni igihe cya buri kwezi kimara hafi iminsi itatu cyangwa ine abakobwa batakaza amaraso, kujya imugongo.

Icyumba cy'umukobwa: icyumba kigenewe abakobwa bari mu mihang; aho biyitaho mu isuku.

Gukwena: Guseka umuntu umumwaza.

Ipfunwe: Ikimwaro gitewe n'uko utatunganyije ibyo wari ushinzwe.

Umwitoto w'inyunguramagambo

Nyuma yo gusobanura amagambo mashya, umwarimu aha abanyeshuri umwitoto w'inyunguramagambo w'ubumenyingiro bwo gukoresha mu nteruro amagambo bungutse akajya abafasha kunonosora ibisubizo byabo.

Mu matsinda ya babiribabiri mwubake interuro ziboneye mukoresheje aya magambo

Kujya mu mihang:

Iyo umukobwa ari mu mihang agira isuku cyanecyane y'imyanya ndangagitsina.

Icyumba cy'umukobwa:

Buri kigo cy'amashuri kuri ubu gifite icyumba cy'umukobwa.

Gukwena:

Uyu musore ni umunyamwanda none dore abana bamushungereye barimo kumukwena.

Ipfunwe:

Nta muntu ukwiye gutterwa ipfunwe n'umurimo akora kandi ari wo umutunze.

Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 105)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga ku buringanire n'ubwuzuzanye mu mashuri; amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iymvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. Isubiramo

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku nkuru ishushanyije bameruka gusoma.

Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.

2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.

Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.

Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.

3. Kumva umwandiko

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.

Usibye ibibazo byatanzwe mu gitabo cy'umunyeshuri umwarimu ashobora no kubaza abanyeshuri ibindi bibazo bitari mu gitabo cy'umunyeshuri ariko bijyanye n'umwandiko wizwe.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Uyu mwandiko uravuga kuki?

Uburinganire n'ubwuzuzanye mu mashuri.

b) Kera umukobwa yafatwaga ate mu bijyanye no kwiga?

Yafatwaga nk'ufite ubushobozi buke mu bijyanye n'imyigire.

c) Kuki kuri ubu umukobwa ahawa amahirwe angana n'ay'umuhungu mu kwiga?

Uburinganire n'ubwuzuzanye mu mashuri ni bwo shingiro ry'amajyambere nyakuri, atagira uwo aheza.

d) Ese kujya mu mihangi bikwiye gutera ipfunwe umwana w'umukobwa? Sobanura.

Abakobwa ntibakwiye kugira ipfunwe ryo kujya mu mihangi ahubwo ni ikimenyestso cy'uko bazaba ababyeyi bakabyara abana.

e) Umwanditsi ararangiza atugira iyihe nama?

Nimuze twese dushyigikire uburere bw'abana b'abakobwa babone amahirwe angana n'ay'abahungu mu kwiga kandi buri wese yige ibyo yumva bimubereye.

Igice cya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 105)

Intego zihariye:

Nyuma y'iki gice, umunyeshuri azaba ashobora kuvuga insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko, kugaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko no gusobanura ibijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye mu mashuri.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

1. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make ibyari biwukubiyemo.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

- Ni uwuhe mwandiko duheruka gusoma?** Ni umwandiko uvuga ku buringanire n'ubwuzuzanye mu mashuri.
- Kuki kuri ubu umukobwa ahabwa amahirwe angana n'ay'umuhungu mu kwiga?**
Uburinganire n'ubwuzuzanye mu mashuri ni bwo shingiro ry'amajyambere nyakuri, atagira uwo aheza.

2. Gukorera mu matsinda basesengura umwandiko

Umwarimu arabwira abanyeshuri gusoma umwandiko bari mu matsinda no kugerageza kuwusesengura basobanura insanganyamatsiko ivugwamo banagaragaza ingingo z'ingenzi zivugwamo.

Umwarimu aha abanyeshuri ibibazo bibafasha kuvumbura insanganyamatsiko n'ibibazo bituma bagaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.

Umwarimu abivuga mu ijwi riranguriyeakanabyandika ku kibaho kugira ngo afashe abatumva n'abatabona niba bahari.

Umwarimu agenzura imikoranire y'abanyeshuri mu matsinda, barangiza akabasaba kumurika ibyavuye mu matsinda.

Amatsinda yose amaze kumurika ibisubizo byayo, umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora igisubizo gikwiye.

Ingero z'ibibazo n'ibisubizo:

- Ni iki wigiye muri uyu mwandiko?** Ni uburezi budaheza.
- Andika inshamake yawo mu mirongo itarenze icumi.** Umwarimu agenzura niba inshamake yakozwe ijyanye n'ingingo z'ingenzi z'umwandiko.

c) **Ni iki kivugwa muri rusange muri uyu mwandiko?**

Muri uyu mwandiko baratubwira insanganyamatsiko y'uburinganire n'ubwuzuzanye mu mashuri.

d) **Garagaza ingingo z'ingenzi zigize uyu mu mwandiko**

Muri uyu mwandiko haravugwamo ingingo z'ingenzi zikurikira:

- Kuri ubu mu Rwanda ndetse no ku isi yose, uburere bw'umwana w'umukobwa bwitaweho kuko mbere atitabwagaho.
- Mbere abakobwa bafatwaga nk'abantu bagenewe kubyara gusa.
- Abakobwa bageze mu mashuri bagaragaje ko bafite ubushobozi mu myigire.
- Ari abahungu, ari n'abakobwa ntawuhjejwe buri wese agaragaza ubushobozi bwe.
- Uburinganire n'ubwuzuzanye mu mashuri ni bwo shingiro ry'amajyambere nyakuri.

Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 105)

Intego zihariye:

Nyuma y'iki gice, umunyeshuri azaba ashobora kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko ijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye mu mashuri, akagira icyo avuga ku bitekerezo bya bagenzi be adategwa.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu.

1. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo bameruka kwiga.

Urugero rw'ibibazo yabaza:

a) **Ni irihe somo duheruka kwiga?**

Duheruka gusesengura umwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu mashuri"

b) **Kera umukobwa yafatwaga ate mu bijyanye no kwiga?**

Babanje gufatwa nk'abafite ubushobozi buke mu bijyanye n'imyigire.

Ingingo yo kunguranaho ibitekerezo

Uramutse ufite abana babiri umuhungu n'umukobwa hakaboneka ubushobozi buke bwo kubarihra amashuri wahitamo nde ngo abe ari we wiga? Garagaza impamvu.

Abanyeshuri bari mu matsinda barungurana ibitekerezo babyandika, hanyuma uhagarariye buri tsinda avuge ibyo bagezeho.

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya batera urutoki bagatanga ibitekerezo ku kibazo banditse ku kibaho no kugira icyo bavuga ku bitekerezo bitangwa na bagenzi babo.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo umwarimu aha abanyeshuri umwitoto wo gukora inshamake y'ibyo bunguranyeho ibitekerezo.

Mu gukosora umwitotozo, umwarimu arafasha abanyeshuri kwandika ku kibaho inshamake itunganye bayandike mu makaye yabo.

4.3. Umwandiko: Uko uburinganire n'ubwuzuzanye buteye mu ngo no mu mashuri

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 106)

Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 108)

Intego zihariye:

Nyuma y'iki gice, umunyeshuri azaba ashobora gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyltsa; gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko; gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse; gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko atajijinganya.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko uvuga ku uburinganire n'ubwuzuzanye mu mashuri, igitabo cy'umwarimu, amashusho yerekana abavugwa mu mwandiko.

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu aganirira abanyeshuri akaganiro ko mu buzima busanzwe kaganisha ku mwandiko bagiye kwiga, akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura ibyerekeranye n'umwandiko bagiye gusoma.

Ingero z'ibibazo yababaza aramutse akoresheje amashusho:

a) Ni iki mubona kuri aya mashusho?

Ku gishushanyo hari abanyeshuri babiri, umuhungu n'umukobwa, bicaye ahantu hagaragara ko ari inzu y'ibitabo, kuko imbere yabo hari etajeri (étagère) irimo ibitabo. Bafite ibitabo bitandukanye ku meza yabo, barimo kwandika batekereza.

b) Ubusanzwe ibitabo byandikwa na ba nde?

Ubusanzwe abandika ibitabo ni abashakashatsi, abanyeshuri, abarimu n'abandi.

c) Ese uhoreye ku gishushanyo utekereza ko umwandiko udutoza iki?

Umwandiko uradutoza kwandika tugaragaza ibitekerezo byacu.

2. Gusoma

2.1. Gusoma bucece

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari umwandiko “Uko uburinganire n’ubwuzuzanye buteye mu ngo no mu mashuri”; akabasaba kuwusoma bucece nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

a) **Umwanditsi atangira uvuga iki?**

Atangira abaza niba mu ngo abakobwa n’abahungu bafatanya mu mirimo yose.

b) **Ubuhamya umwanditsi atanga bwerekana ko ari hehe ataringaniye na musaza we?**

Umwanya wo kwidagadura abona atawuhuje na musaza we rwose.

c) **Umwanditsi asoza uvuga iki?**

Mu kwanzura rero avuga ko uburinganire n’ubwuzuzanye hagati y’abahungu n’abakobwa bugenda bugerwaho mu mashuri. Arikó mu ngo, henshi haracyatangwa uburere butuma umukobwa azakomeza kuba ari we wenyine ushingwa imirimo yo mu rugo.

2.2 Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye: umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo, nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye.

Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, agenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.

2.3. Gusomera umwandiko mu matsinda basobanura amagambo akomeye

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by’amagambo mashya kandi basubiza n’ibibazo byo kumva umwandiko; we akagenzura uko abanyeshuri barimo gukorera hamwe mu matsinda anyuranye.

Nyuma y’iki gikorwa umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibavuyue muri buri tsinda.

Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuyue mu matsinda anyuranye bakabyandika ku kibaho.

Urugero rw’ibisubizo byava mu matsinda

Ntawukandamije undi: Ntawuhohoteye undi, ntawuvunishije undi.

Baracyavunishwa: Baracyakoreshwa imirimo ivunanye.

Gusigana: Kujya impaka z'uri bukore umurimo buri wese yanga kuwukora.

Kwiyandarika: Gukora ibikorwa bibi akenshi biganisha ku buraya.

Amajyambere: Ibikorwa biteza abantu imbere bakava mu bukene.

Kujya mu mihang: Ni igihe cya buri kwezi abakobwa batakaza amaraso (kimara hagati y'iminsi itatu n'itanu)

Umwitoto w'inunguramagambo

Nyuma yo gusobanura amagambo mashya, umwarimu aha abanyeshuri umwitoto w'inunguramagambo w'ubumenyingiro bwo gukoresha mu nteruro amagambo bungutse akajya abafasha kunonosora ibisubizo byabo.

a) Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

Ntawukandamije undi

Kutohereza abana b'abakobwa ku ishuri hakiga abahungu gusa ni ukubakandamiza.

Baracyavunishwa

Abana baracyavunishwa n'ababyeyi babo.

Kujya mu mihang

Hari abana b'abakobwa batangira kujya mu mihang bafite imyaka cumi n'ibir.

Gusigana

Bano bana basiganira kujya kuvoma ku iriba.

Kwiyandarika

Iyo umukobwa yiyandaritse amaherezo atwara inda itateganyijwe.

Amajyambere

Amajyambere y'u Rwanda agenda yiyongera hakubakwa imihanda n'ibindi bikorwa remezo.

b) Vangura aya amagambo ureme interuro ziboneye.

Nyakuri, bwo, uburinganire ,mu muryango, n'ubwuzuzanye,ngombwa, ni.

Uburinganire n'ubwuzuzanye nyakuri bwo mu muryango ni ngombwa.

Kubuza, ntawukwiye, w'umukobwa, w'umuhungu, cyangwa, umwana, kwiga.

Ntawukwiye kubuza umwana w'umukobwa cyangwa w'umuhungu kwiga.

Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 109)

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko «**Uko uburinganire n'ubwuzuzanye buteye mu ngo no mu mashuri**», nyuma y'iki gice, umunyeshuri azaba ashobora gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa no gusubiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo ye bwite.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko «**Uko uburinganire n'ubwuzuzanye buteye mu ngo no mu mashuri**», igitabo cy'umwarimu, amashusho yerekana ibivugwa mu mwandiko.

1. **Isubiramo**

*Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko bacheruka gusoma.
Abanyeshuri baravuga muri make ibikubiye mu mwandiko bacheruka gusoma.*

2. **Gusoma mu ijwi riranguruye.**

*Abanyeshuri basoma umwumwe umwandiko, basimburana, umwarimu agende abakosora aho basomye nabi.
Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

3. **Gusomera mu matsinda.**

Abanyeshuri barasomera umwandiko mu matsinda banasubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

Urugero rw'ibibazo byo kumva umwandiko n'ibisubizo

- a) **Ni gute mu gihe cyo hambere abakobwa bakandamizwaga?**
Ntibahabwaga umwanya mu iterambere kimwe n'abahungu.
- b) **Kuki mu gihe cyo hambere abakobwa bafatwaga nk'abadakeneye kwiga?**
Bagombaga kwita ku ngo bakora imirimo yo mu rugo.
- c) **Garagaza impamu umwana w'umukobwa akeneye kumva ibitekerezo bya se?**
Inama z'ababyeyi bombi ni ngombwa kugira ngo abana bitware neza mu bandi.
- d) **Umukobwa ashatse gusiganya musaza we nyina yamubwiye ngo iki? Gira icyo ubivugaho.**
Nyina yamubwiye ko we nk'umukobwa agomba kumenya guteka, kuko natabimenya urugo ruzamunanira.
Mu gihe tugezemo abana bose nta vangura bagomba gutozwa imirimo yose irimo no guteka.
- e) **Ni iki kivugwa ko kidindiza uburinganire bw'umwana w'umukobwa n'uw'umuhungu?**
Umukobwa aracyahabwa uburere bugamije kumutegurira kuzaba umugore urebwa cyane n'inshingano zo mu rugo kurusha umuhungu.
- f) **Ni iki kigaragaza ko uburinganire bw'umwana w'umukobwa n'uw'umuhungu bugenda bugerwaho mu mashuri?**
Kuko abakobwa bitabwaho, bagahabwa ibikoresho bibafasha kwisukura nk'igihe

bagiye mu mihangi ntibitume basiba ishuri. Imikoro n'indi myitozo yo ku ishuri usanga ihuza abakobwa n'abahungu, bose bagahabwa umwanya wo kujya imbere bagatanga ibitekerezo.

g) Subiza yego cyangwa oya

1. **Umuhungu afite uburenganzira bungana n'ubw'umukobwa.**
Yego
2. **Uko imyaka ishira ni ko ababyeyi bagenda bumva uburenganzira bw'abana.**
Yego.

Igice cya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 110)

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko «**Uko uburinganire n'ubwuzuzanye buteye mu ngo no mu mashuri**», nyuma y'iki gice, umunyeshuri arabu ashobora gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, kwerekana ingingo z'ingenzi zavuzwe mu mwandiko no kuvuga isomo akuye mu mwandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko “**Uko uburinganire n'ubwuzuzanye buteye mu ngo no mu mashuri**”, igitabo cy'umwarimu, amashusho yerekana ibivugwa mu mwandiko.

1. Isubiramo

*Umwarimu abaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma.
Abanyeshuri bavuga muri make ibikubiye mu mwandiko baheruka gusoma.*

2. Gusoma mu ijwi riranguruye:

Umwarimu asaba umunyeshuri umwumwe gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye, abandi bagakurikira mu bitabo byabo.

3. Gusomera mu matsinda basesengura umwandiko.

*Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda bagasoma umwandiko basubiza n'ibibazo byo gusesengura umwandiko
Iyo bamaze kubisubiza bamurika ibyo bagezeho, umwarimu akabafasha kubinoza.*

1. Garagaza ibice by'ingenzi bigize uyu mwandiko werekane aho buri gice gitangirira n'aho kirangiririra.

Intangiriro ni igika cya mbere ari cyo:

Muhereye ku buryo mubana hagati y'abahungu n'abakobwa mu ngo iwanyu, n'uko mufatanya ku ishuri mubona mukorera hamwe abahungu n'abakobwa mukuzuzanya cyangwa hagati yanyu, haracyagaragara kutubahana, kudakorera hamwe imikoro

cyangwa imikino n'ibindi?

Igice cy'umwandiko twafata nk' igihimba ni igika cya kabiri kugeza ku kibanziriza icya nyuma.

Igice cy'umwandiko twafata nk' umusozo ni igika cya nyuma ari cyo:

Mu kwanzura rero navuga ko uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abahungu n'abakobwa bugenda bugerwaho mu mashuri. Ariko mu ngo, henshi haracyatangwa uburere butuma umukobwa azakomeza kuba ari we wenyine ushingwa imirimo yo mu rugo. Twizere ko bizagenda bihinduka buhoro buhoro uko imico igenda ihinduka n'uko amajyambere agenda yiyongera.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) **Ni ibihe bitekerezo by'ingenzi bivugwa muri uyu mwandiko?**

- Insanganyamatsiko yavuzweho n'umwanditsi: "Uko uburinganire n'ubwuzuzanye buteye mu ngo no mu mashuri" hagati y'abahungu n'abakobwa.
- Gusobanura uburinganire n'ubwuzuzanye byo ari byo n'ingero zabyo mu gihe cyashize.
- Gusobanura uburinganire n'ubwuzuzanye byo ari byo n'ingero zabyo muri iki gihe.
- Ubuhamya bw'umukobwa na musaza we mu gukoreshwa imirimo yo mu rugo.

b) **Uwanditse uyu mwandiko urumva igitekerezo ke ari ikihe? Yemeza ko uburinganire n'ubwuzuzanye bwagezweho cyangwa agaragaza ko hakiri intambwe igomba guterwa?**

Uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abahungu n'abakobwa bugenda bugerwaho mu mashuri ariko mu ngo, henshi haracyatangwa uburere butuma umukobwa azakomeza kuba ari we wenyine ushingwa imirimo yo mu rugo.

Ingero atanga wumva zimufasha kutwemeza ko ibyo avuga ari ukuri?

Yego. Ingero atanga ni ziramufasha kutwemeza ko ibyo avuga ari ukuri.

c) **Umwandiko "Uko uburinganire n'ubwuzuzanye biteye mu ngo no mu mashuri" utangira ute?**

Utangira ubara inkuru agaragaza icyo insanganyamatsiko ye iribwibandeho. Aragaragaza ibibazo abantu bayibazaho hanyuma agasobanura ko ibyo bibazo ari byo ari bushingireho atanga ibitekerezo bye.

Usozwa ute?

Usozwa atanga umwanzuro w'ukuntu abona uburinganire n'ubwuzuzanye buhagaze: asanga mu mashuri buhari ariko mu ngo butarahagera. Nyuma yaho agaragza ikizere ke cy'uko buzagerwaho hose.

Uwahanze uwo mwandiko yifashishije iki kugira ngo agaragaze ko ibitekerezo atanga ari ukuri?

Yifashishije ibitekerezo by'abantu bakuru yabajije kugira ngo amenye uko ikibazo cy'uburinganire n'ubwuzuzanye cyari giteye hambere. Yongeraho ibitekerezo bye agaragaza uko abona uburinganire n'ubwuzuzanye bumeze ubu yifashishaje ingero z'ibibera mu ngo no mu mashuri.

Igice cya kane: Ihangamwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 110)

Intego zihariye:

Ahereye ku rugero rwatanzwe, nyuma y'iki gice umunyeshuri azaba ashobora kubwira abandi amabwiriza y'ihangamwandiko; gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko; gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse; gukora imbata y'umwandiko atajijinganya no guhangga umwandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'inyandiko zinyuranye

Umwarimu asaba abanyeshuri gutanga ibitekerezo byabo ku buryo bahanga umwandiko bagendeye ku miterere y'uwo bize n'ibiwuvugwamo mu bisubizo babonye.

a) Inshoza y'ihangamwandiko

Guhanga umwandiko ni ugutanga ibitekerezo uhitamo uruhande ubogamiraho ku nsanganyamatsiko yatanzwe, wabanje kwiga ikibazo, ukifashisha ingingo zumvikana kandi zifatika ndetse ziherekejwe n'ingero.

b) Amabwiriza y'ihangamwandiko

Insanganyamatsiko ishobora kuba ijyanye n'iby'umuco, ubukungu, politiki, imibereho y'abaturage, iyobokamana, ubutabera n'ibindi.

Insanganyamatsiko ushobora kuba wayihawe cyangwa wayitekerereje. Insanganyamatsiko ni ikintu k'ingenzi kigomba kwitonderwa, kuko ibyandikwa ni cyo biba bishingiyeho, kandi uburyohe bw'umwandiko buturuka ku nsanganyamatsiko n'uburyo wayanditse.

Nubwo buri muhanzi agira inganzo ye mu buryo bwo kuryosha igihangano, hari amahame y'ingenzi agomba gukurikizwa kugira ngo umuntu aboneze igihangano ke. Ayo mahame ni:

- Gutekereza cyangwa kumva insanganyamatsiko.
- Kwegeranya ingingo.

- Guhitamo inzira.
- Gukora imbata.
- Kwandika.

1. Gutekereza

Mbere yo kwandika ubanza gutekereza ku nsanganyamatsiko ushaka kwandikaho, ukayiyumvisha, ukayigira iyawe, cyane cyane iyo ari iyo wahawe. Kumva ingingo wandikaho bikorwa mu byiciro bibiri:

- a) Kuyisoma witonze, ukayisesengura, ushaka inyito z'amagambo ayigize. Impamvu ni uko ijambo rimwe rishobora kugira inyito nyinshi.
- b) Gushakamo ijambo cyangwa amagambo fatizo yaguha inzira n'imbibi by'insanganyamatsiko.
 - *Iyi ntambwe ya mbere ni ingenzi kuko udashobora kubona ibitekerezo utanga ku bintu nawe ubwawe utumva neza.*

2. Kwegeranya ingingo (ibitekerezo).

Iyo umaze kumva neza insanganyamatsiko, utangira kwandika ku rupapuro rwo guteguriraho ibitekerezo. Ukusanya ingeri, amagambo meza yavuzwe n'abandi, ibywae ubwawe waba uzi, n'ibindi. Biba byiza iyo insanganyamatsiko wandikaho uyizoho byinshi, kandi ugashingira ku bintu bifatika.

- *Iyi ntambwe ya kabiri na yo irakomeye kuko ari yo igufasha gukurikiranya neza ibitekerezo byawe, ugahitamo iby'ingenzi, ukegeranya ibihuye, ukabikurikiranya mu buryo bwuzuzanya.*

3. Guhitamo inzira (Guhitamo uruhande ushyigikira)

Mbere yo kwandika ugomba gihitamo imwe mu nzira eshatu zishoboka: niba igitekerezo gikubiye mu nsanganyamatsiko **ari cyo uragishyigikira**, niba **atari cyo ukakirwanya**, niba ubona nta ho wabogamira **ujya hagati no hagati** ugatanga igitekerezo kidafite aho kibogamiye, ariko gikosora impande zombi: urw'abakirwanya n'urw'abagishyigikiye.

Niba insanganyamatsiko yatanzwe ari ikibazo, ushaka uburyo wagisubiza uhereye ku ngingo wegeranije.

Hari amoko abiri y'ingingo zigufasha kugera ku bitekerezo biboneye:

- Ingingo zishyigikira ibitekezo byawe cyangwa byatanzwe.
- Ingingo zivuguruza ibyo bitekerezo.
Izo ngingo zombi zigufasha kugera ku bitekerezo biboneye.

Iyi ntambwe irakomeye kuko ari yo yerekana aho ibitekerezo byawe bigana kandi guhitamo inzira ni byo bikurinda kujandajanda, bikanagaragaza ko ufite ubushobozi bwo guhagarara ku byo wemera.

4. Gukora imbata :

Imbata y'umwandiko igira ibice bitatu by'ingenzi :

- a) Intangiriro (iriburiro)
- b) Igihimba
- c) Umusozo (umwanzuro)

4.1. Intangiriro

Intangiriro y'umwandiko, bayita na none **iriburiro**.

Muri icyo gice, dushobora gusangamo:

- Ibikubiye mu mwandiko n'inyungu bawutezeho.
- Ibice by'ingenzi bikubiye mu mwandiko wawe.
- Impamvu ugiye kwandika.

Iriburiro rigomba kuba ryujuje ibi bikurikira:

- a) Kuba ari rigufi, rifite ireme, riteye amashyushyu, ku buryo urisomye agira amatsiko yo gusoma ibikurikiyeho.
- b) Mu iriburiro, ntugomba kunyura kure cyane; ugomba guhita umenyesha icyo ugiye kwandikaho.
- c) Mu iriburiro, ntugomba guhita werekana uruhande ubogamiyeho ku nsanganyamatsiko, kuko waba umaze amatsiko abasoma, ntibakomeze gusoma.

4.2. Igihimba

Ni igice kivuga ku nsanganyamatsiko ku buryo burambuye. Iki gice kerekana ibitekerezo n'ingga zinonosora kandi byumvikanisha uruhande nyir'ukwandika ashyigikiye. Kubera uburebure bw'igihimba, n'ibitekerezo binyuranye bikigize, iki gice kigenda kigabwamo ibika. Ku ntangiriro ya buri gika, hajya ijambo rigihuza n'icyakibanjirije, ku buryo hagaragaramo uruhererekane rw'ibitekerezo. Ibyo bikorwa no hagati y'intangiriro n'igihimba, ndetse no hagati y'igihimba n'umusozo.

Ayo magambo yunga igika n'ikindi ni nka:

- Nk'uko tumaze kubivuga haruguru,
- Nyamara,
- Bitabangamiye ibyo tumaze kuvuga,
- Bityo rero,
- Mu by'ukuri...

Impugukirwa:

- a) Inzira wahisemo, ntihita igaragara mu ntangiriro y'igihimba. Ahubwo igenda iyobora ibitekerezo byawe, yumvikana ku buryo buziguye mu bitekerezo, mu ngero, mu magambo yavuzwe n'abandi usubiramo...
- b) Buri ngingo igenda yiharira igika.
- c) Hari igihe ikibazo cyagira ibisubizo cyangwa ibitekerezo bibiri. Icyo gihe ubanza kwigizayo icyo utemera (kugisenya), kitajyanye n'inzira yawe, hanyuma ukabona gukurikizaho igitekerezo wowe ushyigikiye.

Urugero:

Bamwe bavuga ko isi n'ibiyiraho bitaremwe n'Imana. Nyamara, iyo witegereje ubuhanga byaremanywe... ntiwabura kuvuga ko ababitekeza batyo bibeshye.

- d) Ntukagaruke ku gitekerezo wavuze.
- e) Ingingo zigenda zikurikirana ukurikije ingufu, inyurabwenge n'injyabihe ku buryo ugenda wumvisha umusomyi inzira yawe kandi uyimwemeza.

4.3. Umusozo/umwanzuro

Umusozo ni igice kerekena ku mugaragaro uruhande rw'umwanditsi ku kibazo cyavuzwe mu iriburiro. Nta ngingo nshya izamo. Iki gice gishobora gufata intego zikurikira:

- Kwanzura ibitekerezo byawe muri make.
- Gutanga inama iyo ari ngombwa.

5. Kwandika

Kwandika, ntibikorwa umujyo umwe, ndetse iyo ari ngombwa byafata n'iminsi, kugira ngo ushabore kwandika utuje neza. Nyuma rero usubira mu byo wateguye, ugakuramo ibitari ngombwa, ibyisubiramo, ibikabya, ndetse ukongeramo ibyaba bibuzemo. Muri iki gice kandi, ni ho ushakisha amagambo yabugenewe kandi aryoshye. Byongeye kandi uboneraho ugakosora amakosa y'imyandikire n'utwatuzo.

Mu mwandiko, ntugatinye gushyiramo ibitekerezo n'ingero zishimishije, izisekeje, ariko byose bigusha ku byo wiymeje kwigisha.

Umwitoto:

Nyuma y'isomo umwarimu aha abanyeshuri umwitoto kugira ngo asuzume ko intego z'isomo zagezweho. Abaha igihe cyo kuwukora cyarangira bagakosorera hamwe ku kibaho, ibisubizo bikandikwa mu makaye yabo y'imyitoto.

Nimwongere musome umwandiko wahanzwe ku nsanganyamatsiko: "Uko uburinganire n'ubwuzuzanye buteye mu ngo no mu mashuri" maze mugaragaze ibice by'ingenzi biwugize hanyuma mushushanye uko biteye ku rupapuro.

Gutahura imbata y'umwandiko:

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko wahanzwe ku nsanganyamatsiko: "Uko uburinganire n'ubwuzuzanye buteye mu ngo no mu mashuri" maze abasabe kugaragaza ibice by'ingenzi biwugize bashushanye uko biteye ku rupapuro.

Ibice by'ingenzi bigize umwandiko: "Uko uburinganire n'ubwuzuzanye buteye mu ngo no mu mashuri hagati y'abahungu n'abakobwa":

- Intangiro:** Igizwe n'igika cya mbere cy'umwandiko.
- Igihibma:** Kigizwe n'ibika byinshi kuva ku gika cya kabiri cy'umwandiko kugera ku gika cya cumi na kane kibanziriza igika cya nyuma.
- Umwanzuro:** Ugizwe n'igika cya nyuma cy'umwandiko.

Umwitoto:

Hanga umwandiko utarenegeje ipaji ebyiri kuri iyi nsangamatsiko:

Uko abakobwa n'abahungu bafatanya mu mirimo y'ishuri no mu mikoro ku ishuri nigaho.

Buri munyeshuri arahanga umwandiko, akurikije amabwiriza tumaze kubona. Mu gukosora, umwarimu arareba uko abanyeshuri bubahirije amabwiriza n'ireme ry'ibitekerezo batanga.

Umwandiko: Impaka ku buringanire n'ubwuzuzanye

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 115)

Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 118)

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko «**Impaka ku buringanire n'ubwuzuzanye**», nyuma y'iki gice, umunyeshuri araba ashobora gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyltsa, no gusubiza ibibazo ku mwandiko atajijinganya.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko uvuga ku Impaka ku buringanire n'ubwuzuzanye, igitabo cy'umwarimu, amashusho yerekana abavugwa mu mwandiko.

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu aganirira abanyeshuri akaganiro ko mu buzima busanzwe kaganisha ku mwandiko bagiye kwiga, akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura ibyerekanye n'umwandiko bagiye gusoma.

Ingero z'ibibazo yababaza aramutse akoresheje amashusho:

- Uhoreye ku gishushanyo murabona abanyeshuri bicaye bate?
Bari mu matsinda.
- Hari umunyeshuri uri imbere: mukeka ko akora iki?
Aratanga igisubizo yahawe.

2. Gusoma

2.1. Gusoma bucece

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari umwandiko “Impaka ku buringanire n’ubwuzuzanye”, akabasaba kuwusoma bucece nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

- a) **Dufite amatsinda angahe mu mwandiko?**

Dufite amatsinda abiri.

- b) **Ni iyihe nsanganyamatsiko yagibwagaho impaka?**

Iyo abanyeshuri barangije umwaka wa gatandatu w’amashuri abanza, abakobwa n’abahungu hafatirwa ku manota atandukanye mu kubaha ibigo bigamo bacumbikirwa. Abahungu bafatirwa ku manota menshi, abakobwa bagafatirwa ku manota make. Murabishyigikiye cyangwa ntimubishyigikiye?

2.2 Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye: umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo, nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityobityo kugeza umwandiko wose urangkiye.

Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, agenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.

2.3. Gusomera umwandiko mu matsinda basobanura amagambo akomeye

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by’amagambo mashya kandi basubiza n’ibibazo byo kumva umwandiko; we akagenzura uko abanyeshuri barimo gukorera hamwe mu matsinda anyuranye.

Nyuma y’iki gikorwa umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.

Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye bakabyandika ku kibaho.

Urugero rw’ibisubizo byava mu matsinda

Itsinda: abantu bari hamwe.

Kuziba icyuho: kujya mu mwanya w’umuntu cyangwa se ikintu kidahari.

Akarengane: uguhohotera umuntu hatubahirizwa uburenganzira bwe.

Gucika intege: kunanirwa kwihangana.

Umwitozo w’inyunguramagambo

Nyuma yo gusobanura amagambo, umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda akabaha umwitotozo w'inyunguramagambo w'ubumenyingiro bwo gukoresha mu nteruro amagambo basobanuye akabafasha kunonosora ibisubizo byabo.

Urugero rw'interuro zava mu matsinda:

Itsinda: Twakoze itsinda ry'abantu bane.

Kuziba icyuho: Ubwo ugiye reka nzibe icyuho cyawe.

Akarengane: Gukoresha umuntu ntumuhembe ni akarengane aba agiriwe.

Gucika intege: Nubwo hari izuba ryinshi sinshika intege ndakomeza nkore.

Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 118)

Intego zihariye:

Nyuma y'iki gice, umunyeshuri azaba ashobora kuvuga insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko, kugaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko no gusobanura ibijyanye n'uburinganire n' ubwuzuzanye mu mirimo yo mu rugo.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko “**Uburinganire n'ubwuzuzanye mu mirimo yo mu rugo**”, igitabo cy'umwarimu, amashusho yerekana ibivugwa mu mwandiko.

1. Isubiramo:

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma.

Abanyeshuri baravuga muri make ibikubiye mu mwandiko baheruka gusoma.

Umwarimu arasaba abanyeshuri kujya mu matsinda, bagasoma umwandiko basubiza ibibazo byawubajijweho.

Usibye ibibazo byatanzwe mu gitabo cy'umunyeshuri umwarimu ashobora no kubaza abanyeshuri ibindi bibazo bitari mu gitabo cy'umunyeshuri ariko bijyanye n'umwandiko wizwe.

2. Ibibazo byo kumva umwandiko

Usibye ibibazo byatanzwe mu gitabo cy'umunyeshuri umwarimu ashobora no kubaza abanyeshuri ibindi bibazo bitari mu gitabo cy'umunyeshuri ariko bijyanye n'umwandiko wizwe.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

1. Umaze gusoma cyangwa kumva iki kiganiro mpaka, wowe wumva ushyigiye uruhe ruhande?

Bose bagomba gufatwa kimwe.

2. **Mubona abanyeshuri baratanze ibitekerezo bifite ireme?**
Ibitekerezo byose byatanzwe bifite ireme.
3. **Ibitekerezo abanyeshuri batanzebihuriye he n'umwanzuro watanzwen'umwarimu?**
Leta ntirobanura ku butoni, abahungu n'abakobwa bafite uburenganzira bungana.
4. **Ese ubona umwanzuro watanzwen'umwarimu ushyigikiye uruhe ruhande?**
Umwanzuro watanzwen'umwarimu nta ho ubogamiye.

Igice cya gatatu: Ikiganiro mpaka (Gukora ikiganiro mpaka)

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 119)

Intego zihariye:

Ahereye ku mabwiriza yahawe, nyuma y'iki gice umunyeshuri azaba ashobora kujya impaka ku ngingo ziziyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye mu mashuri ndetse n'uburinganire n'ubwuzuzanye mu mirimo yo mu rugo akubahiriza amabwiriza y'ibiganiro mpaka.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cya mwarimu

Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko batheruka gusoma biganisha ku kiganiro mpaka.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

- a) Ubushize twasomye ikiganiro. Ni irihe tsinda wumva ushyigikiye ukurikije uko ikiganiro cyagenze?

Umwarimu yakira ibisubizo bitandukanye by'abanyeshuri.

2. Inshoza y'ikiganiro mpaka

Ikiganiro mpaka ni ikiganiro kiba hagati y'abagize amatsinda abiri basobanura neza ibitekerezo byabo mu gihe abandi bo batabyemera bagerageza kubereka ko ibyabo ari byo biboneye.

Rimwe rishyigikira ingingo yo kuganiraho yatanzwe nahohi irindi rikayivuguruza. Mu biganiro mpaka abantu birinda kujya impaka za ngo turwane, iyo uvuguruza igitekerezo cya mugenzi wawe ugaragaza ikinyabupfura mu magambo uvuga no mu marenga ukora.

Mu kiganiro mpaka hagaragaramo umuyobozi w'ibiganiro, umwanditsi, ushinzwe kugenzura igihe n'ushinzwe imvugo iboneye. Abo kandi baba begeranye; hakaboneka n'impande ebyiri: uruhande rushyigikira ingingo yatanzwe n' uruhande ruyivuguruza.

2.2. Intego y' ikiganiro mpaka

Ibiganiro mpaka mu mashuri bituma abanyeshuri bakorera hamwe, ibitekerezo byubaka bigatangwa, bakunguka amagambo mashya. Abanyeshuri bakora ubushakashatsi, bakandika, bakabaza bagasobanukirwa. Gusobanukirwa kuvuye mu gucukumbura bituma bagira ubushobozi mu gusoma no kwandika bigendanye n'ibyo bagomba kwiga, bakagira uruhare mu masomo yabo bafashijwe n'umwarimu.

Ibiganiro mpaka bituma umunyeshuri aba intyoza mu kuvuga, gushakashaka, gusoma, kwandika, gutekereza no gutanga ubutumwa avugana n'abandi. Ibiganiro mpaka bituma abanyeshuri mu rwego barimo urwo ari rwo rwose batanga ibitekerezo bifasha abandi mu mibanire myiza no mu bukungu kandi batagize uwo bakomeretsa.

Mbere yo kujya impaka muhitamo igitekerezo kigibwaho impaka.

Igitekerezo kigibwaho impaka gishingira ku byigwa kugira ngo abiga barusheho gusesengura ibyo biga.

2.3. Uko ubushakashatsi bwakorwa

Abanyeshuri bahabwa umwanya nk'amasaha atatu bashakisha ibitekerezo. Umwarimu abereka uko babyandika. Ibi bituma abanyeshuri bagaragaza impano zabo mu mitekerereze, mu gutanga ibitekerezo no mu kwiyoborera ibiganiro ubwabo.

2.4. Mu gihe bajya impaka.

Hatoranywa umuyobozi w'ibiganiro. Ashobora kuba umwarimu cyangwa umunyeshuri. Umuyobozi agomba kuvuga adategwa, akagaragaza ikinyabupfura. Atanga amagambo bahererekanya hagati y'abashyigikiye igitekerezo n'abatagishyigikiye, akirinda kubogama.

Mu gihe bajya impaka, buri munyeshuri ugiye gutanga igitekerezo yerekana ikanita ye yanditseho ko ashyigikira cyangwa avuguruza igitekerezo cy'undi. Iyo umunyeshuri amaze guhabwa ijambu inshuro eshatu, umuyobozi aba amuretse kugira ngo n'abandi babashe gutanga ibitekerezo byabo.

2.5. Gusoza ibiganiro mpaka

Abajya impaka ubwabo bashobora gusaba ko ikiganiro gisozwa cyangwa se umwarimu akabafasha kugisoza. Buri ruhande rutanga umwanzuro, rukusanya ibitekerezo byatanzwe.

2. 6. Ibigomba kwitabwaho

Abanyeshuri bashakira hamwe indangagaciro bagomba kugenderaho mu gihe bajya impaka, harimo izi kurikira:

- Kubaha abandi
- Gutega amatwi
- Kwiyubaha no gushyigikira bagenzi be
- Kudasakuza

- Kuvuga ari uko ahawe ijambo
- Kureka n'abandi bagatanga ibitekerezo ntiyiharire ijambo
- Kwirinda imvugo nyandagazi
- Kuvuga aranguruye ijwi kandi atungikanya amagambo
- Kiwiyizera mu byo avuga ntacike intege.

Iyo kujya impaka birangiye habaho isuzuma. Abanyeshuri bakoresha urundi ruhande rwa ya karita yanditseho uruhande barimo bakagaragaza uko babonye ikiganiro kigenze. Bashobora kwandika mu mvugo, bagashushanya n'ubundi buryo.

Umwitoto wo kungurana ibitekerezo n'ibisubizo bishoboka

Insangamatsiko:

Abana b'abahungu n'ab'abakobwa bagomba gukora kimwe imirimo yose yo mu rugo ntawuvuga ngo umurimo uyu n'uyu wahariwe umukobwa cyangwa umuhungu. Murabishyigikiye cyangwa ntimubishyigikiye?

Umwarimu yasabye ababishyigikiye gushyira urutoki hejuru, maze baba makumyabiri na babiri ku banyeshuri mirongo ine na batanu twigana.

Ubwo yasabye ababishyigikiye kujya ukwabo abagabanyamo amatsinda abiri, hanyuma n'ababirwanya bigabanyamo amatsinda abiri, maze buri tsinda ritegura ibitekerezo byaryo ku mpapuro.

Amatsinda yahawe amazina ya A, B, C, D.

Amatsinda A na C yarimo abashyigikiye ko bayikora bose kimwe, naho amatsinda B, D yarimo ababirwanya. Ijambo ryagendaga rihabwa umukobwa cyangwa umuhungu wo mu itsinda A cyangwa C, agakurikirwa n'undi mukobwa wo mu itsinda B/D ngo ajore ibitekerezo byatanzwe.

Igice cya kane: Amagambo afatana n'atandukana

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 121)

Intego zihariye:

Nyuma y'iri somo, abanyeshuri bahereye ku nteruro zigaragaramo amagambo akatwa n'adakatwa araba ashobora kwandika akata cyangwa adakata amagambo uko bikwiye.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, integanyanyigisho.

1. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ikibazo kibibutsa isomo bameruka kwiga

2. Amagambo yandikwa afatanye n'ayandikwa adafatanye

Umwarimu abwira abanyeshuri gusomera mu matsinda umwandiko, "Injangwe yacitse umurizo" bakitegereza amagambo yanditse atsindagiye maze bagasubiza ikibazo gikurikira.

Ikibazo: Nimugende muvuga impamvu amagambo yanditse atsindagiye hamwe yanditswe mu ijambo rimwe ahandi akandikwa atandukanye.

Urugero rw'ibaya mu matsinda:

Amagambo atsindagiye ajya gusa ariko agira ibisobanuro bitandukanye bitewe n'uko yakoreshejwe.

- **Niko** muri twe hari uwakuganyiye ko imirizo yacu iturushya?
Niko: ni ijambo rikoreshejwe bahamagara umuntu.
- Igituma utubwira utyo, ahari ni **uko** wawucitse.
Ni uko: ni amagambo abiri: ingirwanshinga "ni", ikurikiwe n'ikinyazina mbanziriza "uko".
- **Na yo** iti: "Imirizo yacu iraturushya rwose".
Na yo: ni amagambo abiri: icyungo «na» n'ikinyazina ngenga «yo» gisimbura injangwe. Mu myandikire icyungo "na" gitandukana n'ikinyazina ngenga muri ngenga ya gatatu.
- **Ni cyo** gituma mbagira inama yo kuyica mwese.
Ni cyo: ni ingirwanshinga "ni" ikurikiwe n'ikinyazina ngenga "cyo".
- Ikindi kandi mutayobewe, **ni uko** dukunda gufatwa n'umutego ku murizo.
Ni uko: Ni ingirwanshinga "ni" ikurikiwe n'ikinyazina mbanziriza "uko".
- **Nuko** ngo yumve ayo magambo, ihita yirukanka yikura ityo mu isoni.
Nuko: Ni icyungo. Rirunga igikerezo ku cyakibanjirije.
- **N'ubwo** ni ububwa bundi.
N'ubwo: Ni icyungo "na" gikurikiwe n'ikinyazina nyereka "ubwo".
- Ububwa bwawe **ni ubwo** kutiyakira.
Ni ubwo: Ni ingirwanshinga "ni" gikurikiwe n'ikinyazina ngenera "ubwo".

Umwanzuro:

Amagambo: "nuko/ ni uko, n'uko, ni ko/niko ni ubwo, n'ubwo", yandikwa mu ijambo rimwe iyo yunga igitekerezo ku kindi cyabanje, akandikwa mu magambo abiri iyo ari inshinga "ni" ikurikiwe n'ikinyazina cyangwa akandikwa akaswe iyo agizwe n'icyungo gikurikiwe n'ikinyazina.

Umwitoto

Nyuma y'isomo umwarimu aha abanyeshuri imyitoto kugira ngo asuzume ko intego z'isomo zagezweho. Abaha igihe cyo kuyikora cyarangira bagakosorera hamwe ku kibaho, ibisubizo bikandikwa mu makaye yabo y'imyitoto.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Andukura izi nteruro ukosora imyandikire

- a) **Uku gutwi niko numvisha.**
Uku gutwi ni ko numvisha.
- b) **Uko uvuga niko na njye mvuga.**
Uko uvuga ni ko na nge mvuga.
- c) **Mbese urarizwa nuko bakubenze.**
Mbese urarizwa nuko bakubenze.

2. Uzurisha amagambo ukuye mu dukubo

- a) Umugore yunzwe n'umugabo **nuko** arakira (ni uko, n'uko, nuko)
- b) Uku kwezi **ni uko** gusarura imyaka.(ni uko, n'uko, nuko)
- c) Uko watwaye **n'uko** nasigaranye birangana.(ni uko, n'uko, nuko)

Inshamake y'ibizwe muri ugu mutwe wa kane

Mfashe ko:

- Uburinganire n'ubwuzuzanye ku bahungu n'abakobwa ari ngombwa mu mashuri no mu mirimo yo mu rugo.
- Uburinganire n'ubwuzuzanye ku bahungu n'abakobwa ari ngombwa mu mashuri no mu mirimo yo mu rugo kugira ngo iterambere ry'igihugu rigerweho vuba kandi ntawusigaye.
- Ikiganiro mpaka gituma abantu batanga ibitekerezo byubaka mu kinyabupfura bakirinda gukomeretsa abandi bakagira uruhare mu kubaka Igihugu ndetse n'isi muri rusange.
- Hari amagambo afatana n'atandukana mu myandikire. Nubwo ajya gusa ariko si amwe mu bisobanuro byayo
Ingero: – **Nubwo** uje sinari ngukeneye.
– **Ni ubwo** buki nshaka.

Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa kane

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 124)

Ibigenderwaho mu isuzuma:

- Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko ujyanye no kwimakaza uburinganire n'ubwuzuzanye.
- Ubushobozi bwo guhangi umwandiko.
- Ubushobozi bwo kuyobora ikiganiro mpaka no kujya impaka zubaka.
- Ubushobozi bwo kwandika uko bikwiye amagambo afatana n'atandukana mu myandikire.

Umwandiko: Amateka y'uburinganire n'ubwuzuzanye

I. Inyunguramagambo

1. **Sobanura aya magambo ari mu mwandiko**
 - a) **Umuhizi** = Ni intwari ihiga izindi ntwari.
 - b) **Bagakandamizwa** = Ntibahabwe/bakavutswa uburenganzira bwabo.
 - c) **Kujijuka** = Kuba umuhanga, kuva mu bujiji.
2. **Koresha ijambo «ingabo» mu nteruro ebyiri zidahuje inyito**
Abasirikare bo hambere bakingaga ingabo imyambi ntibagereho.
Ingabo z'u Rwanda zizi gucunga umutekano neza.
3. **Erekana amagambo asobanura kimwe n'aya aciyeho akarongo**
 - a) Abahungu bahabwaga ubumenyi bujyanye n'imrimo bari kuzakora bamaze kuba abagabo.
– *Uburere*
 - b) Kera abagore n'abagabo bagiraga inshingano zihariye hashingiwe ku ngufu n'uburere byabo.
– *Imbaraga*
4. **Kora interuro iboneye ukurikiranya neza amagambo yatanzwe**
 - a) Ni na Imana yo abatindi ibogosha irema.
– *Imana irema abatindi ni na yo ibogosha.*
 - b) Bose abantu imbere barareshyia y'amategeko.
– *Abantu bose barareshyia imbere y'amategeko.*
5. **Simbuza aya magambo aciyeho akarongo imbusane zayo**
 - a) Abagabo bakunze kugira ijambo.
Abagore bakunze kugira ijambo.
 - b) Yashoboraga kubika imyenda ye.
Yashoboraga kubikura imyambaro ye.

II. Kumva umwandiko

1. **Uyu mwandiko uribanda kuki?**
Uyu mwandiko uribanda ku mateka y'uburinganire n'ubwuzuzanye
2. **Ni iki cyatumaga abagore batitabira imirimo ibateza imbere?**
Umugore yabaga yitezweho kubyara abana benshi kugira ngo umuryango utazacika, maze ibyo bigatuma hora atwite, yaba adatwite akaba yonsa kandi afite n'abandi bana benshi agomba kwitaho bikamubuza kuba yakwitabira indi mirimo yamuteza imbere.
3. **Kuri ubu abakobwa bitwara bate mu mashuri?**
Abakobwa bagenda bagaragaza ubushobozi kimwe n'abahungu. Biga amashami y'ubumenyi ndetse n'ay'imyuga kandi bakayashobora.

4. Kuki uburinganire n'ubwuzuzanye ari ngombwa?

Uburinganire n'ubwuzuzanye ni ngombwa kugira ngo abantu bose batere imbere ntawuhujwe.

5. Igitekerezo cyo kubyara abana benshi cyarahindutse. Mugereranye igihe cya kera n'icy'ubu mu Rwanda.

Kubyara abana benshi byatumaga umuryango udacika, abantu bari bakiri bake ariko kuri ubu abantu babaye benshi ubyaye abana benshi ntashobora kubabonera ibyangombwa bikenerwa mu buzima nk'ibiribwa bihagije, imyenda, amafaranga y'ishuri, kubavuza n'ibindi.

6. Andika imirimo ibiri ivugwa mu mwandiko abahungu batakoraga. Mugire icyo muvuga ku mpamvu umwanditsi atanga

Hari imirimo yarindwaga abana b'abahungu nko gukubura, gufura imyenda, guteka, gusya, koza imbehe n'ibindi kuko byafatwaga nko kubatesha agaciro.

III. Ikibonezamvugo

Kosora imyandikire y'amagambo atsindagiye

1. Impamvu afite ubuzima bwiza nuko anywa ibinyobwa bifite ubuziranenge. (**ni uko**)
2. Uko wabikoze nuko nabikoze birasa. (**n'uko**)
3. Ubu bwatsi nubwo bwose ndabujyanira inka zange. (**n'ubwo**)
4. Ni ko wa mwana we, uri mu biki? (**Niko**)

IV. Ihimbamwandiko

Garagaza imbata y'uyu mwandiko "Amateka y'uburinganire n'ubwuzuzanye", werekana intangiriro, igihimba n'umwanzuro.

Intangiriro: Igizwe n'igika cya mbere.

Igihimba: Kigizwe n'ibika kuva ku cya kabiri kugeza ku kibanziriza icya nyuma.

Umwanzuro: Ni igika cya nyuma.

V. Ibiganiro mpaka

Jya impaka na bagenzi bawe kuri iyi nsanganyamatsiko: "Uburezi budaheza bushyigikira imyigire y'abana b'abakobwa kurusha iy'abahungu".

Umwarimu areba niba mu mwanzuro wafashwe bashoboye kugaragaza ko bazi ko abana b'abakobwa bagomba kwitabwaho by'umwihariko bitewe n'amateka banyuzemo kugira ngo na bo batinyuke bagere ku kigero abahungu bariho muri byose bityo uburinganire bwuzure.

Imyitozo nzamurabushobozi

- *Umwarimu atahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri ahereye ku manota bagize mu isuzuma risoza umutwe akabashyira mu matsinda akurikije ingorane bafite.*
- *Umwarimu abaha imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo bakayikorera hamwe mu matsinda. Ku badafite ibibazo, umwarimu abaha imyitozo y'inyongera cyangwa akabasaba kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko nsanganyamasomo imyanzuro bafashe bakazayisangiza bagenzi babo batari kumwe. Iyi myitozo umwarimu ayitegura ashingiye ku bibazo abanyeshuri be bafite yibanda aho abanyeshuri be bagaragaje ubushobozi buke.*

Ingero z'imyitozo n'ibisubizo:

1. **Amagambo akatwa mu myandikire y'Ikinyarwanda ni ayahe?** Amagambo akatwa ni ibyungo «na» na «nka» n'ibinyazina ngenera iyo bikurikiwe n'izina ritangiwe n'inyajwi.
2. **Kosora ahanditse nabi**
 - a) Kugirango udatsindwa uzane ikayi nigitabo
 - b) Tuzagera ibutare sangahe?
3. **Ni ibiki ugomba kwitaho iyo ufinite uruhare mu kiganiro mpaka?** Ibyitabwaho ni ibi bikurikira:
 - Kubaha abandi
 - Gutega amatwi
 - Kwiyubaha no gushygikira bagenzi be
 - Kudasakuza
 - Kuvuga ari uko ahawe ijambo
 - Kureka n'abandi bagatanga ibitekerezo ntiyiharire ijambo
 - Kwirinda imvugo nyandagazi
 - Kuvuga aranguruye ijwi kandi atungikanya amagambo
 - Kwiyizera mu byo avuga ntacike intege.
4. **Ni ibihe bice by'ingezi bigize umwandiko?**
Ibice by'ingenzi bigize umwandiko ni: Intangiriro, igihimba n'umusozo.

Imyitozo nyagurabushobozi

1. Ifashishe amagambo ukuye mu kinyatuzu gikurikira wuzuze interuro

N	A	B	A	H	U	N	G	U	U
I	I	Y	B	I	B	I	N	T	U
U	T	U	R	A	A	G	A	N	A
G	U	T	E	S	H	A	K	A	A
E	I	S	H	U	A	B	A	N	A
N	N	A	I	T	S	I	N	D	A
D	D	L	E	T	A	V	U	G	A
A	A	B	A	K	O	B	W	A	A
I	I	S	H	U	R	I	G	A	B
I	M	P	A	K	A	N	D	I	A

- a) Byaragaragaye ko bashobora kwigana n'..... mu rimwe.
- b) na bo bashobora kujya nk'abantu bakuru zikagira akamaro.
- c) Mu biganiro mpaka neza atungikanya amagambo, ngo yunganire abantu bo mu rye.
- d) Ni kuvuga udahawe ijambo; si byiza.
- e) y'u Rwanda yibanda cyane ku buringanire bw'..... b'..... n'.....
- f) mu ishuri rimwe nawe; turigana.

Igisubizo

- a) Byaragaragaye ko **abakobwa** bashobora kwigana **n'abahungu** mu **ishuri** rimwe.
- b) **Abana** na bo bashobora kujya **impaka** nk'abantu bakuru **kandi** zikagira akamaro.
- c) Mu biganiro mpaka **avuga** neza atungikanya amagambo, ngo yunganire abantu bo mu **itsinda** rye.
- d) Ni **bibi** kuvuga udahawe ijambo; si **ibintu** byiza.
- e) **Leta** y'u Rwanda yibanda cyane ku buringanire bw'**abana** b'**abakobwa** **n'abahungu**.
- f) **Niga** mu ishuri rimwe nawe; turigana.

2. Muhange umwandiko utarengije amapaje abiri kuri iyi nsanganyamatsiko: “Abakobwa n’abahungu bose bakwiye guhabwa uburere bwiza, nta wuhejwe.”

Aha umwarimu areba niba abanyeshuri bazi koko akamaro k’uburinganire bw’abahungu n’abakobwa mu muryango. Ni ngombwa ko areba ko mu mwandiko bahanze bigaragaramo.

5

Gukorera mu mucyo

(Umubare w'amasomo:24)

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

- Gusesengura umwandiko ku bijyanye no gukorera mu mucyo no gusesengura umuvugo
- Kwandika ibaruwa y'ubutegetsi, umwirondoro namatangazo.

Ibisabwa: Umunyeshuri agomba kuba azi:

- gusoma neza yubahiriza utwatuzo n'iyltsa.

Ingingo nsanganyamasomo ziri bwitabweho muri uyu mutwe:

Umuco wo kuzigama: Nyuma yo kumva umwandiko wa kabiri muri uyu mutwe, umwarimu ahereye ku kibazo kiri mu bibazo byo kumva umwandiko kivuga ku muco wo kuzigama, afasha abanyeshuri gusosobanukirwa uburyo amafaranga umuntu atanga muri ruswa aramutse ayizigamiye byamuteza imbere bityo akaba yimakaje umuco wo kuzigama.

Ubushobozi nsanganyamasomo:

- Ubuhangwa mu kuganira no gukoresha ururimi.
- Gukorera hamwe.
- Gutekereza ugashobora kujora ibitekerezo n'ibikorwa bitandukanye ntube nemeye iryo cyangwa nyamujya iyo bijya.
- Kwiyigisha no gukomeza kwihugura nyuma yo kurangiza amashuri.
- Guhangwa udushya no kunoza imikorere.
- Ubushakashatsi no gukemura ibibazo.

Amagambo /ibitekerezo by'ingenzi:

Inyangamugayo, imfura, indonke, kwigwizaho, umutungo rusange, umwirondoro.

Amabwiriza ajyanye n'igikorwa k'ivumbura ry'ibigiye kwigwa:

Abanyeshuri ubwabo ni bo bagomba kwivumburira ibyo bagiye kwiga, bahereye ku mashusho, ku kaganiro cyangwa udukino twataguwe mu ivumburamatsiko. Umwarimu agenda abayobora, ababaza ibibazo, kandi akabafasha kunonosora ibisubizo batanga ku buryo bibaganisha ku cyo bagiye kwiga.

Amabwiriza ajyanye n'uko abafite ibibazo byihariye baza kwitabwaho:

Umwarimu agomba gufasha abafite ubumuga gusobanukirwa kurushaho n'ibyo bari kwiga. Abatabona neza kimwe n'abatumva neza bagomba kwicazwa hafi kandi mu gihe bibaye ngombwa akabasobanurira akoresheje ururimi rw'amarenga. Abanyantege nke na bo bagomba gushyirwa mu matsinda y'abasobanukirwa vuba kugira ngo babazamure, kandi umwarimu akabibandaho akababaza n'ubwo baba batateye urutoki kugira ngo basubize.

Ibyigwa bigize uyu mutwe n'umubare w'amasomo

Ikigwa	Umubare w'amasomo
Umwandiko: Kamuhanda na Katabirora	4
Umwandiko: Tumenye ruswa tubone uko tuyihashya	4
Umwandiko: Gukorera ku mihigo bituma wiha gahunda	3
Umwandiko: Dutange amakuru ku byo dukora	3
Umwirondoro	3
Ibaruwa y'ubuyobozi	2
Amatangazo	2
Umuvugo: Mugenzi ukeneye abandi	2
Isuzuma	1

5.1. Umwandiko: Kamuhanda na Katabirora

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 127)

Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 129)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bahawe, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusobanura amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro ziboneye.

Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga ku bunyangamugayo, amashusho ajyanye n'umwandiko, agakuru, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda, ikibonezamvugo, inkoranya.

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu arabwira abanyeshuri kurambura mu bitabo byabo ahari umwandiko: "Kamuhandna na Katabirora".

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo babona ku ishusho n'icyo bayitekerezaho.

Abanyeshuri baravuga ibyo babona ku ishusho n'icyo bayitekerezaho, hanyuma umwarimu abasabe noneho gusoma bucece uwo mwandiko.

2. Gusoma

2.1. Gusoma bucece

Abanyeshuri barasoma bucece umwandiko «Kamuhandna na Katabirora» uri mu gitabo cyabo.

Barangije gusoma, umwarimu arababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

Ingero z'ibibazo n'ibisubizo

- a) **Ni bande bavugwa muri uyu mwandiko?**
 - Muri uyu mwandiko haravugwamo Kamuhanda na Katabirora.
- b) **Baravugwaho iki?**
 - Kamuhanda yabikije Katabirora amafaranga, ayamwatse igihe cyo gutaha kigeze Katabirora arayahakana.
- c) **Ni iki cyahaye Katabirora ingufu kigatuma atinyuka guhakana amafaranga yabikijwe?**
 - Icyateye Katabirora ingufu zo guhakana amafaranga yahawe ni uko nta mugabo wigeze abibona akaba nta n'inyandiko yagiranye na Kamuhanda ko amuhaye amafaranga.
- d) **Ari Katabirora ari n'umwunzi mukuru washima nde ukagaya nde? Kubera iki?**
 - Nagaya Katabirora kuko ari igisambo, ngashima umwunzi mukuru kuko yanze umugayo wo guhuguza Kamuhanda amafaranga ye. Mu by'ukuri urubanza ureze nta mugabo utanga ruba rugomba kugutsinda. Icyo umuntu yashima umwunzi mukuru ni uko atitwaje ko azi amategeko ngo afatanye na Katabirora guhemukira Kamuhanda wari waramwizeye. Uyu musaza rero yakoze ibikorwa bimugira inyangamugayo.

2.2. Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye: umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo, nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye.

Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, agenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.

2.3. Gusomera umwandiko mu matsinda basobanura amagambo akomeye

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye. Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.

Umunyamahugu: Umuntu wamenyereye kwambura, udashobora kwishyura amafaranga yagurijwe, ushaka gutwara iby'abandi abeshya ko ari ibye.

Katabirora: Izina rihabwa umuntu utagira isoni zo guhemuka, zo kutubahiriza amasezerano, akensi akaba yakwambura ntiyishyre amafaranga yagurijwe.

Urakomeje?: Uravugisha ukuri? Ntiwikinira?

Guhakana ugatsema: Kwanga kwemera ibyo bakuvugaho ukanganira.

Gusesa akanguhe: Gusaza, kuba uri mukuru warabonye byinshi ku buryo wagira abandi inama.

Umugabo: Gihamya, umuntu cyangwa ikintu kemeza ibyabaye.

Kwiyumvira: Gutekereza ariko ujijinganya, ugisha imitima inama, wibaza niba ukora ibyo bakubwiye cyangwa niba utabikora.

Gutirimuka: Kuba umaze akanya gato uvuye ahantu.

Kwitarura: Kwigira hirya gato y'umuntu cyangwa y'ikintu.

Kwivamo: Kuvugisha ukuri utabizi kubera ko baguteze umutego ntubimenye, kwimenera ibanga.

Kurwicira: Kwiyemeza icyaha, kwihamya icyaha.

Inararibonye: Umuntu uzi gushishoza, wabonye byinshi bikamwigisha.

Kugamburuza: Kuvana ku izima, gutuma umuntu agaragaza icyo yashakaga guhisha.

Kuriganya: Kwambura umuntu ukoreshsheje amayeri cyangwa ubundi buryo bubi.

Ubutindi: Imyitwarire igayitse ituma umuntu adatinya guhemuka, ubuhemu.

Kubera umuntu ibamba: Kumwangira ibyo agusaba.

Umwitoto w'inunguramagambo

Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitoto y'inunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.

Urugero rw'umwitozo n'igisubizo:

a) Gukoresha aya magambo mu nteruro:

Kuriganya : Nuzana ibyo **kuriganya** sinzongera kubana nawe.

Kwivamo: Yakomeje guhakana ibyo bamurega ariko bamuteze umutego **yivamo** atabizi.

Umunyamahugu: Twari duturanye n'umugabo **w'umunyamahugu** wahoraga mu nkiko agatsindwa kubera kuburana ibitari ibye.

Katabirora: Wabonye ba **Katabirora** bamanitse kuri Banki y'abaturage yacu kubera kuyambura inguzanyo yabahaye?

Kurwicira: Yarwiciriye yemera ko yari kumwe na Gisambo umugoroba butike ya Karangwa yapfumuriweho.

Kugamburuza: Muge **mugamburuza** bagenzi banyu bareke ingeso mbi mubabonyeho.

Ubutindi: Guhakana icyo wahawe ni **ubutindi** bubi.

Kwitarura Bagiye kuvugana **baratwitarura** ngo tutumva amabanga yabo.

Gutirimuka : Yaje burya ukimara **gutirimuka** iwange.

Kwihana umuntu: Kamanayo **yihannye** umucamanza mu rubanza rwe na Sebiziga kuko azi ko umwe ari inshuti y'undi y'amagara.

b) Kuzuza imbonerahamwe

Nzaharanira kuba	Sinzaba
imfura, umwanzi wa ruswa, indahemuka, inyangamugayo, umwizerwa, umunyakuri, inziragihemu	umutindi, umutekamatwe, indyarya, igisambo, incakura, umushukanyi, umunyaburiganya, inaryenge, Katabirora

c) Gutondeka amagambo ku buryo akora interuro zuzuye kandi zifite icyo zisobanura:

- Sinakwemera guha umuntu utari inyangamugayo amakuru arebana n'umwirondoro wange n'umutungo wange.
- Iyo ubunyangamugayo buri hasi, abakozi bamwe bafatanya n'abacuruzi kunyereza imisoro kandi ari bo bakagombye kuyigeza mu isanduku ya Leta.

Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 130)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga ku muco n'indangagaciro nyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko bameruka gusoma. Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.

2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero

Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iysts, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye. Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.

3. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosore bafatanyije n'umwarimu.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

1. Kamuhanda ni muntu ki?

Kamuhanda ni umugabo wagendaga mu ngo acuruza ibintu bye, ashakisha icyatunga umuryango we.

2. Ryari ryo zina rye ry'ukuri? Kubera iki?

Ntabwo ryari izina rye ry'ukuri ahubwo ni irihimbano ryaturukaga kuri ako kazi ke ko guhora agenda abungana ibicuruzwa.

3. Yisunze nde mu kazi ke? Yabitewe n'iki?

Mu kazi ke yaje kwisunga umugabo w'inshuti ye kuko bari bariganye, yizera ko atamuhemukira.

4. Kuki Kamuhanda yabikije mugenzi we amafaranga?

Yayamubikije kuko yari amufitiye ikizere.

5. Garagaza ko ibyo Kamuhanda yakekaga kuri mugenzi we ntaho byari bihuriye n'ukuri.

Ikizere Kamuhanda yagiriye mugenzi we ntaho cyari gishingiye usibye ku bucuti yari afitanye na we bakiri abana. Hagati aho yari yarahindutse umwambuzi ariko Kamuhanda atabizi. Uko kutamumenya ni ho hari ipfundu ryo kwibeshya kwe. Mugenzi we yamweretse aho abera mubi ahakana ko nta mafaranga yamuhyaye. Ubucuti rero Kamuhanda yamukekagaho bwari bwarasimbuwe n'ubuhemu nk'uko bigaragazwa n'izina yari yarahawe.

6. Kamuhanda yitwaye ate mugenzi we amaze guhakana amafaranga yamuhyaye?

Kamuhanda yitabaje abayobozi na bo bashyikiriza abunzi ikibazo ke.

7. Abunzi bakoze iki bamaze gushyikirizwa ikirego cya Kamuhanda?

Bahamagaye ababuranyi barisobanura. Kamuhanda atanga ikirego avuga ko yahaye Katabirora amafaranga ngo ayamubikire, Katabirora agahakana ko nta yo yigeze amuha. Umwunzi mukuru abajije Kamuhanda niba hari umugabo cyangwa inyandiko yagiranye na Katabirora undi ahakana ko nta yo yakoreye ku kizere gusa. Yakurikijeho kumwohereza aho yatangiye amafaranga ngo ahasubirize ibibazo ari bubazwe n'inteko. Kamuhanda yagiye ariko ashidikanya. Umwunzi mukuru akoresheje ubushobozhi bwe yateze Katabirora umutego ashingiye ku mugabo umwe wari usigaye mu rubanza, ari cyo gitii bari bicaye munsi Kamuhanda amuha amafaranga. Katabirora yawuguyemo aba aratsinzwe ategekwa gusubiza Kamuhanda amafaranga ye.

8. Kuki umwunzi mukuru yabwiye Kamuhanda ko igitii gishobora kumubera umugabo?

Ubundi iyo watanze ikirego, igihe cyo kuburana bagusaba gutanga abagabo kugira ngo bashobore kugukiranura n'umuburanyi wawe. Iyo nta bo ufile, uratsindwa. N'umuburanyi wawe ni uko. Umwunzi mukuru rero yabwiye Kamuhanda ko igitii gishobora kumubera umugabo kuko ari cyo kimenyetso cyonyine yari ategeyeho Katabirora mu gihe nta mugabo wabonye bahana amafaranga.

9. Katabirora yafashwe n'iki?

Katabirora yafashwe n'uko yemeye gusobanura iby'igitii bicaye munsi ahabwa amafaranga kandi yari yahakanye ko nta mafaranga yakiriye, ko atazi n'ibyayo.

10. Garagaza ko umwunzi mukuru yari inararibonye koko.

Umwunzi mukuru yasanze kuba Kamuhanda nta mugabo cyangwa inyandiko afite byo guhamya ko yahaye Katabirora amafaranga, Katabirora yabyitwaza agahakana ayo mafaranga kandi akayaherana. Ni ko guhimba amayeri yo gufatira Katabirora ku gitii bicaye munsi kuko ari cyo mugabo wari usigaye. Yateze rero Katabirora umutego amubaza ibibazo bituma yiyeemeza icyaha atabizi. Ibyo byatumye Katabirora yivamo batahura uburiganya bwe hanyuma nikimwaro kinshi asubiza Kamuhanda amafaranga ye.

11. Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?

Isomo nkuyemo ni uko uburiganya, ubwambuzi budakwiye kuko iyo butahuwe butuma umuntu atakaza ikizere abandi bakagombye kumugirira. Iyo umuntu ari

mu mwanya nk'uw'abunzi aba agomba kuba inyangamugayo, agaca urubanza akurikije ukuri, araramye nk'uko bajya babivuga. Ikindi, nta kuguriza umuntu amafaranga tutandikiranye cyangwa nta mugabo uhari, kuko yabyitwaza akanyambura.

Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 131)

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko amaze gusoma no kuwumva, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gutahura ingingo z'ingenzi zigize umwandiko.

Imfashanyigisho: umwandiko uvuga ku bunyangamugayo, agakuru gateguriza umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. Isubiramo:

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko bameruka gusoma. Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.

2. Gusoma no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.

Mu matsinda baratahura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko hanyuma bagende bahuriza ku kibaho ibyo bagezeho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.

Ibibazo n'ibisubizo

a) Insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?

"Ushobora kugirira umuntu ikizere akaguhemukira mugakizwa n'abantu b'inyangamugayo."

b) Ingingo z'ingenzi

- Kamuhanda ahura na Katabirora bakiyemeza gufatanya ubucuruzi;
- Kamuhanda abitsa Katabirora amafaranga yayamwaka akayahakana;
- Kamuhanda atanga ikirego mu buyobozi;
- Katabirora atsindwa n'urubanza mu bunzi.

Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo ku bivugwa mu mwandiko.

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 131)

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko amaze gusoma no kuwumva, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora kubaza cyangwa gutanga ibitekerezo bifite ireme ku kibazo kijyanye n'ubunyangamugayo.

Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga ku ndangagaciro nyarwanda, ameza, inkoranyamagambo, ibiganiro mpaka byatambutse bashobora kubona bakoresheje ibyuma byerekana amajwi n'amashusho.

1. Isubiramo:

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma. Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.

2. Gusoma umwandiko no kungurana ibitekerezo ku kibazo

Abanyeshuri barasomera umwandiko mu matsinda nyuma bungurane ibitekerezo ku kibazo gikurikira.

Abanyeshuri baritoramo ubayobora n'uwandika ibitekerezo batanga. Ubayobora agenda aha buri munyeshuri ijambo akavuga icyo agaya cyangwa ashima umwunzi mukuru, Kamuhanda na Katabirora. Babanza kuvuga ibyo bagaya buri wese. Bahera kuri umwe barangiza bakavuga ku wundi, bityobityo kugeza babbarangije. Uwo badafite icyo bagaya, baramusimbuka bagategereza kuza kuvuga icyo bamushima. Kugaya iyo birangiye bakurikizaho gushima. Uwo badafite icyo bashima na we baramusimbuka bakajya ku bo bafite icyo bashima. Bose iyo bamaze gutanga ingingo bagayaho aba bagabo n'izo babashimaho, babyunguranaho ibitekerezo, bakemeranywa ku ngingo bari bugeze ku bandi mu gihe cyo guhuriza hamwe. Bafatanyije n'umwarimu, bahitamo ibisubizo biri byo bituma bafatira hamwe umwanzuro uboneye bashyira mu bikorwa bitewe n'isomo umwandiko ubasigiye.

Urugero rw'ibisubizo byava mu matsinda:

1. Kugaya

- a) **Umwunzi mukuru:** Nta cyo umuntu yamugaya, ahubwo yamushima. Barategereza ko igihe cyo gushima kigera.
- b) **Kamuhandा:**
Umuntu yamugaya kuba"
 - Yaragize uburangare bwo guha Katabirora amafaranga batandikiranye kandi nta n'umugabo uhari.
 - Atarabaye bakenga ngo abanze gushakisha amakuru ahagije kuri Katabirora kandi abantu bose bari bazi ko yabaye umunyamahugu. Mbese yabaye indangare kuko nta kizere kiba mu mafaranga. Kubera ko abantu bose bayakunda, kuyambura n'ubwo bidakwiye biroroha.
- c) **Katabirora:**
Umuntu yamugaya kuba:
 - Ari umubeshyi,
 - Ahakana ibintu azi kandi yakoze, ari byo kwakira no kubika amafaranga ya Kamuhanda.
 - Nta soni agira zo guhemuka byatumye atinyuka guhemukira inshuti ye biganye, agahakana amafaranga yahawe kandi agashaka no kwanduza umwunzi mukuru imico ye mibi.
 - Yarashatse gutanga ruswa agamije kuriganya Kamuhanda amafaranga ye.
 - Yaracyuriye Kamuhanda ko yamutunze, agashaka kumwishiya ari uko amwatse amafaranga yamubikije kandi batarigeze basezerana ko azamwishiura ibyo azaba yaramutungishije.

2. Gushima

a) Umwunzi mukuru

- Umuntu yamushimira ko:
 - Akorana akazi ke ubuhanga n'ubushishozi.
 - Ashyigikiye ukuri.
 - Yanze guhemuka.
 - Yanze ruswa.
 - Adakurikiza ikimenyane.
 - Arwanya akarengane.
 - Ari intabera.
 - Yanga umugayo.
 - Afite ubushishozi.
 - Akoresha ubwenge bwe akarenganura Kamuhanda.

b) **Katabirora**

Umuntu yamushimira ko:

- Yemeye kwakira inshuti babanye kera bakiri abana, akanemera kuyicumbikira, kuyitunga no kuyibikira amafaranga.
- Yemeye kuva ku izima agasubiza Kamuhanda amafaranga ye.

c) **Kamuhanda**

Umuntu yamushimira kuba:

- Atarashatse gutera amahane na Katabirora ahubwo akamuregera abayobozi.
- Kuba yaragiriye ikizere inshuti ye akayubitsa amafaranga agendeye ku ko yari amuzi.
- Ari umuntu wubaha ntasuzugure ibyo asabwe gukora n'ubwo atizera ko hari icyo bimumarira mu kibazo afite.

Igice cya gatanu: Guhang umukino no gukina bigana

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 131)

Intego yihariye:

Ahereye ku mwandiko amaze gusoma no kuwumva, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gufatanya na bagenzi be guhimba umukino no kuwukina bigana abakinankuru bavugwamo.

Imfashanyigisho: Umwandiko uvuga ku ndangagaciro nyarwanda, imikino yo gukina bigana yerekawa ku byuma byerekana amajwi n'amashusho, ibikoresho bakenera birimo ibigaragara nk'amafaranga n'udupfunyika twayo, imyenda iranga abakinnyi....

1. Isubiramo:

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma. Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.

2. Gusoma umwandiko

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma umwandiko mu matsinda maze abasabe guhimba umukino bahereye ku mwandiko bamaze gusoma. Mu mukino wabo haragaragaramo gushyigikira ubunyangamugayo bw'umwunzi mukuru no kurwanya ubuhemu bwa Katabirora. Nyuma buri tsinda rirakina umukino ryahimbye

Urugero rw'umukino

Muri uyu mukino, abakinankuru barimo ni Katabirora, Kamuhanda, umuyobozi wo mu nzego z'ibanzo n'abunzi. Abanyeshuri babisabwe n'umwarimu barongera basome umwandiko bitonze. Nibarangiza begeranye amagambo ya buri muntu bayandike mbere yo kuyatondeka ku buryo abakinnyi bazajya bagenda bayavuga basubizanya. Mu mvugo no mu bikorwa byabo, abanyeshuri bagomba kugaragazamo gushima umwunzi mukuru kubera ubushishozi n'ubwitonzi yakemuranye ikibazo cyari hagati ya Kamuhanda na Katabirora. Baragaya Katabirora wahemukiye ikizere inshuti ye Kamuhanda yari imufitiye, agakoresha amayeri yose ashoboka ngo ashuke umwunzi mukuru banyanganye Kamuhanda amafaranga ye ariko bikaba iby'ubusa.

Urubuga bakiniraho rugomba kugenda rutegurwa bitewe n'aho ibikorwa birimo kubera: kwa Katabirora, mu iduka bacuruza, ku mukuru w'umudugudu yakira Kamuhanda, mu bunzi hatangwa ikirego no mu rukiko inteko y'abunzi yateranye ngo iburanishe Kamuhanda na Katabirora. Kamuhanda asohoka ajya ku gitu yatangiyeho amafaranga n'umwunzi mukuru ari ku rubuga avugana na Kamuhanda na Katabirora, mu rukiko nanone abunzi bakata urubanza bemeza ko Katabirora agomba gusubiza Kamuhanda amafaranga ye.

Umukino uratangira Kamuhanda na Katabirora bicaye mu rugo baganira bibukiranya iby'ubucuti bwabo kera bakigana, baganira kandi ku kazi kabo k'ubucuruzi. Baze kugera aho Kamuhanda asaba Katabirora kumubikira amafaranga, Katabirora abyakire yishimye, Kamuhanda bimutere kubyibazaho, undi amuhumurize, amwumvisha ko adashobora kurota amwambura. Bakomeze bakore, bize kugeza aho Kamuhanda yaka Katabirora amafaranga ye ngo atahé undi amuhindure umusazi. Kamuhanda ajyane ikibazo ke mu nzego z'ibanzo yakirwe n'umukuru w'umudugudu amutekerereze ibyamubayeho. Umukuru w'umudugudu atumize Katabirora, Katabirora akomeze ahakane noneho umukuru w'umudugudu agire Kamuhanda inama yo kuregera abunzi kuko ingano y'amafaranga itatuma aregera inkiko. Abunzi bumve uko ababuranyi bisobanura, umukuru muri bo yohereze Kamuhanda munsi y'igitu yatangiyeho amafaranga, Kamuhanda agende agononwa. Haze ikiganiro umwunzi mukuru yagiranye n'ababuranyi kugeza aho Katabirora aguye mu mutego agatsindwa n'urubanza, agategekwa gusubiza Kamuhanda amafaranga ye. Katabirora asubize amafaranga, umukino urangire abunzi bunga ababuranyi bombi, Katabirora yemera ubuhemu bwe kandi asaba imbabazi Kamuhanda anarahirira kutazongera guhemuka.

Umwandiko: Tumenye ruswa tubone uko tuyihashya

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 132)

Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 134)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bahawe, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusobanura amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro ziboneye.

Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga ku guhashya ruswa , amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda, ikibonezamvugo n'inkoranya.

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegerezza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.

2. Gusoma

2.1. Gusoma bucece

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko.

Abanyeshuri barasoma bucece hanyuma nibarangiza umwarimu ababaze ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

Abanyehuri barasubiza ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko basomye.

Ingero z'ibibazo n'ibisubizo:

1. Uyu mwandiko ugamije iki?

Uyu mwandiko ugamije kudusobanurira icyo ruswa ari cyo ku gira ngo dushobore kuyirwanya no kuyica.

2. Ruswa ikurura ubusumbane ite?

Utanga ruswa hari uwo avutsa uburenganzira afite cyangwa yemererwa n'amategeko, kimwe n'uko hari uwo arutisha abandi basangiye uburengazira.

3. Tanga ingero zifatika zigaragaza ububi bwa ruswa?

Ruswa ntitana n'ikenewabo n'ikimenyane, umutungo w'igihugu ukiharirwa n'abantu bamwe abandi banyunyuzwa imitsi, bahakirwa uburenganzira bwabo ku gihugu kuko baba barabwambuwe. Umunyeshuri w'umuhangha ni we utsindwa hagatsinda utabikwiye, umucuruzi udatanze ruswa ntiyunguka, umuhinzi abura ubutaka bwo guhinga kandi hari abafite ibikingi bipfa ubusa, umuganga ntavura

abarwayi uko bikwiye kuko nta kantu yakiriye. Ruswa isumbanya abantu, ntibagire amahirwe angana, ngo buri wese ashobore gukora no kwiteza imbere akurikije ubushobozi bwe. Ruswa itera ubunebwe, igatuma abantu badakora bashishikaye kuko abadakora babaho neza kurusha abakora.

4. **Amazina ya ruswa akoreshwa n'abayitanga n'abayakira ni nk'ayahe?**

Hari bitugukwaha, inyoroshyo, gukanda amaguru, kwica akanyota, ururimi rwa veterineri, umuti w'ikaramu, inzoga y'abagabo, lisansi y'imodoka ku muyobozi, agatike, umuhuza, kurya akantu, ubutumwa...

2.2. Gusoma mu ijwi riranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye: umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo, nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye.

Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, agenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.

2.3. Gusomera umwandiko mu matsinda basobanura amagambo akomeye

Mu matsinda, umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma umwandiko bashakishiriza hamwe amagambo afite ibisobanuro byatanzwe mu gitabo cyabo.

Urugero rw'ibava mu matsinda:

Tahura mu mwandiko amagambo asubiza ibibazo bikurikira:

- a) **Bampimba utuzina tujijisha ngo norosha ibibazo kandi iyo bagiye kumfata no kuntanga barihisha. Abanyakuri banyamaganira kure kubera ko munga ubukungu bw'ighugu. Ubwo ndi nde ?**
Ruswa.
- b) **Nta cyo nakumarira utampereje. Uwo mugayo uhabwa nde?**
Umuryi wa ruswa.
- c) **Utari uwange cyangwa uwo ntazi simureba n'irihumye. Iyo nenge indanga ni iyihe?**
Ikenewabo, ikimenyane.
- d) **Aho nageze abantu ntibongera kuvuga rumwe kuko mbasumbanya bamwe mbarutisha abandi. Ni iki munenga?**
Amacakubiri.
- e) **Nta kuri nkoresha, mpora ntegereeje ko bagira icyo bampa kugira ngo mbakemurire ibibazo. Ubwo mba nkurikiranye iki munenga?**
Indonke, impano, amaturo.

- f) **Abanyishinze bahora bamperesa kuko nsa n'ikirondwe ntajya mpaga.**
Ubwo abo bantu mbakorera iki kigayitse?
Mbanyunuza imitsi.
- g) **Iby'abandi mbitwara ku Mayeri kandi nkabiheza. Ndi iki?**
Amahugu.
- h) **Aho mba aha nirinda guhemuka nkarya ibyo naruhiye. Ubwo ndangwa n'iki?**
Ubunyangamugayo.
- i) **Nca mu ziko sinshye. Ubwo ndi iki?**
Ukuri.
- j) **Nta cyo mpisha ibyange byose mbikorera ahabona. Aho nkorera ni he?**
Mu mucyo.

Umwitoto w'in'yunguramagambo

Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitoto y'in'yunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.

Urugero rw'umwitoto n'igisubizo:

Koresha amagambo akurikira mu nteruro zawe bwite ukurikije uko yakoreshejwe mu nteruro.

1. **Indonke:** Nuharanira indonke mu kazi washinzwe na Leta uzirukanwa utakamazeho kabiri.
2. **Ruswa:** Umukozi wese wakiriye ruswa ntaba akiri inyangamugayo.
3. **Kuvutsa:** Karori bamuvukije amahirwe yo kwiga ngo kuko se atabivuze neza.
4. **Ikenewabo:** Kubera ikenewabo uyu mukozi agerera ku kazi igihe ashakiye ntihagire umuvuga.
5. **Impano:** Abazanye impano muziyegereze mu kanya muraziha abageni mwaziteganyirije.
6. **Kunyunuza imitsi:** Akazi twabonye ni nko gutanga amaraso abadukoresha batunyunuza imitsi gusa.
7. **Ishimishamubiri:** Ibantu byarakomeye ubwo ruswa isigaye inyuzwa no mu ishimishamubiri!
8. **Amacakubiri:** Abakoroni babibye amacakubiri mu Banyakurika kugira ngo babone uko bigarurira ibihugu byabo.
9. **Amahugu:** Abaturage bose baramwamagana kuko atunzwe n'amahugu.
10. **Icyuho:** Kunyereza umutungo wa Leta byaciye icyuho kinini mu ngengo y'imari igenewe ibikorwa by'iterambere.
11. **Bombi:** Kalisa na Kamali ni abashoferi bombi.
12. **Indangagaciro:** Buri wese nashyira imbere indangagaciro z'ubupfura n'ubunyangamugayo, amajyambere duharanira azagerwaho bidatinze.

Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 135)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga ku bubi bwa ruswa, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. Isubiramo

Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko bacherutse kwiga.

2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.

Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye. Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.

3. Kumva umwandiko

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.

Ibibazo n'ibisubizo:

a) Sobanura mu magambo yawe uko wumva ruswa?

Ruswa ni ikintu cyose waka cyangwa wakira kugira ngo ukore icyo wakagombye gukora nk'inshingano zawe. Ni no gukorera umuntu ikintu ukurikije uburyo umuzi cyangwa icyo muhuriyeho.

b) Ni iki gituma abantu barya ruswa?

Abantu barya ruswa kuko baba bashaka gukira vuba batavunitse, gukiza abo mu muryango wabo cyangwa inshuti zabo.

c) Ni gute ruswa ishyigikira akarengane?

Ruswa ishyigikira akarengane kuko abakora cyane atari bo bakira ahubwo hakira abadakora, uwagombye guhabwa serivisi ntayibona kuko nta kantu yatanze, utayikwiye akaba ari we uyihabwa kubera ko hari icyo yatanze.

d) Hangirika iki iyo ighugu cyamunzwe na ruswa?

Ibantu hafi ya byose birazamba: Imibanire hagati y'abantu irahinduka hakazamo ubusumbane, ntibagire amahirwe angana, ngo buri wese ashobore gukora

no kwiteza imbere akurikije ubushobozi bwe; abantu bokamwa n'ubunebwe, ntibakore bashishikaye kuko abadakora babaho neza kurusha abakora; inzangano hagati y'abantu ziriyongera kubera ko bamwe batoneshwa abandi bakarenganywa; ubutabera n'ukuri birabura, akarengane n'amahugu bigahabwa intebé; iterambere ry'igihugu riradindira, kuko ibyiza by'igihugu bitagera ku bantu bose uko bikwiye, hakabaho abigwizaho umutungo, mu gihe abandi bicira isazi mu jisho.

5. Ububi bwa ruswa bugaragarira he?

Ruswa yica indangagaciro zose aho ziva zikagera, ikaba isoko yo kwiyandarika ku bakobwa.

6. Abatanga ruswa babiterwa n'iki?

Abatanga ruswa babiterwa n'uko baba bananijwe n'abagomba kubaha serivisi bakitabaza ruswa kugira ngo bayihabwe, cyangwa bakaba bashaka kubona ibantu bidaciye mu mucyo, ndetse batanabikwiye.

7. Garagaza ko abatanga cyangwa abakira ruswa baba bazi ko ari bibi.

Ari ukwakira cyangwa gutanga ruswa bikorwa mu ibanga kubera gutinya ibihano; abayakira cyangwa abayitanga bayihimba amazina bajijisha ngo bitamenyekana.

8. Erekana ko kurwanya ruswa mu Rwanda bishoboka.

Kurwanya ruswa mu Rwanda birashoboka ariko twese tubigizemo uruhare. Icy a mbere ni ukumenya aho iri ukayitungira agatoki inzego zishinzwe kuyirwanya; icya kabiri ni ugushyira mu bikorwa ingamba zose zafashwe mu kuyirwanya: gukangurira abaturage kumenya ububi bwayo, kuyirinda, kuyirwanya no kuyitangaho amakuru, kwanga kuyitanga no kuyakira, gushyira ahagaragara amabwiriza agena uko serivisi zitangwa n'ibisabwa kugira ngo zitangwe kandi akubahirizwa uko yakabaye, utayubahirije akabihanirwa by'intangarugero, gufatanya kw'inezego zigenzura n'izirwanya ruswa no guhana ugaragaweho no gutanga cyangwa kwakira ruswa.

9. Sobanura uburyo kwirinda gutanga ruswa byatuma tugira umuco wo kuzigama.

Kwirinda gutanga ruswa bishobora gutuma tugira umuco wo kuzigama kubera ko amafaranga umuntu yatanga muri ruswa aba apfuye ubusa aramutse atayatanze yayizigamira bityo akaba yimakaje umuco w kuzigama.

Igice cya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 136)

Intego zihariye:

Amaze gusoma umwandiko no kuwumva, nyuma y'iki gice umunyeshuri arabu ashobora gutahura ingingo z'ingenzi zigize umwandiko.

Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga ku guhashya ruswa, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. Isubiramo:

*Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko uheruka
Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku mwandiko baheruka kwiga.*

2. Gusoma umwandiko

Umwarimu arasaba abanyeshuri kujya mu mutsinda bagasoma umwandiko.

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.

Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iylitsa.

Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.

3. Gusesengura umwandiko

Mu matsinda barasubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko hanyuma bagende bahriza ku kibaho ibyo bagezeho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.

Ibibazo n'ibisubizo

a) Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?

Insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko ni uguobanukirwa n'icyo ruswa ari cyo kugira ngo tubashe kuyihashya.

b) Ni izihe ngingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko?

- Ruswa icyo ari cyo n'impamvu yakwa;
- Ibiranga abayobozi bamunzwe na ruswa;
- Amazina ahabwa ruswa n'uburyo bwitabazwa mu kuyitanga;
- Ububi bwa ruswa;
- Ingamba zo kurwanya ruswa no kuyitsinda.

Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo ku byavuzwe mu mwandiko.

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 136)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gutanga ibitekerezo bifite ireme ku ngingo yo kurwanya ruswa.

Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga ku bubu bwa ruswa, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. Isubiramo:

*Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko uheruka
Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku mwandiko bacheruka kwiga.*

2. Gusoma umwandiko

*Umwarimu arasaba abanyeshuri kujya mu mutsinda bagasoma umwandiko.
Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.
Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi
bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero hanyuma abasabe kujya
mu matsinda bagategura ibitekerezo bari butange ku nsanganyamatsiko bahawe*

3. Kungurana ibitekerezo

Mu kigero cyawe ni uwuhe muganda watanga mu rugamba rwo guhashya ruswa?

Abanyeshuri barajya mu matsinda. Uyoboye itsinda atanga amagambo n'umwanditsi akagenda yandika ibivugwa. Buri munyeshuri uhawe ijambo avuga icyo yumva yakora kugira ngo ruswa irwanywe kandi ihashywe. Uwumva amushygikiye amwuzuze utamushygikiye avuge uko we abyumva, na we ashyigikirwe cyangwa ahinyuzwe. Buri wese namara kuvuga uko abyumva na bagenzi be bamugaragarije icyo batekereza ku byo yavuze, uyoboye itsinda arasaba umwanditsi kubasomera ibyo yanditse, babyunguraneho ibitekerezo bafate umwanzuro bari bugeze ku yandi matsinda igihe cyo guhuriza hamwe. Nyuma yo guhuriza hamwe, ishuri ryose rirungurana ibitekerezo havemo umwanzuro rusange wafatwa na bose nk'uburyo bw'ikigero cyabo cyo kurwanya ruswa kugira ngo icike.

Umwandiko: Gukorera ku mihigo bituma wiha gahunda

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 136)

Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 136)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bahawe, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusobanura amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro ziboneye.

Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga ku gukorera ku mihigo, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda, ikibonezamvugo, inkoranya.

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegerezza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.

2. Gusoma

2.1. Gusoma bucece

Abanyeshuri barasoma bucece hanyuma basubize ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko basomye.

Ingero z'ibibazo n'ibisubizo

1. Ni yihe gahunda ivugwa muri uyu mwandiko?

Muri uyu mwandiko haravugwa guhunda yo gukorera ku mihigo.

2. Kugira ngo iyi gahunda igende neza ingo zisabwa iki?

Kugira ngo iyi gahunda igende neza, ingo zisabwa kugira ikaye y'imihigo, zigaragarizamo ibyo bikorwa, zikabigaragariza umukuru w'umudugudu zibarizwamo, na we akabyemeza abishyiraho umukono.

3. Iyi gahunda imariye iki umuturage wiyemeje kuyikurikiza?

Iyi gahunda ituma umuturage yikorera isuzumabikorwa hakiri kare, ibyo atari yageraho akabasha gufata ingamba zo kubigeraho, kuko imugaragariza imbogamizi yagize n'ubufasha azakenera bibaye ngombwa.

4. Ni irihe tandukaniro riri hagati y'urugo rwa Munyengabe mbere na nyuma y'uko bayoboka iyi gahunda?

Mbere babaga mu kazu gato, bahinga bakeza duke ariko nyuma y'iyi gahunda bashoboye kwiyubakira inzu nziza nini irimo amazi n'amashanyarazi no kweza byinshi birenze ibyo bezaga. Mbese ubu ni umuryango wifashije.

2.2. Gusoma mu ijwi riranguruye.

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye: umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo, nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye.

Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, agenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.

2.3. Gusoma no gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.

Mu matsinda, umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma umwandiko bashakishiriza hamwe amagambo afite ibisobanuro byatanzwe mu gitabo cyabo..

Urugero rw'ibava mu matsinda:

Ongera usome uyu mwandiko maze ushakemo amagambo afite igisobanuro gikurikira:

1. **Ikintu wiyemeza kuzageraho mu gihe runaka:**
Umuhigo
2. **Icyo ugamije kugeraho:**
Intego
3. **Kwiyemeza icyo uzaba ugezeho mu gihe runaka:**
Guhiga
4. **Gushyira mu bikorwa icyo wari wariyemeje kugeraho mu gihe runaka:**
Guhigura
5. **Kurenga urugero rwari ruteganyijwe:**
Kwisumbura
6. **Igenzura rigamije kureba aho ugeze ushyira mu bikorwa ibyo wiyemeje:**
Isuzumabikorwa
7. **Kwemeza ibigomba gukorwa kugira ngo ugere ku cyo wiyemeje:**
Gufata ingamba
8. **Ikintu cyose gituma utagera ku cyo wiyemeje, ibibazo ugira mu gushyira mu bikorwa ibyo wiyemeje:**
Imbogamizi
9. **Kurangara ntukore uko bikwiye:**
Kwirara
10. **Gukorera ibintu icyarimwe:**
Gukomatanya
11. **Urugo rukize, rutagize icyo rubuze:**
Urugo rwifashije
12. **Inkwi zo gucana:**
Ibicanwa
13. **Ingufu z'umwuka zibyarwa n'udukoko bita bagiteri zicagagura ibikomoka ku bimera, ku mwanda w'amatungo cyangwa ku musarane w'abantu bifungiranye mu cyobo kidashobora kwinjiramo umwuka wo hanze:**
Biyogazi

Umwitoto w'inyunguramagambo

Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze bagakora imyitoto y'inyunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.

Urugero rw'umwitoto n'igisubizo:

Koresha mu nteruro zawe bwite amagambo akurikira:

1. **Imihigo:** Nasanze mukuru wange ukora muri Minisiteri y'Uburezi ategura imihigo ye y'uyu mwaka.
2. **Intego:** Intego nihaye ni ugutsinda n'amanota 85 ku ijana.
3. **Guhigura:** Uramenye ntuzahigire Imana umuhigo utazabasha guhigura.
4. **Kwisumbura:** Iyo umukozi yahiguye neza imihigo ye, nyuma y'umwaka ava ku ntera yariho akajya ku yisumbuyeho.
5. **Gufata ingamba:** Tugomba gufata ingamba zo guhashya ibisambo mu mudugudu wacu kuko uburyo bihohoteramo abaturage budashobora kwihanganirwa.
6. **Kwirara:** Niwiha kwirara ntiwige uzatsindwa bakwirukane n'iwanyu bakugaye.
7. **Imbogamizi:** Kubyuka nahura ihene mbibonamo imbogamizi ikomeye kuko bituma nkererwa ishuri.
8. **Gukomatanya:** Nukomatanya imirimbo myinshi cyane nta n'umwe uzarangiriza igihe.

Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 138)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe

Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga ku ngingo yo gukorera ku mihigo, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. Isubiramo

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko bameruka gusoma. Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko

2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.

Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye. Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.

3. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubize ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosore bafatanyije n'umwarimu.

Urugero rw'ibava mu matsinda:

a) **Gukorera ku muhigo bimaze iki?**

Gukorera ku mihigo bifasha buri muntu gukorera ku ntego no kwisuzuma akareba ko ibyo yiyemeje abishyira mu bikorwa.

b) **Gahunda yo gukorera ku mihigo iteye ite?**

Ingo zihigira ibikorwa zizageraho mu gihe runaka. Buri rugo rugomba kugira ikaye y'imihigo rugaragarizamo ibyo bikorwa, rukabigaragariza umukuru w'umudugudu rubarizwamo, na we akabyemeza abishyiraho umukono. Icyo rwiyemeje kuzakora mu mwaka runaka kirandikwa hanyuma abagize umuryango wahize bagahora bakurikirana ko bakigeraho. Ikayi y'imihigo ni yo ifasha buri rugo gusuzuma aho rugeze cya gikorwa rukandikamo mu rwego rwo kwikorera isuzumabikorwa hakiri kare, ibyo rutari rwageraho rukabasha gufata ingamba zo kubigeraho.

c) **Umuryango wa Munyengabe wahize kuzagera ku bihe bikorwa?**

Uyu muryango wahize kuvugurura ubuhinzi kugira ngo umusaruro urusheho

kwiyongera, korora kijyambere no gukora ubukorikori, kuvugurura inzu ikajyamo amazi n'amashanyarazi no guteshesa biyogazi.

d) **Uyu muryango wahiguye ute imihigo wahize?**

Bashoboye gukomatamya ubuhinzi n'ubworozi ndetse n'ubukorikori butandukanye. Boroye inka za kijyambere, babinze urutoki, bahinga ibijumba, bahinga imyumbati n'imitaja. Iyo imiteja yeze iba ifite uburebure n'ubwiza buhebuje. Bavuye kuri hegitari imwe y'ubuhinzi bw'emyumbati bagera kuri imwe n'igice, bavuguruye ubuhinzi bw'ibijumba, bajya mu bsisungane mu kwivuza ndetse bakorana na banki. Bavuye ku tudobo dutatu tw'ibishyimbo bezaga bagera ku mifuka itatu y'ibishyimbo. Biyubakiye biyogazi yatumye barondereza ibicanwa banarengera ibidukikije. Inzu yabo barayivuguruye, barayongereye kandi bayishyiramo amazi n'amashanyarazi.

e) **Hakorwa iki kugira ngo iyi gahunda irusheho kugenda neza?**

Kugira ngo iyi gahunda irusheho kugenda neza, iyi gahunda y'imihigo y'ingo yakurikiranwa neza muri buri mudugudu hagashyirwaho itsinda rishinzwe kugenzura uko ya mihigo igenda ishyirwa mu bikorwa.

f) **Umuryango wa Munyengabe wagize ruhare ki mu kubungabunga ibidukikije?**
Bubatse biyogazi bituma ibicanwa bigabanuka cyane.

g) **Uwiyemeje gukorera ku mihigo asabwa iki kugira ngo abashe guhigura neza imihigo ye?**

Umuturage wiyemeje gukorera ku mihigo yikorera isuzumabikorwa hakiri kare, ibyo atari yageraho akabasha gufata ingamba zo kubigeraho. Icyo yiye meje kuzakora mu mwaka runaka acyandika mu ikaye yabugenewe hanyuma agahora akurikirana ko akigeraho.

h) **Akarere kagaragaje gate ko gashyigikiye gahunda y'imihigo y'ingo?**

Abayobozi b'akarere basuye umuryango wa Munyengabe basaba abaturage kuwufataho urugero kugira ngo na bo batere intambwe ifatika mu mibereho yabo.

Igice cya gatatu: **Gusoma no gusesengura umwandiko**

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 140)

Intego zihariye:

Amaze gusoma umwandiko no kuwumva, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gutahura ingingo z'ingenzi zigize umwandiko.

Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga ku guhashya ruswa, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. Isubiramo:

*Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku isomo riheruka.
Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.*

2. Gusoma umwandiko

*Umwarimu arasaba abanyeshuri kujya mu matsinda bagasoma umwandiko.
Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.*

Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

3. Gusesengura umwandiko

Mu matsinda barasubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko hanyuma bagende bahuriza ku kibaho ibyo bagezeho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

a) **Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?**

– Insanganyamatsiko ni «Gukorera ku mihigo mu rwego rwo kwiha gahunda.»

b) **Ni izihe ngingo z'ingenzi ziri mu mwandiko?**

- Gahunda y'imihigo y'ingo;
- Uburyo umuryango wa Munyengabe wakiriye gahunda y'imihigo y'ingo n'uburyo wayishyize mu bikorwa;
- Inyungu iyi gahunda yagejeje kuri uwo muryango;
- Uko ubuyobozi bw'akarere bwagaragaje ko bushygikiye iyi gahunda.

Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo.

Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 140)

Intego zihariye:

Ahereye ku myandiko ivuga ku mihigo, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gutanga ibitekerezo ku gутегура imihigo.

Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga ku mihigo, impapuro zo gukusanyirizaho imihigo.

1. Isubiramo:

*Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku isomo riheruka.
Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.*

2. Gusoma umwandiko

*Umwarimu arasaba abanyeshuri kujya mu matsinda bagasoma umwandiko.
Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.*

Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

3. Kungurana ibitekerezo

Ikibazo: Nimuge mu matsinda maze mutegure ingingo mwumva mwahigira kugeraho muri uyu mwaka hano ku ishuri no mu rugo.

Mu matsinda barategura ingingo z'imihigo hanyuma bagende bahuriza ku kibaho ibyo bagezeho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.

Urugero rw'ingingo z'imihigo:

1. Guharanira isuku ku mubiri, mu ngo, ku mashuri n'ahandi hose;
2. Kwihiarika akarima k'imbuto n'imboga no korora itungo;
3. Kurangwa n'indangagaciro z'umuco ubereye umwana w'Umunyarwanda: kwiyubaha no kubaha ababyeyi, kwirinda gusesagura, n'ibindi;
4. Guharanira ko mu muryango hatabamo amakimbirane;
5. Gushishikariza ababyeyi kuboneza urubyaro;
6. Gutanga amakuru ku bintu byose bibangamira uburenganzira bw'umwana;
8. Gutanga amakuru ku babyeyi batuma abana bata ishuri;
9. Gushishikariza abana bari mu buzererezi kubuvamo;
10. Guharanira kwiga tugatsinda.

Umwandiko: Dutange amakuru ku byo dukora

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 140)

Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 142)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko “**Dutange amakuru ku byo dukora**,” nyuma y'iki gice, abanyeshuri baraba bashobora gusobanura amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro ziboneye.

Imfashanyigisho: Umwandiko uvuga ku gutanga amakuru ku byo dukora , amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda, ikibonezamvugo, inkoranya.

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegerezza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.

2. Gusoma

2.1. Gusoma bucece

Abanyeshuri barasoma bucece hanyuma basubize ibibazo babajijwe ku mwandiko bigaragaza ko basomye.

Ingero z'ibibazo n'ibisubizo

1. **Ni iki cyahindutse kivugwa muri uyu mwandiko mu buryo bwo gutanga amakuru ku byo abantu bakora?**

Icyahindutse ni uko mbere gutanga amakuru byakorwaga ku bushake none ubu bikaba byarabaye itegeko. Buri wese asabwa gutanga amakuru ku byo akora.

2. **Ibi se bifite akahe kamaro?**

Bizorohereza abanyamakuru kubona amakuru kandi n'abaturage abagerereho igithe bityo bamenye ibigenda n'ibitagenda kandi nibanabisabira ibisobanuro babihabwe nta mananiza.

3. **Hateganya wa ubuhe buryo bwakwitabazwa mu gusaba no gutanga amakuru?**

Amakuru ashobora gutangwa hakoreshejwe imvugo, inyandiko, terefoni, ikoranabuhanga cyangwa ubundi buryo bw'itumanaho bwagenwe n'uyashaka.

4. **Kugira ngo iri tegeko rishyirwe mu bikorwa hakorwa iki?**

Inzego zose bireba zigomba gukora ibishoboka byose rikubahirizwa. Abanyamakuru n'Abanyarwanda muri rusange bagomba guhaguruka bagaharanira uburenganzira bwabo bwo guhabwa amakuru.

2.2. Gusoma mu ijwi riranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye: umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo, nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye.

Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, agenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.

2.3. Gusomera mu matsinda basobanura amagambo akomeye

Gusoma no gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.

Mu matsinda, umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma umwandiko bagasubiriza hamwe imyitozo.

Urugero rw'ibava mu matsinda

Huza amagambo n'ibisobanuro byayo ukoresheje akambi:

1. Kwinubira	a) Gutanga igisubizo, kubonera umuti.
2. Guhatira	b) Kubuza ikintu kuba, kunyuranya n'itegeko.
3. Inshingano	c) Ibibazo ugira bituruka ku cyo wakoze.
4. Kubangamira	d) Kuvuga ikitagushimishije, kutishimira.
5. Ingaruka	e) Icyo umuntu agomba gukora.
6. Gukemura	f) Gutegeka umuntu gukora icyo adashaka, gukoresha umuntu ikintu ku ngufu, atabishaka.

Umwitotozo w'inyunguramagambo

Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitotozo y'inyunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.

Ingero z'imyitotozo n'ibisubizo:

1. **Koresha mu nteruro yawe bwite amagambo akurikira:**
 - a) **Kwinuba:** Abantu binuba cyanecyane iyo bafashwe nabi.
 - b) **Guhatira:** Umwana iwabo bahatira kwiga ntatsinda neza.
 - c) **Kubazwa (ibyo utakoze):** Bitinde bitebuke uzabazwa ibyo wirengagije gukora nkana.
 - d) **Inshingano:** Inshingano zawe, munyeshuri, ni ukwiga ugatsinda.
 - e) **Guhuga:** Mutwihanganire ntitubashije kubakira turahuze, mugaruke nyuma y'isaha.
 - f) **Kubangamira:** Jya wirinda gusakuza mu ishuri kuko uba ubangamira bagenzi bawe.
 - g) **Ingaruka:** Ingaruka z'icyaha ni urupfu.
 - h) **Gukemura:** Abayobozi babereyeho gukemura ibibazo by'abaturage bayobora.
2. **Uzuza interuro zikurikira ukoresheje amagambo ari mu dukubo:**
(igaruka, gusimbura, gusimbuza, yinubira, yinukira, kubangamira, kubagarira, ingaruka)
 - a) Uyu mwana **yinubira** buri gihe ibyo bamutumye.
 - b) Umuntu udaheruka gukaraba yumva **yinukira**.
 - c) Reka **kubangamira** bagenzi bawe batazagucikaho.
 - d) Dusabwa **kubagarira** yose kuko tutazi irizera n'irizarumba.
 - e) Uzirengere **ingaruka** zizava mu kudatangira amakuru ku gihe!
 - f) Abana benshi bishimira **igaruka** ry'ababyeyi babo.
 - g) Uze **gusimbura** biriya biti byaboze ibikiri bizima.
 - h) **Gusimbura** uyu mukinnyi biramvuna kuko nananiwe cyane.

Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 143)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

Imfashanyigisho: Umwandiko uvuga ku ngingo yo gutanga amakuru ku byo dukora, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. Isubiramo

*Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko bameruka gusoma.
Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko*

2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.
Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

3. Gusubiza ibibazo byo kumva Umwandiko

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.

Urugero rw'ibibazo byo kumva umwandiko n'ibisubizo:

1. Ni iki cyatumaga abantu batitabira gutanga amakuru ku byo bakora?

Icyatumaga abantu batitabira gutanga amakuru ni uko gutanga amakuru byari ubushake. Ikindi abasabwaga gutanga amakuru ntibizeraga abanyamakuru kuko bakekaga ko babavugira ibyo batababwiye kandi ko n'amakuru batanze ashobora kubagiraho ingaruka.

2. Ni iki gishobora kubaha ikizere bagatanga amakuru nta cyo bishisha?

Ubu hagiyeo itegeko risobanura neza amakuru agomba gutangwa n'atagomba gutangwa ayo ari yo. Uwarenze kuri ibyo ni we wenyine wabihanirwa cyangwa agakurikiranwa n'itegeko.

3. Abatanga amakuru n'abanyamakuru barasabwa iki kuri iki gihe?

Abatanga amakuru baba bayasabwe, ubwo rero ntibagomba kuyimana. Bayatanga

bagira ariko bagomba kubahiriza itegeko. Abanyamakuru na bo basabwa kubahiriza itegeko kandi bagakora kinyamwuga kugira ngo ababaha amakuru babagirire ikizere batikanga ko bari bubavugire ibyo batababwiye.

4. Uwakkaka amakuru ufite ubuhe bushobozi bwo kuyamuha?

Itegeko riteganya uburyo amakuru yakwamo n'uburyo atangwamo ni bwo nakubahiriza bitewe n'uburyo umunyamakuru yayanyatsemo. Ubwo buryo ni imvugo, inyandiko, terefoni cyangwa n'ubundi buryo umunyamakuru yashatse harimo, uburyo bw'ikoranabuhanga.

5. Umunyamakuru akwatse amakuru mu buryo udafitiye ubushobozi wabyifatamo ute?

Namusaba kwishyura ubwo buryo yifuzamo amakuru nkabona kuyamuha atabikora nkamwihorera.

6. Ko utari umunyamakuru itegeko rigena uburyo amakuru atangwa rikumariye iki?

Nk'Umunyarwanda mfite uburenganzira bwo kumenya ibikorerwa mu gihugu cyange n'ingamba ubuyobozi bw'ighugu bufite mu mibereho yange ya buri munsi. Mfite kandi uburenganzira bwo gusobanuza ibyo ntumva no gusaba ko hakosorwa ibyo mbona bibangamiye uburenganzira bwange n'ubwa bagenzi bange.

Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 143)

Intego zihariye:

Amaze gusoma umwandiko no kuwumva, nyuma y'iki gice umunyeshuri arabा ashobora gutahura ingingo z'ingenzi zigize umwandiko.

Imfashanyigisho: Umwandiko uvuga ku gutanga amakuru ku byo dukora, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. Isubiramo:

*Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku mwandiko uheruka.
Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku mwandiko baheruka kwiga.*

2. Gusoma umwandiko

*Umwarimu arasaba abanyeshuri kujya mu matsinda bagasoma umwandiko.
Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.
Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyyitsa.*

3. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

Mu matsinda barasubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko hanyuma bagende bahrizwa ku kibaho ibyo bagezeho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?

Insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko ni «gutanga amakuru ku byo dukora».

2. Ni izihe ngingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko?

Ingingo z'ingenzi:

- Gutanga amakuru bikiri ubushake, kubona amakuru byaragoraga, aho itegeko rigiriyeho buri wese agomba kuyatanga;
- Itegeko rigena amakuru yakwa n'uburyo yakwa n'uko atangwa;
- Abanyamakuru bagomba gukora kinyamwuga kugira ngo abo baka amakuru babagirire ikizere;
- Itegeko rizubahirizwa ari uko abanyamakuru n'abaturage bahagurutse bakarengera uburenganzira bwabo.

Igice cya kane: Gutegura amakuru no kuyatangaza.

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 143)

Intego zihariye:

Nyuma y'iki gice, umunyeshuri araba ashobora kuvuga amakuru y'ibyabaye uko byagenze atabihinduye cyangwa ngo agoreke ukuri.

Imfashanyigisho: Agakaye ko gukusanyirizamo ibyabaye, inyandiko zitandukanye z'ibinyamakuru bashobora kureberaho.

1. Isubiramo:

*Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku mwandiko uheruka.
Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku mwandiko bameruka kwiga.*

2. Gusoma umwandiko

*Umwarimu arasaba abanyeshuri kujya mu matsinda bagasoma umwandiko.
Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.
Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.*

3. Gutegura amakuru no kuyatangaza:

Ikibazo: Nimutegure amakuru ku byabaye ku ishuri ryanyu muri iki cyumweru, ayo mutazi mubaze abayobozi n'abarimu niba hari inama zabaye, maze muyatangarize abandi banyeshuri.

Umwarimu ashayira abanyeshuri mu matsinda. Buri tsinda ryishyiriraho uriyobora n'uwandika ibivugirwamo. Buri munyeshuri avuga ibyo yibuka byabaye muri icyo cyumweru bakabyandika.

Iyo barangije buri tsinda ritangariza abandi amakuru bakusanyije. Bishobora gukorwa uwo munsi cyangwa bakabihabwamo umukoro.

Amakuru yakusanyijwe bafatanya kuyanonosora akaba yatangarizwa ikigo cyose bakayamanika ahamanikwa amatangazo. Bashobora kubiheraho bagakora akanyamakuru k'ishuri gasohoka buri wa mbere w'icyumweru.

Umwandiko: Umwirondoro w'umuntu

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 144)

Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwirondoro

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 145)

Nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora kwandika umwirondoro we.

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwirondoro abasabe kuwitegereza hanyuma bavuge icyo babonye.

2. Gusoma

2.1. Gusoma bucece

Abanyeshuri barasoma bucece hanyuma basubize ibibazo rusange ku mwirondoro bigaragaza ko bawusomye.

1. Mwabonye uyu mwandiko wanditse kimwe n'iyindi?

Oya.

2. Ni iyihe mitwe mitoya iri muri uyu mwandiko?

Havugwamo: ibiranga umuntu, amashuri nize, impamyabumenyi, imirimono nakoze n'uburambe mukazi, indimi nkoresha n'ubundi bumenyi

3. Uyu mwandiko ni bwoko ki?

Ni umwirondoro.

2.2. Gusoma mu ijwi riranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye: umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo, nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye.

Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, agenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.

2.3. Gusoma no gusobanura amagambo akomeye:

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwirondoro babiribabiri, bagasobanura amagambo akomeye babonyemo nyuma bagahuriza hamwe ibyo bakoze bikandikwaku kibaho bimaze kunozwa:

Sobanura aya magambo yakoreshejwe mu mwirondoro:

Urugero rw'ibyava mu matsinda

1. **Ingaragu:** Umuntu utarashaka.
2. **Impamyabumenyi:** Ikemezo gihabwa umuntu urangije mu ishuri ry'ubumenyi igihe kikagaragaza ko yatsinze amasomo yize akaba afite ubumenyi bwo mu rwego uru n'uru.
3. **Impamyabushobozi:** Ikemezo gihabwa umuntu urangije mu ishuri ry'imyuga igihe kikagaragaza ko yatsinze amasomo yize akaba ashobora gukora akazi kajyanye n'ibyo yize.

Umwitozo w'inyunguramagambo

Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitozo y'inyunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.

Urugero rw'ibyava mu matsinda:

Koresha aya magambo mu nteruro wihibiye:

1. **Ingaragu:** Iyo umuntu akiri ingaragu bimufasha kwiga neza kuko aba adafite inshingano nyinshi zimutwara igihe.
2. **Impamyabumenyi:** Mfite impamyabumenyi ya kaminuza mu ndimi.
3. **Impamyabushobozi:** Mukamurigo afite impamyabushobozi mu buvuzi bwamatungo.

Igice cya kabiri: Gusesengura umwirondoro

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 146)

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko “**Umwirondoro**” amaze gusoma, nyuma y’iki gice umunyeshuri arabu ashobora gusobanura umwirondoro icyo ari cyo n’ibice biwugize.

Imfashanyigisho: Imyirondoro y’abantu batandukanye.

1. Isubiramo:

*Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.
Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.*

2. Gusoma umwirondoro

*Umwarimu arasaba abanyeshuri kujya mu matsinda bagasoma umwirondoro.
Abanyeshuri barasoma umwirondoro mu matsinda.*

*Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi
bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.*

3. Isesengura

*Umwarimu arasaba abanyeshuri guhera ku mwirondoro babanye kugira ngo
basubize ibibazo biri mu bitabo byabyo.*

*Abanyeshuri bari mu matsinda basubiza ibibazo biri mu bitabo byabyo nyuma
bakamurika ibyo bagezeho bikanozwa bikandikwa.*

Urugero rw'ibava mu matsinda:

a) Umwirondoro ni iki? Umaze iki?

- Umwirondoro ni inyandiko igaragaza amakuru yose yerekeye ku muntu ushaka akazi. Ufasha umukoresha kumenya uwo agiye guha akazi, ubushobozi afite, n'imyitwarire ye.

b) Umwirondoro ukorwa na nde?

- Umwirondoro ukorwa n'umuntu wese ushaka gusaba akazi.

c) Kuki abakoresha bakenera umwirondoro w'ushaka akazi?

- Ni uko baba bakeneye kumenya neza uwo bagiye guha akazi kugira ngo bashobore guhitamo uwo babona azagashobora kandi akakitwaraho neza.

d) Umwirondoro ukorwa ute?

- Ukora umwirondoro avuga ibimwerekeyeho byose, amashuri yize, n'imrimo itandukanye yakoze.

e) Ni ibiki ukora umworondoro agomba kwirinda?

- Ukora umwirondoro agomba kwirinda kubeshya.

f) Ni ibihe bice by'ingenzi bigize umwirondoro w'umuntu?

Ibice by'ingenzi bigize umwirondoro ni:

- Ibimiranga.
- Amashuri yize n'impamyabumenyi afite.
- Imrimo yakoze n'uburambe mu kazi.
- Indimi avuga/ akoresha n'urugero azizimo:
- Ibindi byihariye azi atigiye mu ishuri byafatwa nk'ubumenyi akomora mu mahugurwa cyangwa ku mpano karemano.

1. Inshoza y'umwirondoro

Umuntu wese ushaka akazi asabwa kuzuza umwirondo uherekaza ibaruwa isaba akazi cyangwa ugatangwa wonyine, kugira ngo umukoresha amenye ibyerekanyi n'uwo agiye guha akazi. Umwirondoro rero ugaragaza amazina y'umuntu, aho akomoka, ikigero arimo, amashuri yize n'imrimo yakoze ndetse n'ibindi ashoboye mu buzima. Iyo umukoresha asomye umwirondoro w'usaba akazi, ahita abonamo uburyo yagiye yitwara mu mirimo itandukanye, cyangwa aho yize kuko ashobora no kubanza kubaza ababanye na we ku ishuri no mu kazi kugira ngo amenye uko yitwara.

Utegura umwirondoro rero agomba kuvugisha ukuri, ntatange amakuru atari yo kuko byamukururira kwimwa akazi cyangwa akakirukanwaho n'iyo yaba yararangije

Umwirondoro ahanini ukoreshwa mu mabaruwa y'ubuyobozi iyo uwandika yawusabwe cyangwa ashaka kwerekana ko uhuje n'umuntu bifuza guha akazi. Ni yo mpamvu umwirondoro urangizwa n'interuro yemeza ko ibikubiyemo ari ukuri.

2. Uko umwirondoro ukorwa

Umwirondoro ukorwa umuntu agaragaza ibice by'ingenzi bitanu ari byo:

a) **Ibiranga umuntu**

Hagaragariramo amazina y'uwirondora, amazina ya se n'aya nyina, itariki, ukwezi n'umwaka yavukiye, aho atuye n'aho abarizwa igithe hatandukanye, irangamimerere ye (niba yubatse cyangwa akiri ingaragu), ubwenegihugu bwe na aderesi ye.

b) **Amashuri yize n'impamyabumenyi afite**

Muri iki gice, uwirondora agaragaza amashuri yize, aho yayigiye, imyaka yize, amashami yakurikiye n'impamyabumenyi yahavanye.

c) **Imrimo yakoze n'uburambe mu kazi**

Uwirondora agaragaza imrimo yagiye akora, igithe yayikoreye, aho yakoraga n'ibyo yakoraga. Asoreza ku murimo aba afite igithe yandika umwirondoro we (iyo afite akazi).

d) **Indimi akoresha**

Uwirondora agaragaza indimi avuga cyangwa akoresha n'igipimo azikoresherezaho. Ni ukuvuga uko azi ururimi uru n'uru niba aruzi neza cyane, neza (gusa), neza buhoro cyangwa aruzi buhoro (gusa).

e) **Ubundi bumenyi afite**

Muri iki gice cya nyuma, uwirondora agaragaza ubundi bumenyi cyangwa ubushobozi afite butajyanye n'amashuri yize. Ni nk'ibindi ashoboye gukora cyangwa afitemo impano, amahugurwa yakoze n'impamyamyabushobozi yahawé n'ibindi.

Umwitoto:

Ufatiye ku rugero rw'umwirondoro wa Bizimana Kamegeri, uzuza umwirondoro wawe kuri uru rupapuro:

Amazina: MUREKATETE Marthe

Amazina ya data: NSENGEMANA Abraham

Amazina ya mama: NYIRAMANA Amina

Igihe navukiye: 22/12/1998

Aho navukiye:

Umudugudu wa Kitabi **Akagari ka ...Mbazi.....**

Umurenge wa..... Kabingo..... **Akarere ka..** Bugesera.... Intara y'Ibirasirazuba

Aho ntuye:

Umudugudu wa Kitabi **Akagari ka ...Mbazi.....**

Umurenge wa..... Kabingo..... **Akarere ka..** Bugesera.... Intara y'Ibirasirazuba

Irangamimerere: Ingaragu

Ubwenegihugu: Umunyarwanda

Amashuri nize

Kuva mu...2012. Kugeza 2017.... : Amashuri abanza ku Kigo cya Mbazi.

Indimi nkoresha

Ikinyawanda: Neza cyane.

Icyongereza: Neza.

Igifaransa: Buhoro.

Ubundi bumenyi: Nzi gukoresha mudasobwa.

Ndemeza ko ibyo maze kuvuga ari ukuri.

Bikorewe i...Mbazi...., ku wa...27/12/2016...

MUREKATETE Marthe

Marthe

Umwandiko: Bizimana asaba akazi

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 149)

Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura ibaruwa y'ubuyobozi

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 152)

Intego zihariye:

Nyuma y'iki gice, umunyeshuri arabu ashobora gusobanura amagambo akomeye yakoreshejwe mu ibaruwa no kuyakoresha neza mu nteruro.

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho ibaruwa abasabe kuyitegerezza hanyuma bavuge icyo babonye.

2. Gusoma

2.1. Gusoma bucece

Abanyeshuri barasoma bucece hanyuma basubize ibibazo rusange ku ibaruwa bigaragaza ko basomye.

1. **Mwabonye uyu mwandiko wanditse kimwe n'iyindi?**

Oya.

2. **Murabona ujya gusa n'uwuhe mwandiko mwize mu gihe cyashize?**

Ujya gusa n'umwirondoro kuko hari ibice imyandiko yombi ihuje.

2.2. Gusoma mu ijwi riranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye: umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo, nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye.

Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, agenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.

2.3. Gusoma no gusobanura amagambo akomeye

Urugero rw'i'ibyava mu matsinda:

1. **Ubudakemwa:** Ni imico y'umuntu ugendera ku ndangagaciro kandi udafite amakosa mu bigendanye n'amategeko.
2. **Umugerekwa:** Urupapuro rwomekwa ku rundi.
Urugero: ku rupapuro rw'ibaruwa wongeraho urupapuro rw'umwirondoro iyo bawugusabye.

Umwitozo w'inyunguramagambo

Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitozo y'innyunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.

Urugero rw'umwitozo n'igisubizo:

Koresha aya magambo mu nteruro wihibiye:

1. **Ubudakemwa:** Umuntu w'innyangamugayo aba afite ubudakemwa.
2. **Umugereka:** Iyo wandika ibaruwa ku mugereka ushyiraho umwirondoro.

Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko (ibaruwa)

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 151)

Ahereye ku mwandiko amaze gusoma, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gusubiza ibibazo bitandukanye byabajije ku mwandiko mu gihe cyagenwe.

Imfashanyigisho: Ibaruwa y'ubuyobozi n'igitabo cy'umunyeshuri.

1. Isubiramo:

*Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.
Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.*

2. Gusoma ibaruwa

*Umwarimu arasaba abanyeshuri kujya mu matsinda bagasoma ibaruwa.
Abanyeshuri barasoma ibaruwa y'ubuyobozi mu matsinda.
Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.*

3. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Abanyeshuri bari mu matsinda barasubiza ibibazo byo kumva umwandiko (ibaruwa y'ubuyobozi).

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

- a) **Ni nde wanditse iyi baruwa?**
Uwanditse ni Bizimana Kamegeri.
- b) **Yandikiye nde?**
Yandikiye umuyobozi w'Ikigo cy'Amashuri Abanza cya Gikondo.
- c) **Ni iyihe mpamvu yanditse?**
Arasaba akazi.
- d) **Atangira ate?**

Hari ubwo abanza gusuza no kumubaza amakuru?

Atangira avuga ati: "Kuri Nyakubahwa" hanyuma agahita avuga ikifuzo ke atabanje kumusuhuza no kumubaza amakuru.

e) **Arangiza ibaruwa ye ate?**

Arangiza ashimira.

Igice cya gatatu: Ibaruwa y'ubuyobozi

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 151)

Intego zihariye:

Nyuma y'iki gice, umunyeshuri arabu ashobora kugaragaza ibivugwa mu ibaruwa y'ubuyobozi n'ibice biyigize.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

1. Isubiramo:

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

2. Gusoma ibaruwa y'ubuyobozi

Umwarimu arasaba abanyeshuri kujya mu matsinda bagasoma ibaruwa.

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.

Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

3. Isesengura

*Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gusubiza ibibazo bikurikira:
Abanyeshuri basubiza ibyo bibazo barangiza bakamurika ibyo bagezeho umwarimu
akabafasha kubinoza.*

Ibibazo

a) **Ibaruwa nyobozi ni iki?**

b) **Vuga ibice by'ingenzi bigize ibaruwa yanditswe na Bizimana.**

c) **Ni ibiki Bizimana yitayeho mu ibaruwa ye?**

d) **Uhoreye ku bice bigize ibaruwa iri ahabanza n'ibisobanuro bikurikira,
andukura imbata igomba gukurikizwa mu kwandika ibaruwa
y'ubuyobozi.**

Urugero rw'ibavuye mu matsinda

a) Inshoza y'ibaruwa y'ubuyobozi

Ibaruwa y'ubuyobozi ni urwandiko wandikira umuyobozi runaka ufite icyo umusaba cyangwa umugezaho. Urwo rwandiko ruba rugufi kuko ruvuga iby'ingenzi wifuza nta kurondogora. Urwo rwandiko rugira impamvu, iyo mpamvu ni yo uwandika yibandaho ntage ku ruhande. Niba hari ibisobanuro byiyongera kuri iyo mpamvu cyangwa hari inyandiko zigomba kuyiherekeza, bivugwa mu rwandiko ariko bikayiherekeza nk'umugereka. Mu ibaruwa uvuga ko ubigeretseho.

Ibaruwa y'ubuyobozi igira ibice biyigize n'imiterere yihariye. Aho bitandukanira n'ibaruwa isanzwe, ya gicuti ni uko ibaruwa y'ubuyobozi iba ngufi kandi ikavuga iby'ingenzi ntirondogore cyangwa ngo itange ibisobanuro bidakenewe. Uyandikirwa ntaba afite igihe cyo guta mu bidafite akamaro.

Umwarimu arabwira abanyeshuri, buri muntu ku giti ke, kurambura igitabo ke ku rupapuro rwa 152 ahari ibice bigize ibaruwa y'ubuyobozi akayisoma bucece. Umwarimu arabafasha kuyisesengura.

b) Ibice bigize ibaruwa y'ubuyobozi

Ibaruwa y'ubuyobozi ifite ibice bikurikira bigaragaza:

- 1. Uwandika n'aho abarizwa** byandikwa hejuru mu nguni y'ibumoso bw'urupapuro. Muri make ibi umuntu yabyita "Uwandika n'aho abarizwa". Icyo gice ni iki gikurikira:

BIZIMANA Kamegeri

Akagari ka Karugira

Umurenge wa Gikondo

Akarere ka Kicukiro

- 2. Aho ibaruwa yandikiwe n'itariki yandikiweho.** Ibyo bijya hejuru mu nguni, iburyo bw'urupapuro. Icyo gice ni iki:

Gikondo, tariki ya 20/6/2016

- 3. Uwandikiwe n'aho abarizwa** bijya munsi y'umwirondoro w'uwandika kigatangirira mu rupapuro rwagati. Icyo gice ni iki:

Bwana Umuyobozi w'ikigo cy'amashuri y'uburezi bw'ibanze bw'imyaka ikenda ku kigo cya Gikondo.

- 4. Impamvu yatumye ibaruwa yandikwa** ijya munsi y'umwirondoro w'uwandikiwe, mbere yo kumuteguza ko agiye kwandikirwa kigatangirira ku ntangiriro y'urupapuro. Icyo gice ni iki:

Impamvu: Gusaba akazi k'ubuzamu

5. **Amagambo ahamagara uwandikiwe** mbere yo kumubwira ubutumwa. Icyo gice cyandikwa munsi y'umwirondoro w'uwandikiwe, kigaherwa buri gihe n'akitsso. Ni iki gikurikira:
Bwana Muyobozi,
6. Munsi y'iki gice, haza **intangiriro**. Ni igika kirimo impamvu yatumye wandika. Icyo gice ni iki:
Nshimishijwe no kubandikira iyi baruwa mbasaba akazi k'ubuzamu bw'amanywa.
7. Hakurikiraho **igihimba**. Ni igika kimwe cyangwa byinshi bisobanura uko uwandika yamenye ko umwanya uhari n'ubushobozi afite bwo gukora ako kazi. Ni ibika bikurikira:
Maze kumva itangazo mwacishije kuri radiyo zitandukanye ku wa Mbere tariki ya 18/6/2016 musaba abashaka akazi k'ubuzamu bw'amanywa, niyemeje kubandikira mbasaba ako kazi kuko ngashoboye.
8. **Umusozo:** Ni igika gisoza giherukira ibindi bika kirimo ikizere cy'uwandika cyo kubona igisubizo gishimishije. Icyo gika ni iki:
Mu gihe ngitegeje igisubizo cyanyu kiza, mbashimiye umutima mwiza muzakirana ikifuzo cyange.
9. **Amazina y'uwandika n'umukono we munsi.** Bijya munsi y'ibaruwa ahahera iburyo bw'urupapuro bigahera rwagati. Icyo gice ni iki gikurikira:

BIZIMANA Kamegeri



Umwarimu arabwira abanyeshuri, buri muntu ku gitke, kurambura igitabo ke ku rupapuro rwa 154 ahari ibyo uwandika ibaruwa y'ubuyobozi yitaho akayisoma bucece. Umwarimu arabafasha kuyisesengura.

c) **Ibyo uwandika ibaruwa y'ubuyobozi yitaho**

Uwandika ibaruwa y'ubuyobozi, yitwararika gusiga umwanya ibumoso n'iburyo bw'urupapuro kugira ngo uwakira ubutumwa abone aho afata abusoma atabuhishe n'intoki bubera kubufatamo. Ibaruwa yanditse neza ibamo ibika ku buryo buri gitekerezo kiharira igika cyacyo.

Buri gika gitangira umurongo. Hagati y'igika n'ikindi hasigara umwanya munini.

Ibaruwa yanditse neza kandi ifite utwatuzo tugomba gukoreshwa neza mu nteruro: akitso kagatandukanya ibice bibiri by'interuro, akabago kagatandukanya interuro ebyiri. Utwo ni two twatuzo dukoreshwa mu ibaruwa y'ubutegetsi. Byaba byiza hakoreshejwe interuro ngufi kuko zituma igitekerezo cyumvikana neza kurushaho.

Umwarimu arabwira abanyeshuri, buri muntu ku gitit ke, kurambura igitabo ke ku rupapuro rwa 155 ahari imbata y'ibaruwa y'ubuyobozi akayisoma bucece. Umwarimu arabafasha kuyisesengura.

d) Imbata y'ibaruwa y'ubuyobozi

Uwandika n'aho abarizwa

Aho yandikira n'itariki

Urwego rw'ubuyobozi
rw'uwandikirwa n'aho abarizwa

Impamvu:

Amagambo ahamagara umuyobozi
wandikirwa

Igika k'intangiriro

.....
.....

Igika gitangira igihimba

.....
.....
.....

Igika cy'umusozo

.....
.....

Amazina y'uwanditse ibaruwa

Umukono we

Imyitozo:

Nyuma y'isomo umwarimu aha abanyeshuri imyitozo kugira ngo asuzume ko intego z'isomo zagezweho. Abaha igihe cyo kuyikora cyarangira bagakosorera hamwe ku kibaho, ibisubizo bikandikwa mu makaye yabo y'imyitozo.

1. Andikira umuyobozi w'ikigo wizeho umusaba kuguha indangamanota y'imyaka ibiri ibanziriza uwa nyuma wahize kuko ukeneye kuzomeka ku rwandiko rusaba ishuri ryisumbuye.

- Buri munyeshuri arandika ibaruwa hanyuma umwarimu afate igihe cyo kuzikosora.
 - Mu gukosorera hamwe abanyeshuri barandika ibaruwa ku kibaho, umwarimu abafashe kuyinonosora, bayandike mu makaye yabo.
2. **Andikira umuyobozi w'ikigo kikwegereye, umusaba akazi ko gukora isuku mu biruhuko. Ongeraho umwirondoro wawe, ku mugereka w'ibaruwa.**
- Buri munyeshuri arandika ibaruwa yongereho umwirondoro we.
 - Mu gukosorera hamwe abanyeshuri barandika ibaruwa ku kibaho, umwarimu abafashe kuyinonosora, bayandike mu makaye yabo.

Umwandiko: Amatangazo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 156)

Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura amatangazo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 158)

Ahereye ku matangazo anyuranye, nyuma y'iki gice, umunyeshuri araba ashobora gutahura ibiranga amatangazo no kwandika amatangazo atandukanye.

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu agirana akaganiro n'abanyeshuri asa n'ubagisha inama. Ashobora kubabwira ko yaraye ataye ibyangombwa bye birimo indangamuntu none akaba adashobora kuzasubira kuri banki kubikuza amafaranga. Akababaza uko yabyifatamo.

Abanyeshuri bagenda bamubwira ibyo yakora binyuranye na we akagenda abayobora abaganisha ku matangazo yahitisha kuri radiyo, mu rusengero se arangisha ibyangombwa bye. Iyo bamaze kumubwira ibyo ababaza ubwo buryo yitabaje uko babwita n'ubwoko bw'amatangazo baba bazi bakabumubwira Akurikizaho kubasaba kurambura ibitabo byabo ahari amatangazo kugira ngo bavumburire hamwe ingero zamatangazo anyuranye n'ibiyaranga.

2. **Gusoma amatangazo**

Umwarimu arasaba abanyeshuri kujya mu matsinda bagasoma umwandiko.

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.

Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

3. **Gusobanura amagambo akomeye**

Amagambo akomeye n'ibisobanuro byayo

Gufata umuntu mu mugongo: Gufasha umuntu wagize ibyago.

Gare: Ni ijambo ry'iritirano rivuga aho abagenzi bategera imodoka.

Umwitotozo w'inyunguramagambo

Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze bagakora imyitotozo y'inyunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.

Urugero rw'umwitotozo n'igisubizo:

Koresha aya magambo mu nteruro:

1. **Gufata umuntu mu mugongo:** Abaturanyi be bagiye kumufata mu mugongo kubera ko yagize ibyago.
2. **Gare:** Iyo ushaka gutega imodoka ujya muri gare.

Igice cya kabiri: Gusoma no kumva amatangazo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 158)

Intego zihariye:

Nyuma y'iki gice, umunyeshuri araba ashobora kugaragaza ibivugwa mu matangazo.

Imfashanyigisho: Amatangazo anyuranye.

1. Isubiramo:

*Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.
Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.*

2. Gusoma amatangazo

*Umwarimu arasaba abanyeshuri kujya mu matsinda bagasoma amatangazo.
Abanyeshuri barasoma amatangazo mu matsinda.
Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi
bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.*

3. Gusubiza ibibazo byo kumva amatangazo

*Mu matsinda abanyeshuri barasoma amatangazo basubiza ibibazo, hanyuma
bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije
n'umwarimu.*

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

1. Ni iki kivugwa mu itangazo rya mbere? Ryatanzwe na nde? Aramenyesha ba nde?

Iri ni itangazo ryo kubika. Ritanzwe n'umuryango wa Makwandi Diyonizi wapfushije. Ritanzwe na Kigenza Mamenero Erike asaba abavandimwe n'inshuti n'abandi bazi uwo nyakwigendera kumutabara, bakamufasha kumuherekeza no kumushyingura. Muri iri tangazo ubika avuga uwitabye Imana, akavuga aho yaguye, akavuga igihe cyo kumushyingura n'aho azashyingurwa. Abikira abo mu muryango batari hafi, akabikira inshuti n'abavandimwe. Arangiza ashimira abazamutabara.

2. Mu itangazo rya kabiri ho havugwamo iki? Ryatanzwe na nde? Rigenewe ba nde?

Iyi nyandiko ni itangazo rimenyesha. Ryatanzwe n'ubuyobozi bwa Minisiteri y'Uburezi bumenesha abaturage ibyemezo byafashwe mu rwego rw'itangira

ry'amashuri mu mwaka wa 2016. Harimo amatariki yo gutangira, harimo uburyo bwashyizweho bwo korohereza abanyeshuri kugera ku bigo bigaho, hakaba no guteguza abayobozi b'amashuri kugira ngo badatungurwa n'abana bagomba kwakira. N'ubwo urugero rufatiye ku itangazo twakwita iry'ubuyobozi, n'umuntu ku giti ke ashobora gutanga itangazo ryo kumenyesha. Umuntu amenyesha ibantu binyuranye nko kuba yarungutse umwana, nko kuha ateganya ubukwe, n'ibindi.

3. Itangazo rya gatatu ritandukaniye he n'iry a kabiri?

Itangazo rya gatatu rirarangisha ibyangombwa byatawe na Rucikibungo Natanayeli, nahosahira iry a kabiri ni irya Minisiteri y'uburezi rimenyesha itangira ry'amashuri.

Igice cya gatatu: **Gusoma no gusesengura amatangazo**

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 159)

Intego zihariye:

Nyuma y'iki gice, umunyeshuri araba ashobora gutahura ingingo z'ingenzi zivugwa mu matangazo.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo amatangazo.

1. Isubiramo:

*Umwaramu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.
Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.*

2. Gusoma amatangazo

*Umwaramu arasaba abanyeshuri kujya mu matsinda basome amatangazo.
Abanyeshuri barasoma amatangazo mu matsinda.
Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.*

3. Gusesengura amatangazo

Ibibazo

- Ni izihe ngingo zivugwa mu itangazo rya mbere?**
- Uhoreye ku bivugwa muri ariya matangazo, itangazo ni iki?**

Abanyeshuri basubiza ibyo bibazo barangiza bakamurika ibyo bagezeho, umwarimu akabafasha kubinoza

Ingero z'ibyava mu matsinda

1. Ingingo z'ingenzi zivugwa mu itangazo rya mbere

- Umuryango wagize ibyago urabika urupfu rw'umuntu wapfushije.
- Urasaba inshuti n'abavandimwe kuwufasha kumushyingura.
Ni itangazo ni inyandiko ngufi ibika, imenyesha cyangwa irangisha.

2. Inshoza yamatangazo

Amatangazo ni inyandiko ngufi ziba zigamije kugira ubutumwa zitanga ku bo zandikiwe cyangwa zitangarizwa. Ubu butumwa butandukana bitewe n'ubwoko bw'itangazo ni ukuvuga impamvu ituma uwandika aryandika. Ni yo mpamvu amoko yamatangazo ashingira ku mpamvu zayo.

3. Amoko yamatangazo

Hari:

- Amatangazo abika (ajyana no kubwira abandi iby'urupfu rw'umuntu, kumushyingura n'ibindi bijyana).
- Amatangazo amenyesha
- Amatangazo arangisha
- Amatangazo yamamaza

4. Ibiranga amatangazo

Muri rusange, amatangazo arangwa n'ibintu by'ingenzi bikurikira:

- Uwandika itangazo
- Aho atuye cyangwa akorera
- Impamvu ituma atanga itangazo
- Abo yandikira cyangwa amenyesha
- Ubutumwa ashaka kubwira abo yandikira. Niba ari igikorwa avuga aho kizabera, itariki n'isaha kizaberaho.
- Kurangiza ashimira.

Mu matangazo amwe n'amwe uwandika ashobora kurangiza yizeza igihembo k'uzashyira mu bikorwa ibyo asaba. No mu yandi y'inzego z'ubuyobozi, uwandika ashobora gusaba gusaba abantu gushyira mu bikorwa ibyo yanditse cyangwa akagira abo asaba kubishyirisha mu bikorwa. Ashobora kandi kugaragaza abo agenera kopi y'iryo tangazo by'umwihariko muri « bimenyeshejwe ».

- Aho itangazo ryandikiwe n'itariki
- Amazina n'umukono by'uwanditse cyangwa utanze itangazo.

Imyitozo

Nyuma y'isomo umwarimu aha abanyeshuri buri muntu ku giti ke imyitozo kugira

ngo asuzume ko intego z'isomo zagezweho. Abaha igihe cyo kuyikora cyarangira bagakosorera hamwe ku kibaho, ibisubizo bikandikwa mu makaye yabo y'imyitozo.

1. Andika itangazo ribika: Umuntu uzi witabye Imana. Uratabaza bene wabo ngo baze gutwara umurambo uri mu buruhukiro bw'ibitaro runaka. Nyakwigendera yazize impanuka y'imodoka ku muhanda runaka.
2. Himba itangazo urangisha ikintu wataye.
3. Andika itangazo ritumira abantu mu nama yo gutegura yubire y'umubyeyi wawe umaze imyaka mirongo inani avutse. Ubwire abantu aho izabera, isaha izaberaho n'ingingo bagomba kuziga by'umwihariko. Ku batahazi wabamenyesha uburyo bazahagera bitabaje tagisi. Urangize ubashimira umutima mwiza bazitabirana iyo nama. Univuge wowe ubatumira.

Ingero z'ibisubizo:

Itangazo ryo kubika

Umuryango wa.....ubabajwe no kumenyesha inshuti n'abavandimwe urupfu rw'umubyeyi wa.....witabye Imana muri iri joro ryakeye azize impanuka y'imodokaUmurambo uzashyingurwa ku wamu irimbi rya.....i saa sita z'amanywa. Bimenyeshejwe umuryango wa.....utuye i....., bimenyeshejwe kandi n'izindi nshuti n'abavandimwe batavuzwe muri iri tangazo. Murasabwa kwihutira kudutabara.

Itangazo rirangisha ikaye

.....ararangisha ikaye ye yatakaye mu nzu y'isomero, uwayibona yayimugezaho mu ishuri ry'umwaka wa gatandatu. Ibihembo biramuteganirijwe. Yari.....ubibamenyessheje.

Itangazo ritumira abantu mu nama

UWAMARIYA Polina yishimiye gutumira..... mu nama itegura isabukuru y'umubyeyi weuzaba wujuje imyaka mirongo inani y'amavuko. Iyo nama izaberai saa kenda z'amanywa. Izaba igamije kungurana ibitekerezo bijyanye n'uko iyo sabukuru izagenda. Kugera aho iyo nama izabera watega tagisi za Kagugu-Muhima ugahagarara ahitwa i Kana. Mbaye mbashimiye uburyo muzitabira iyo nama.

UWAMARIYA Polina

Umwandiko (umuvugo): Muyobozi ukeneye abandi

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 161)

Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko (umuvugo)

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 162)

Intego zihariye

Ahereye ku mwandiko yahawe, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gusoma umuvugo ashyiramo isesekaza yubahiriza injyana, gusobanura amagambo akomeye no kuyakoresha mu nteruro ziboneye.

Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, imfashanyigisho z'iymvabona, ibitabo byo gusoma birimo imivugo n'inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu aganirira abanyeshuri akaganiro ko mu buzima busanzwe kaganisha ku mwandiko bagiye kwiga, akaberekwa amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura ibyerekerye n'umwandiko bagiye gusoma.

Ingero z'ibibazo yababaza n'ibisubizo bashobora gutanga:

a) Ni iki mubona ku gishushanyo?

Turabona abantu bicaye bameze nk'abari mu nama.

b) Murakeka ko ari ukubera iki abana bari imbere bafite urupapuro?

Barasoma ibiriho nk'umuvugo cyangwa indi nyandiko.

2. Gusoma

2.1. Gusoma bucece

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari umuvugo "Muyobozi ukeneye abandi", akabasaba kuwusoma bucece nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

Ingero z'ibibazo n'ibisubizo

a) Uyu muvugo uravuga ku ki?

Uyu muvugo uravuga ku muntu w'umunyamwaga wisanga wenyine kuko abantu bose baba baramuhaye akato.

b) Uyu mwandiko urajya inama. Izo nama ni izihe?

Gukorana umwete kuko ari byo bizana ubukungu, kutihisha abaje bakugana no kugenderera abandi kugira ngo ubigireho.

2.2. Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri kubanza kwitegereza neza umwandiko “Muyobozи ukeneye abandi”, bakamubwira niba basanga umeze nk’iyindi basomye. Abanyeshuri baramusubiza, mu bisubizo byabo agenda abayobora ku buryo bari buvumbure ko uwo mwandiko unyuranye cyane n’indi basomye cyanecyane mu burebure bw’interuro ziwigize. Mu gihe izindi nteruro zabaga zuzuye umurongo w’urupapuro izi zo ziragarukira hagati, kandi interuro imwe irafata imirongo myinshi. Aboneraho kubabwira ko no kuwusoma bigomba kuba bitandukanye n’iby’iyindi myandiko.

Abaza niba hari umunyeshuri washobora kubasomera uwo mwandiko uko bikwiye, agerageza kumvikanisha injyana nk’uko yabikoze mu mwandiko yabasomeye. Iyo bibaye ngombwa arongera agasoma wa mwandiko. Umunyeshuri usomeye neza aramushima hagira unanirwa gusoma uko bikwiye akabaza niba nta wundi wagerageza kumvikanisha injyana y’uwo mwandiko ku buryo buri wese yumva aho bitandukaniye n’indi myandiko basomye. Iyo abishoboye asaba n’abandi kumwigana, byaba bibananiye akabasomera by’intangarugero ashyiramo isesekaza kandi yubahiriza injyana. Iyo arangije asaba abanyeshuri kwigana urugero yabahaye.

2.3. Gusoma no gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by’amagambo akomeye. Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by’amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n’umwarimu.

3. Urugero rw’ibyava mu matsinda

Umwaga: Umunabi, umushiha.

Kwiba uhetsé: Gukora amakosa abo uruta bakureba, gutanga urugero rubi.

Kubwiriza uwo mu mugongo: Kwanduza umwana wawe ingeso mbi.

Inshike: Umuntu wapfushije abana bose bakamushiraho.

Ikigwari: Umunyamwete muke, umunebwé.

Mu gikari: Inyuma y’inzu mu rugo hatemerewe kugerwa n’ubonetse wese.

Umuranga: Uwamamaza ibikorwa by’umuntu cyangwa by’ikigo runaka; na none ni umuntu ushakira undi umugenî.

Kubwika: Guhisha, guceceka.

Umwitozo w’inyunguramagambo

Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitozo y’inyunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.

Urugero rw'umwitozo n'igisubizo:

Koresha aya magambo mu nteruro:

1. **Umwaga:** Kugira umwaga cyangwa ishyari ni ingeso mbi kuko utumvikana n'abandi.
2. **Ikigwari:** Umuntu w'ikigwari ntashobora gutabarira Ighugu.
3. **Umuranga:** Iyo umusore ashaga kurongora ashaka umuranga wo kumurangira umukobwa.

Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko (umuvugo)

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 162)

Intego zihariye:

Ahereye ku muvugo yasomye, nyuma y'iki gice, umunyeshuri arabu ashobora gusubiza ibibazo byabajije ku muvugo mu magambo ye bwite kandi ashobora gutora/gufata mu mutwe no kuvugira umuvugo imbere y'abandi.

Imfashanyigisho: Umwandiko “Muyobozi ukeneye abandi”, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo imivugo n'inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. Isubiramo

Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.

2. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Abanyeshuri barajya mu matsinda, basome umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Ni ibibazo bigije bigira ibisubizo bitatu, bakaba basabwa guhitamo kimwe kiri cyo. Ibisubizo biri byo ni ibyanditse mu nyuguti z'igikara tsiriri.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

Hitamo igisubizo kiri cyo muri bitatu byatanzwe:

1. Ingaruka zo kuba umunyamwaga ni:
 - a) Gukangara abakugana.
 - b) Kugira abakunzi bameze nkawe.
 - c) **Gucikwaho n'abantu ukabaho wenylene.**
2. Kugira umwaga ni:
 - a) Kutishimira iby'abandi bagezeho.
 - b) Kutihanganira abakurogoya.
 - c) **Kuka inabi abakugana bose kuko ubabonamo abaje kurya ibywae batabikoreye.**
3. Ntukabe umunyamwaga kuko:

- a) **Uwo uri we wese ukeneye abandi.**
 - c) Abantu bose bakumenya uko uri.
 - d) Uba ikigwari.
4. Uyu mwandiko uragukangurira:
- a) **Kwakirana urugwiro abakugana bose nta we uheza.**
 - b) Gukomera ku byawe abantu ntibabirire ubusa.
 - c) Kutavogerwa n'ubunetse wese.
5. Uyu mwandiko urarwanya ingeso mbi zikurikira:
- a) **Ubugugu, ubunebwe, guha abato urugero rubi n'umujinya.**
 - b) Kwiba, guhishahisha no gukena.
 - c) Kwihihsa abagusuye bagutunguye.
6. Kuba umunyabugugu:
- a) Wabiraga abana bawe.
 - b) **Ntiwabiraga abana bawe.**
 - c) Ni ngombwa kuko bica agasuzuguro.
7. Umuti uhabwa umunyamwaga ni:
- a) **Ukugenderera abandi akareba uburyo yakirwa.**
 - b) Ukuririmbwa n'abato n'abakuru.
 - c) Ukwibera wenyine kugira ngo atagira uwo abangamira.
8. Umunyamwaga akwiye:
- a) **Kunengwa kugira ngo yikosore.**
 - b) Gushyigikirwa kuko yikangarira.
 - c) Kwamaganwa aho ageze hose.
9. Ugusuye:
- a) **Mutoze gukora neza.**
 - b) Mucyahe atazakumenyera.
 - c) Muhishe ibyo ukora atazagukirana.
10. Niwihscha abakugana:
- a) **Uzabura uwamamaza ibyo ukora cyangwa n'uwalurangira umugen.**
 - b) Ntuzasohora byinshi byo kubakiriza.
 - c) Ntawuzagutesha umutwe.
11. Abantu bazadushima:
- a) Nituba ibigwari.
 - b) Nidutoza abana bacu ubucakura.
 - c) **Nidukosora amakosa yacu kandi tukanoza ibyo dukora.**
12. Uyu mwandiko ni:
- a) Ikivugo.
 - b) Igihozo.
 - c) **Umuvugo.**

Umukoro

Soma uyu muvugo inshuro nyinshi uwufate mu mutwe, hanyuma uwuvugire imbere y'abandi wubahiriza injyana yaho kandi ushyiramo isesekaza.

Igice cya gatatu: Gusesengura umuvugo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 164)

Intego zihariye:

Ahereye ku muvugo yasomye, nyuma y'iki gice, umunyeshuri araba ashobora gusesengura umuvugo agaragaza ikivugwamo n'uturango twawo ku buryo buboneye.

Imfashanyigisho: Ibitabo birimo imivugo itandukanye, imfashanyigisho zitegwa amatwi, igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

1. Isubiramo

Umwarimu arabwira abanyeshuri kongera gusoma umuvugo “Muyobozi ukeneye abandi”.

2. Gusesengura umuvugo

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasa gusubiza ibibazo biri mu bitabo byabo.

Ibibazo n'ibisubizo

- a) **Iyo usomye uyu mwandiko wumva uryoheye amatwi ku buryo ujya kumera nk'indirimbo. Biterwa n'iki? Ubwo buryohe wumva mu muvugo babwita iki?**
 - Biterwa n'interuro ngufi, amajwi aryohye amatwi n'amagambo yumvikanisha neza imbamutima z'uwanditse cyangwa uvuga umuvugo.
 - Ubwo buryohe ni bwo bwitwa injyana.
- b) **Interuro zigize uyu mwandiko ziteye gute ugereranyije n'izo usanzwe ubona mu yindi myandiko? Zitwa ngo iki?**
 - Interuro zaho ni ngufi ugereranyije n'interuro zisanzwe.
 - Zitwa imikarago.
- c) **Ibitekerezo bikubiye mu muvugo ubona bikubiye mu bika kimwe no mu yindi myandiko? Ibyo bice bikubiyemo ibitekerezo bigize umuvugo byitwa ngo iki?**
 - Oya. Ibitekerezo by'umuvugo bikubiye mu bice byawo bigizwe n'itsinda ry'imikarago itanitanu.
 - Ibyo bice bikubiyemo ibitekerezo byitwa intondeke.

1. Inshoza y'umuvugo

Umuvugo ni igihangano ku nsanganyamatsiko usiga yihitiramo cyangwa ahabwa, kigahimbirwa gutanga ubutumwa ariko kandi ku buryo kinanezeza amatwi y'abacyumva. Ikitanezeza ni ururirimbo ruterwa n'ibisikana ry'amajwi yo hejuru n'ayo hasi, injyana iterwa n'interuro ngufi zijya kureshya ndetse n'isubirwamo ry'amajwi asa, ibisikana ry'imigemo itinda n'ibanguka. Kubera ko aba ashaka gutaka ikivugwa, uhanga umuvugo yitondera imitoranyirize y'amagambo yabugenewe akoresha bitewe n'iryo asanga ryakumvikanisha neza igitekerezo ke.

2. Ikivugwa

Iyo uhimba umuvugo, uhitamo insanganyamatsiko bitewe n'ubutumwa ukeneye kugeza ku bakumva cyangwa basoma ibyo wahanze. Uyishakira ibitekerezo bifatika bituma abakumva bishimira ibyo ubabwira, ku buryo batabifata nko kubatesha igehe. Ibyo bitekerezo, ubishakira amagambo atuma biryoha, ukabanza kubishakira imbata ituma bikurikirana neza kugira ngo utaza kwisubiramo.

3. Uturango tw'umuvugo

Umuvugo urangwa n'ibi bikurikira:

- a) **Imikarago:** Interuro z'umuvugo ni zo bita imikarago, ziba ngufi kandi igitekerezo gishobora gufata imirongo myinshi ku buryo ibice by'interuro byakagombye gukurikirana ku murongo umwe bishobora kujya ku mirongo itandukanye.
- b) **Amagambo atoranyijwe neza:** Uhanga umuvugo ahitamo amagambo agusha ku ngingo ku buryo ataza kurambirana. Iyo arambiye abamwumva ntibita ku byo ababwira, akaba nko gucurangira abahetsi.
- c) **Isubirajwi:** Isubirajwi rishingira ku ijwi runaka risubirwamo ikigenderewe ari ukunogera amatwi y'abazumva igihangano ryakoreshejwemo.
- d) **Injyana:** Umuvugo ugomba guhimbwa ku buryo worohera abawufata mu mutwe ari byo bita kuwutora. Imitondekere y'imikarago igira uruhare runini mu kunoza injyana y'umuvugo.

Nuja guhanga umuvugo rero uzihatira kubahiriza izi ngingo tumaze kuvuga niba ushaka kubarirwa mu mubare w'abahanga mu guhanga umuvugo kandi urabishoboye.

Umukoro

Umwari mu arasaba guhanga umuvugo bubahiriza uturango twawo kandi bagendera ku nsanganyamatsiko abaha.

Abanyeshuri barahanga umuvugo buri wese ku giti ke, awutore mu mutwe nyuma age imbere awubwire bagenzi be.

Insanganyamatsiko

Hanga umuvugo wumvikanisha urukundo ufitiye umubyeyi wawe n'impamvu zigutera kumukunda ku buryo bwihariye. Ucore ku buryo wumvikanisha imbamutima z'umuntu ukunda undi ku buryo budasanzwe. Nurangiza uwutore maze uwubwire bagenzi bawe ushyiramo isesekaza.

Aha umwarimu areba niba imyandiko abanyeshuri banditse ari imivugo koko. Idatunganye abafasha kuyikosora. Nyuma areba ko bazi kuyivugira imbere y'abandi bashyiramo isesekaza.

Inshamake y'ibyzwe mu mutwe wa gatanu

Mfashe ko:

- Gukorera mu mucyo ari ngombwa ku bantu bose. Bituma hamenyekana ibyo bakora.
- Tugomba kurwanya ruswa kuko imunga ubukungu bw'Ighugu.
- Kwiha gahunda mu gihe dukorera ku mihigo bituma tuyesa neza.
- Dukwiye gutanga amakuru ku byo dukora kugira ngo abandi batwigireho cyangwa se batwunganire.
- Umwirondoro w'umuntu utangwa hagaragazwa ukuri kw'ibimuvuzweho.
- Mu kwandika ibaruwa y'ubuyobozi twitondera ibice biyigize ari byo: Uwandika n'aho abarizwa, aho ibaruwa yandikiwe n'itariki yandikiweho, uwandikiwe n'aho abarizwa, impamvu yatumye ibaruwa yandikwa, amagambo ahamagara uwandikiwe, intangiriro, igihimba, umusozo, amazina y'uwandika n'umukono we.
- Umuvugo mwiza urangwa n'ibi bikurikira: imikarago migufi amagambo meza atoranyijwe, amajwi yisubiramo cyangwa amagambo agaruka n'injyana nziza iryoheyе amatwi.

Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa gatanu

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 167)

Ibigenderwaho mu isuzuma

- Ubushobozi bwo gusesengura imyandiko ijyanye no gukorera mu mucyo no kurwanya ruswa.
- Ubushobozi bwo guhang a umuvugo no guseruka mu ruhame atondagura umuvugo.
- Ubushobozi bwo kwandika umwirondoro, ibaruwa y'ubuyobozi n'amatangazo atandukanye.

Umwandiko: Inkuru y'umucuzi n'umurobyi

I. Inyunguramagambo

- a) **Sobanura aya magambo ukurikije uko yakoreshejwe mu nteruro mwandiko.**
 - 1) **Ikigembe:** Igice k'icumu cyo hejuru kibwataraye gikozwe mu cyuma kibanza imbere iyo bariteye inyamaswa cyangwa ababisha ku rugamba.
 - 2) **Uruhindu:** Agakoresho kameze nk'agacumu gato bitabaza mu kuboha ibyibo.
 - 3) **Amayombo:** Inzogera bambika imbwa y'impigi.
 - 4) **Ibyinshi byotsa amatama:** Iyo ugize inda nini ushaka kubona byinshi mu nzira mbi birakugaruka.
 - 5) **Ku karubanda:** Ku muharuro aho abantu bose bemerewe kugera, ahirengeye, akenshi ni ho umwami yabonaniraga n'abaturage akahakemurira ibibazo byabo.
 - 6) **Kudidimanga:** Kuvuga usubira mu migemo y'amagambo nk'umwana wiga kuvuga.
 - 7) **Guha umuntu akato:** Kumwigizayo, kumunena, ntiyegere abandi.
- b) **Tahura mu mwandiko amagambo asubiza ibibazo bikurikira:**
Fora ndi nde cyangwa ndi iki?
 - 1) **Ndakuze cyane kandi nkunda kuganira n'abana mbatoza kumenya ubwenge no kwanga umugayo. Ubwo ndi nde kuri bo? Bo ni iki kuri ge?**
Ndi Sekuru, bo ni abuzukuru bange.
 - 2) **Mfite amazuru asohora umwuka utwika ibyuma bikorohera ubicura. Ubwo ndi iki?**
Umuvuba.
 - 3) **Ibiti mbirya ntabibabarira iyo ngeze mu ishyamba ndaryararika. Ubwo ndi nde?**
Ishoka, indyankwi, imarabiti, intorezo.
 - 4) **Iyo intore zitanyambaye ntizihamiriza kandi iyo zinkandagiye nzitema ibirenge. Ubwo ndi iki?**
Amayugi.
 - 5) **Abahigi banyambika imbwa mu ijosu turi mu muhigo zanzunguza inyamaswa zikavumbuka. Ubwo ndi iki?**
Amayombo.
 - 6) **Aho mba aha turazirana, nzarya duke ndyame kare. Ubwo nzirana n'iki?**
Umugayo.
 - 7) **Ushatse guhinga mu mabuye aranyitabaza kuko aho kungimbisha nyasatura nkaterera hejuru itaka. Ubwo ndi iki?**
Ipiki.

- 8) **Ntunzwe no kujugunya urushundura mu mazi nkazamura ibinyamaga. Ubwo ndi inde?**
Umurobyi.
- 9) **Nzabihamya kuko nabihagazeho. Ubwo ndi nde?**
Umugabo.
- 10) **Banyibuka iyo umunyacyaha atsinzwe agomba kwishyura. Ubwo ndi iki?**
Indishyi.
- 11) **Si mu mazi, si imusozi. Mpibera ngenyine kubera amafuti yange. Aho ni he?**
Mu kato.

II. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. **Ni ba nde bavugwa muri uyu mwandiko?**
Muri iyi nkuru, haravugwa umusaza n'umwuzukuru we, umurobyi n'abaguzi b'amafi babiri, abashinjura batanu, umucuzi n'umucurishaga w'amapiki, umuguzi w'ipiki n'umuyobozi w'uwo musozi.
2. **Ubunyangamugayo bw'umucuzi bwamumariye iki?**
Yungutse inshuti inamuha inka.
3. **Amaherezo y'umurobyi yaje kuba ayahe?**
Yahawe akato n'abaturage , acibwa indishyi z'akababaro bituma ubwato bwe bugurishwa; umugore we aramugaya bikomeye kuko atumye bakena.
4. **Ruswa ni iki?**
Ruswa ni ikiguzi utanga kugira ngo bagukorere ikintu kitari kemewe cyangwa se wigura kugira ngo uhabwe icyo wari wemerewe.
5. **Ni iyihe ruswa umurobyi yashakaga gutanga?**
Umurobyi yashakaga gutanga ifi ya buri cyumweru ku muyobozi w'umusozi n'inzoga ku bari kumushinjura.
6. **Abatanga ruswa bayiha nde?**
Abatanga ruswa bayiha umuntu wese ushobora kubakorera ibyo bifuza bidaciye mu nzira zemewe n'amategeko.
7. **Igihembo gitaniye he na ruswa?**
Igihembo ugiha umuntu ufite icyo yagukoreye mu rwego rwo kumushimira. Ruswa ni ikiguzi uha umuntu kugira ngo abone kugira icyo agukorera kuko nta cyo umuhaye nta cyo yakumarira.
8. **Urakeka ko ari iki cyatumye icyuya kirenga umurobyi wireguraga?**
Icyatumye icyuya kirenga umurobyi ni uko yari agiye kuburana kandi ruswa yatanze itarakiriwe, agatinya guhamwa n'icyaha cy'ubuhemu, guhanwa no kugawa n'abaturanyi b'abanyakuri.

9. **Muri uyu mwandiko, urugero duhabwa ni uruhe mu rwego rwo kurwanya ruswa?**
Ni ukuyanga no kudakora ibinyuranye n'ukuri, ahubwo tukagukomeraho.
10. **Ni akahe kamaro k'umuvuba mu buzima bw'umucuzi?**
Akamaro k'umuvuba mu buzima bw'umucuzi ni ukuwuhuhisha amakara akabona umuriro w'inkekwe wo gutwika ibyuma bigatukura kugira ngo abashe kubicuramo ibikoresho bamusaba.
11. **Ese igihano umurobyi yahawe urabona kimukwiye? Sobanura igisubizo cyawe mu mirongo itarenze itanu.**
Buri munyeshuri asubiza akurikije uko yabyumvise.

III. Gusesengura umwandiko

1. **Ni izihe ngingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko?**
 - a) **Ingingo z'ingenzi**
 - Ubunyangamugayo bw'umucuzi;
 - Inyungu umucuzi akesha ubunyangamugayo bwe;
 - Ubuhemu bw'umurobyi;
 - Ingaruka ubuhemu bw'umurobyi bwamukururiye.
 - b) **Ingingo z'ingereka**
 - Ibigeragezo umucuzi yahuye na byo n'uburyo yabisinze;
 - Ibishuko umurobyi yaguyemo n'impamvu byashobotse.
2. **Kuki buri muturarwanda akangurirwa kurwanya ruswa?**
Buri muturarwanda akangurirwa kurwanya ruswa kuko ruswa
 - Ituma abantu batakaza ubunyangamugayo;
 - Imunga umutimanama w'abantu baba abayitanga n'abayakira, ababireba n'ababyumva;
 - Itesha ubuyobozi icyubahiro n'ikizere;
 - Izeitira iterambere ry'Igihugu ;
 - Yangisha abaturage ubuyobozi;
 - Ituma hafatwa ibyemezo bidakwiye;
 - Ituma igihugu kitizerwa n'amahanga bityo ntabe yagishoramo imari;
 - Ituma hadakoreshwa ubushishozi;
 - Ibuza abantu amahirwe yo gukora ibyo bashoboye.
3. **Ni izihe ngamba zafatwa mu kurwanya ruswa kugira ngo ihashywe?**
Zimwe mu ngamba zafatwa ni nko
 - Gutoza indangagaciro y'ubunyangamugayo abayobozi mu nzego zose n'abaturage muri rusange;
 - Gukangurira abaturage kumenya ruswa, kuyirinda,kuyirwanya no kuyitangaho amakuru;

- Gushyiraho amabwiriza agaragaza uko serivisi zitangwa mu nzego zose za Leta; hagaragazwa ibisabwa n'igihe ubujuje ahabwa serivisi yifuza ;
 - Gushyira ingufu mu kwigisha abaturage kumenya no guharanira uburenganzira bwabo, kwamagana ruswa no kuyitunga agatoki;
 - Kongera ubufatanye hagati y'inzego zigenzura n'izirwanya ruswa;
 - Guhana nta kubabarira abagaragayeho ruswa.
4. **Ni izihe mpamvu zitera abantu gutanga cyangwa kwakira ruswa?**
 Zimwe mu mpamvu zituma abantu batanga cyangwa bakira ruswa ni
- Kubura ubunyangamugayo;
 - Kubura uburere;
 - Kuba hari abayifata nk'umuco;
 - Gushaka gukira vuba;
 - Kudakorera mu mucyo;
 - Ubuji bw'abayakwa;
 - Kwihiutisha serivisi bitewe n'inyungu ukurikiranye;
 - Guhisha inenge z'ikintu usabira serivisi;
 - Guhuma amaso abashinzwe kugenzura ubuziranenge bw'ibyo ukora;

IV. Ibaruwa n'umwirondoro

1. **Ibaruwa y'ubuyobozi itaniye he n'ibaruwa isanzwe?** Aho bitaniye ni uko mu ibaruwa y'ubuyobozi ntawusuza kandi nta n'urondogora igira uko yandikwa naho mu ya gicuti urasuhuza ukavuga n'andi makuru wishakiye.
2. **Vuga ibantu by'ingenzi bigaragaza umwirondoro.** Umwirondoro ugaragazwa n'ibi bikurikira:
 - Ibimiranga
 - Amashuri yize n'igihe yayigiye
 - Impamyabumenyi afite
 - Imirimo yakoze n'iyo akora ubu
 - Indimi avuga kandi akoresha n'urugero azizaho:
 - Ibindi byihariye azi atigiye mu ishuri byafatwa nk'ubumenyi akomora mu mahugurwa cyangwa ku mpano karemano.

V. Guhang

Hanga umuvugo wo kurwanya ruswa

Umwarimu areba niba umunyeshuri yahanze umuvugo ugaragaza tumwe mu turango twaho, akanareba niba ibitekerezo birimo bijyanye koko n'insanganyamatsiko yahawe, amusaba kuwusomera bagenzi be bakajora uburyo awusoma.

Imyitozo nzamurabushobozi

- *Umwarimu atahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri ahereye ku manota bagize mu isuzuma risoza umutwe akabashyira mu matsinda akurikije ingorane bafite.*
- *Umwarimu abaha imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo bakayikorera hamwe mu matsinda. Ku badafite ibibazo, umwarimu abaha imyitozo y'inyongera cyangwa akabasaba kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko nsanganyamasomo imyanzuro bafashe bakazayisangiza bagenzi babo batari kumwe. Iyi myitozo umwarimu ayitegura ashingiye ku bibazo abanyeshuri be bafite yibanda aho abanyeshuri be bararagaje ubushobozi buke.*

Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo:

a) Andika umwirondoro wawe.

Aha umwarimu areba niba umunyeshuri yanditse umwirondoro we yubahiriza ibice by'umwirondoro, aho atabikoze neza umwarimu amufashe kuhanonosora.

b) Amatangazo akunze gutangwa ni ayahe?

Amatangazo akunze gutanga ni arangisha, amenyesha, ay'akazi namatangazo yo kubika.

c) Tegura itangazo ritumira ababyeyi mu nama y'ikigo.

Urugero rw'itangazo:

Umuyobozi w'ishuri ribanza rya.....atumiye ababyeyi baharerera mu nama nyunguranabitekerezo izaba kuri uyu wa Gatandatu saa tatu zuzuye ku kicaro k'ishuri. Ibizigirwa muri iyo nama muzabimenyeshwa muhageze.

Bikorewe i.....ku wa.....

Umuyobozi w'ishuri.

Imyitozo nyagurabushobozi

1. **Tuvuge ko umaze kurangiza amashuri abanza ukaba ushaka akazi ko mu biruhuko ko gukora isuku ku kigo nderabuzima muturanye. Andikira umuyobozi w'icyo kigo ibaruwa isaba ako kazi womekeho n'umwirondoro wawe.**

Aha umwarimu azareba niba ibaruwa umunyeshuri yanditse ndetse n'umwirondoro byubahirije ibice byabyo kandi ko bijyanye n'akazi gasabwa. Azafasha abanyeshuri kubinonosora abereka aho bitameze neza.

2. **Mwungurane ibitekerezo kuri iyi nsanganyamatsiko: «Kugira umuco wo kuzigama ni ukwiteganyiriza ejo hazaza» umwanzuro mufashe muzawugeze kuri bagenzi banyu mutari kumwe muri iri tsinda.**

Aha, umwarimu areba niba abanyeshuri umwanzuro bafashe ugaragaza ko bazi koko akamaro ko kugira umuco wo kuzigama, agatsindagira iyo nsanganyamatsiko nsanganyamasomo ku batabyumva neza.

6

Ubukerarugendo

(Umubare w'amasomo:24)

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

- Gusesengura imyandiko mu bijyanye no guteza imbere ubukerarugendo;
- Kubara inkuru ku byo yabonye cyangwa yumvise, gukoresha amagambo yabugenewe ku mwami no ku ngoma;
- Gukoresha amagambo adahinduka: icyungo n'umugereka/ingera.

Ibisabwa:

- Umunyeshuri agomba kuba azi:
- Gusoma neza yubahiriza utwatuzo n'iyltsa.

Ingingo nsanganyamasomo ziri bwitabweho muri uyu mutwe:

Kubungabunga ibidukikije: Mu gihe basesengura imyandiko ivuga ku bukerarugendo, umwarimu akora ku buryo yumvisha abanyeshuri akamaro ko kubungabunga ibidukikije kuko bikurura ba mukerarugendo bazanira Iighugu amadovize.

Ubushobozi nsanganyamasomo:

- Ubuhangha mu kuganira no gukoresha ururimi n'ubufatanye,
- Gukorera hamwe,
- Gutekereza ugashobora kujora ibitekerezo n'ibikorwa bitandukanye ntube nemeye iryo cyangwa nyamujya iyo bijya,
- Kwiygisha no gukomeza kwihugura nyuma yo kurangiza amashuri,
- Guhangha udushya no kunoza imikorere,
- Ubushakashatsi no gukemura ibibazo.

Amagambo /ibitekerezo by'ingenzi:

Ahantu nyaburanga, ikeshamvugo, ibarankuru, abanyarubuga.

Amabwiriza ajyanye n'igikorwa k'ivumbura ry'ibigiye kwiga:

Abanyeshuri ubwabo ni bo bagomba kwivumburira ibyo bagiye kwiga, bahereye ku mashusho, ku kaganiro cyangwa udukino twateguwe mu ivumburamatsiko. Umwarimu agenda abayobora, ababaza ibibazo, kandi akabafasha kunonosora ibisubizo batanga ku buryo bibaganisha ku cyo bagiye kwiga.

Amabwiriza ajyanye n'uko abafite ibibazo byihariye baza kwitabwaho:

Umwarimu agomba gufasha abafite ubumuga gusobanukirwa kurushaho n'ibyo bari kwiga. Abatabona neza kimwe n'abatumva neza bagomba kwicazwa hafi kandi mu gihe bibaye ngombwa akabasobanurira akoresheje ururimi rw'amarenga. Abanyantege nke na bo bagomba gushyirwa mu matsinda y'abasobanukirwa vuba kugira ngo babazamure, kandi umwarimu akabibandaho akababaza n'ubwo baba batateye urutoki kugira ngo basubize.

Ibyigwa bigize uyu mutwe n'umubare w'amasomo

Ibyigwa	Umubare w'amasomo
Umwandiko wa mbere: Dusure Pariki y'Igihugu ya Nyungwe	3
Ikeshamvugo ku mwami no ku ngoma	1
Ikeshamvugo rijyanye no kuvuga	1
Ubwinski bw'abantu, inyamaswa n'ibantu	1
Intaho y'ibantu	1
Umwandiko: Twigire muri Pariki y'Igihugu y'Akagera	3
Umwandiko: Dusobanukirwe n'ingagi zo muri Pariki y'Ibirunga	2
Umwandiko: Menya ubwiza bw'u Rwanda usura ahantu nyaburanga	3
Kwita ingagi izina bisiga akayabo k'amafaranga	3
Ubwoko bw'amagambo adahinduka: Icyungo	1
Umwandiko: Nagiye mu muhango wo kwita izina ibyana by'ingagi	3
Ubwoko bw'amagambo adahinduka: Imigereka	1
Isuzuma	1

Umwandiko: Dusure Pariki y'Igihugu ya Nyungwe

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 171)

Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 173)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bahawe, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusobanura amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro ziboneye.

Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga kuri pariki zo mu Gihugu, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu arereka abanyeshuri amashusho aherekereje umwandiko abasabe kuyitegerezza no kuvuga icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezzo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.

2. Gusoma

2.1. Gusoma bucece

Abanyeshuri barasoma umwandiko bucece hanyuma umwarimu ababaze ibibazo rusange babisubize bagaragaza ko basomye.

Ingero z'ibibazo n'ibisubizo

1. **Uyu mwandiko uravuga ku ki?**

Uyu mwandiko uravuga kuri Pariki y'Ighugu ya Nyungwe.

2. **Ibimera bifite akahe kamaro ku buzima bwacu?**

Ibimera biraturuhura iyo tubyitegerezza, bikongerera amaso yacu ubushobozibwo kubona neza kandi bikatwibagiza n'imirimo yacu ya buri munsi itunaniza.

3. **Pariki ya Nyungwe ingana ite?**

Pariki ya Nyungwe ifite ubuso bwa kilometero kare hafi 970.

4. **Ni ibihe bisimba ushobora gusanga muri Pariki ya Nyungwe ku bwinshi?**

Inyamaswa zigaragara ku bwinshi mu ishyamba rya Nyungwe ni izo mu bwoko bw'inguge.

2.2. Gusoma mu ijwi riranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye: umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo, nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye.

Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, agenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo

2.3. Gusoma no gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye. Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.

Urugero rw'ibyavuye mu matsinda

Kugwa agacuho: Kunanirwa cyane.

Ubuso: Umwanya wose ikintu kiriho.

Kugambirira: Kugira igitekerezo cyo gushaka gukora ikintu runaka.

Ubutita: Ubukonje bukabije.

Ishyamba ry'inzitane: Ahantu hameze ibiti byegeranye kandi bisobekeranye ku buryo kuhinjira biba bitoroshye.

Ishyamba rya kimeza: Ahantu hari ibiti byinshi byimejeje nta na kimwe cyatewe n'umuntu.

Igiti cy'inganzamarumbo: Igiti kinini cyane mu mubyimba kimaze imyaka myinshi cyane.

Ikiraro: Iteme, inzira ihuza ahantu habiri hatandukanyijwe n'umwanya urimo ubusa.

Umwitozo w'inyunguramagambo

Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitozo y'inyunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.

Urugero rw'umwitozo n'igisubizo:

Koresha aya magambo mu nteruro yawe bwite ukurikije ibisobanuro byayo mu mwandiko:

1. **Ubuso:** Duhereye ku buso bwabyo, dushobora gutondeka ibihugu byo ku isi dukurikije uko birutanwa.
2. **Ubutita:** Hano hanze si ugukonja habaye ubutita!
3. **Ishyamba ry'inzitane:** Yagombye kwitwaza umuhoro kugira ngo abashe gucengera rya shyamba ry'inzitane.
4. **Ishyamba rya kimeza:** Amashyamba kimeza ntakiri henshi ku isi.
5. **Inganzamarumbo:** Bya bivumu byabaye inganzamarumbo kubitema hagomba akamashini gafite moteri.
6. **Ikiraro:** Ikiraro cya Nyabarongo cyarengewe n'amazi nyuma ya ya mvura iheruka.
7. **Kugambirira:** Icyo nagambiriye nshizwe nkigezeho.
8. **Kugwa agacuho:** Natashye naguye agacuho bintera gusinzira ubuticura.

Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 173)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe

Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga kuri pariki zo mu gihugu, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. **Isubiramo**

Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.

2. **Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero**

Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iysts, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye. Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.

3. **Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko**

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo ku mwandiko

a) **Pariki y'igihugu ya Nyungwe iherereye he?**

Pariki ya Nyungwe iherereye mu gice k'Intara y'Amajyepfo no mu gice k'Intara y'uburengerezuba.

b) **Muri Pariki ya Nyungwe hagaragaramo ibihe bimera?**

Hagaragaramo amoko menshi y'ibiti, ibihuru n'amoko menshi y'indabyo.

c) **Muri Pariki ya Nyungwe hagaragaramo izihe nyamaswa?**

Harimo ibyondi, ibihinyage, inkomo, inkima, impundu, imikunga, inkende, ibishabaga, galago ntoya n'inini, ibitera n'inyoni z'amoko anyuranye.

d) **Pariki ya Nyungwe ifite uwuhe mwihariko andi mapariki adafite muri Afurika?**

Amoko 13 y'inguge.

e) **Ni akahe kamaro iyi pariki ifitiye Afurika muri rusange n'igihugu cya Misiri by'umwihariko?**

Iyi pariki ni yo iturukamo isoko ya Nili, uruzi rurerure kuruta izindi muri Afurika rukora ku bihugu byinshi harimo n'igihugu cya Misiri keza byinshi kubera kuvomerera ibihingwa amazi y'uru ruzi.

f) **Iyi pariki ifitiye Abanyarwanda akahe kamaro?**

Iyi pariki ikurura ba mukerarugendo benshi basigira igihugu amadovize atuma Abanyarwanda batunganyirizwa imishinga y'amajyambere.

g) **Agashya kari muri iyi pariki ni akahe gatuma isurwa bidasanze?**

Agashya kari muri iyi pariki gatuma isurwa bidasanzwe ni ikiraro cyubatswe mu kirere gituma pariki isurwa uyihereye hejuru.

Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 174)

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko amaze gusoma no kuwusobanukirwa, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gutahura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigize umwandiko no guhina umwandiko.

Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga kuri pariki zo mu Gihugu, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. Isubiramo

Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

2. Gusoma umwandiko

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.

Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

3. Gusesengura umwandiko.

Mu matsinda barasubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko hanyuma bagende bahriza ku kibaho ibyo bagezecho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?

“Pariki y’Iguhugu ya Nyungwe”

2. Ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka

a) Ingingo z'ingenzi

- Pariki nk’ahantu haruhura iminaniro iterwa n’akazi;
- Ibyo umuntu abona asuye ishyamba rya Nyungwe: ibimera, inyamaswa n’ikiraro cyo mu kirere.
- Ibiciro by’abusura pariki y’igihugu ya Nyungwe.

b) Ingingo z'ingereka

- Aho Pariki ya Nyungwe iherereye;
- Ubuso bwayo;
- Igihe yabereyeho;
- Umwamikazi w’ubwongereza akunda indabo za “orukide”;
- Isoko ya Nili ituruka mu ishyamba rya Nyungwe;

- Abanyamahanga basa n'aho ari bo babereye ubukerarugendo bonyine...
3. **Hina uyu mwandiko mu mirongo icumi**
Umwarimu arareba ko inshamake yakozwe hakubiyemo ingingo zose z'ingenzi zavuzwe haruguru. Igisubizo gishobora kuba:
- Iyo twitegereeje ibidukikije turaruhuka. Pariki y'Igihugu ya Nyungwe icumbikiye ibintu byinshi twasura tukaruhuka; harimo ishyamba rya kimeza, isoko y'uruzi rwa Nili, amoko menshi y'inguge n'ibindi. Muri Nyungwe harimo ikiraro cyo mu kirere. Hariyo inyon'i amoko menshi n'utundi tunyamaswa. Ubukerarugendo si ubw'abanyamahanga gusa kuko ibiciro ntibikanganye mu Rwanda.

IV. **Mwungurane ibitekerezo byanyu kuri iki kibazo.**

Ko ubutaka bwo guhinga bugenda bugabanuka mubona byaba bikwiye ko ubuso bwa za pariki bugabanywa abantu bakabona ubutaka buhagije?
Nta bwo bikwiye ko duhinga ubutaka bwa pariki kuko n'inyamaswa zikeneye ahantu ho kuba mu rwego rwo kuzibungabunga.

6.2. Ikeshamvugo

Igice cya kane: Ikeshamvugo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 174)

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko urimo amagambo yabugenewe akoreshwa ku mwami no ku ngoma, nyuma y'iki gice umunyeshuri arabu ashobora gukoresha imvugo yabugenewe.

Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga ku mwami no ku ngoma, amashusho ajyanze n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. **Isubiramo:**

Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

2. **Gusoma umwandiko**

Abanyeshuri barasomera mu matsinda umwandiko "U Rwanda rwa kera"

Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

Mu matsinda baratahura amagambo yabugenewe akoreshwa ku mwami no ku ngoma.

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma aka gace k'umwandiko maze akabasaba gutahura amagambo yabugenewe no kuyashakira ibisobanuro mu mvugo isanzwe.

U Rwanda rwa kera

Umwandiko: Mu Rwanda rwa kera, imihango y'abiru yateganyaga ko umwami atagomba kwima ingoma, uwo asimbuye akiriho. Umwami rero yagombaga kubanza gutanga kugira ngo undi yime ingoma. Abami b'u Rwanda babaga bamaze gutanga, batabarizwaga ahantu hatandukanye bitewe n'amazina yabo ya cyami, ndetse n'uburyo batanzemo.

Ikimenyetso k'ibwami cyari ingoma. Ni zo zamubamburaga, yaba atetse ijabiro zikamuvugirizwa, yajya kwibikira zigahumuza. Iyo ingoma zatangiraga gusuka, abantu bamenyaga icyo zimenyesha bitewe n'umurishyo.

Abavuzaga ingoma babitaga abakaraza.

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku ikeshamvugo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. **Aya magambo asobanura iki mu mvugo isanzwe**
 - a) **Kwima ingoma:** Kujya ku butegetsi k'umwami.
 - b) **Gutanga:** Gupfa k'umwami
 - c) **Batabarizwaga:** Bahambwaga (abami)
 - d) **Zamubamburaga:** Zamubyutsaga (umwami gusa)
 - e) **Kwibikira:** Gusinzira k'umwami.
 - f) **Zigahumuza:** Zikarekera aho kuvuga. (ingoma)
 - g) **Gusuka:** Gutangira kuvuga kw'ingoma.
 - h) **Umurishyo:** Agati bakoresha bavuza ingoma.
 - i) **Abakaraza:** Abavuzi b'ingoma.
2. **Aya magambo bayita iki muri rusange?** Bayita ikeshamvugo
3. **Nimukorere mu matsinda maze mutahure andi magambo yabugenewe akoreshwa ku mwami no ku ngoma.**

Inshoza y'amagambo

Ikeshamvugo ni imvugo ikoreshwa mu guha agaciro umuntu uyu n'uyu cyangwa ikintu iki n'iki bitewe n'akamaro gifite mu muco nyarwanda. Mu ikeshamvugo ni ho hakoreshwam amagambo **ntibavuga, bavuga.**

1. Ikeshamvugo ku mwami

Ntibavuga:	Bavuga:
Umurambo w'umwami	Umugogo
Kumubyutsa	Kumubambura
Kumusinziriza	Kumubikira
Kugenda	Kurambagira

Kurya	Kurora
Gupfa	Gutanga
Uburiri bw'umwami	Igisasiro
Inzu y'umwami	Ingoro
Abana b'umwami	Ibikomangoma
Kujya ku ngoma	Kwima ingoma
Kubyuka	Kwibambura
Kuryama	Kwibikira
Kurwara	Kuberama
Kwicara	Guteka
Intebe ye	Inteko
Ingobyi ye	Ikitabashwa
Aho aramirizwa	Ijabiro
Kumuha ikuzo	Kumuramya
Kujya ku musarane	Gutwikira ibirenge
Kujya kwaka akazi ku mwami	Gushaka ubuhake ku mwami

2. Ikeshamvugo ku ngoma

Ntibavuga:	Bavuga:
Gutangira kuvuga	Gusuka
Kurangiza kuvuga	Gutunga
Kugurwa	Gukoshwa
Kumanikwa	Kujishwa
Gushyushywa	Koswa
Gufashwa hasi	Kururutswa
Kubazwa	Kuramvurwa
Gushyirwaho impu	Kuremwa
Kwikorerwa	Kuremererwa
Gusoza	Gutaha
Gutoboka	Kubyara
Gufatwa	Gusegurwa
Gusaduka	Kurara
Kumeneka	Kuribora
Abavuza ingoma	Abakaraza

3. Ikeshamvugo rijyanye no kuvuga.

Umuntu aravuga	Ihene irahebeba
Inyoni zirajwigira	Imfizi irivuga
Ingoma ziravuga	Intare iratontoma
Inka zirabira	Ingwe irahara
Intama ziratama	Imvura irahinda
Impongo zirakorora	Imodoka irahinda
Igikeri kiragonga	Umuriro urahinda
Ingurube irajwigira	Umugezi urasuma
Impyisi irahuma	Isuka irarangira
Inuma iraguguza	Injangwe irahirita
Umusambi urahiga	Indege irahinda
Imbwा iramoka	Inkokokazi irateteza
Isake irabika	Inkotsa zirakotsora
Imbeba irajwigira	Icyanira kiranira

4. Ikeshamvugo rijyanye n'ubwinshi bw'abantu, ibintu n'inyamaswa

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 178)

Inka nyinshi zirimo imfizi ziba zigize ishyo
Intama, ihene nyinshi ziba umukumbi
Ingurube nyinshi ziba zigize umugana
Imbwā nyinshi ziba zigize umukeno
Inzuki nyinshi zikora irumbo
Amashyi menshi aba urufaya
Indirimbo nyinshi ziba urwunge
Amajwi menshi avuga urwunge
Impundu nyinshi zikaba urwanaga

5. Ikeshamvugo rijyanye n'intaho y'abantu, ibintu n'inyamaswa

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 178)

Umuntu ataha mu nzu
Inzoka itaha mu mwobo
Impyisi zitaha mu isenga
Imbeba itaha mu muhenzo
Inyoni itaha mu cyari

Amatungo ataha mu kiraro
 Inzuki zitaha mu muzinga
 Inkwavu ziba mu kibuti
 Inyana zitaha mu ruhongore

Umwitoto

Nyuma y'isomo umwarimu aha abanyeshuri imyitoto kugira ngo asuzume ko intego z'isomo zagezweho. Abaha igihe cyo kuyikora cyarangira bagakosorera hamwe ku kibaho, ibisubizo bikandikwa mu makaye yabo y'imyitoto.

Huza amagambo ari mu ruhushya rw'ibumoso n'igisobanuro kiri mu ruhushya rw'iburyo ukoresheje akambi.

Umurambo w'umwami	→ Abakaraza
Abavuza ingoma	→ Umugogo
Aho umwami aramirizwa	→ Kosa ingoma
Kubyuka k'umwami	→ Kwibambura
Gushyushya ingoma	→ Ijabiro
Impyisi ntivuga	→ Irahara
Ingwe ntivuga	→ Irahuma
Gushyira impu ku ngoma	→ Kuyisegura
Gufata ingoma	→ Kuyijisha
Intama ntivuga	→ Kuyirema
Kumanika ingoma	→ iratama

Umwandiko: Twigire muri Pariki y'Igihugu y'Akagera

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 180)

Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 182)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bahawe, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusobanura amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro ziboneye.

Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga kuri pariki zo mu Rwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu arereka abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegerezza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.

2. Gusoma

2.1. Gusoma bucece

Abanyeshuri barasoma bucece hanyuma basubize ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko basomye.

Ingero z'ibibazo n'ibisubizo

1. Uyu mwandiko uravuga ku ki?

Uyu mwandiko uravuga kuri Pariki y'Akagera.

2. Ugiye muri Pariki y'Akagera afata ikihe kerekezo?

Ugiye muri Pariki y'Akagera afata ikerekezo k'iburasibazuba, akanyura mu muhanda ugana i Kayonza na Kagitumba ku mupaka w'u Rwanda na Uganda.

3. Pariki y'Akagera ingana iki?

Pariki y'Akagera ifite ubuso bungana na kirometero kare 1200.

4. Inyamaswa zo muri iyi pariki zikura he amazi yo kunywa?

Inyamaswa zo muri iyi pariki zikura amazi yo kunywa mu biyaga biyirimo.

5. Inyamaswa zo muri iyi pariki zikundira iki twiga?

Icyo izindi nyamaswa zo muri Pariki y'Akagera zikundira twiga ni uko ziziburira iyo hari icyago kiri hafi, zaba zihunze n'izindi zikaboneraho zikiyanura.

2.2. Gusoma mu ijwi riranguruye.

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye: umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo, nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye.

Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, agenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.

2.3. Gusoma no gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye.

Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.

Urugero rw'ibyava mu matsinda

Icyanya: Ahantu harajwe hadahingwa hameze ibyatsi n'ishyamba hibera inyamaswa zinyuranye.

Rushimusi: Umuntu uhiga atabyemerewe yiba inyamaswa zibujijwe guhigwa.

Akanunga: Agasozi kagufi, gatumburutse buke.

Umurambi: Ahantu hegutse harehare kandi hashashe.

Gutoha: Gushisha (ishyamba ritoshye).

Gusatira: Kwegera cyane.

Rwabunga: Ikintu kinini cyane, izina rihabwa inzovu kubera ubunini bwayo bukabije.

Musumbashyamba: Izina rihabwa twiga kubera ijosি ryayo rirerire cyane utuma isumba ibiti byo mu ishyama irimo.

Rwarikamavubi: Izina rihabwa imbogo bitewe n'uko amavubi ayarika mu matwi. Iyo izuba rivuye akayidwinga izunguza umutwe, abantu bakayivugiraho ngo ihora ijunditse umujinya (irakaye) kubera ko izunguza umutwe yiyyama ayo mavubi.

Umwitozo w'inyunguramagambo

Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitozo y'inyunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.

Urugero rw'umwitozo n'igisubizo:

- Koresha aya magambo akurikira mu nteruro yawe bwite ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:**

- a) **Icyanya:** Muri Afurika hari ibyanya byinshi.
 - b) **Gutoha:** Ku mvura ubwatsi bwose buba butoshye.
 - c) **Utununga:** Intara y'Iburasirazuba irimo utununga twinshi si nko mu majyaruguru higanje imisozi miremire.
 - d) **Gusatira:** Ni ukureba uko twakwimuka dore inkangu iragenda idusatira.
 - e) **Rwabunga:** Uno muntu si munini gusa ahubwo ni rwabunga.
 - f) **Rwabwiga:** Ngiyo rwabwiga iratontomye!
 - g) **Rwarikamavubi:** Ntimuve mu modoka rwarikamavuki itabagera ihembe rimwe.
 - h) **Musumbashyamba:** Muri Pariki y'Akagera za musumbashyamba zirigenga nta ho zitagera.
2. **Garagaza itandukaniro riri hagati y'amagambo aciyeho akarongo nurangiza uyatondeke ukurikije uko ibyo asobanura bigenda bisumbana mu bunini.**
- a) Ibiyaga byo mu Kagera bituma inyamaswa zibona amazi yo kunywa.
Ikiyaga ni ikidendezi kinini cy'amazi adatembu yaretse ahantu hafukuye cyane.
 - b) Uruzi rw'Akagera rukomoka mu ishyamba rya Nyungwe.
Uruzi ni umugezi munini cyane wiroha mu nyanja.
 - c) Umugezi wa Nyabarongo uhura n'Akanyaru bigahinduka Akagera.
Umugezi ni amazi atemba ubudahagarara akagera ku nyanja.
 - d) Inyanja ya Mediterane imaze guhitana abimukira barenga ibihumbi icumi.
Inyanja ni amazi magari cyane atandukanya imigabane ibiri y'isi.
 - e) Imodoka zagabanyije umuvuduko ngo zidatera abagenzi ibiziba.
Ikiziba ni amazi y'imvura yaretse mu binogo.
 - f) Bino bitonyanga birakonje cyane.
Igitonyanga ni utuzi tw'akabumbe tuva hejuru tukagwa hasi.
Inyanja, ikiyaga, uruzi, umugezi, ikiziba, igitonyanga.
3. **Shaka mu mwandiko amagambo asobanura kimwe n'aya akurikira:**
- a) Icyanya/pariki;
 - b) Rwabwiga/intare;
 - c) Udusozi tugufi/utununga;
 - d) Rwara/ingwe;
 - e) Rwarikamavubi/imbogo;
 - f) Musumbashyamba/twiga;
 - g) Kwiruka uhunga/ gushyira bugeri;
 - i) Mahuma/impysi;
 - j) Rwabunga/inzovu;
 - k) Amadovize/ amafaranga y'amahanga;
 - l) Kurakara/kujundika umujinya;
 - m) Amafu/amahumbezi

Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 183)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga kuri pariki zo mu Gihugu, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. Isubiramo

Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.

2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.

Umunyeshuri umwumwe arasoma igika ku kindi mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iysts, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.

Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.

3. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo ku mwandiko

a) **Pariki y'Akagera iherereye he?**

Pariki y'Akagera iherereye mu burasirazuba bw'u Rwanda bushyira amajyaruguru.

b) **Yashinzwe ryari?**

Yashinzwe mu 1934.

c) **Yashinzwe na nde kandi kubera iki?**

Yashinzwe n'abakoloni kugira ngo inyamaswa zihibere zituje zidatinya kwicwa na ba rushimusi cyangwa abandi.

d) **Pariki bisobanura iki?**

Ahantu hadahingwa hameze ibyatsi n'ibiti, hari inyamaswa zinyuranye hagenerwa ibikorwa by'ubukerarugendo.

e) **Ni uwuhe mwihariko w'iyi pariki?**

Iyi pariki ni yo yonyine ushabora kubonamo icyarimwe imirambi n'utununga byamezeho ubwatsi n'ibiti bigufi, ibishanga, ibiyaga n'igice cy'ishyamba ritoshye.

f) **Ibimera biboneka muri iyi pariki ni ibihe?**

Ibimera harimo urufunzo, umukenke, imigenge, iminyinya n'iminyonza, imikoma, imyihia n'imikerenke n'ibindi.

g) **Ni izihe nyamaswa ziboneka muri iyi pariki?**

Inyamaswa ziboneka muri iyi pariki harimo iz'amajanja nk'intare, ingwe, urusamagwe, imbwebwe, imondo, isega, impyisi, umukara, inkobe, urutoni; izuza zirimo amashyo y'imbogo, amasasu, inyemera, inimba n'itamu, inkoronko, ingurube z'ishyamba, impara n'imparage, twiga, imvubu, inzovu; ibiguruka birimo imisambi, kagoma, inkona n'inkongoro, mukoma, inkware n'inkurakura, inyange n'ibigagari, iswikiri n'ishwima...

h) **Iyi pariki ifitiye Ighigu cy'u Rwanda akahe kamaro?**

Pariki, pariki y'Akagera izanira u Rwanda amafaranga y'amahanga arufasha kwiteza imbere aturuka mu bukerarugendo.

Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 183)

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko amaze gusoma no kuwumva, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gutahura ingingo z'ingenzi n'izingerekwa ziwigize.

Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga kuri pariki z'Ighigu, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. Isubiramo:

Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

2. Gusoma umwandiko

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.

Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

3. Gusesengura umwandiko

Mu matsinda barasubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko hanyuma bagende bahriza ku kibaho ibyo bagezeho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

1. Ni yihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?

Insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko ni “Pariki y'Igihugu y'Akagera.”

2. Ni izihe ngingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko?

a) Ingingo z'ingenzi

- Amakuru kuri Pariki y'Igihugu y'Akagera muri make;
- Inyamaswa ziri muri Pariki y'Igihugu y'Akagera;
- Ibimera biri muri Pariki y'Igihugu y'Akagera;
- Akamaro Pariki y'Igihugu y'Akagera ifitiye igihugu.

b) Ingingo z'ingereka

- Ikerekezo Pariki y'Igihugu y'Akagera iherereyemo;
- Inzira igana muri iyi pariki;
- Ubuso bw'iyi pariki;
- Ubwiza bw'inyamaswa zo mu Kagera;
- Buri bwoko bw'inyamaswa ziri mu Kagera;
- Buri bwoko bw'ibimera buri mu Kagera;
- Umwanzuro wa Leta wo kwimura abaturage ibigiza kure ya pariki.

Igice cya kane: Gutanga ibitekerezo ku byavuzwe mu mwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 183)

Intego zihariye:

Bahereye ku kibazo bahawe, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora kungurana ibitekerezo ku kamaro ka za pariki.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri n'ibindi bitabo byanditswe mu Kinyarwanda ku kamaro ka za pariki.

1. Isubiramo:

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku mwandiko bameruka gusoma.

Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka mu mwandiko bameruka gusoma.

2. Kungurana ibitekerezo

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda anyuranye maze akabasaba gusoma baranguruye ikibazo bari bwunguraneho ibitekerezo kugira ngo niba harimo abatabona bacyumve, anabasaba kucyandika ku kibaho kugira ngo n'abatumva bagisome.

Ikibazo:

Ko ubutaka bwo guhinga bugenda bugabanuka mubona byaba bikwiye ko ubuso bwa za pariki bugabanywa abantu bakabona ubutaka buhagije?

Umwarimu arasaba abanyeshuri kwishakamo umwe muri buri tsinda urandika umwanzuro. Igihe yabahaye iyo kirangiye umwarimu abasaba guhuriza hamwe ibyavuye mu matsinda anyuranye akabafasha kunonosora umwanzuro ukandikwa ku kibaho.

Urugero rw'umwanzuro:

- Ubutaka bwashakirwa ahandi kuko pariki zifitiye Ighihu akamaro kanini: ni intaho y'inyamaswa, zinjiza amadovize, zikurura imvura,...

Umwandiko: Dusobanukirwe n'ingagi zo muri Pariki y'Ibirunga

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 184)

Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 186)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bahawe, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusobanura amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro ziboneye.

Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga kuri pariki zo mu Rwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu arerekwa abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegerezza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko no hagati mu mwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezzo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.

2. Gusoma

2.1. Gusoma bucece

Abanyeshuri barasoma bucece hanyuma basubize ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko basomye.

Ingero z'ibibazo n'ibisubizo

1. Uyu mwandiko uravuga ku ki?

Uyu mwandiko uravuga kuri Pariki y'Ighihu y'Ibirunga no ku ngagi zibamo.

2. **Ibirunga bigaragara mu Rwanda ni ibihe?**
Ibirunga bigaragara mu Rwanda harimo Bisoke, Karisimbi, Gahinga, Sabyinyo, na Muhabura.
3. **Karisoke ni iki?**
Karisoke ni ikigo cy'ubushakashatsi ku ngagi cyashinzwe mu mwaka wa 1967 n'Umunyamerikakazi Dayana Fose (Diana Fossey), uzwi ku izina rya Nyiramacibiri, cyakoreraga hagati y'ibirunga bya Karisimbi na Bisoke, ari na ho izina Karisoke rikomoka.
4. **Umwaka wa 1985 utwibutsa iki mu mateka ya Pariki y'Igihugu y'Ibirunga?**
Mu mwaka wa 1985, nyuma y'igihe kinini yari amaze ahanganye n'abashimus b'ingagi, Dayana Fose (Diana Fossey) yiciwe mu rugo iwe, ahambwa muri Pariki y'Ibirunga hafi y'ikigo cy'ubushakashatsi yari yarashinze.
5. **Ni ryari ingagi zimuka aho zabaga?**
Ingagi zimuka aho zabaga iyo inkuru muri zo izitegetse kwimuka ibonye ko aho zabaga hatakiboneka ibyo zirya cyangwa se hatangiye kuboneka abahigi benshi.

2.2. Gusoma baranguruye

Umunyeshuri umwumwe arasoma igika ku kindi mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.

Nyuma umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.

2.3 Gusoma no gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye.

Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.

Urugero rw'ibava mu matsinda

1. **Ikantarange:** Kure, mu mahanga ya kure.
2. **Kuyobokwa:** Gukurikirwa kubera icyubahiro, kubahwa.
3. **Kureshya:** Gukurura umuntu cyangwa ikintu kubera ko wakunzwe, gushukashuka umuntu ngo umugire uwawe.
4. **Igitsure:** Indoro Ikanganye ituma utinywa kandi wubahwa.
5. **Kwenderanya:** Kwiyenza bikurura amahane.
6. **Kureba ikijisho:** Kureba nabi ugamije kubuza umuntu gukora nabi, kubuza ko ikibi gikorwa.
7. **Kwicuza:** Kubabazwa n'ibibi wakoze.

Umwitotozo w'inyunguramagambo

Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitotozo y'inyunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.

Urugero rw'imyitotozo n'ibisubizo:

1. Aya magambo uko ari abirabiri ataniye he?

- a) **Ikirunga/umusozi:** Ikirunga ni umusozi umeze nk'umutemeri wubitse ukozwe n'amakoro ushobora kuruka igihe icyo ari cyo cyose naho umusozi ukaba wafatwa n'ikirundo gitumburutse cy'itaka cyamezeho ibyatsi n'ibiti kidashobora kuruka uko byagenda kose.
- b) **Ubutaka/ibitaka:** Ubutaka ni nk'isambu umuntu yigengaho naho ibitaka ni ibyacukuwe mu cyobo ahantu runaka.
- c) **Agaciro/igiciro:** Agaciro ni icyubahiro uha umuntu cyangwa akamaro ikintu kigufitiye. Igiciro ni ikiguzi.
- d) **Ikigo/urugo:** Ikigo ni ahantu hakorerwa imirimo runaka iba yaremejwe n'itegeko. Urugo ni ahantu hatuve n'abantu, umuryango w'umugabo, umugore n'abana.
- e) **Umuhigi/umushimusi:** Umuhigi ni umuntu utunzwe n'umwuga wo guhiga ariko akabikora ku buryo bwemewe. Umushimusi ni umuntu uhiga atabifitiye uburenganzira akenshi akabikora yihishe kandi arenze ku mategeko.
- f) **Ubwoko/amoko:** Ubwoko ni umwihariko w'ikintu mu miterere yacyo. Amoko ni ibice bitandukanye by'abantu biterwa n'uko bavutse.
- g) **Ibirori/ikirori:** Ibirori ni ibikino, iminsi mikuru abantu bahruramo bakidagadura. Ikirori ni ikintu kiza abantu bahrurira kureba.
- h) **Amadovize/amafaranga:** Amadovize ni amafaranga y'amanyamahanga arusha andi agaciro yumvikanwaho agakoreshwa hagati y'ibihugu. Amafaranga ni impapuro cyangwa ibiceri bihabwa agaciro mu mibare abantu bakabyitabaza bagura ibyo bakeneye imbere mu gihugu.
- i) **Ingabo/umugabo:** Ingabo ishobora kuba intwaro umuntu akoresha yikingira cyangwa umutwe w'abarwanyi. Umugabo ni umuntu w'igitsina gabu cyangwa ikinyuranyo k'imbwa.
- j) **Ingore/umugore:** Ingore bikoreshwa ku nyamaswa y'igitsina gore naho umugore bigakoreshwa ku muntu w'igitsina gore.
- k) **Uburebure/ubutumburuke:** Uburebure ni ikinyuranyo cy'ubugufi naho ubutumburuke ni ubugejuru.

2. Iyo bavuze aya magambo wumva iki?

- a) **Urusobe rw'ibinyabuzima:** Ibiremwa binyuranye bifite ubuzima bibana hamwe bitabangamiranye
- b) **Inyamabere:** Inyamaswa zonsa

- c) **Ibikururanda:** Ibikoko bikuruza inda hasi nk'uburyo bwabyo bwo kugenda kuko bitagira amaguru
 - d) **Udukoko:** Udusimba tutagira amagufa
 - e) **Imitubu:** Ibikeri byo mu mazi
 - f) **Ibimera:** Ijambo rikomatanyije ibiti n'ibyatsi
 - g) **Ibiguruka:** Ubwoko by'inyamaswa zifite amababa
 - h) **Ingugunnyi:** Inyamaswa zirisha cyane amenyo y'imbere, zikaguguna ibyo zirya akenshi biba bikomeye
3. **Muri uru rutonde rw'amagambo, kuramo ayo wuzurisha imbonerahamwe ikurikiyeho:**

Ingagi, isandi, umusambi, inzovu, umukenke,
 umunyinya, impongo, twiga, imbeba, urumende,
 urukwavu, umuntu, inturusu, umwumbati, ishaka,
 uruyuki, inda, igiheri, impyisi, inkima, ikirunga umusozi,
 ikigagari, umuko, uruziramire, umubu, urutozi, urucaca,
 pasipalumu, inshira, ibiyaga

Ibinyabuzima	Ibimera	Ibikururanda	Udukoko	Ibiguruka	Ingugunnyi	imitubu
Ingagi, isandi, umusambi, inzovu, umukenke, umunyinya, impongo, twiga, imbeba, urumende, urukwavu, umuntu, inturusu, umwumbati, ishaka, uruyuki, inda, igiheri, impyisi, inkima, ikirunga umusozi, ikigagari, umuko, uruziramire, umubu, urutozi, urucaca, pasipalumu, inshira	umukenke, umunyinya, inturusu, umwumbati, ishaka, umuko, urucaca, pasipalumu	uruziramire, inshira	uruyuki, inda, igiheri, umubu, urutozi	isandi, umusambi, ikigagari,	imbeba, urumende, urukwavu,	-

Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 187)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga kuri pariki z'Ighugu, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. Isubiramo

*Umwarimu asaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma
Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.*

2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika ku kindi mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho atasomye uko bikwiye.
Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

3. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahrize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

a) **Pariki y'Ibirunga iherereye he?**

Pariki y'Ibirunga iherereye mu majyaruguru y'u Rwanda.

b) **Ifite uwuhe mwhariko ku isi no muri Afurika?**

Ni yo Pariki Nkuru y'Ighugu yashinzwe bwa mbere muri Afurika ikaba ari na yo yonyine isigaranye ingagi zo mu misozi.

c) **Vuga amateka yayo mu mirongo itarenze itanu.**

Pariki y'Ighugu y'Ibirunga yemejwe bwa mbere mu 1925 ari agace kari hagati ya Kalisimbi, Mikeno na Bisoke. Mu 1929 iyi pariki yongerewe ubutaka ifata ubwa Kongo n'ubw'u Rwanda. Nyuma y'ubwigenge, buri gihugu kegukanye agace kacyo gicunga.

d) **Nyiramacibiri ni muntu ki?**

Nyiramacibiri ni Umunyamerikakazi witangiye ingagi zo muri Pariki y'Ibirunga, azirinda ba rushimusi kugera aho bamwivuganiye mu 1985 kubera kurwana ku ngagi ngo batazitsema. Ni we wahesheje agaciro ingagi zo mu Rwanda, asaba ko zitabwaho ku rwego mpuzamahanga.

e) **Ni ibihe binyabuzima biba muri iyi pariki?**

Harimo inyamaswa n'ibimera binyuranye.

f) **Ni iki kitwereka ko ingagi zifite gahunda mu mibereho yazo?**

Zaba mu gatsiko cyangwa mu muryango, ingagi zimenyamo inkuru n'intoya kandi intoya zikubaha inkuru. Ingagi y'ingabo iruta izindi mu myaka ni yo iba umukuru w'umuryango. Iyo ishaje cyane itagishobora kuyobora izindi, ingabo yindi isheshe akanguhe iyakira uwo murimo.

g) **Ni iyihe ngagi itegeka izindi?**

Ingabo iziruta mu myaka.

h) **Zisimburana ryari kuri uwo murimo wo gutegeka?**

Zisimburana iyo iyayoboraga imaze gusaza itagishoboye kuyobora izindi no kuzirwanaho.

i) **Umutware w'ingagi agenza ate kugira ngo yubahwe?**

Kugira ngo yubahwe ayobora neza atabara ingagi zaguye mu mutego, yongera umubare w'ingagi zigize agatsiko, areshya ingore mu tundi dutsiko, zikaba zakwiyyizira mu ke, agira igitsure gituma akiza nk'izirwanye cyangwa izenderanyije.

j) **Erekana ukuntu ingagi zijya kugira imico nk'iy'abantu.**

Ingagi zibabazwa n'urupfu rwa mugenzi wazo, zirwaza umurwayi zirinda kumusiga wenyine, zisokoza ubwoya, cyanecyane ingore zishaka kureshya abagabo, ziheka abana bazo mu mugongo, ziraseka iyo zishimye.

Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 188)

Intego yihariye:

Ahereye ku mwandiko amaze gusoma no kuwumva, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gutahura ingingo z'ingenzi n'iz'ingerekwa zigize umwandiko.

Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga ku ngagi na Pariki y'Ibirunga, amashusho ajanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. Isubiramo:

*Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma
Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.*

2. Gusoma umwandiko

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.

Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

3. Gusesengura umwandiko

Mu matsinda barasubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko hanyuma bagende bahriza ku kibaho ibyo bagezecho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?

“Imibereho y'ingagi muri Pariki y'Ibirunga”

2. Ni izihe ngingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko?

Ingingo z'ingenzi

- Pariki y'Ibirunga muri make;
- Ubushakashatsi bwa Nyiramacibiri ku ngagi mu kigo cya Karisoke;
- Ingagi zirubahana ntizibaho mu kajagari;
- Icyubahiro cy'umutware w'ingagi;
- Imibereho ijya gusa n'iyanantu.

Ingingo z'ingereka

- Aho Pariki y'Ibirunga iherereye;
- Igihe yashingiwe;
- Uko yagabanyijwe ibihugu bibiri nyuma y'ubwigenge;
- Ibinyabuzima bitandukanye biyirimo;

3. Inshamake

Aha umwarimu areba niba inshamake umunyeshuri yakoze ikubiyemo ingingo z'ingenzi zavuzwe haruguru.

Umwandiko: Menya ubwiza bw'u Rwanda usura ahantu nyaburanga

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 188)

Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 192)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bahawe, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusobanura amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro ziboneye.

Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga ku hantu nyaburanga, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu arereka abanyeshuri amashusho ari mu mwandiko abasabe kuyitegerezza no kuvuga icyo bayatekerezaho hanyuma banatange ibitekerezzo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.

2. Gusoma

2.1. Gusoma bucece

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece, hanyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

Abanyeshuri barasoma bucece hanyuma basubize ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko basomye.

Ingero z'ibibazo n'ibisubizo

a) **Uyu mwandiko uravuga ku ki?**

Uyu mwandiko uravuga ku bwiza nyaburanga bw'Ighugu cyacu.

b) **Ni iki u Rwanda rwihariye ku bijyanye n'imibereho y'abaturage kitaba mu bindi bihugu?**

Ni ukuba abaturage bafite umuco umwe, ururimi rumwe n'imigenzo imwe.

c) **Ahantu hose havuzwe mu mwandiko ni iki hahuriyeho?**

Harahuzwa n'uko ari ahantu heza kandi hakaba hari ibintu hihariye bitaba ahandi.

2.2. Gusoma baranguruye

Umunyeshuri umwumwe arasoma igika ku kindi mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.

Nyuma umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.

2.3. Gusoma no gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye.

Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.

Amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko

Sobanura aya magambo ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko.

Guhogoza: Kuvugisha menshi.

Gukurura: Kwigiramo ubushobozi bwo gutuma abantu baza kukureba

Kumarayo: Kurangiza.

Kurambagiza: Gusura ukitegereza ugashima.

Kurabukwa: Kubona ikintu akanya gato.

Gukumbuza: Gutuma umuntu agira amatsiko.

Kuribagira: Kureba.

Kubangikana: Kuba iruhande rw'ikintu.

Gutamiriza: Kwambara nk'umutako.

Amasimbi: Ibicu byererana, ibintu byererana kandi bikonje cyane bihanuka mu kirere bimeze nk'ifu bikirunda mu mpinga z'imisozi miremire bikahaguma kubera ubukonje bwinshi.

Amashyuza: Amazi aturuka mu butaka abira kubera gushyuha cyane.

Ingeri: Ibyiciro, amatsinda.

Amavunane: Umunaniro ukabije utuma umuntu yumva yacitse intäge.

Rubagimpande: Indwara itera kubabara inkokora, amavi n'intoki, hakiyongeraho no kugagara ijosи cyanecyane mu gitondo cyangwa igihe umuntu amaze umwanya aruhuka.

Kwidumbaguza: Koga umubiri wose vivuruguta mu mugezi cyangwa mu kidendezi.

Gusomeza: Kunywa amazi kugira ngo umire ibiryo umaze guhekenya.

Kubara: Kuvuga ibyo wabonye cyangwa wumvise.

Akarwa: Agasozi gakikijwe n'amazi.

Kwitegera: Kuba imbere y'ikintu ukireba uko cyakabaye.

Akabyiniriro: Agahimbano.

Kurambagira: Kuzenguruka, .

Amahamba: Indirimbo abashumba baririmba bacyuye inka.

Amazina y'inka: Ibisingizo by'inka y'inyambo iruta izindi mu bwiza imaze kubyara.

Umutahira: Umutahira yari umunyacyubahiro baremeraga ubushyo bw'Inyambo akaburagira, akabukenura bukazarinda busaza. Umutahira yishyiriragaho abakozi bo kumufasha muri uwo murimo bitwaga abarenzamase. Bari bashinzwe kuragira (kwirirwa inyuma y'inka), bagakuka ibiraro, bagaca ibyarire.

Umuganura: Wari umuhango wo gusangira no kwishimira umusaruro mu gitaramo kiswe icy'umuganura. Wagiraga n'undi mumaro wo kuzirikana umwami nka Nyiruburumbuke bakamutura urutete rw'imyaka yeze. Usigaye ukorwa mu rwego rwo kwishimira umusaruro, Abanyarwanda bagahurira mu ngo z'abakungu bagasangira ibyo kurya bakanya n'inzoga.

Umwitotozo w'inyunguramagambo

Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya umwitotozo w'inyunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.

Urugero rw'umwitotozo n'igisubizo:

Koresha aya magambo akurikira mu nteruro wihibimiye ukurikije icyo asobanura mu mwandiko:

Guhogoza: Ubwiza bw'uriya mukobwa bwahogoje abasore.

Kurambagira: Kera iyo umwami yarambagiraga ighugu ke abaturage bose b'aho aciye bamuzaniraga amakoro.

Kuribagira: Mbega ubukubaganyi by'uju mwana! Ngaho namwe nimuribagire, mumbwire ko ibi bintu ari iby'i Rwanda!

Gutamiriza: Abanyarwandakazi baberwa no gutamiriza ingori mu bukwe bw'abana babo.

Amashyuza: Iyo uhingutse ku mashyuza yo mu Bugarama ukubitwa n'icyuka gishyushye ugahita ubira ibuya byinshi cyane.

Kwidumbaguza: Nta mwana ukura atidumbaguje mu bizenga.

Gusomeza: Hari abantu bakunda gusomeza amata ibijumba.

Kwitegera: Aho dutuye hitegeye nezaneza umusozi wa Jari.

Kurambagiza: Nta musore ukirongora umukobwa atabanje kwirambagiriza.

Umuganura: Umunsi mukuru w'umuganura uba ku wa gatanu wa mbere w'ukwezi kwa Kanama.

Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 193)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yabo bwite mu gihe cyagenwe

Imfashanyigisho: Umwandiko uvuga ku hantu nyaburanga mu Gihugu.

1. Isubiramo:

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

2. Gusoma umwandiko

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.

Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

3. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko


Mu matsinda barasubiza ibibazo byabajije ku mwandiko hanyuma bagende bahriza ku kibaho ibyo bagezeho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.

Urugero rw'ibibazo byo kumva umwandiko

- a) **Ahantu nyaburanga twabonye hagaragara iki kihariye?**
 - Buri hantu nyaburanga twabonye hagaragara ibintu bibereye ijisho.
- b) **Pariki n'ahantu nyaburanga bitaniye he?**

Pariki ni ahantu hakomwa, hakaba ibimera hagashyirwa inyamaswa mu rwego rwo kuzirinda guhohoterwa n'abantu banyuranye, zikaba nk'izishinganye. Ahantu nyaburanga ni ahantu hose, harimo n'amapariki, hagaragara ibintu bibereye ijisho.
- c) **Pariki n'ahantu nyaburanga bimariye iki igihugu cyacu?**

Pariki n'ahantu nyaburanga hakorerwa ibikorwa by'ubukerarugendo ku buryo hinjiriza igihugu amadovize atuma gishyira mu bikorwa gahunda z'amajyambere kandi kigahahirana n'amahanga.
- d) Toranya muri aya mashusho akurikira afite aho akwibutsa wasome mu mwandiko.



1. Agace k'ishyamba kimeza rya Nyungwe
2. Ikiraro cyo mu bushorishori bw'ishyamba rya Nyungwe «**Canopy Walkway**»
3. Umurima w'icyayi kiri mu ibanga ry'umusozzi
4. Ishusho rya Yezu Nyirimpuhwe i Nyarushishi hakurya y' i Kibeho, ifite uburebure bwa metero esheshatu (6), igapima ibiro magana kenda na mirongo itanu (950 kg), ubusanzwe igaragara kuri buri mugabane w'isi, muri Afurika ikaba iri Nyarushishi muri Nyaruguru hafi y'i Kibeho.

5. Ingoro ya Bikira Mariya i Kibeho aho yabobenekeye abakobwa batatu Mumureke Alphonsine, Mukamazimpaka Natalie na Mukangango Marie Claire kuva mu 1981. Hakoranira imbaga nini y'abantu baba baturutse imihanda yose ku wa 15 Kanama buri mwaka.
6. Ingoro y'umwami Mutara III Rudahigwa iri mu Rukari
7. Ibiyaga by'impanga Burera na Ruhondo munsi y'ikirunga cya Muhabura
8. Ibere rya bigogwe
9. Ikiyaga cya Muhazi ku manywa
10. Ikiyaga cya Muhazi ku mugoroba
11. Umukenke n'ibiyaga muri Pariki y'Igihugu y'Akagera

Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 194)

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko amaze gusoma no kuwusobanukirwa, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gutahura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigize umwandiko.

Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga ku bwiza nyaburanga bw'igihugu cyacu, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. Isubiramo:

*Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku isomo riheruka.
Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.*

2. Gusoma umwandiko

*Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma umwandiko mu matsinda.
Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.
Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.*

3. Gusesengura umwandiko

Mu matsinda barasubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko hanyuma bagende bahuriza ku kibaho ibyo bagezehe bafatanya n'umwarimu kubinonosora.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

1. **Ni iyithe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?**
«Ahantu nyaburanga mu Gihugu cyacu».

2. Ni izihe ngingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko?

a) **Ingingo z'ingenzi**

- U Rwanda nk'Ighugu gitatse ibyiza byinshi;
- Ibyiza binyuranye bitatse u Rwanda
- Ibyiza mu majyaruguru y'Iguhugu cyacu;
- Ibyiza mu burengerazuba bw'u Rwanda;
- Ibyiza mu magepfo y'u Rwanda.

b) **Ingingo z'ingereka**

- Umuco umwe, ururimi rumwe n'imigenzo imwe ku Banyarwanda;
- Amasimbi ku kirunga cya Karisimbi;
- Amashyuza ni amazi ava mu butaka ashushye ahisha ibiribwa binazwemo;
- Utasuye akarwa k'amahoro ntiwagira amahoro;
- Ikiyaga cya Kivu kiza ku mwanya wa gatandatu mu bunini muri Afurika;
- Inama ya 27 y'Abakuru b'ibihugu bigize Umuryango w'Ubumwe bwa Afurika yabereye mu Rwanda kuva ku itariki ya 10 kugeza ku ya 18 Nyakanga 2016...

Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 194)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko uvuga ku hantu nyaburanga n'ubwiza bwaho mu Gihugu, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora kungurana ibitekerezo bagaragaza uburyo Abanyarwanda barushaho gusobanukirwa n'ubukerarugendo no kwakira neza ba mukerarugendo.

Imfashanyigisho: Umwandiko uvuga ku bwiza nyaburanga bw'ighugu cyacu, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iymvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. Isubiramo:

*Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku isomo riheruka.
Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.*

2. Gusoma umwandiko

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma umwandiko mu matsinda.

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.

Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

3. Kungurana ibitekerezo

Mu matsinda barungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko yatanzwe hanyuma bagende bahuriza ku kibaho ibyo bagezeho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.

Utekereza iki kuri iyi nteruro: «Ubwiza bw'ahantu cyangwa bw'ikintu buba mu jisho ry'uhareba cyangwa ukureba.» Tanga ingero zumvikanisha neza igitekerezo cyawe.

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda. Buri tsinda rikishyiriraho uriyobora n'uwandika ibivugirwamo. Buri munyeshuri uhawe ijambo asabwa kuvuga niba ibivugwa abyemera cyangwa niba atabyemera, akavuga n'impamu zibimutera. Bagenzi be mu itsinda bagira icyo babivugaho, baba bamwuzuza cyangwa bavuga ibitandukanye n'ibye. Iyo buri wese mu itsinda amaze kuvuga, uriyoboye asaba umwanditsi gusoma ibyo yanditse bakabyunguranaho ibitekerezo mbere y'uko bahuriza hamwe n'andi matsinda. Umwarimu yuzuza ibyo abanyeshuri bavuze.

Urugero rw'ibitekerezo byava mu matsinda:

Abanyeshuri bashobora gusanga ibivugwa ari byo, bagashingira ku mpamu zumvikana:

Ijisho ni ryo rishima, ni ryo rinenga cyangwa rikagaya kuko ari ryo rireba. Uko Imana itaturemye kimwe ni na ko yaduhaye uburyo butandukanye bwo kunyurwa no kutanyurwa n'ibantu. Ikintu gishobora kubera umuntu kiza undi yakireba agasanga ari kibi. Usibye n'ibyo, abantu ntibanyurwa n'ibantu bimwe. Ikintu gishobora kugushimisha nge kikaba nta cyo kimbwiye, cyangwa nakireba nkakwibazaho kuko gushimishwa na cyo biba ari ibantu bitumvikana kuri ge. Amabara amwe n'amwe ashimisha abantu bamwe ariko abandi bakayanga. Nk'umugabo wambaye ipantaro y'umutuku n'ishati y'umuhondo kuri ge aba yambaye nabi, nyamara we ubyambaye abona ari byiza. Abagabo benshi bashobora kureba umugore bagasanga ari mubi bakibaza ukuntu umugabo we yamuhisemo ntibabyumve ariko kandi ugasanga we n'umugabo we babanye neza bishimye. Ujyana n'umuntu muri filimi akakumaza ibipfunsi akumvisha ukuntu ari nziza nyamara wowe wumva wakwisohokera bitewe n'uko usanga nta kigenda. Hari abantu usanga bakunda gutembera bagiye ngo kureba abantu runaka, hakaba n'abandi wumva barahira ko batata igihe cyabo ngo bagiye kwitegerezza imisozi. Usanga ahubwo aba ba nyuma bafata aba mbere nk'inkorabusa, batangazwa n'ukuntu umuntu yawkwirirwa mu bigunda afuragurika ngo akurikiranyemo ubwiza!....

Umwandiko: Kwita ingagi amazina bisiga akayabo k'amafaranga
(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 194)

Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko
(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 197)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko basomye, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro ziboneye.

Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga ku bwiza nyaburanga bw'Ighugu cyacu, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iymvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu arerekwa abanyeshuri amashusho ari mu mwandiko abasabe kuyitegereza no kuvuga icyo bayatekerezaho hanyuma batange ibisubizo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.

2. Gusoma

2.1. Gusoma bucece

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece, hanyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

Abanyeshuri barasoma bucece hanyuma basubize ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko basomye.

1. Kwita izina ingagi ni iki?

Ni umuhango ukorwa ku rwego rw'Ighugu, aho abantu baturutse ku isi yose barimo cyane cyane ba mukerarugendo n'abandi batumirwa baha ingagi ziba zavutse muri uwo mwaka amazina.

2. Bikorerwa he?

Bikorewa mu Kinigi mu Karere ka Musanze.

3. Bifite akahe kamaro ku Gihugu?

Bizanira Ighugu amafanga menshi y'amadovize aturuka ku banyamahanga baba bitabiriye uwo muhango.

2.2. Gusoma mu ijwi riranguruye

Umunyeshuri umwumwe arasoma igika ku kindi mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.

Nyuma umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.

2.3. Gusoma no gusobanura amagambo akomeye

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye.

Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.

Urugero rw'ibyava mu matsinda

Koresha mu nteruro zawe bwite amagambo akurikira:

1. **Gukesha amaramuko:** Ibyo ncuruza mu isoko ni byo nkesha amaramuko yange.
2. **Kudindira:** Ubucuruzi bwe bwaradindiye kubera kubura abaguzi.
3. **Ubukangurambaga:** Ni ngombwa gukora ubukangurambaga kugira ngo abantu bitabire guhashya ibiyobyabwenge.
4. **Ubutitsa:** Kubera kwiga ubutitsa ni we wabaye uwa mbere mu ishuri.
5. **Inzitizi:** Yagize inzitizi ntiyashobora kwitabira inama.
6. **Kugenda nka nyomberi:** Ubujura bwe bwatumye agenda nka nyomberi ntiyagaruka mu mudugudu yari atuyemo.

Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 197)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yabo bwite mu gihe cyagenwe.

Imfashanyigisho: Umwandiko uvuga ku kwita izina ibyana by'ingagi.

1. Isubiramo:

*Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma
Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.*

2. Gusoma umwandiko

*Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.
Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi
bubahiriza utwatuzo n'iyyitsa.*

3. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

*Mu matsinda baasubiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko hanyuma bagende
bahuriza ku kibaho ibyo bagezeho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.*

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

Hitamo igisubizo kiri cyo muri bitatu byatanzwe kuri buri numero.

1. Umunsi wo kwita izina ibyana by'ingagi uba ugamije:
 - a) Guhuza abaturiye Pariki y'Ibirunga mu birori bakshima bakarya bakanywa
 - b) **Guteza imbere ubukerarugendo no kwinjiriza igihungu amadovize atuma giteza imbere ibikorwa remezo bitandukanye**
 - c) Kurwanya ba rushimusi bangiza Pariki y'Ibirunga
2. Ubukerarugendo bufitiye inyungu:
 - a) Leta yonyine yo yakira amadovize.
 - b) Abaturiye amapariki bo binjiza amafaranga bakura ku bazungu.
 - c) **Abanyarwanda bose kuko amadovize yinjijwe akoreshwa mu gutunganya ibikorwa remezo bidufitiye akamaro twese.**
3. Igituma ba mukerarugendo bakunda u Rwanda ni uko:
 - a) Ruateye imbere mu bukungu.
 - b) Abaturage bavuga ururimi rumwe.
 - c) **Hari umutekano usesuye kandi banakirwa neza.**

4. Ubukerarugendo bufitiye akamaro kanini ubukungu bw'u Rwanda kuko:
 - a) Bugaragaza isura nziza yarwo.
 - b) Burata ubukungu bwarwo.
 - c) **Bwinjiza amadevize menshi.**
5. Kugira ngo ubukerarugendo burusheho guteza imbere ubukungu bw'u Rwanda:
 - a) Abanyarwanda bose bagomba kububonamo akazi.
 - b) **Hagomba gukoramo abantu babihugukiwe kandi babyigiye.**
 - c) Hagomba kongerwa ibiciro ku basura amapariki.
6. Umukerarugendo ni:
 - a) Gusa umunyamahanga uvuye kure uzerera areba imisozi n'amashyamba.
 - b) Umuntu wese wirirwa azerera bwakwira akarara ku gasozi cyangwa mu ihoteri.
 - c) **Umunyamahanga cyangwa umwenegihugu utanga amafaranga kugira ngo asure ibyiza nyaburanga biri mu gihugu mu rwego rwo kwirangaza no kwinezeza.**
7. Abaturage bahugurirwa ubukerarugendo kugira ngo:
 - a) Bage bitondera abazungu batembera igihugu batabaha amafaranga ava mu iterabwoba.
 - b) Basabe amadovize abanyamahanga barebye ibintu byabo.
 - c) **Bamenye uko bakira neza ba mukerarugendo n'uko bacagura mu mico babazanira bagafata itabatesha agaciro.**
8. Ibiciro by'ubukerarugendo biba bito ku benegihugu:
 - a) Kuko nta mafaranga bagira.
 - b) Kuko baba bareba ibintu by'iwabo.
 - c) **Kugira ngo barusheho kubwitabira.**
9. Mu birori byo kwita izina ingagi:
 - a) Nta ba mukerarugengo baba barimo.
 - b) Nta mafaranga baca kuko aba ari umunsi mukuru.
 - c) **Hinjizwa amafaranga n'andi y'ubusa.**
10. U Rwanda, Uganda na Kenya byashyizeho viza imwe:
 - a) Kuko biri mu Muryango w'Ubukungu w'Ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba.
 - b) **Kugira ngo byongere ibyinjizwa n'ubukerarugendo bityo n'ababonamo akazi biyongere ku buryo bugaragara.**
 - c) Kuko bifite umugambi wo guhinduka igihugu kimwe.
11. Kwita izina byitabirwa:
 - a) N'abanyamusenze gusa.
 - b) Na ba mukerarugendo bonyine kuko ari bo biba byateguriwe.
 - c) **N'abantu bavuye hirya no hino.**

Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 199)

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko amaze gusoma no kuwumva, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gutahura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.

Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga ku bukerarugendo, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. Isubiramo:

*Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku isomo riheruka.
Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.*

2. Gusoma umwandiko

*Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko mu matsinda.
Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.
Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.*

3. Gusesengura umwandiko

Mu matsinda baratahura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko hanyuma bagende bahrizika ku kibaho ibyo bagezeho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.

Urugero rw'ikibazo n'igisubizo

Ni izihe ngingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko?

Ingingo z'ingenzi ni izi:

- Aho umunsi wo kwita izina ibyana by'ingagi ubera.
- Abitabira umunsi wo kwita izina ibyana by'ingagi.
- Inyungu ku baturiye aho uwo munsi ubera.
- Akamaro k'ubukerarugendo bwo muri Pariki y'Ibirunga.
- Akamaro k'ubukerarugendo muri rusange.

Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 199)

Intego zihariye:

Baheye ku mwandiko bamaze gusoma, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora kungurana ibitekerezo mu bwubahane ku nsangamatsiko ijyanye n'umwandiko.

Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga ku bukerarugendo n'akamaro kabwo, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. Isubiramo:

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku isomo riheruka.

Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

2. Gusoma umwandiko

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma umwandiko mu matsinda.

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.

Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

3. Kungurana ibitekerezo

Mu matsinda baratanga ibitekerekerezo ku nsanganyamatsiko yatanzwe hanyuma bagende bahriza ku kibaho ibyo bagezecho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.

Insanganyamatsiko:

Usanga hakorwa iki kugira ngo Abanyarwanda barusheho kwakira neza ba mukerarugendo kandi banasobanukirwe n'akamaro k'ubukerarugendo ku gihugu cyacu?

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda. Buri tsinda rikishyiriraho uriyobora n'uwendika ibivugirwamo. Buri munyeshuri uhawe ijambo asabwa kuvuga niba ibivugwa abyemera cyangwa niba atabyemera, akavuga n'impamvu zibimitera. Bagenzi be mu itsinda bagira icyo babivugaho, baba bamwuzuza cyangwa bavuga ibitandukanye n'ibye. Iyo buri wese mu itsinda amaze kuvuga, uriyoboye asaba umwanditsi gusoma ibyo yanditse bakabyunguranaho ibitekerezo mbere y'uko bahriza hamwe n'andi matsinda. Umwarimu yuzuza ibyo abanyeshuri bavuze.


Urugero rw'umwanzuro

Ni ngombwa ko abayobozi babikorera ubukangurambaga kandi bakagaragariza abaturage inyungu iva mu bukerarugendo n'uburyo ikoreshwa mu bikorwa by'amajyambere.

4. Umwitozo w'ubumenyi ngiro

Shushanya ikarita y'u Rwanda ushyiremo ahantu nyaburanga hatanu mu ho wavumbuye mu myandiko wize.

Umwarimu asobanurira abanyeshuri umwitozo bagiye gukora. Buri munyeshuri agahabwa ibikoresho n'umwanya agashushanya ikarita y'u Rwanda agashyiramo ahantu nyaburanga hanyuranye yageze akurikije ikerekezo haherereyemo. Niba ahantu cyangwa ikintu runaka kiri mu majyaruguru, mu burasirazuba, mu magepfo no mu burengerazuba cyangwa mu Mujiyi wa Kigali akaba ari ho abishyira. Biramusaba rero kuba azi amerekezo y'Igihugu cyacu.



Igice cya gatandatu: Ubwoko bw'amagambo adahinduka: Icyungo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 199)

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko cyangwa interuro ziganjemo ibyungo, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gutahura ibyungo mu nteruro zitandukanye no kubikoresha neza mu mvugo no mu nyandiko

Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga ku bwiza nyaburanga bw'Igihugu cyacu, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. Isubiramo:

Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

2. Gusoma umwandiko

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.

Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

Abanyeshuri barasoma aka gace k'umwandiko maze bavuge imiterere n'umumaro by'amagambo yanditse atsindagiye:

Nubwo amagambo yavugwaga bwose, **nubwo** amatorero anyuranye yakomeje kwiyereka **ndetse** n'intore zigahamiriza, nakomeje gutekereza **no** kwibaza kuri izo ngagi **n'ibyo** zakoraga nsanga bitangaje. **Niko** kwibwiriza negera umwarimu wigisha ku kigo cyacu **ngo** ansobanurire ibyo nakomezaga kubona. Namubajije ukuntu utwo twana tw'ingagi turi bumenyе kwisubiza mu rugo **kandi** tutazanye **na** za nyina. Na we ntiyantengushye yampaye igisubizo gisobanutse **ko** izo nitaga ingagi zitari zo **ahubwo** bari abana b'abantu bambaye **nk'igagi**. Bakaba bari bahagarariye ingagi nyirizina **kuko** zo zitashoboye kuza mu birori.

Ibibazo n'ibisubizo:

1. Amagambo yanditse atsindagiye afite uwuhe mumaro mu nteruro? Wayita iki?

Arunga andi magambo, interuro cyangwa ibice byazo. Wayita ibyungo.

2. Shaka andi magambo akoreshwa kimwe n'aya ku buryo yajya mu bwoko bumwe.

Nubwo, nyamara, kandi, keretse...

Inshoza y'icyungo

Icyungo ni ijambo ritagoragozwa rihuza amagambo abiri afitanye isano: izina n'irindi zina, ntera n'indi, inshinga n'indi nshinga, ikinyazina n'ikindi kinyazina... Ibyungo birimo amoko abiri.

1. Ubwoko bwa mbere ni ubw'ibyungo biva mu nteruro igahindura igitekerezo cyangwa ikagitakaza.

Gereranya izi nteruro ebyirebyiri:

- a) Aririmba **nk'**ufite agahinda. (Ufite agahinda na we baririmba kimwe.)
- b) Aririmba ufite agahinda. (Ufite agahinda ni we aririmba. Hagati y'izi nteruro nta gereranya riba rikrimo iyo icyungo **nka** kivuyemo.)
- c) N'nyange zirapfa **nkanswe** ibiyone! (Nyange zapfuye n'ibiyoni ntibyasigara.)
- d) N'nyange zirapfa ibiyoni. (Nyange zirarwana kubera ibiyone.)
- e) Yandakariye **boshye** mbifitemo uruhare. (Nta ruhare mbifitemo ariko ntibyamubujije kundakarira.)
- f) Yandakariye mbifitemo uruhare. (Afite impamu zo kundakarira kuko mbifitemo uruhare.)

Nidushaka igisobanuro cy'izi nteruro turasanga iyo havuyemo icyungo interuro isobanura ibindi bidafite aho bihurira n'igisobanuro kizanwa n'icyungo.

2. Ubwoko bwa kabiri ni ubw'ibyungo biva mu nteruro ntihindure igitekerezo. Gereranya izi nteruruo zikurikira ebyirebyiri zikurikirana.

- a) Urahinga **kandi** ushonje?
- b) Urahinga ushonje?
- c) Yandebye **maze** araseka.
- d) Yandebye araseka.
- e) Arabwirwa **ariko** ntiumva.
- f) Arabwirwa ntiumva.

Izi nteruro uko zikurikirana, ebyirebyiri zisobanura kimwe zaba zrimo icyungo (kandi, maze, ariko) cyangwa kitarimo.

Amatsinda y'ibyungo hakurikijwe igisobanuro cyabyo

1. Icyungo na kifashishwa mu kunga cyangwa guhekeranya no kwifashisha.

Ingero:

Karisa **na** Murisa ni impanga.

Intare **n'**ingwe ni inyamaswa z'inkazi.

Agenda **n'**igare iyo agiye ku kazi.

Ikitonderwa: Icyungo **na** kigira impindurantego **no** ikoreshwa imbere y'imbundo, y'indangahantu n'imbere y'umugereka w'ahantu.

– Kuzamuka **no** kumanuka birabusanye.

- Yambujije ibwami **no ku** karubanda.
 - Aracisha hepfo **no** haruguru!
2. **Ibyungo byifashishwa mu kugereranya:** nka na uboshye
 - Agenda **nk’uwenda** kugwa.
 - Yikorera **nka** ruvakwaya.
 - Arakorora **uboshye** impongo!
 3. **Ibyungo cyuzuza:** ko, ngo
 - Ndashaka **ko** muva hano.
 - Aravuze **ngo** mukore mutikoresheje.
 4. **Ibyungo byifashishwa mu guhitamo:** cyangwa, keretse
 - Birye **cyangwa** ubireke nta byo wahnze.
 - Sinumva **keretse** uvuze cyane.
 5. **Ibyungo byifashishwa mu kubangikanya cyangwa mu kubusanya:** uretse ko, nyamara, nkanswe
 - Ndamukunda **uretse ko** atabizi.
 - Urangaya **nyamara** ntundusha guhinga neza.
 - Nange byantsinze maze iminsi niga **nkanswe** uriya udaheruka kureba mu ikaye!
 6. **Ibyungo byifashishwa mu kongeraho:** kandi, ndetse
 - Ariga **kandi** agakora mu ihoteri.
 - Ndamwirukana **ndetse** noye kumuhemba.
 7. **Icyungo kiziganya:** iyo
 - Iyo mbimenya simba naje.
 8. **Ibyungo byifashishwa mu kuvuga impamvu cyangwa inkurikizi:** kuko, kugira ngo, none
 - Yibye **none** bamufunze.
 - Ruhuka **kuko** wakoze.
 - Ndaje **kugira ngo** dufatanye.
 9. **Icyungo kifashishwa mu kwivuguruza:** nako
 - Mpereza, **nako** mperekeza ndagiye.

Umwitoto

Nyuma y’isomo umwarimu aha abanyeshuri imyitoto kugira ngo asuzume ko intego z’isomo zagezweho. Abaha igihe cyo kuyikora cyarangira bagakosorera hamwe ku kibaho, ibisubizo bikandikwa mu makaye yabo y’imyitoto.

Simbuza utudomo dutatu icyungo gikwiye ukuye muri ibi bikurikira: na, no, nko, nka, nkanswe, keretse, cyangwa, kuko, nako, none, kugira ngo, ndetse, kandi:

1. Kamana **na** Safari baravukana.
2. N’inyange zirapfa **nkanswe** ibiyione!

3. Ntira **nako** ntiza igare nyarukire ku maduka.
4. Yanze kuza **kandi** namutumiye.
5. Aragenda **na none** ku rukuta akubitaho agahanga!
6. Namuzanye **kugira ngo** umubaze icyamuteye kwivumbura.
7. Nta kica **nk'irungu**.
8. Yaside akinze **none** urufungozo ararubuze.
9. Nta cyo nakora **keretse** ubanje kunsobanurira.
10. Ntiwandenganya **kuko** waje utanteguje.
11. Genda **cyangwa** urorere.
12. Erega hano mwahahinduye **nko** mu kabari!
13. Nibishoboka ndaza kugusura **kandi** nkuzanire n'umwuzukuru wawe.

6.7. Umwandiko: Nagiye mu muhango wo kwita izina abana b'ingagi

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 203)

Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 207)

Intego zihariye:

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashoboa gusobanura amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko.

Imfashanyigisho: Umwandiko “Nagiye mu muhango wo kwita izina abana b'ingagi” amashusho ajyanye n’umwandiko, imfashanyigisho z’iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. Ivumburamatsiko

Umwarimu arereka abanyeshuri amashusho ari mu mwandiko abasabe kuyitegerezera no kuvuga icyo bayatekerezaho hanyuma banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.

2. Gusoma

2.1. Gusoma bucece

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece, hanyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

Abanyeshuri barasoma bucece hanyuma basubize ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko basomye.

Ibibazo n’ibisubizo bishoboka:

1. Ni nde uvuga muri uyu mwandiko?

Uvuga ni umunyeshuri wiga mu mashuri abanza.

2. **Aravuga ko yagiye he?**

Yagiye mu muhango wo kwita izina ingagi

3. **Uwo muhango wabaye ryari?**

Wabaye ku wa Kabiri tariki ya 1 Nyakanga 2014,

4. **Wabereye he?**

Wabereye mu Kinigi mu Karere ka Musanze

Umwarimu arasaba abanyeshuri kujya mu matsinda, bagasoma umwandiko bagerageza gushaka ibisobanuro by'amagambo akomeye.

a) **Amagambo akomeye n'ibisobanuro byayo**

1. **Twari twabukereye:** Twari twambaye neza ngo tubyizihize, twabyiteguye.
2. **Insanganyamatsiko:** Igitekerezo k'ingenzi abantu baganiraho.
3. **Uruvunganzoka:** Benshi cyane kandi begeranye cyane.
4. **Gususurutsa:** Gushyushya, kubuza abantu kwigunga.
5. **Gusesekara:** Kugera ahantu n'imbaraga.
6. **Kwiyamirira:** Kuvuza akaruru.
7. **Agahugu umuco akandi umuco:** Abantu bagenda bagira umwihariko wabo kandi bakumva ubabereye.
8. **Kwiyereka:** Kubyina, kwerekana ibikino uko wabiteguye.
9. **Gutenguha:** Kutitabira gukora icyo usabwe.

b) **Umwitoto w'inzunguramagambo**

Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitoto y'inzunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.

Urugero rw'umwitoto n'igisubizo:

Koresha aya magambo akurikira mu nteruro:

1. **Twabukereye:** Igihe umukuru w'Ighihu aza kudusura mu karere kacu twari twabukereye turamuririmbi karahava.
2. **Kwiyereka:** Intore zibanza kwiyereka mbere yo guhamiriza.

Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 207)

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iki gice, umunyeshuri arabu ashobora gusubiza ibibazo byabajijwe ku nkuru mu magambo ye bwite.

Imfashanyigisho: Umwandiko “Nagiye mu muhango wo kwita izina abana b’ingagi”, amashusho ajyanye n’umwandiko, imfashanyigisho z’iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. Isubiramo:

*Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku isomo riheruka.
Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.*

2. Gusoma umwandiko

*Umwarimu arasaba abanyeshuri kujya mu matsinda bagasoma umwandiko
bagerageza gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.*

*Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi
bubahiriza utwatuzo n’iyitsa.*

*Mu matsinda barasubiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko hanyuma bagende
bahuriza ku kibaho ibyo bagezeho bafatanya n’umwarimu kubinonosora.*

Ibibazo byo kumva umwandiko n’ibisubizo bishoboka

1. Ibirori bivugwa mu mwandiko bishingiye ku ki?

Bishingiye ku kwita ibyana by’ingagi amazina.

2. Ibyo birori byabereye he kandi byitabirwa na ba nde?

Ibyo birori byabereye mu Kinigi byitabirwa n’abaturiye Pariki y’Ibirunga, abaturage b’Akarere ka Musanze, ba mukerarugendo n’abashyitsi bavuye hirya no hino mu gihugu.

3. Uyu muhango ko ukorwa buri mwaka uba ugamiye iki?

Uyu muhango uba ugamiye gukangurira abantu kubungabunga ubuzima bw’ingagi kugira ngo zitazacika kuko zisigaye hake ku isi, kandi muri aho hake n’iwacu harimo.

4. Sobanura muri make uko umuhango wo kwita izina ugenda.

Abana b’abantu bambikwa nk’ingagi, igihe cyo kubita amazina bakava mu mwanya

wabo bamara kubita izina bakagaruka mu mwanya wabo, bakagenda basimburana kuva ku wa mbere kugeza ku wa nyuma. Ari Abanyarwanda, ari n'abanyamahanga bita ingagi amazina.

5. Mu mazina yahawe ingagi haragaragaramo ibihe byifuzo?

Hari uko zakura kuko zije buri wese azifuza kandi yiteguye kuzibanira neza no kuzirengera, hari uko Abanyarwanda bakwiyubaka bakarushaho kwigira no gukunda igihugu cyabo...

6. Ni iki gishobora kuba cyaratumye ingagi z'ahandi zicika?

Ingagi z'ahandi zishobora kuba zaraciwe n'uko baziriye.

7. Kuki utubwira iyi nkuru yavuze aya magambo ngo “agahugu umuco akandi umuco”?

Yayavuze atangajwe no kumva muri Nijeriya barya ingagi kandi ari ikiremwa gisa n'umuntu. Byabaye nko kubanegura, kuko kuri we icyo gikorwa ntigikwiye gukorwa n'umuntu. Abanyarwanda ntibatinyuka kurya ingagi.

8. Ubara iyi nkuru ni muntu ki?

Ni umunyeshuri wo mu mwaka wa gatandatu.

9. Ikibazo yakomeje kwibaza ni ikihe? Yaje kugisubizwa ate?

Yari afite ikibazo cy'ukuntu ingagi zikora neza neza nk'abantu zikava mu mwanya wazo zikahagaruka zidahunze abantu bazikomera kandi ari ibisimba. Kugira ngo asobanukirwe yegereye umwarimu wigishaga ku kigo yigaho amubaza icyo kibazo na we amubwiza ukuri ko atari ingagi yabonye ahubwo ari abana b'abantu biyambitse uruhu rw'ingagi bagakina uwo mukino wo kwitwa izina.

10. Ubutumire aduha asoza inkuru ye ni ubuhe?

Aradutumira mu muhango y'ubutaha yo kwita ingagi kuko ari ibirori bishimishije.

Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 208)

Intego zihariye:

Ahereye ku nkuru yasomye, nyuma y'iki gice umunyeshuri arabा ashobora gusesengura inkuru no kugaragaza ibiyiranga.

Imfashanyigisho: Umwandiko “Nagiye mu muhango wo kwita izina abana b'ingagi”, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. Isubiramo:

*Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku isomo riheruka.
Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.*

2. Gusoma umwandiko

Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyyitsa.

Mu matsinda barasubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko hanyuma bagende bahriza ku kibaho ibyo bagezeho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.

1. Erekana ibice by'ingenzi bigize uyu mwandiko, uvuge aho buri gice gitangirira n'aho kirangirira.

Ibice by'ingenzi bigize uyu mwandiko:

a) **Intangiriro:**

Ihwanye n'interuro igize igika cya mbere.

b) **Igihimba:**

Gitangirira ku gika cya kabiri kikarangirira ku gika kibanziriza icya nyuma.

c) **Umwanzuro:**

Uhuye n'interuro imwe igize igika cya nyuma

2. Uyu mwandiko wawita iki ukurikije uko utangira, ibivugwamo n'uko urangira?

Uyu mwandiko ni inkuru ivuga ibintu byabayeho.

3. Ni ibiki waheraho uvuga ko uyu mwandiko ari inkuru? Kubara inkuru ni iki? Ibiranga inkuru:

Inkuru irangwa n'ibi bikurikira:

1. *Ubara inkuru.*
2. *Igihe n'aho ibintu byabereye.*
3. *Uko ibyabaye byatangiye.*
4. *Uko ibyabaye byagenze.*
5. *Abagize uruhare mu byabaye.*
6. *Uko byarangiye.*

Inshoza y'inkuru

Inkuru ni umwandiko uvuga ibyabaye uko byatangiye n'uko byagenze ndetse n'uko byarangiye.

Kubara inkuru ni iki?

- Kubara inkuru ni ukugeza ku bandi ibyo umuntu yabonye cyangwa yumvise abyanditse cyangwa abivuze. Kuvuga ibyo wabonye ni ko kubara inkuru.
- Iyo ubara inkuru uba uri umubarankuru ukavuga ibyo wabonye uko byagenze.
- Kugira ngo inkuru ibe yuzuye igomba kugaragaza uruhererekane rw'ibikorwa, uwabikoze cyangwa ababikoze, aho byabereye, igihe byabereye, uko byagenze, impamvu yabiteye n'uko byarangiye.
- Burya aba afite ibibazo agenda asubiza atabizi: Habaye iki? Ni nde wabigizemo uruhare? Ni iki cyabigizemo uruhare? Byabereye he? Hari ryari? Byagenze bite? Kubera iki?
- Igihe ubara inkuru, ushobora kubikora muri ngenga ya mbere niba ibyo uvuga cyangwa wandika byabaye warabigizemo uruhare.
Urugero: Abana b'ingagi koko nagiyе kubona mbona barahasesekaye, bajya mu myanya.
- Mu gihe utabigizemo uruhare, witabaza ngenga ya kabiri cyangwa iya gatatu.
Urugero: Abana b'ingagi koko ukabona barahasesekaye, bakajya mu myanya.
Urugero: Abana b'ingagi koko abona barahasesekaye, bajya mu myanya.
- By'umwihariko iyo wandika inkuru, ubanza kuyikorera imbata.

Intangiriro: Kuvuga muri make icyo ugiye kuvugaho

Igihimba: Kuvuga uko ibikorwa byagiye bikurikirana kuva ku cya mbere kugera ku cya nyuma, buri gikorwa kikiharira igika

Umusozo: Inshamake y'ibyabaye n'isomo bitanga.

Guhanga bandika

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 209)

Intego zihariye:

Ahereye ku kibazo yahawe, nyuma y'iki gice umunyeshuri arabा ashobora guhangа umwandiko ubara inkuru y'ibyo yabonye mu buryo buboneye.

Imfashanyigishо: Igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri.

1. Isubiramo:

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma.

Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka mu mwandiko baheruka gusoma.

2. Guhangа bandika

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye bagasoma ikibazo baranguruye kugira ngo niba harimo abatabona bacyumve, aranabasaba kucyandika ku kibaho kugira ngo n'abatumva bagisome. Ikibazo:

Umaze gusoma umwandiko no kureba amashusho kuri pariki z'Igihugu n'ahantu nyaburanga. Ni nk'aho waba wasuye aho hantu niba wari utarahagera. Andika inkuru kuri uru rugendo ugaragaza ibyiza wabonye hamwe muri aha hantu ugereranyije n'ibyo wari warumvise bahakubwiraho.

Umwarimu arabasaba kujya mu matsinda yabo maze bagahanga inkuru bishyira mu kigwi cy'umuntu wasuye izo pariki. Umwarimu ahoreye ku bivugwa mu myandiko yasomwe areba niba inkuru zanditswe zijiyanе koko n'ibyavugwaga mu myandiko yizwe. Arabafasha kubinonosora.

Ubwoko bw'amagambo adahinduka: Imigereka

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 210)

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko cyangwa interuro ziganjemo imigereka, nyuma y'iki gice umunyeshuri arabа ashobora gutahura imigereka mu mwandiko no gukoresha neza imigereka mu mvugo no mu nyandiko.

Imfashanyigishо: Imyandiko ivuga ku bwiza nyaburanga bw'igihugu cyacu, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigishо z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

1. Isubiramo:

Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

2. Gusoma umwandiko

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.

Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

Mu matsinda barasoma aka gace k'umwandiko maze bagerageze gutahura imiterere n'umumaro by'amagambo yanditse atsindagiye.

Kuva **mu gitondo** kugeza **hafi** saa tanu z'amanywa, mu muhanda uva mu mugi wa Musanze werekeza mu Kinigi abantu bari uruvunganzoka, bagenda umwe ku wundi, kandi bose bishimye kandi bambaye **neza** mu gihe twari tugitegereeje abayobozi, abitabiriye ibirori bagendaga bahabwa icyayi, ababishoboye bagafata agakawa, kuko mu Kinigi haba imbeho nyinshi **cyane**. Hari amatorero n'andi y'ubusa yakomezaga gusimburana asusurutsa abantu bari bateraniye aho.

Ibibazo n'ibisubizo:

1. Amagambo yanditse atsindagiye urumva avuga iki? Aragaragaza uburyo, ahantu,...
2. Yongera iki mu nteruro? Aratsindagira ibivugwa mu nshinga.
3. Wayita iki uhereye ku miterere n'umumaro wayo? Wayita imigereka.
4. Ukurikije icyo asobanura ubona aya magambo wayashyira mu moko angahe? Yajya mu moko ane.

a) Inshoza y'umugereka

- b) **Umugereka** ni ijambo ritagoragozwa, risobanura izina, ntera, inshinga, cyangwa indi ngera. Ni ijambo ryumvikanisha ipima rifatiye ku buryo, ku gihe, ku nshuro cyangwa ku hantu.

Amoko y'imigereka ni aya akurikira:

1. Umugereka w'uburyo

- a) Uyu mwana aririmba **neza**.
- b) Noneho ko Kibwa asa **nabi**?
- c) Humura ndavuga **buhoro**.
- d) Gira **vuba** tugende tudakererwa.

2. Umugereka w'igihe

- a) Nageze hano **kare**.
- b) Mbe Bihehe ko ugenda **nijoro**?
- c) Uyu mugabo muzi kuva **kera**.

3. Umugereka inshuro

- a) Vuga **rimwe** gusa mbasohore.
- b) Ubunyereri bunyigeza **kabiri**.
- c) Nturenze **inshuro eshanu** z'ako kebo.

4. Umugereka w'ahantu

- a) Aryamye **hejuru** y'ameza.
- b) Agiye **hakurya** y'uruzi.
- c) Ipushi ikunda **munsi** y'ameza.

Imyitozo:

Nyuma y'isomo umwarimu aha abanyeshuri imyitozo kugira ngo asuzume ko intego z'isomo zagezweho. Abaha igihe cyo kuyikora cyarangira bagakosorera hamwe ku kibaho, ibisubizo bikandikwa mu makaye yabo y'imyitozo.

1. **Shaka iyindi migerekay'uburyo uyikoreshe mu nteruro zawe bwite.** (bucece, bwangu, bugubugu, cyane...) Umwarimu arareba niba interuro zakozwe neza.
2. **Shaka iyindi migerekay'igihe uyikoreshe mu nteruro zawe bwite.** (none, nimugoroba, nimunsi, ejo, ejobundi, hambere,) Umwarimu arareba niba interuro zakozwe neza.
3. **Shaka iyindi migerekay'inshuro uyikoreshe mu nteruro zawe bwite.** (kenshi, gake, inshuro..., gatatu...) Umwarimu arareba niba interuro zakozwe neza.
4. **Shaka iyindi migerekay'ahantu uyikoreshe mu nteruro zawe bwite.** (epfo, ruguru, hirya, hino, hanyuma, hanze, hepfo, haruguru, hasi, imbere, ikambere, inyuma, hagati, ...) Umwarimu arareba niba interuro zakozwe neza.

Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa gatandatu

- Ubukerarugendo bufitiye Igihugu cyacu akamaro kanini. Bwinjiriza Igihugu amadovize, butuma ibidukikije bibungabungwa ndetse abaturiye ibyiza nyaburanga n'Abanyarwanda muri rusange bakegerezwa ibikorwa remezo. Biryo tugomba kubungabunga ibidukikije.
- Hari amagambo yabugenewe ku mwami no ku ngoma. Kubera ko umwami yari yubashywe cyane ndetse n'ingoma na yo yari yubashywe cyane.
- Pariki y'Akagera irimo ibyiza byinshi bitatse u Rwanda. Twavugamo indyanyama n'indyabyatsi, inyoni, umwuka mwiza, ibiti by'amoko menshi, ibiyaga n'ibindi.
- Pariki y'Ibirunga ituwe n'ingagi zikurura ba mukerarugendo benshi.
- Hari ahantu henshi nyaburanga mu Rwanda. Twavuga nko nk'i Kibeho, kuri Muhazi n'ahandi henshi.
- Hari amagambo y'ibyungo n'imigereka adahinduka ngo yisanishe mu nteruro. Urugero:
 - **Nubwo** utambonye, ni ubwo bunyobwa nashakaga.
 - **Nubwo** ugiye ni utwo tunyobwa nashakaga.

Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 212)

Ibigenderwaho mu isuzuma:

- Ubushobozi bwo gusesengura imyandiko ijyanye no guteza imbere ubukerarugendo.
- Ubushobozi bwo kubara inkuru y'ibyo nabonye cyangwa numvise nubahiriza ibiranga inkuru kandi nubahiriza ibice biyigize n'ibiba bikubiye muri buri gice.
- Ubushobozi bwo gukoresha amagambo yabugenewe ku mwami no ku ngoma.
- Ubushobozi bwo gukoresha uko bikwiye ibyungo n'imigereka, mu nteruro no mu myandiko.

Umwandiko: Akamaro k'ubukerarugendo

I. Inyunguramagambo

1. Sobanura aya magambo ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko :
 - a) **Abanyabukorikori:** Abantu bakora imyuga iciriritse nko kubaka amazu mu bikenyeri, gukora udukarita positari mu birere....
 - b) **Abanyabugenzi:** Abantu bakora imyuga iciriritse nko kubumba.
 - c) **Igishoro:** amafatranga umuntu atangiza mu gucuruza.
 - d) **Gusigasira:** Kubungabunga ikintu.
 - e) **Gushungera:** Kwitegerezza ikintu ughagaze hejuru cyangwa iruhande.
 - f) **Kubakomera:** Kubavugiriza induru.

II. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. **Ni iki gituma abanyamahanga basura u Rwanda bagenda biyongera?** Ni iterambere rijyana n'isuku ndetse n'umutekano.
2. **Abasura u Rwanda bazanwa n'iki?** Bazanwa n'ubukerarugendo baje kwirebera ibyiza bitatse u Rwanda, hari n'abazanwa no kureba ahari amahirwe mu ishoramari.
3. **Ubukerarugendo bufitiye Igihugu cyacu akamaro kanini. Tanga urugero.** Binjiza amadovize agira uruhare mu bikorwa by'amajyambere. Budufasha no kumenya agaciro k'umuco wacu.
4. **Abanyamahanga basura u Rwanda baba bakeneye ubuhe bufasha?** Bakeneye ubufasha bwo kubayobora neza aho bajya.
5. **Ni gute dukwiye kwakira ba mukerarugendo?** Kubakira neza no kubabanira kivandimwe.
6. **Uramutse utuye aho ba mukerarugendo bakunze gutemberera wakora iki kugira ngo nawe ugire icyo wabagurisha aho kubasabiriza?** Nakora ubukorikori bunyuranye nko kubaka inzu mu bikenyeri,..kugira ngo mbibagurishe.

III. Ikibonezamvugo

1. Soma neza aka gace k'umwandiko utahuremo ibyungo n'imigereka ubigaragaze.

Mu bantu bikurura ba mukerarugendo mu bihugu byacu harimo: ikirere kiza kidashyuha **cyane** (umugereka) **kandi** (icyungo) ntigikonje bikabije, imisozi iteye amabengeza, **n'** (icyungo) ibinyabuzima bitandukanye. Ibyo usanga biboneka cyane(icyungo) mu byaro byacu. Ibantu ba mukerarugendo bakenera usanga bidahenze. Akensi bakenera ibantu bikorwa **n'** (icyungo) abanyabukorikori bacu, abanyabugeni, ababoshyi **n'**(icyungo) abakora imitako itandukanye. Impamvu ni uko ibyo baba bakeneye ari ibyo batabona iwabo. Kubera izo mpamvu, ubukerarugendo bwadufasha kwhangira imirimo kandi (icyungo) itagombera igishoro kiremereye.

IV. Ikeshamvugo

1. Huza imvugo ziri mu ruhushya A n'ibisobanuro byazo biri mu ruhushya B

A	B
1. Kwibikira	a) Abavuzi b'ingoma
2. Umurishyo	b) Umurambo w'umwami
3. Umugogo	c) Gushyingura umwami
4. Abakaraza	d) Agati bakoresha bavuza ingoma
5. Guteka	e) Gutoboka kw'ingoma
6. Gutabariza	f) Gusinzira k'umwami
7. Kubyara	g) Kwicara k'umwami

2. Uzuza izi nteruro ukurikije uko bita urusaku rw'inyamaswa n'ibantu bikurikira:

1. Intare	iratontoma
2. Umugezi	urasuma
3. Inuma	iraguguza
4. Indege	irahinda
5. Inkokokazi ishaka gutera	irateteza
6. Imfizi	irivuga
7. Impyisi	irahuma
8. Imbwia	iramoka

IV. Kubara inkuru:

Tekereza ku hantu waba warigeze kujya mu rugendo: ku isoko, mu munsi mukuru, gusura abantu, cyangwa urundi rugendo urwo ari rwo rwose maze uhoreye ku biranga inkuru twize, utubwire inkuru y'uko byagenze utarengeje ipaji ebyiri.

Aha umwarimu areba uburyo umunyeshuri abara inkuru ye akareba niba yagiye yubahiriza uturango tw'inkuru.

Imyitozo nzamurabushobozi

- *Umwarimu atahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri ahereye ku manota bagize mu isuzuma risoza umutwe akabashyira mu matsinda akurikije ingorane bafite.*
- *Umwarimu abaha imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo bakayikorera hamwe mu matsinda. Ku badafite ibibazo, umwarimu abaha imyitozo y'inyongera cyangwa akabasaba kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko nsanganyamasomo imyanzuro bafashe bakazayisangiza bagenzi babo batari kumwe. Iyi myitozo umwarimu ayitegura ashingiye ku bibazo abanyeshuri be bafite yibanda aho abanyeshuri be bagaragaje ubushobozi buke.*

Ingero z'imyitozo n'ibisubizo:

1. **Ubukerarugendo buhuriye he no kubungabunga ibidukikije?** Aho bihuriye ni uko ba mukerarugendo akensi baza baje gusura ibidukikije, biramutse bitabungabunzwe ba mukerarugendo ntibaza gusura ibidahari kuko basura amashyamba, inyamaswa, inzuzi, ibiyaga,...
2. **Ni ibihe bintu biranga ko umwandiko ari inkuru?** Ibiranga umwandiko ko ari inkuru ni uko uba urimo abakinankuru, ubara inkuru ishobora kuba yarabayeho cyangwa itarabayeho kandi ifite uyibara.
3. **Garagaza ibyungo biri muri aka gace k'umwandiko**

Nubwo amagambo yavugwaga bwose, nubwo amatorero anyuranye yakomeje kwiyereka ndetse n'intore zigahamiriza, nakomeje gutekereza no kwibaza kuri izo ngagi n'ibyo zakoraga nsanga bitangaje. Niko kwibwiriza negera umwarimu wigisha ku kigo cyacu ngo ansobanurire ibyo nakomezaga kubona. Namubajije ukuntu utwo twana tw'ingagi turi bumenyе kwisubiza mu rugo kandi tutazanye na za nyina. Na we ntifiantengushye yampaye igisubizo gisobanutse ko izo nitaga ingagi zitari zo ahubwo bari abana b'abantu bambaye nk'ingagi. Bakaba bari bahagarariye ingagi nyirizina kuko zo zitashoboye kuza mu birori.

Igisubizo:

Nubwo amagambo yavugwaga bwose, **nubwo** amatorero anyuranye yakomeje kwiyereka **ndetse** **n'intore** zigahamiriza, nakomeje gutekereza **no** kwibaza kuri izo ngagi **n'ibyo** zakoraga nsanga bitangaje. **Niko** kwibwiriza negera umwarimu wigisha ku kigo cyacu **ngo** ansobanurire ibyo nakomezaga kubona. Namubajije ukuntu utwo twana tw'ingagi turi bumenyе kwisubiza mu rugo **kandi** tutazanye **na** za nyina. **Na** we ntifiantengushye yampaye igisubizo gisobanutse **ko** izo nitaga ingagi zitari zo **ahubwo** bari abana b'abantu bambaye **nk'igagi**. Bakaba bari bahagarariye ingagi nyirizina **kuko** zo zitashoboye kuza mu birori.

1. Tanga ingero mu nteruro ku migerekira ikurikira:

- Imigerekira y'uburyo:
- Imigerekira y'igihe:
- Imigerekira y'ahantu:
- Umugerekira w'inshuro:

Ingero z'ibisubizo:

- Imigerekira y'uburyo: Kwiga **neza** bituma dutsinda amasomo **cyane**.
- Imigerekira y'igihe: Tujya ku ishuri **kare** kugirango tudakererwa.
- Imigerekira y'ahantu: Arashaka kubaka **hejuru** y'umusozzi kandi bitemewe.
- Umugerekira w'inshuro: Twiga imibare **kabiri** ku munsi.

2. Uzuza imbonerahamwe ikurikira:

Ntibavuga..... bavuga.....

Ntibavuga	Bavuga
Umwani ararya	
Umwami arabyuka	
	Inteko y'umwami
Ingoma zitangira kuvuga	
Ingoma zirashyushywa	
Impongo zirabira	

Ibisubizo

Ntibavuga	Bavuga
Umwani ararya	Umwami arafungura/ararora
Umwami arabyuka	Umwami aribambura
Intebe y'umwami	Inteko y'umwami
Ingoma zitangira kuvuga	Ingoma zitangira gusuka
Ingoma zirashyushywa	Ingoma ziroswa
Impongo zirabira	Impongo zirakorora

Imyitozo nyagurabushobozzi

1. Ushingiye ku byo wize no ku bundi bushakashatsi wakoze, uzuza iyi mbonerahamwe ikurikira ugaragaza imvugo ikwiye:

Ntibavuga	Bavuga
Umurambo w'umwami	
Kumubyutsa	
Kumusinziriza	
Kugenda	
Kurya	
Gupfa	

Uburiri bw'umwami	
Inzu y'umwami	
Abana b'umwami	
Kujya ku ngoma	
Kubyuka	
Kuryama	
Kurwara	
Kwicara	
Intebe ye	
Ingobyi ye	
Aho aramirizwa	
Kumuha ikuzo	

Ibisubizo

Ntibavuga	Bavuga
Umurambo w'umwami	Umugogo
Kumubyutsa	Kumubambura
Kumusinziriza	Kumubikira
Kugenda	Kurambagira
Kurya	Gufungura/kurora
Gupfa	Gutanga
Uburiri bw'umwami	Igisasiro
Inzu y'umwami	Ingoro
Abana b'umwami	Ibikomangoma
Kujya ku ngoma	Kwima igoma
Kubyuka	Kwibambura
Kuryama	Kwibikira
Kurwara	Kuberana
Kwicara	Guteka
Intebe ye	Inteko
Ingobyi ye	Ikitabashwa
Aho aramirizwa	Ijabiro
Kumuha ikuzo	Kumuramya

2. Mu matsinda yanyu nimwungurane ibitekerezo kuri iyi nsanganyamatsiko ikurikira maze umwanzuro mu fashe muzawuganirire bagenzi banyu mutari kumwe muri iri tsinda. “Kubungabunga ibidukikije bituma Ighugu gitera imbere kuko amadovize yiyongera mu Gihugu.”

Aha umwarimu areba niba abanyeshuri bashoboye kwanzura ko ibidukikije bituma dusurwa na ba mukerarugendo bigatumwa amadovize yiyongera kubera ko amashyamba, inzuzi, ibiyaga, inyamaswa... byatumye baza gusura Ighugu bagatanga amadovize.

Ibitabo byifashishijwe

- IKIGO GISHINZWE GUTEZA IMBERE UBUREZI MU RWANDA, 2015, *Integanyanyigisho z'Ikinyarwanda mu kiciro cya kabiri cy'amashuri abanza, REB, Kigali.*
- MINISITERI Y'AMASHURI ABANZA N'AYISUMBUYE, 1990, *Ikinyarwanda, Ikibonezamvugo: Iyigantego, Inshoza y'inshinga nyarwanda, Isomo ryateguwe na Igiraneza Tewodomiri, BPES, Kigali.*
- MINISITERI Y'UBUREZI BW'IGIHUGU, 1976, *Gusoma, umwaka wa gatandatu, Hatier, Paris.*
- MINISITERI Y'UBUREZI, 2008, *Ikinyarwanda: Imyandiko mfashanyigisho, Igitabo cy'umunyeshuri, Umwaka wa mbere, NCDC, Kigali.*
- MINISITERI Y'UBUREZI, 2008, *Ikinyarwanda: Imyandiko mfashanyigisho. Igitabo cy'umunyeshuri, Umwaka wa kabiri, NCDC, Kigali.*
- IRST, 2000, *Inkoranya y'Ikinyarwanda mu Kinyarwanda, Igatabo I-IV, IRST, Kigali.*
- MINISITERI Y'URUBYIRUKO, UMUCO NA SIPORO, 2005, *Ibirari by'Insigamigani, Iapiro ry'Ingoro y'Umurage w'u Rwanda, Igitabo cya kabiri, Iapiro rya 3, Printer set, Kigali.*
- MINISITERI Y'AMASHURI ABANZA N'AYISUMBUYE, 1988, *Ikinyarwanda, Umwaka wa munani, Imprisco, Kigali.*
- MURIHANO, B., 1988, *Ibirari by'Insigamigani, Kigali.*
- USAID, REB, EDC, DRAKKAR, Muze bana twandike dusome.

Imbuga nkoranyambaga

http://reb.rw/fileadmin/competence_based_curriculum/syllabi/Upper_Secondary/Ikinyarwanda_mu_mashami_y'indimi.pdf: ku wa 20/7-30/8/2016.

<http://umuco-nyarwanda.blogspot.com/>: ku wa 2/7-3/8/2016.

<https://www.google.rw>